Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda

**URUKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA RWASHYIRIWEHO U RWANDA**

**URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO I**

Umwimerere: Icyongereza

**Abacamanza:** Lennart Aspegren, Perezida
Laïty Kama
Navanethem Pillay

**Gerefiye:** Bwana Agwu U. Okali

**Itariki urubanza rusomeweho:** 27 Mutarama 2000

UNICTR
JUDICIAL RECORDS/ARCHIVES
RECEIVED
2014 FEB 25 A 9: 55

**POROKIRERI W'URUKIKO**

aburana na

**ALFRED MUSEMA**

Urubanza ICTR – 96-13-T

---

# INYANDIKO Y'URUBANZA

---

**Ibiro bya Porokireri :**
Madamu Carla Del Ponte
Madamu Jane Anywar Adong
Bwana Charles Adeogun-Philips
Madamu Holo Makwaia

**Ubwunganizi :**
Avoka Steven Kay QC
Porofeseri Michaïl Wladimiroff

AMASHAKIRO

**1. INTANGIRIRO .......... 5**

1.1 Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga .......... 5

1.2 Ububasha bw'Urukiko .......... 6

1.3 Inyandiko y'ibirego .......... 10

1.4 Uregwa .......... 11

**2. IMIBURANISHIRIZE .......... 12**

2.1 Ibyerekeye imiburanishirize .......... 12

2.2 Ku byerekeye ibimenyetso .......... 17

2.3 Ibyerekeye *alibi* .......... 38

**3. AMATEGEKO AKURIKIZWA .......... 40**

3.1 Uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite (ingingo ya 6 ya Sitati) .......... 40

3.2 Icyaha cya jenoside (Ingingo ya 2 ya Sitati) .......... 50

3.2.1 Jenoside .......... 50

3.2.2 Kuba icyitso cy'abakoze jenoside .......... 55

3.2.3 Ubwumvikane bugamije jenoside .......... 60

3.3 Ibyaha byibasiye inyokomuntu (Ingingo ya 3 ya Sitati) .......... 65

3.4 Ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) hamwe n'Inyongera ya 2 yayo (Ingingo ya 4 ya Sitati) .......... 80

3.5 Impurirane y'ibyaha .......... 96

**4.INGINGO Z'UBWUNGANIZI .......... 101**

4.1 Ibintu rusange byemewe n'Ubwunganizi .......... 101

4.2 Imyiregurire ya *alibi* .......... 105

4.3 Izindi ngingo zijyanye no kwiregura .......... 112

**5. IMYANZURO KU BYABAYE .......... 117**

5.1. Uko ibintu byari byifashe igihe ibyaha bivugwa byakorwaga ..........................117
5.2 Ubwicanyi bwakorewe mu karere ka Bisesero ............................................... 119
5.3 Ibyaha bishingiye ku gitsina .......................................................................... 236
5.4 Ububasha Musema yari afite .......................................................................... 257

**6. IMYANZURO YO MU RWEGO RW'AMATEGEKO ........................265**

6.1 Ikirego cya 1 – Jenoside n'Ikirego cya 2 - Kuba icyitso cy'abakoze jenoside ..........................................................................................................................264
6.2 Ikirego cya 3 - Ubwumvikane bugamije gukora jenoside ................................ 278
6.3 Ikirego cya 5 – Icyaha cyibasiye inyokomuntu (itsembatsemba).......................278
6.4 Ikirego cya 4 – Icyaha cyibasiye inyokomuntu (ubuhotozi) ..............................282
6.5 Ikirego cya 6 – Icyaha cyibasiye inyokomuntu (ibindi bikorwa birenze kamere muntu) ........................................................................................................ 284
6.6 Ikirego cya 7 – Icyaha cyibasiye inyokomuntu (gusambanya ku gahato)...........285
6.7 Ikirego cya 8 n'icya 9 - Ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'amasezerano y'i Jeneve (Genève) n'Inyongera ya 2 yayo .............................286

**7. IMIKIRIZE Y'URUBANZA .......................................................................... 288**

**8. IGENABIHANO ................................................................................... 290**

8.1 Amategeko akurikizwa ...................................................................................... 290
8.2 Urutonde rw'ibihano bihabwa uregwa wahamwe na kimwe mu byaha biteganywa mu ngingo ya 2, 3 cyangwa iya 4 za Sitati y'Urukiko ...................................... 290
8.3 Amahame rusange agenga igenabihano ............................................................. 292
8.4 Ingingo z'ababuranyi .......................................................................................... 293
8.5 Imibereho bwite ya Musema .............................................................................. 295
8.6 Imyanzuro y'Urugereko ...................................................................................... 296

**UMUGEREKA :** Inyandiko y'ibirego yahindinduwe......................................... 302

**IGITEKEREZO CYIHARIYE CY'UMUCAMANZA LENNART ASPEGREN................................................................................................ 309**

**IGITEKEREZO CYIHARIYE CY'UMUCAMANZA NAVANETHEM PILLAY ............................................................................ 320**

# 1. INTANGIRIRO

## 1.1 Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga

1. Uru rubanza « Porokireri aburana na Alfred Musema » ruciwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo I rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (« Urukiko »), rugizwe n'abacamanza Lennart Aspegren, Perezida w'Urugereko, Laïty Kama na Navanethem Pillay.

2. Urukiko rwashyizweho n'icyemezo 955 cyo ku itariki ya 8 Ugushyingo 1994[1] cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye. Imaze gusuzuma raporo zinyuranye zakoreshejwe z'Umuryango w'Abibumbye[2] zerekanye ko jenoside n'ibindi byaha bikomeye binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara byakozwe mu buryo rusange kandi buri kuri gahunda mu Rwanda, Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi yasanze ibyakozwe byari bibangamiye amahoro n'umutekano ku isi. Yasanze kandi gukurikirana abantu bakekwaho kuba barakoze ibyo byaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara byagira uruhare mu bwiyunge bw'abenegihugu, bikagarura kandi bigakomeza amahoro mu Rwanda. Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi yashyizeho Urukiko, hakurikijwe umutwe wa VII w'Amategeko-shingiro y'Umuryango w'Abibumbye.

3. Urukiko rugengwa na Sitati yarwo (« Sitati ») iri mu mugereka w'icyemezo 955 cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi hamwe n'Amategeko agenga imiburanishirize

[1]Inyandiko y'Umuryango w'Abibumbye: S/RES/955 yo ku itariki ya 8 Ugushyingo 1994.

[2] Raporo y'ikubitiro y'akanama k'impuguke kashyizweho hakurikijwe icyemezo 935 (1994) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi (Inyandiko y'Umuryango w'Abibumbye: S/1994/1125), Raporo ya nyuma y'akanama k'impuguke kashyizweho hakurikijwe icyemezo 935 (1994) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi (inyandiko y'Umuryango w'Abibumbye: S/1994/1405) na raporo y'Intumwa yihariye ku Rwanda y'Akanama kita ku burenganziza bw'ikiremwamuntu k'Umuryango w'Abibumbye (Inyandiko y'Umuryango w'Abibumbye: S/1994/1157, Umugereka wa 1 n'uwa 2)

n'itangwa ry'ibimenyetso (« Amategeko »), yemejwe n'abacamanza ku itariki ya 5 Nyakanga 1995 akanaza guhindurwa nyuma[3].

## 1.2 Ububasha bw'Urukiko

4. Nk'uko biteganywa na Sitati, Urukiko rufite ububasha bwo gucira imanza abantu bakoreye mu Rwanda ibyaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara. Sitati iha kandi Urukiko ububasha bwo gukurikirana ku giti cyabo Abanyarwanda bakoreye bene ibyo byaha mu bihugu bituranye n'u Rwanda. Nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 7 ya Sitati, Urukiko mpuzamahanga rufite ububasha bwo kuburanisha ibyaha byakozwe kuva ku itariki ya mbere Mutarama 1994 kugeza ku ya 31 Ukuboza 1994 (ububasha *ratione temporis*). Hakurikijwe kandi Ingingo ya 6, nyir'ubwite aryozwa ibyaha biburanishwa n'Urukiko (ububasha *ratione materiae*), nk'uko biteganywa n'ingingo ya 2, iya 3 n'iya 4 zikurikira:

**Ingingo ya 2: Jenoside**

1. Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rufite ububasha bwo gukurikirana abantu bakoze icyaha cya jenoside, nk'uko gisobanuwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, cyangwa bakoze kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya 3 cyayo.

2. Icyaha cya jenoside ni kimwe mu bikorwa bikurikira cyakozwe kigamije kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo:

   a) Kwica abo bantu;

   b) Kubatera ububabare bukabije bwaba ubw'umubiri, cyangwa ubwo mu mutwe;

[3] Aya mategeko yagiye avugururwa ku matariki ya 12 Mutarama 1996, 15 Gicurasi 1996, 4 Nyakanga 1996, 5 Kamena 1997, 8 Kamena 1998 n'iya 4 Kamena 1999.

c) Gushyira ku bushake abo bantu mu nzitane z'ubuzima zigomba gutuma bose cyangwa igice cyabo barimbuka;

d) Gushyiraho ingamba zigamije kubangamira iyororoka ryabo;

e) Kubanyaga urubyaro rwabo uruha abandi.

3. Ibikorwa bikurikira birahanirwa:

a) Jenoside;

b) Ubwumvikane bugamije gukora icyaha cya jenoside;

c) Guhamagarira abantu ku mugaragaro kandi mu buryo butaziguye gukora icyaha cya jenoside;

d) Ubwinjiracyaha bwa jenoside;

e) Kuba icyitso cy'abakoze jenoside.

**Ingingo ya 3: Ibyaha byibasiye inyokomuntu**

Urukiko Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rufite ububasha bwo gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoze ibyaha by'ubugome bikurikira, mu gihe byakozwe mu rwego rw'ibitero rusange kandi biri kuri gahunda byibasiye abaturage b'abasivili abo ari bo bose bazira ubwenegihugu bwabo, umutwe wa politiki barimo, ubwoko bwabo cyangwa idini ryabo:

(a) Ubuhotozi;
(b) Itsembatsemba;
(c) Gushyira mu bucakara;
(d) Gucira ishyanga

(e) Gufunga;

(f) Kwica urubozo;

(g) Gusambanya ku gahato;

(h) Gutoteza bishingiye ku mpamvu za politiki, z'ubwoko n'iz'idini;

(i) Ibindi bikorwa bibi birenze kamere muntu.

**Ingingo ya 4: Ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve hamwe n'Inyongera yayo ya 2**

Urukiko Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rufite ububasha bwo gukurikirana abantu batubahirije cyangwa bategetse abandi kutubahiriza Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve yo ku wa 12 Kanama 1949 agamije kurengera abakorewe ibyaha mu gihe cy'intambara, n'Inyongera yayo ya 2 yo ku itariki ya 8 Kamena 1977. Bitavuzwe byose, ibyo byaha bigizwe na:

(a) Ibyaha byangiza ubuzima, amagara, n'ibihungabanya umuntu ku mubiri cyangwa mu mutwe, cyane cyane ubwicanyi n'ibikorwa by'ubugome nk'urugaraguro, guca ingingo z'umubiri, cyangwa ubundi bugizi bwa nabi bwose bwibasira umubiri;

(b) Ibihano rusange;

(c) Gufata abantu ho ingwate;

(d) Ibikorwa by'iterabwoba;

(e) Guhungabanya agaciro ka muntu, nko gukora ibikorwa bimutesha agaciro, bimukoza isoni, gusambanya ku gahato, guhatira umuntu uburaya n'ibindi bikorwa by'iterasoni;

(f) Gusahura;

(g) Gukatira umuntu no kurangiza urubanza bidakomotse ku cyemezo cyafashwe n'urukiko rwemewe n'amategeko, mu buryo bukurikije imihango y'iburanisha irengera uregwa yemewe n'ibihugu byateye imbere mu isanzuramuco;

(h) Gukangisha gukora ibivugwa muri iyi ngingo.

5. Byongeye kandi, Ingingo ya 6 ivuga amahame agenderwaho mu kugena uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite.

**« Ingingo ya 6: Uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite**

1. Umuntu uwo ari we wese wacuze umugambi, uwawuhamagariye abandi, uwategetse gukora icyaha, uwagikoze cyangwa ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose, agafasha kandi agashyigikira gucura umugambi, gutegura, cyangwa gutsotsoba icyaha cy'ubugome kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 y'iyi Sitati, akiryozwa ku giti cye.

2. Urwego rw'umurimo uregwa akora muri Leta, yaba Umukuru w'Igihugu cyangwa uwa Guverinoma, yaba umukozi wa Leta wo mu rwego rwo hejuru, ntirumubuza kuryozwa icyaha ku giti cye, kandi ntibimubera impamvu z'ingabanyagihano.

3. Kuba igikorwa icyo ari cyo cyose kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 z'iyi Sitati cyarakozwe n'uyoborwa ntibibuza umukuriye kukiryozwa ku giti cye, iyo yari azi cyangwa yaragombaga kumenya ko uwo ayobora yitegura gukora icyo cyaha cyangwa ko yagikoze ariko umukuriye ntafate ingamba za ngombwa kandi zikwiriye kugira ngo icyo cyaha kidakorwa cyangwa ngo ahane abagikoze.

4. Kuba uregwa yarakoze icyaha ashyira mu bikorwa itegeko rya Guverinoma cyangwa ry'umukuriye ntibikuraho uburyozwacyaha bwe, uretse ko bishobora kuba

impamvu yo kumugabanyiriza igihano iyo Urukiko Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rubona ko ari byo binogeye ubutabera.

6. N'ubwo Urukiko n'inkiko z'ibihugu zifite ububasha bwo gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoze ibyaha bikomeye binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara kandi bafite umwirondoro n'ibikorwa bibashyira mu barebwa n'ububasha bushingiye ku baburanyi no ku bubasha bushingiye ku gihe (*ratione personae* na *ratione temporis*), Urukiko Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rufite ububasha busumbye ubw'inkiko z'ibindi bihugu byose, kandi rushobora gusaba ku mugaragaro inkiko z'ibihugu kwikura urubanza uru n'uru zikarurwoherereza, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 8 y'iyi Sitati.

**1.3 Inyandiko y'ibirego**

7. Inyandiko y'ibirego ya mbere yakorewe Alfred Musema, yatanzwe na Porokireri ku itariki ya 11 Nyakanga 1996, yemezwa n'umucamanza Yakov A. Ostrovsky ku itariki ya 15 Nyakanga 1996.

8. Ku itariki ya 14 Ukuboza 1998, Urugereko rwemeje Inyandiko y'ibirego yahinduwe, yatanzwe na Porokireri ku itariki ya 20 Ugushyingo 1998. Muri iyo Nyandiko y'ibirego yahinduwe, hiyongeryemo icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside, mu gihe icyaha cya jenoside cyaba kidahamye Uregwa. Ku itariki ya 29 Mata 1999, Porokireri yatanze Inyandiko y'ibirego ya kabiri yahinduwe cyane, yemezwa n'Urugereko ku itariki ya 6 Gicurasi 1999. Iyo Nyandiko y'ibirego ya nyuma ya Porokireri ni yo uru rubanza rushingiyeho.

9. Inyandiko y'ibirego yahinduwe, nk'uko yemejwe ku itariki ya 6 Mata 1999, ikubiye uko yakabaye mu Mugereka A.

**1.4 Uregwa**

10. Alfred Musema – Uwimana, witwa Musema muri iyi nyandiko y'urubanza, yavukiye muri Perefegitura ya Byumba, Komini ya Rutare ku itariki ya 22 Kanama 1949. Mu mwaka wa 1968 yinjiye mu ishami ry'Ubuhinzi rya Kaminuza ya Leta i Gembloux mu Bubiligi. Yarangije amashuri ya kaminuza mu mwaka wa 1974.

11. Mu mwaka wa1975 Musema yashakanye na Claire Kayuku, babyarana abana batatu. Uwo mugore na we akomoka muri Komini ya Rutare.

12. Musema yatangiriye imirimo ye muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, akorana n'ikigo cyo mu Bufaransa cyitwa ORSTOM. Mu mwaka wa 1984, afite imyaka 35 y'amavuko, yagizwe n'iteka rya Perezida umuyobozi w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, rwagengwaga na OCIR ishami ry'icyayi, ikigo cya Leta.

13. Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu rwubatswe hagati y'umwaka wa 1977 n'uwa 1983. Ubwo Musema yarugeragamo mu mwaka wa 1984, rwari rumaze igihe gito rukora. N'ubwo ibiti by'icyayi byari bikiri bito, bidatinze uruganda rwahise rutera imbere mu ntera, rujya mu rwego rw'izindi nganda z'icyayi zari zarashinzwe mbere yarwo. Mu mwaka wa 1993, Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu rwari rumwe mu nganda z'icyayi zikora neza mu Rwanda, nk'uko bigaragazwa n'ingano y'ibicuruzwa byarwo ku isoko rya Londres (London) (Reba ikimenyetso gihamya gifite nomero D11, kigize imbonerahamwe y'igenzuraburyohe yakozwe na Sosiyete Wilson, Smith & Co. ku bijyanye n'isoko ry'icyayi rya Londres (London)).

14. N'ubwo bwose icyicaro cy'uruganda cyari muri Kibuye, Musema yari ashinzwe akarere kagizwe na Perefegitura ebyiri, Kibuye na Gikongoro.

15. Hagati y'umwaka wa 1984 n'uwa 1994, Musema yagiye mu butumwa mu mahanga kabiri. Ubwa mbere yagiye muri Kenya gusura *Kenya Tea Development Authority*, (Ikigo kigamije guteza imbere icyayi muri Kenya), ubwa kabiri ajya muri Maroko (Maroc), kwiga andi moko y'icyayi. Yagiye mu butumwa muri Maroko (Maroc) bisabwe n'abanyemari b'Abayapani babonaga ko Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu rubereye ihinga ry'andi moko y'icyayi kurusha izindi nganda.

16. Musema yari mu bagize Inama ya Perefegitura ya Byumba, akaba kandi no mu Kanama k'impuguke ka Komini ya Rutare. Iyo myanya yombi yatumye agira ijambo mu byerekeranye n'iterambere mu by'ubukungu no mu mibereho myiza y'abaturage, ariko ikaba itari yerekeranye n'ibya politiki ya perefegitura.

## 2. IMIBURANISHIRIZE

### 2.1 Imigendekere y'urubanza

17. Alfred Musema yafatiwe mu Busuwisi ku itariki ya 11 Gashyantare 1995. Yafashwe n'ubutegetsi b'icyo gihugu hakurikijwe manda yatanzwe n'umucamanza ushinzwe gukurikirana ibyaha. Yafunzwe n'ubutegetsi bw'u Busuwisi. Uko gufungwa kwagiye kwunguruzwa uko iminsi mirongo itatu ishize, hakurikijwe Ingingo ya 56 n'iziyikurikira zo mu Gitabo cy'Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjacyaha mu gihe cy'intambara. Ku itariki ya 4 Werurwe 1996, Richard J. Goldstone, wari Porokireri icyo gihe, yagejeje ku Rukiko icyifuzo gisaba ku mugaragaro ko inkiko zo mu Busuwisi zakwikura urwo rubanza[4]. Mu cyemezo cyarwo cyo ku itariki ya 12 Werurwe 1996[5], Urugereko rwa mbere I, rugizwe na Perezida warwo Laïty Kama n'abacamanza Lennart Aspegren na Navanethem Pillay, rwasabye ku mugaragaro Leta y'u Busuwisi kwikura urwo rubanza ikarurwoherereza, hamwe

[4] Reba « Icyifuzo cya Porokireri gisaba ku mugaragaro Ubusuwisi kwikura urubanza rwa Musema » (Urubanza n° ICTR-96-5-D), cyo ku itariki ya 4 Werurwe 1996.
[5] Reba « Icyemezo ku cyifuzo cya Porokireri gisaba ku mugaragaro kwikura urubanza » (Urubanza n° ICTR – 96 – 5 – D) cyo ku itariki ya 12 Werurwe 1996.

n'inyandiko zerekeranye n'iperereza n'ikurikiranabyaha zakozwe n'inkiko z'u Busuwisi ku byaha Alfred Musema akurikiranweho. Urugereko rwasabye kandi Guverinoma y'u Busuwisi kuba ikomeje gufunga Alfred Musema, mu gihe Urukiko rugitegura kandi rukemeza Inyandiko y'ibirego, rukanatanga manda yo kumufata.

18. Ku itariki ya 11 Nyakanga 1996, Porokireri yashyikirije Umucamanza Yakov Ostrovsky Inyandiko y'ibirego ishinja Alfred Musema ashingiye ku Ngingo ya 17 n'iya 18 za Sitati no ku ngingo ya 28 n'iya 47 z'Amategeko. Ku itariki ya 15 Nyakanga 1996, Umucamanza yafashe icyemezo gihamya ibirego bikubiye muri iyo nyandiko[6.] Uwo munsi, Umucamanza Ostrovsky yatanze manda yo kumufata anaha ubutegetsi bw'Ubusuwisi icyemezo kimusaba[7]. Musema yimuriwe muri Gereza y'Urukiko ku itariki ya 20 Gicurasi 1997.

19. Kwitaba urukiko bwa mbere kwa Musema kwimuwe inshuro ebyiri. Ubwa mbere ku itariki ya 16 Kamena 1997, ubwa kabiri ku ya 3 Nzeri 1997, bitewe n'uko umwunganira, Me Marie-Paule Honnegger wo mu rugaga rw'abavoka b'i Jeneve atari ahari. Izo ncuro zombi, Honnegger yanze ko avoka wungirije amusimbura. Mbere y'uko avuga niba yemera cyangwa ahakana icyaha, Musema yasabye akomeje ko uburenganzira bwe bwo kunganirwa na avoka yagenewe bwubahirizwa. Bitewe n'uko Ubwunganizi bwakomeje na none kuba intandaro yo gukererwa muri gahunda yo kwitaba urukiko bwa mbere, Urugereko rwasanze imyitwarire ya avoka Honnegger no kudafatanya kwe byaradindizaga imiburanishirize kandi byarabangamiraga imigendekere myiza y'ubutabera. Rushingiye ku ngingo ya 46 A y'Amategeko, Urugereko rwihanije avoka, rumwibutsa ko rushobora kuzamuhanisha kumubuza kuza mu rubanza, aramutse atubahirije iby'Urukiko rumusaba, byo guhagararira ubwe uwo yunganira mu gihe cyo kwongera kwitaba urukiko bwa mbere byari biteganyijwe ku

[6] Reba « Icyemezo ku isuzumwa ry'Inyandiko y'ibirego » (Urubanza n° 96 13-I), cyo ku itariki ya 15 Nyakanga 1996.
[7] Reba « Manda yo gufata inakubiyemo icyemezo cyo kumusaba » (Urubanza n° ICTR -96-13-I).

itariki ya 18 Ugushyingo 1997. Rumubwira ko natubahiriza ayo mabwiriza, Urugereko ruzasaba Gerefiye kumusimbuza undi, hakurikijwe ingingo ya 46 C) y'Amategeko[8].

20. Ku itariki ya 18 Ugushyingo 1997, Ubwunganizi ntibwaje mu ukwitaba Urukiko bwa mbere kwa Musema, nyamara Urugereko rwari rwarihanije avoka, kandi yaranabimenyeshejwe. Mu gisubizo cye, avoka wagenwe nta mpamvu igaragara cyangwa ikomeye yatanze imubuza kwitaba urukiko. Urugereko rwashyize mu bikorwa icyemezo cyarwo, rumubuza kuza mu rubanza nka avoka, maze rutegeka Gerefiye guhita agenera Musema undi mwunganizi[9].

21. Mbere y'uko Musema ashinjwa ku mugaragaro, mu gihe cy'isomwa ry'Inyandiko y'ibirego ubwo yitabaga urukiko bwa mbere, Urugereko rwamumenyesheje ko kuburana yemera icyaha cyangwa atacyemera, avoka we adahari, bitamuvutsa uburenganzira bwe bwo kunganirwa na avoka, kandi ko niyanga kuvuga niba ibyaha ashinjwa abyemera cyangwa abihakana, bifatwa nk'aho abihakana. Urugereko rwatangije imihango yo kwitaba Urukiko bwa mbere k'uregwa, rumaze kubona neza ko Musema yumvise kandi yemeye ibimaze kuvugwa haruguru. Rwibukije kandi ko, ibyo ari byo byose, Musema, abishatse, afite uburenganzira busesuye bwo kwiburanira ku giti cye, hakurikijwe ingingo ya 45 F) y'Amategeko. Musema yahakanye ibyaha byose aregwa.

22. Hakurikijwe ingingo ya 69 y'Amategeko, Urugereko rwahaye kandi Porokireri uburenganzira bwo gusiba by'agateganyo mu bimenyetso byatanzwe amazina n'ibindi bintu byatuma abatangabuhamya bashinja bamenyekana, kugera igihe Urugereko ruzaba rwamaze kugena ingamba zo kurinda umutekano w'abo batangabuhamya bashinja[10].

---

[8] Reba « Ukwihaniza no kumenyesha avoka, hakurikijwe Ingingo ya 46 A) y'Amategeko agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso», yo ku itariki ya 31 Ukwakira 1997.
[9] Reba « Icyemezo cyo gukuraho avoka wagenwe no guha Porokireri uburenganzira bwo gusiba ibintu byatuma abatangabuhamya bashinja bamenyekana » (Urubanza n° ICTR -96-13-I), cyo ku itariki ya 18 Ugushyingo 1997.
[10] Reba ibikurikira

23. Ku itariki ya 30 Ukwakira 1998, Porokireri yasabye uburenganzira bwo guhindura Inyandiko y'ibirego yakorewe Alfred Musema. Inyandiko y'ibirego yahinduwe, igizwe n'impapuro 39, yatanzwe ku itariki ya 3 Ugushyingo 1998[11]. Ku itariki ya 18 Ugushyingo 1998, Urugereko rwafashe icyemezo, rumaze kumva ababuranyi mu iburanisha ryari rwatumijwe kubera iyo mpamvu[12]. Urugereko rwemereye kandi Porokireri kongeramo ikirego cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside, uregwa akakiryozwa icya jenoside kiramutse kitamuhamye, ibyo birego byombi bikaba bishingiye ku bikorwa bimwe. Urugereko rwahaye kandi Porokireri uburenganzira bwo guhindura igika cya 5 cy'Inyandiko y'ibirego, kugira ngo yongeremo uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite, hakurikijwe Ingingo ya 6 3) ya Sitati, kuri buri kirego cyavuzwe. Urugereko rwategetse Porokireri gukuraho umushinga w'Inyandiko y'ibirego, agahindura ako kanya Inyandiko y'ibirego ya mbere hakurikijwe icyemezo cyarwo. Inyandiko y'ibirego nshya yatanzwe ku itariki ya 20 Ugushyingo 1998. Uwo munsi Musema yaburanye ahakana ibirego bishya, imbere y'Urugereko rwa mbere I, rugizwe n'abacamanza Lennart Aspegren, Perezida w'Urugereko, Tafazzal H. Khan na Navanethem Pillay.

24. Ku itariki ya 20 Ugushyingo 1998, Urugereko rwemeye icyifuzo cya Porokireri, rushyiraho ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya bashinja[13]

25. Iburanisha ry'urubanza rwa Musema mu mizi yarwo ryatangiye ku wa mbere tariki ya 25 Mutarama 1999, imbere y'Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, rugizwe n'abacamanza Lennart Aspegren, Perezida w'Urugereko, Laïty Kama na Navanethem Pillay. Rwatangijwe n'impinamyanzuro ya Porokireri no kumva umutangabuhamya ushinja wa mbere. Avoka w'Uregwa, Steven Kay, yavuze ko azatanga impinamyanzuro ye mu gihe cyo gutanga ingingo zo kwiregura.

---

[11] Reba « Icyifuzo cya Porokireri cyo gusaba guhindura Inyandiko y'ibirego » (Urubanza n° ICTR-96-13-I), cyo ku itariki ya 30 Ukwakira 1998 », « Imyanzuro ya Porokireri ishimangira icyifuzo cye gisaba uburenganzira bwo guhindura Inyandiko y'ibirego » (Urubanza n° ICTR-96-13-I), yo ku itariki ya 30 Ukwakira 1998, « Inyandiko y'ibirego yahinduwe» (Urubanza n° ICTR-96-13-I), yatanzwe ku itariki ya 3 Ugushyingo 1998.

[12] Reba « icyemezo ku cyifuzo cya Porokireri kimuha uburenganzira bwo kugira icyo ahindura ku Nyandiko y'ibirego » (Urubanza n° ICTR-96-13-I), cyo ku itariki ya 18 Ugushyingo 1998

[13] Reba « Icyemezo ku cyifuzo cya Porokireri cyerekeye ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya" (Urubanza n° ICTR -96-13-T), cyo ku itariki ya 20 Ugushyingo 1998.

26. Ku itariki ya 17 Werurwe 1999, Urugereko rwanze icyifuzo cya African Concern, umuryango w'abagiraneza utagengwa na Leta, cyatanzwe ku itariki ya 23 Ugushyingo 1998, gikosorwa ku itariki ya 22 Gashyantare 1999. Muri icyo cyifuzo uwo muryango wasabaga gutanga imyanzuro nk'Incuti y'Urukiko (*Amicus Curiae*) ku byerekeye gusubiza umutungo wabo abakorewe ibyaha[14].

27. Ku itariki ya 6 Gicurasi 1999, Urugereko rwahaye Porokireri uburenganzira bwo guhindura Inyandiko y'ibirego yakorewe Musema, birimo no kongeramo ikirego gishya no gusobanura kurushaho ibikorwa bivugwa mu Nyandiko y'ibirego yariho, bishimangira icyo kirego gishya. Urugereko rwasanze n'ubwo mu gihe Porokireri yatangaga ingingo ashingiraho yaratanze ikifuzo cyo guhindura inyandiko y'ibirego atinze, nta cyo birenganyaho Uregwa. Urugereko rwasanze kandi iryo hindura ryasabwe ritarakerezaga urubanza ku buryo butari ngombwa, kubera ko Porokireri yari yaramenyesheje mbere Ubwunganizi ubuhamya bwanditse bw'abagabo bwatanzwe bushimangira ikirego gishya cyari mu Nyandiko y'ibirego yahinduwe, no kubera kandi ko abatangabuhamya bose Porokireri yateganyaga gushingiraho kuri icyo kirego gishya bari bararangije gutanga ubuhamya bwabo muri uru rubanza[15].

28. Ku byerekeye abatangabuhamya, Urugereko rwahaye Porokireri n'Ubwunganizi uburenganzira bwo gutanga abagabo b'inyongera[16.] Ku itariki ya 19 Mata 1999, ruhereye ku cyifuzo cyatanzwe na Porokireri, rushingiye kandi ku Ngingo ya 90 bis y'Amategeko, Urugereko rwategetse ko abatangabuhamya batatu bashinja barindiwe umutekano baba bimuriwe igihe gito Arusha muri gereza y'Urukiko, kugira ngo

[14] Reba "Icyemezo ku cyifuzo cya *African Concern* isaba kuba "Inshuti y'Urukiko" (*amicus curiae*) (Urubanza ICTR-96-13-T), cyo ku itarikii ya 17 Werurwe 1999.
[15] Reba « Icyemezo ku cyifuzo cya Porokireri gisaba guhindura Inyandiko y'ibirego » (Urubanza n° ICTR-96-13-I), cyo ku tariki ya 6 Gicurasi 1999.
[16] Reba « Icyemezo ku cyifuzo cya Porokireri gisaba uburenganzira bwo guhamagaza abatangabuhamya bashya batandatu » (Urubanza n° ICTR-96-13-T), 20 Mata 1999, n'« Icyemezo ku cyifuzo cy'Ubwunganizi cyo gutanga abatangabuhamya bashya babiri no gusaba ingamba zo kubarindira umutekano » (Urubanza n° ICTR-96-13-T), 6 Gicurasi 1999.

bazatange ubuhamya mu rubanza. Urukiko rwasabye Guverinoma y'u Rwanda gufatanya na rwo kuri iki kibazo[17.]

29. Porokireri yahamagaje abatangabuhamya 22 barindiwe umutekano, umuntu ukora iperereza n'umutangabuhamya w'impuguke. Porokireri yarangije gutanga ibimenyetso bye ku itariki ya 7 Gicurasi 1999. Ubwunganizi bwatangiye gutanga ibimenyetso byabwo ku itariki ya 10 Gicurasi 1999, buhera ku buhamya bwa Musema. Nyuma bwahamagaje abatangabuhamya batanu, barimo n'umuntu ukora iperereza, babiri barindiwe umutekano. Bwarangije gutanga ibimenyetso byabwo ku itariki ya 23 Kamena 1999.

30. Porokireri yatanze imyanzuro ye yo mu magambo ku itariki ya 25, Ubwunganizi butanga iyabwo ku ya 28 Kamena 1999; nyuma abacamanza bariherera ngo bace urubanza. Iburanisha ryose ryamaze iminsi 39, hagati y'itariki ya 25 Mutarama n'iya 28 Kamena 1999.

### 2.2 Ku byerekeye ibimenyetso

31. Kuri iyi ngingo, Urugereko rurasuzuma ibibazo bimwe na bimwe rusange byabyukijwe mu rubanza ku byerekeye itangwa ry'ibimenyetso, hamwe n'amahame rusange yerekeye isuzumwa ry'ibimenyetso, ibimenyetso byanditse, ubuhamya bw'ikinyoma, ingaruka ku buhamya bw'abagabo zitewe n'ihahamuka, isemura n'ibindi bintu byerekeye umuco byagira ingaruka ku buhamya bw'abagabo.

#### 2.2.1 Amahame rusange agenga isuzumwa ry'ibimenyetso

32. Urugereko rwasuzumye ibyaha Musema ashinjwa rushingiye ku buhamya no ku bimenyetso gihamya byatanzwe n'ababuranyi mu kwemeza cyangwa guhakana ibyaha bikubiye mu Nyandiko y'ibirego.

---

[17] Reba « Icyemezo cyo kwimura igihe gito abatangabuhamya batatu bafunze (biswe Q, L na AB), hakurikijwe Ingingo ya 90 *bis* y'Amategeko agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso » (UrubanzaICTR-96-13-I), 19 Mata 1999.

33. Urugereko rwashingiye kandi ku bikorwa ababuranyi bombi batajyaho impaka, no ku bindi bimenyetso bifite akamaro byerekeye uru rubanza, nk'inyandiko shingiro zerekeye ishyirwaho n'ububasha by'Urukiko. Urugereko rusanga, hashingiwe ku ngingo ya 89 A) y'Amategeko, rudasabwa gukurikiza amategeko y'igihugu iki n'iki agenga itangwa ry'ibimenyetso. Ni yo mpamvu, rushingiye ku ngingo ya 89 y'Amategeko, Urugereko rwifashishije amategeko agenga itangwa ry'ibimenyetso rusanga yatuma urubanza rucibwa nta karengane kandi byubahirije ibigamijwe mu mategeko kimwe no mu mahame rusange.

**Ukwakirwa kw'ibimenyetso**

34. Ukwakirwa kw'ikimenyetso icyo ari cyo cyose, uko cyaba giteye kwose, kugengwa n'ingingo ya 89 C) y'Amategeko, iteye itya:

> « Urugereko rushobora kwakira ikimenyetso cyose rubona gifite agaciro ».

**Ukwizerwa kw'ibimenyetso**

35. Ingingo zishingirwaho mu kwakira ibimenyetso (kuba bifite akamaro n'agaciro) zasobanuwe ku bwiganze bw'amajwi y'abacamanza b'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo II rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) mu Rubanza rwa Tadi}[18.] Icyo cyemezo cyagaragaje ko ikimenyetso gifite akamaro n'agaciro kigomba kandi kuba cyagirirwa icyizere.

36. Uruhare rw'icyizere mu gusuzuma ukwakirwa n'agaciro by'ikimenyetso rusobanuye neza kurushaho mu cyemezo cy'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho

[18] Reba Icyemezo ku cyifuzo cy'Ubwunganizi cyerekeye ibimenyetso biziguye, *Porokireri aburana na Dusko Tadić,* IT-94-I-T, 5 Kanama 1996.

icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) mu rubanza rwa Delali}[19.] Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwasanze:

> « Birumvikana ko kugira ngo ikimenyetso kibe gifite akamaro kandi kigirane isano n'ikiburanwa, kigomba kugirirwa icyizere. Ni na ko bigenda ku kimenyetso cyitwa ko gifite agaciro. »[20]

37. Urwo Rugereko rwemeje ko uko ukwizerwa kw'ibimenyetso ari ihame abacamanza bagomba guhorana bazirikana iyo basuzuma ibisabwa byose kugira ngo ikimenyetso cyakirwe.

38. Urugereko na rwo rwemera icyo gitekerezo cyerekeranye n'isano igomba kuba iri hagati y'akamaro, agaciro, n'ukwizerwa kw'ikimenyetso. Mu gusuzuma ukwakirwa kw'ikimenyetso, ukwizerwa kwa cyo ntigusuzuma konyine; ahubwo kuba intango ya ngombwa mu kugena niba icyo kimenyetso gifite akamaro n'agaciro, nk'uko bisabwa n'ingingo ya 89 C) kugira ngo ikimenyetso cyakirwe.

**Agaciro k'ikimenyetso**

39. Muri rusange, Urugereko ruha agaciro ikimenyetso bitewe n'uko cyakwemerwa kandi gifite akamaro ku birebana n'ibibazo bisuzumwa.

40. Nk'uko byavuzwe haruguru, agaciro k'ikimenyetso gashingira ku cyizere gifitiwe.

41. Urugereko rwasuzumye uburemere n'agaciro kahabwa buri kimenyetso ruhereye ku miterere y'ibindi bimenyetso byose byatanzwe mu rubanza.

**Ishimangirana ry'ibimenyetso**

[19] Reba Icyemezo ku bibazo byabajijwe na Porokireri mu magambo ku kwakirwa kw'ikimenyetso 155 mu bindi bimenyetso no gutegeka Uregwa ari we Zdravko Mucić kugira icyo yandika ngo barebe uko umukono we uteye, *Porokireri aburana na Zejnil Delalić, Zdravko Mucić bita « Pavo », Hazim Deli na Ezad Lando bita « Zenga »*, IT-96-21-T, 21 Mutarama 1998.
[20] Ni kimwe no haruguru, igika cya 32.

42. Urugereko rusanga, mu gihe cy'iburanisha, ishimangirana ry'ibimenyetso byatanzwe ari ingingo ikomeye mu gusuzuma agaciro ka byinshi mu bigize ibimenyetso ababuranyi barushyikirije, cyane cyane igihe bimwe mu byaha bikubiye mu Nyandiko y'ibirego byemezwa n'umugabo umwe rukumbi. Ni na ko bigenda ku byerekeye ibimenyetso byanditse, biri buze kuvugwaho hepfo. Urugereko rugiye gusuzuma ubu ibyerekeye ishimangirana ry'ubuhamya.

43. Urugereko ruributsa ko rugendera gusa ku biteganywa na Sitati n'Amategeko byarwo, cyane cyane ingingo ya 89 y'Amategeko. Ingingo ya 89 igena ihame rusange ry'ukwemerwa kw'ikimenyetso icyo ari cyo cyose gifite akamaro n'agaciro, haseguriwe ko urubanza ruburanishwa nta karengane. Bityo Urugereko rushobora gufata icyemezo rushingiye ku buhamya bumwe rukumbi, mu gihe rubona ubwo buhamya bufite akamaro kandi bwafatwa nk'ukuri.

44. Mu rubanza, Urugereko rwasuzumye kandi ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo y'Amategeko yerekeye ishimangirana ry'ubuhamya. Ni ukuvuga ingingo ya 96 i) (iteganya ko ishimangirana ry'ubuhamya atari ngombwa iyo ubwo buhamya butanzwe n'umuntu wagiriwe urugomo rushingiye ku igitsina).

45. Urugereko ruributsa ko, nk'uko biri mu Rubanza rwa Akayesu[21] n'urwa Rutaganda[22,] ingingo ya 96 i), ivuga ko ukwizerwa k'ubuhamya bw'uwakorewe ubugizi bwa nabi bushingiye ku gitsina gusuzumwa kimwe n'ukw'ubuhamya bw'abakorewe ibindi byaha. Urugereko rusanga ntawashingira kuri iyi ngingo ngo yemeze ko ishimangirana ry'ibimenyetso ari ngombwa mu byaha by'ubugome bidashingiye ku gitsina, cyangwa se nk'uko byavuzwe n'Ubwunganizi muri uru rubanza, ko ishimangirana ry'ibimenyetso ari ngombwa iyo ubuhamya bwatanzwe bwerekeye ubugizi bwa nabi bushingiye ku gitsina. Umwanzuro ukwiye gufatwa ahubwo ni uko mu mategeko nta kibuza Urugereko gufata icyemezo ku kwizerwa k'ubuhamya n'ibindi bimenyetso ku

[21] Urubanza *rw'Akayesu*, igika cya 134.
[22] Urubanza rwa *Rutaganda,* igika cya 17.

byerekeye ishimangirana ry'ibimenyetso. Urugereko rwita gusa ku buryo rwo ubwarwo rubona akamaro n'agaciro k'ibimenyetso rwashyikirijwe.

46. Urugereko rusuzuma mu bwisanzure akamaro n'ukuri kw'ibimenyetso byose rwashyikirijwe. Urugereko rusanga kandi ubwo bwisanzure mu isuzumwa ry'ibimenyetso bureba n'ubuhamya bufite ubundi bubushimangira. Kuba ubuhamya bwatanzwe n'abagabo bushimangirana ntibivuga ko ubwo buhamya bugoma kwemerwa nta shiti, kabone n'iyo bwaba bwatanzwe n'abagabo benshi.

*Ugushimangirana kw'ibimenyetso ku byerekeye ikirego cya 3 (ubwumvikane bugamije jenoside)*

47. Urugereko rusanga ubwo bwisanzure buvugwa mu bika bibanziriza iki, bushobora no gukoreshwa mu gusuzuma agaciro k'ibimenyetso byatanzwe ku kirego cy'ubwumvikane bugamije jenoside kiri mu Nyandiko y'ibirego y'uru Rubanza. Urugereko rusanga agaciro k'ubuhamya bw'abantu bakekwaho kuba baragiranye ubwumvikane kagenwa hakurikijwe ukuri n'akamaro ka bwo, nk'uko bigenda ku bindi bimenyetso.

48. Cyakora, iyo habonetse ikirego cy'ubwumvikane bugamije jenoside, Urugereko rufite uburenganzira bwo kwakira ibimenyetso bidafitanye isano by'umwihariko n'ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego, bitewe n'uko ibyo bimenyetso bishobora kugaragaza ko habayeho ubwumvikane cyangwa ko uregwa yabigizemo uruhare, cyangwa byombi, nk'uko biri mu kirego cy'ubwumvikane kiri mu Nyandiko y'ibirego. Ku buryo bw'umwihariko, ibimenyetso byerekeye ibikorwa cyangwa ubuhamya bw'abantu bakekwaho kuba baragize uruhare mu bwumvikane, cyangwa batumye ubwo bwumvikane bushoboka, bishobora guhabwa agaciro, bityo bikakirwa, n'ubwo ibyo bimenyetso byaba biterekeye ku byaha bikubiye mu Nyandiko y'ibirego.

49. Nk'uko biteye ku bindi bimenyetso, ukwakirwa kwa bene ibyo bimenyetso gusuzumwa hakurikijwe akamaro n'agaciro ka byo, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 89 C)

y'Amategeko. Akamaro ka byo gasuzumwa hakurikijwe isano iri hagati y'ikimenyetso no kubaho cyangwa gukorwa kw'icyaha cy'ubwumvikane. Nk'uko umucamanza Pal yabivuze mu Rubanza rw'i Tokyo, ku byerekeye imvugo ariko biterekeye ibikorwa:

> Kugira ngo imvugo ifatweho ikimenyetso cyakwakirwa, igomba kuba yarabayeho igamije gushyira mu bikorwa umugambi uhuriweho, cyangwa se yari kimwe mu bigize uwo mugambi w'abagiranye ubwumvikane, bitaba ibyo iyo mvugo ntiyakirweho ikimenyetso kivuguruza ibindi [23].

50. Urugereko ni rwo rusuzuma niba ibimenyetso nk'ibi byafasha kugaragaza ko uregwa yagize gusa uruhare mu gucura umugambi ariko ko nta ruhare yagize mu gukora icyaha nyirizina.

*Ibimenyetso bishingiye ku nkuru mbarirano*

51. Urugereko rusanga ibimenyetso bishingiye ku nkuru mbarirano ubwabyo bishobora kwakirwa, n'iyo aho bikomoka haba hatazwi, cyangwa n'iyo byaba bidashyigikiwe n'ibindi bimenyetso bitaziguye. Nyamara ariko Urugereko rwasuzumanye ubushishozi bene ibyo bimenyetso, hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 89. Byongeye kandi, mu gihe rwagiye rushingira kuri bene ibyo bimenyetso, nk'uko rusanzwe rubikora mu gusuzuma ibindi bimenyetso, Urugereko rwagiye rugenzura niba ibyo bimenyetso bifite akamaro n'agaciro kandi bishobora kugirirwa icyizere nk'uko byavuzwe haruguru.

*Ibimenyetso bitatanzwe*

52. Agaciro k'ibimenyetso byashyikirijwe Urugereko ntigahungabanywa na gato n'ibura ry'ibindi bimenyetso[24]. Urugereko rusuzuma ibimenyetso byose rwashyikirijwe,

---

[23] Urukiko Mpuzamahanga rwa Gisirikare rwashyiriweho akarere ka Aziya y'iburasirazuba, 29 Mata 1948. Reba Röling, B.V.A na Rüter, C.F. (eds), *The Tokyo Judgement,* Umutumba wa II, (Amsterdam, APA – University Press Amsterdam BV, 1977), Urup. 630

[24] N'ubwo bwose gutanga kopi z'ibimenyetso bifatika byaba irengayobora kuri iri hame rusange, mu gihe inyandiko z'imyimerere zishobora kuboneka. Reba ibikurikira hepfo.

rukurikije akamaro n'agaciro ka byo. Kuba nta bimenyetso bifatika cyangwa ibimenyetso birebana n'umubiri byatanzwe n'umuganga ushinzwe gutanga bene ibyo bimenyetso mu rwego rw'amategeko byashyikirijwe Urugereko ntibigabanya na gato agaciro k'ibindi bimenyetso byashyikirijwe Urugereko. Ku buryo bw'umwihariko, kuba nta kimenyetso cya muganga wabigenewe cyiyongera ku buhamya bw'umugabo wabihagazeho, ntibishobora na gato guhungabanya isuzumwa ry'ubwo buhamya. Iryo suzuma rishingira ku kamaro, ukwizerwa n'agaciro ka bwo nk'uko byavuzwe haruguru. Byongeye kandi, kuba umwe mu baburanyi atashyikirije Urugereko ikimenyetso, ntibyarubuza na gato gusuzuma agaciro k'icyo kimenyetso, kiramutse gitanzwe n'uwo baburana[25.]

### 2.2.2 Isuzumwa ry'ibimenyetso byanditse

53. Ibimenyetso byanditse ni ibigizwe n'inyandiko zatanzweho ibimenyetso kugira ngo bisuzumwe n'Urukiko. Muri uru rubanza, ijambo «inyandiko» rigomba kumvikana ku buryo bwaguye, rikavuga ikintu cyose cyafatiweho amakuru ayo ari yo yose. Iki gisobanuro kibumbye byinshi bihagije, ku buryo uretse inyandiko, kibarirwamo n'amakarita, ibishushanyo, ibishushanyombonera, indangagihe, imbonerahamwe, amashusho, ibyanditse ku buryo bw'ikoranabuhanga, ibimenyetso bigaragarira mu byuma kabuhariwe, amajwi yafashwe, za videwo, amafoto yo mu bwoko bwose. Ibyinshi muri ubu bwoko bw'ibimenyetso bifatika byatanzwe muri uru rubanza n'ababuranyi, mu gushimangira ingingo buri wese yaburanishaga.

54. Ibimenyetso bikubiye mu bintu bifatika bitera ibibazo byihariye byerekeranye n'ukwemerwa n'agaciro ka byo, kubera ko ari ubwoko bwihariye bw'ibimenyetso.

### Ugomba gutanga ikimenyetso ngo cyemerwe

[25] N'ubwo iyi ngingo iriho, Urugereko ruributsa ko, nk'uko biteganywa n'Ingingo za 66, 67 na 68 z'Amategeko, ababuranyi bombi bafite inshingano yo guhana ibimenyetso byose bazi.

55. Urugereko rusanga kugira ngo ikintu gifatika cyemerweho ikimenyetso, umuburanyi wifuza kugishingiraho agomba kubanza kwerekana ko gifite akamaro n'agaciro (reba uko byasobanuwe haruguru) nk'uko biteganywa n'ingingo ya 89 C). Mu yandi magambo, ni ukuvuga ko umuburanyi ushaka gushingira kuri icyo kintu ari we ugomba kugaragaza icyemeza ko cyakwizerwa (nk'uko byavuzwe haruguru, uko kwizerwa gufatanye n'izindi ngingo zigenderwaho mu gusuzuma ukwakirwa kw'ikimenyetso. Izo ngingo ni akamaro n'agaciro k'icyo kimenyetso). Iyo ibyo bintu bifatika byakiriwe mu bwumvikane bw'ababuranyi bombi, nk'uko byagenze muri uru rubanza, ntibiba bikiri ngombwa kugaragaza ukwizerwa kwa byo. Ni na ko bigenda iyo ikimenyetso gitanzwe ari « ikintu kizwi na bose ». Icyo gihe Urugereko rugikorera inyandiko yemeza ko cyemeranyijweho n'ababuranyi kandi ko kitagomba kujyibwaho impaka, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 94, kubera ko intangamugabo iba itakiri ngombwa. Ibyo ari byo byose, iyo ukwizerwa kw'ikimenyetso cyanditse gukemangwa, Urugereko rusuzuma ibyerekeye intangamugabo ikenewe kugira ngo icyo kimenyetso kigirirwe icyizere kandi cyakirwe.

56. Usibye amarengayobora ari busuzumwe hepfo, Urugereko rwemera ko ibigenderwaho bisabwa kugira ngo inyandiko igirirwe icyizere, ari ukugereranya ikirusha uburemere ikindi hagati y'ibishobora kuba byarabaye n'ibishobora kuba bitarabayeho[26] (*balance of probabilities*). Ni ukuvuga ko hemezwa igishoboka kurusha ikindi. Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 89 mu gaka C), kugira ngo ikimenyetso cyakirwe, kigomba kuba gifite akamaro n'agaciro. Kubera iyo mpamvu, ibisabwa kugira ngo ikimenyetso cyakirwe byagombye kuba bike ugereranije n'ibisabwa kugira ngo hafatwe icyemezo ku gingo iyi n'iyi, hamaze kuba isuzuma rigereranya ry'agaciro ka buri kimenyetso cyashyikirijwe Urugereko. Kugira ngo ikimenyetso cyakirwe, Urugereko ntirugomba kugena agaciro ka cyo nyako. Ibyo bikorwa hanyuma. Urugereko rureba gusa niba icyo kimenyetso hari agaciro gifite. Hashobora gukoreshwa intangamugabo z'ingeri nyinshi mu kugena ukwakirwa kw'ikimenyetso no mu kwemeza agaciro ka cyo.

[26] Equilibre des probabilités / balance of probabilities « Kugereranya ibimenyetso bishobora kwizerwa n'ibidashobora kwizerwa »

57. Byongeye kandi, kugena niba ikimenyetso gishobora kwakirwa ntibisaba gusuzuma niba icyo kimenyetso cyakwemerwa, bisaba gusa kureba niba gishobora kwizerwa. Ni yo mpamvu ikimenyetso cyanditse gishobora gusuzumwa hashingiwe ku kureba niba gishoboka cyangwa kidashoboka, noneho hagasuzumwa niba icyo kimenyetso cyakwizerwa, kikabona kwemerwa. Iyo rumaze kugisuzuma, Urugereko rushobora kwemeza ko kidakwiye kwemerwa[27].

58. Mu mpamvu zatuma ubu buryo busanzwe bukoreshwa budakurikizwa uko buteye harimo, ibyatuma uburenganzira bw'Uregwa buhungabana ibyo bimenyetso biramutse byemewe, cyangwa se igihe kwemerwa kwabyo gusaba kwitonderwa ku buryo bukomeye. Iyo bimeze bityo, Urugereko rushobora gusaba ibimenyetso mbonera « bidashidikanywaho »[28].

**Agaciro k'ibimenyetso**

59. Urugereko rusanga amahame rusange agena isuzuma ry'agaciro k'ikimenyetso cyanditse adatandukanye na gato n'amahame rusange agena isuzuma ry'agaciro k'ibimenyetso byatanzwe mu bundi buryo. Ibimenyetso byanditse bisuzumwa hakurikijwe ibiteganywa n'Amategeko, by'umwihariko ibikubiye mu ngingo ya 89.

60. N'ubwo amahame rusange agenderwaho ari amwe, Urugereko rusanga uburyo bukoreshwa mu gusuzuma niba ikimenyetso cyafatwa nk'ukuri (ndetse niba gifite akamaro), butandukana bitewe n'imiterere n'ubwoko bw'ikimenyetso rwashyikirijwe. Urugereko rwasuzumye ingingo zimwe na zimwe zerekeye gusa ibimenyetso byanditse

---

[27] Nk'uko byavuzwe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugosilaviya (TPIY) mu Cyemezo ku cyifuzo cya Porokireri mu kugena ukwakirwa kw'ibimenyetso, 21 Mutarama 1998:« kwakira byonyine ikintu nk'ikimenyetso ntibisobanura ubwabyo ko ibigikubiyemo bivuga neza uko ibintu byagenze ».

[28] Reba icyemezo cyerekeye ingoboka mbanzirizarubanza y'uregwa Zdravko Mucić mu kwanga kwakira ibimenyetso, IT-96-21-T, 2 Nzeri 1997. Muri icyo cyemezo, Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugosilaviya (TPIY) rwemeje ko Porokireri ari we ugomba kwerekana ku buryo budashidikanywaho ko ikimenyetso ashaka gutanga yakibonye nta gahato akoresheje kandi ko uburenganzira bw'uregwa bwo kuburanishwa nta karengane butahungabanyijwe mu buryo ubwo ari bwo bwose.

mu rwego rwo kureba niba ibimenyetso nk'ibyo bwafatwa nk'ukuri. Ubwo buryo buraza gusuzumwa hepfo.

61. Ikibazo cyo kumenya niba inyandiko ari impamo kinyuranye n'icyo gusuzuma isano iri hagati y'iyo nyandiko n'aho yaturutse cyangwa n'uwayanditse. Inkiko nyinshi z'ibihugu, ndetse n'inkiko mpuzamahanga zimwe na zimwe zabanjirije uru, zagiye zanga kwakira ibimenyetso, zivuga ko «ari ibyo kwirwanaho gusa»: tuvuge nk'inyandiko zanditswe cyangwa zatanzwe n'umwe mu baburanyi (akenshi Uregwa), agamije gushimangira ibyo avuga akoresheje poropagande[29].

62. Urukiko rusanga atari byo kutakira bene ibyo bimenyetso, keretse rero bigaragaye ko nta kamaro cyangwa agaciro bifite hakurikijwe ingingo ya 89 C).

63. Cyakora, Urugereko rusanga, bitewe n'uko ibintu bimeze, inkomoko y'ikimenyetso ishobora kugira ingaruka mu gusuzuma ukwizerwa cyangwa ukuri kwacyo. Urugero: ikimenyetso gitanzwe hagamijwe gushimangira *alibi* [ariyo myiregurire ya "sinari mpari"] iyo icyo kimenyetso gikomotse ku wundi muntu utari uregwa, gishobora kugira agaciro gasumbye ikimenyetso cyatanzwe cyangwa cyerekanywe n'uregwa. Rumaze kubona ibyo, Urugereko rusanga iyo myumvire y'isano iri hagati y'inkomoko y'ikimenyetso cyanditse n'agaciro kacyo idashobora gufatwa na rimwe nko guhamya icyaha uregwa. Urugereko ntirwatuma isuzuma ry'agaciro k'ikimenyetso cyanditse rivutsa uregwa uburenganzira bwe bwo kuburanishwa nta karengane.

64. Mbere yo kugena ukwemerwa n'ukwizerwa kw'ikimenyetso cyanditse, ni ngombwa ko umuburanyi ushaka kugishingiraho agaragaza ko iyo nyandiko n'ibiyikubiyemo ari imvaho. Ingingo ya 89 D) y'Amategeko isobanura neza agaciro Urukiko ruha ukumenya niba inyandiko ari imvaho. Iyo ngingo ivuga ko Urugereko rushobora gusaba ko ibimenyetso bibonekeye ahandi hatari mu rukiko bigenzurwa ko ari ukuri.

[29] Reba nk'urugero, ingingo yashingiweho n'umucamanza Pal mu Cyemezo cy'Urukiko Mpuzamahanga rwa Gisirikare rwashyiriweho akarere k'Aziya y'iburasirazuba, Imp. 638, 641-5^e^, impaka, igisobanuro 7.

65. Nk'uko Urugereko rusanzwe rubigenza ku bimenyetso ibyo ari byo byose mu kugenzura niba inyandiko cyangwa ibiyikubiyemo ari ukuri, rwakoresheje ububasha bwarwo busesuye ruhabwa n'ingingo ya 89 C), irwemerera kwakira ikimenyetso cyose rusanga gifite agaciro. Ku buryo bw'umwihariko, Urugereko rukurikiza ingingo ya 89 B), igena amategeko agenga ibimenyetso yatuma urubanza rucibwa nta karengane, mu buryo bujyanye na Sitati n'amahame rusange y'amategeko.

66. Mu gusuzuma niba ikimenyetso cyanditse ari imvaho, Urugereko rwibanda ku bintu birimo ibikurikira: imiterere yacyo, ibigikubiyemo, icyo bifuza kugikoresha n'icyo ababuranyi bakivugaho.

67. Ku byerekeye imiterere, hasuzumwa ibibazo bikurikira:

- Niba inyandiko yashyikirijwe Urugereko ari umwimerere cyangwa kopi; ubusanzwe, ibimenyetso by'umwimerere bifite agaciro karuta aka za kopi;

- Iyo inyandiko ari kopi, hasuzumwa niba iyo kopi ubutegetsi bubifitiye ububasha bwaremeye ko isa n'umwimerere wayo, cyangwa ubutegetsi bwarayanditse mu bitabo byabigenewe;

- Niba inyandiko iriho umukono wa nyirayo, ifungishije ubujeni, yaremejwe cyangwa iriho kashe, cyangwa niba hari ubutegetsi cyangwa urwego rundi rwayemeje;

- Niba inyandiko yarakozwe mu buryo bukwiye; muri rusange, ni ukwemeza niba yaranditswe, yarateguwe cyangwa yaraherewe uburenganzira n'umuntu cyangwa urwego rwagombye n'ubundi kuba rwarayanditse, rwarayiteguye cyangwa rwarayitangiye uburenganzira.

68. Urugereko rufite uburyo bwinshi bwo kubonera umuti ibyo bibazo, rushingiye ku ngingo ya 89 D) ivuga ko Urugereko rushobora gusaba ko ibimenyetso bibonekeye

ahandi hatari mu rukiko bigenzurwa ko ari imvaho. Ariko ubwo burenganzira bw'Urugereko ntibugomba kurenga ku biteganywa n'ingingo ya 89 B), ivuga ko Urugereko rukurikiza amategeko agenga ibimenyetso yatuma urubanza rucibwa nta karengane mu buryo bujyanye na Sitati n'amahame rusange y'amategeko. Kubera iyo mpamvu, n'ubwo Urugereko rushobora gutegeka umuburanyi kwerekana ahantu handitswe n'umutangabuhamya kugira ngo rubashe kugereranya iyo nyandiko n'indi iri ku kimenyetso cyanditse rwahawe, ntirushohora nyamara guhatira Uregwa kugira icyo yandika, mu gihe iryo tegeko ryatuma yishinja we ubwe[30].

69. Urugereko rusanga kwiyambaza impuguke ari bumwe mu buryo rufite mu gukemura ibibazo byerekeye imiterere y'ibimenyetso.

**Ibindi bishingarwaho mu gusuzuma agaciro k'ibimenyetso**

70. Ibikubiye mu nyandiko bishobora kuba intangamugabo y'ibyabaye mu buryo butaziguye, y'uko ibintu biteye n'iy'uko iyo nyandiko ubwayo ari imvaho. Urugereko ruha agaciro ibikubiye mu nyandiko rushingiye ku zindi ngingo zabonetse mu rubanza. Muri izo ngingo harimo ubuhamya bwatanzwe mu magambo bwerekeye ibikubiye muri iyo nyandiko.

71. Byongeye kandi, icyo iyo nyandiko yari igamije, cyaba kigaragazwa n'ibiyikubiyemo, cyangwa kigaragazwa n'imiterere yayo cyangwa se n'ubuhamya bwatanzwe mu magambo mu gihe cy'urubanza, gishobora, bitewe n'uko ibintu bimeze, kwifashishwa mu gusuzuma niba inyandiko ari impamo no mu kugena agaciro kayo.

72. N'ubwo ibyo byose bifite akamaro mu gusuzuma agaciro k'ikimenyetso cyanditse n'impamo yacyo, ntibibuza ko n'ibindi bintu byakwifashishwa. Ikindi kandi, mu gusuzuma niba inyandiko ari impamo, Urugereko rwemeza ko muri rusange, ingingo

[30] Reba Icyemezo ku byifuzo Porokireri yatanze mu magambo asaba gushyira ikimenyetso 155, muri dosiye y'ibimenyetso, kandi asaba guhatira Uregwa Zdravko Mucić kugaragaza uburyo yandika, IT-96-21-T, 19 Mutarama 1998. Muri urwo rubanza, Urugereko nta bubasha rufite bwo gutanga itegeko ku byo Porokireri yifuza. Mucić ntashobora guhatirwa kwishinja, avuga amagambo hari umutangabuhamya, ngo bamenye uko avuga.

imwe rukumbi, iyo ari yo yose, idahagije yonyine mu kwemeza cyangwa guhakana niba iyo nyandiko ari impamo. Ibintu byose bifite akamaro bigomba kwifashishwa mu kugena niba inyandiko ari impamo.

**Isano iri hagati y'ubuhamya bwatanzwe mu magambo n'ibimenyetso byanditse**

73. Muri uru rubanza, agaciro k'ibimenyetso kagiye kenshi gashidikanywaho, bidaturutse ku miterere yabyo cyangwa ku bibikubiyemo, ahubwo biturutse ku ivuguruzanya riboneka hagati y'ibyo bimenyetso n'ubuhamya mu magambo bwatangiwe imbere y'Urugereko. Ni yo mpamvu Urugereko rugiye gusuzuma iki kibazo ku buryo burambuye.

74. Ku byerekeye ubuhamya bwatanzwe mu magambo, bufatwa nk'uburyo bwo « gushimangira » ikimenyetso cyanditse, Urugereko rwemeje ibi bikurikira:

75. Mu kugena agaciro k'ibimenyetso rwashyikirijwe, Urugereko rwashyize itandukanyirizo hagati y'ibimenyetso rwabonaga ko imiterere yabyo, ibibikubiyemo n'imikoreshereze yabyo byashimangiwe n'intangamugabo ziziguye, cyane cyane ubuhamya ahanini bwatanzwe mu magambo, n'ibitashimangiwe na bene izo ntangamugabo. Ikimenyetso cyose cyashimangiwe n'ikindi kimenyetso, mu by'ukuri gihabwa agaciro gasumbye ak'ikimenyetso kidafite ikigishimangiye, keretse rero iyo nta na kimwe muri byombi cyafatwa nk'ukuri. Ni yo mpamvu Ubuhamya bwatanzwe mu magambo bushobora kunganira cyangwa « gushimangira » ikimenyetso cyanditse. Urugereko rusanga iyi mikorere ihuye neza n'icyemezo rwafashe ku byerekeye uburenganzira rufite mu gusuzuma ibimenyetso no mu kwifashisha ibindi bintu bibishimangira. Iyi mikorere ijyanye kandi n'ibiteganywa n'ingingo ya 89 y'Amategeko.

76. Urugereko rusanga ubwo buryo bwo gusuzuma agaciro k'ikimenyetso cyanditse bushyigikiwe n'ibyakozwe mbere mu rwego rw'izindi manza mpanabyaha

mpuzamahanga. Mu Rubanza rw'i Tokyo[31] mu wa 1946, Umucamanza Pal yavuze ibikurikira: « Iyo ikibazo kidatewe n'ikintu cyanditse, ahubwo giturutse gusa ku ntangamugabo yatanzwe hagamijwe kwerekakna ko igikorwa iki n'iki cyabaye, ibindi bimenyetso byihariye birakirwa »[32]. Urugereko rwashingiye kuri iyo ngingo mu kwemeza uburyo rukoresha mu gusuzuma ikimenyetso cyanditse, maze rugaragaza ko ibimenyetso byinshi byatanzwe nk'ibimenyetso byanditse, uko byagenda kose, bishyirwa mu cyiciro cya kabiri Umucamanza Pal agira icyo avugaho, ari cyo « cyiciro cy'ibimenyetso byatanzwe ngo bifashe kwerekana ko hariho ibindi bikorwa» Byongeye kandi, Urugereko rusanga amahame Umucamanza Pal avuga yerekeye kureba niba ikimenyetso cyakwakirwa, yanakoreshwa mu kugena agaciro ka cyo, bitewe n'uko buri gihe ikigamijwe ari ukugena ukwizerwa kw'ikimenyetso nyirizina.

77. Nyuma umucamanza Pal yasuzumye uburyo izindi ngingo zitari mu kimenyetso ubwacyo zikoreshwa mu gusesengura ikimenyetso cyanditse:

> « Amagambo akoreshejwe mu kintu cyanditse ashobora ubwayo kugaragara nk'aho yumvikana neza. Nyamara ibindi bintu bitavugwa muri icyo kimenyetso bishobora gutera umuntu gushidikanya, cyangwa uburyo ayo magambo yakumvikanamo agatera ingorane. Iyo bigenze bityo, izindi ngingo zitari mu kimenyetso ubwacyo zishobora kwemerwa, kugira ngo ikimenyetso kibashe kumvikana. Cyaba icyo 'nyir'ukuyandika yari agamije', 'byaba uburyo ayo magambo yumvikanamo', mu by'ukuri ikigamijwe ni ukumenya kamere y'ikigambiriwe. Icyari kigamijwe, cyangwa inshoza y'amagambo si byo byonyine bigomba gusobanurwa kubera ko uko gusobanura kugomba mu by'ukuri kwerekana icyari kigamijwe, bikaba byumvikana ko uburyo bwa mbere bushingirwaho mu kwerekana icyari kigamijwe, ari imvugo yakoreshejwe »33.

78. Ibi bimaze kuvugwa bishimangira ihame rivuga ko ubuhamya butanzwe mu magambo cyangwa ikindi kimenyetso cyose kiri cyonyine, bishobora gukoreshwa mu « gushimangira » ikimenyetso cyanditse. Nk'uko ikimenyetso cyanditse kitaba

---

[31] Urukiko Mpuzamahanga rwa Gisirikare rwashyiriweho akarere k'Aziya y'iburasirazuba, igisobanuro cya 23
[32] Ni kimwe no haruguru, urup. 640.
[33] Ni kimwe no haruguru, urup. 653.

gikoresheje inyandiko gusa, kwifashisha ibimenyetso biri byonyine cyangwa by'inyongera «mu gushimangira» ikimenyetso cyanditse ntibyagombye na byo gukoreshwa gusa igihe amagambo yakoreshejwe ari yo ntandaro yo kutumvikana neza cyangwa yo gushidikanya kuri icyo kimenyetso.

79. Urugereko rusanga ikimenyetso kiri cyonyine gishobora gukoreshwa mu « gushimangira », mu kunganira, mu kwemeza cyangwa mu guhakana ukuri cyangwa agaciro k'ikimenyetso, iyo icyo kimenyetso cyemewe nk'ikimenyetso kiri cyonyine. Iryo hame ntirireba gusa imikoreshereze y'ubuhamya bwatanzwe mu magambo mu gushimangira ikimenyetso cyanditse: rituma hashobora gukoreshwa ibintu byinshi, bigenda bishyigikirana (urugero: gukoresha icyarimwe amakarita, amafoto na za videwo), nk'uko iryo hame rituma ikimenyetso cyanditse gikoreshwa mu gushimangira ubuhamya bwatanzwe mu magambo.

80. Urugereko rusanga inyandiko zifashishwa mu gushimangira ubuhamya butanzwe mu magambo mu rubanza zishobora no kuba zikubiyemo ibintu abatangabuhamya bifashisha ngo bashobore kwibuka. Ariko iyo bigaragaye ko ibyo bimenyetso aho gukoreshwa gusa mu gufasha abatangabuhamya kwiyibutsa, ari byo by'ingenzi kandi byonyine bashingiraho ubuhamya bwabo, Urugereko rusanga ukuri n'agaciro k'ubwo buhamya byagabanuka.

81. Ku byerekeye isuzuma ry'ubuhamya bwanditse bwatanzwe mbere, Urugereko rusanga:

82. Icya mbere, haba ikibazo gikomeye iyo ibyavuzwe mu magambo n'umutangabuhamya imbere y'Urugereko bivuguruje, cyangwa bidahuye n'ibindi yari yaratangaje mbere, kandi byaramaze gushyirwa mu bimenyetso bigomba kwifashishwa mu rubanza.

83. Icya kabiri, agaciro k'ibimenyetso binyuranye kagenwa, ku ruhande rumwe hakurikijwe uburyo ibyatangajwe mbere byavuzwemo; gaterwa kandi n'ibindi bintu bifite akamaro cyangwa byerekana ukwizerwa n'ukuri kw'icyo kimenyetso. Kubera

iyo mpamvu, Urugereko rurasuzuma, kimwe ukwacyo, amoko atatu y'ubuhamya bwanditse bwatanzwe mbere muri uru rubanza nk'ibimenyetso:

(1) Ubuhamya bwanditse bw'abagabo n'ubundi buhamya, byatangiwe ahatari mu rukiko;

(2) Ubuhamya imbere y'uru Rugereko;

(3) Ubuhamya bwatangiwe imbere y'izindi nzego z'ubucamanza.

84. Icya mbere, ku byerekeye ubuhamya bwanditse bw'abagabo n'ubundi buhamya, byatangiwe ahatari mu rukiko, Urugereko rusanga abatangabuhamya benshi rwakiriye muri uru rubanza baragize ibyo batangaza mbere, muri byo harimo ubuhamya bwabo bwanditse, ndetse umwe muri bo akaba yaragize ikiganiro cyaciye kuri radiyo.[34]

85. Urugereko rwasuzumye agaciro k'ubwo buhamya, rushingiye ku buryo bwatanzwemo no ku zindi ngingo zerekeye ukwizerwa kwabwo. Rwitaye ku ngingo zikurikira: ururimi ubuhamya bwatanzwemo cyangwa urwo ikiganiro cyatanzwemo; kuba Urugereko rwarabashije kubona aho ubwo buhamya cyangwa icyo kiganiro byandukuwe; ubushobozi bwo kugenzura ubwoko bw'ibibazo byabajijwe umutangabuhamya; kuba byarasemuwe neza kandi bikandukurwa uko bikwiye; igihe cyaciye hagati y'ibyatangajwe mbere n'ubuhamya mu rubanza; ukwibagirwa; gukoresha cyangwa kudakoresha uburyo bwo gutangaza ku mugaragaro bwagenwe n'amategeko; no kureba niba umutangabuhamya yari yabanje gusoma cyangwa kubona ibyo yari yaratangaje mbere, cyangwa atarabikoze[35.]

86. Rushingiye kuri izo ngingo, Urugereko rusanga muri rusange ubuhamya butangiwe mu rukiko burusha agaciro ubuhamya bwanditse bwafashwe mbere, kubera ko ukuri kwako kuba kwagaragajwe n'ibaza rinyomoza.

---

[34] Imyanzuro y'Ubwunganizi mu magambo, 28 Kamena 1999

[35] Reba urubanza rwa *Akayesu,* igika 134 ; Urubanza rwa *Rutaganda,* igika 19.

87. Icya kabiri, ku byerekeye ubuhamya bwatanzwe muri uru Rukiko, Urugereko, rushingiye kuri iri hame ry'uko ibyatangajwe mbere bisuzumwa hakurikijwe uburyo byatangajwemo, rugomba gufata icyemezo muri uru Rubanza, mu gihe ubuhamya bw'umugabo buvuguruza ubwo yatanze mbere muri uru Rukiko, mu zindi manza.

88. Urugereko rusanga, iyo bigenze bityo, abatangabuhamya bashobora kuba baratanze ubuhamya buvuguruzanya babanje kurahira. Rushingiye ku mahame rusange yerekeye isuzuma ry'ibimenyetso, nk'uko yasobanuwe haruguru, Urugereko rurasuzuma bene ibyo bimenyetso uko rurajya ruhura n'icyo kibazo. Rurasuzuma niba byakwakirwa; naho ku byerekeye agaciro kabyo, ruzita ku buryo bw'umwihariko ku bisobanuro by'abatangabuhamya ku byerekeye ivuguruzanya hagati y'ubuhamya, no ku kamaro kabyo.

89. Urugereko rusanga ukuvuguruzanya hagati y'ubuhamya bubiri bwatanzwe bwombi n'umugabo umwe wabanje kubirahirira, kugabanya ukwizerwa n'ukuri k'ubuhamya byatanzwe nyuma.

90. Iyo uko kuvuguruzanya kwamaze kugaragazwa, Urugereko ntirugomba gusuzuma ukuri n'ukwizerwa k'ubuhamya bwatanzwe mbere (urugero mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana), kuko uwo murimo uba waramaze gukorwa n'urundi rugereko rushingiye ku makuru rwari rufite (nko muri uru rubanza byarakozwe n'urundi rugereko rwa Mbere rw'Iremezo).

91. Icya gatatu, ku byerekeye ubuhamya bwatanzwe mu zindi nzego z'ubucamanza, Urugereko rusanga isuzuma ry'agaciro k'ubuhamya bwatangiwe mu zindi nzego z'ubucamanza, ryarateye ikibazo muri uru rubanza, ku byerekeye amadosiye yo mu Busuwisi. Amagambo « Amadosiye yo mu Busuwisi » ni izina ryahawe muri uru rubanza inyandikomvugo z'igihe Uregwa yabarizwaga mu Busuwisi n'umucamanza waho, ubwo yahafatirwaga ku itariki ya 11 Gashyantare 1995. Amadosiye yo mu Busuwisi agizwe n'ubuhamya umunani bwatanzwe n'Uregwa abyibwirije, kimwe

n'izindi nyandiko zibuherekeje, byose bikaba byarashyizwe muri dosiye na Porokireri, Ubwunganizi bumaze kubyemera[36]. Ukuri n'agaciro k'Amadosiye yo mu Busuwisi ntibishidikanywaho, kuko bikubiyemo inyandikomvugo y'ibyavuzwe uko biri mu gihe yabazwaga n'ubutegetsi bw'Ubusuwisi. Nyamara ariko, ari Porokireri, ari Ubwunganizi, bakemanze kenshi mu gihe cy'iburanisha ukuri kw'imvugo za Musema n'agaciro k'ibimenyetso bimwe na bimwe biri muri ayo madosiye.

92. Mu gusuzuma agaciro k'Amadosiye yo mu Busuwisi, Urugereko rwagendeye ku ihame rusange ryavuzwe haruguru, kandi rwita ku buryo ibyo bimenyetso byatanzwemo n'inkomoko yabyo.

93. Urugereko ruravuga ibintu bibiri ku isuzumwa ry'agaciro ka bene ibyo bimenyetso.

94. Icya mbere, rusanga ubuhamya bwatanzwe mu rukiko (n'ubundi buhamya bwatanzwe ubutanga abanje kurahira cyangwa ibindi byatangajwe ku mugaragaro ku buryo buteganywa n'amategeko), muri rusange buba bufitiwe icyizere gisumbye icy'ubuhamya bwatangiwe ahandi hatari mu rukiko[37].

95. Icya kabiri, Urugereko rusanga agaciro ka bene ibyo bimenyetso kagomba gusuzumwa hakurikijwe byibuze ingingo z'ibanze zisabwa n'Urukiko mu gutanga no gukusanya ibimenyetso nk'ibyo. Izo ngingo z'ibanze zisabwa ni igipimo Urugereko rusuzumiraho ukwizerwa kw'ibyo bimenyetso. Izo ngingo zigize icyo gipimo zigenda zinyurana bitewe n'ubwoko bw'ibazwa cyangwa iperereza ryakozwe.

96. Ingingo ya 42 n'iya 43 z'Amategeko zisobanura neza iby'ingenzi bisabwa mu gihe ukekwaho icyaha yabajijwe na Porokireri. Ariko izo ngingo ntizireba ku buryo bugaragara ibazwa ry'Uregwa ryakozwe n'abandi bantu batari Porokireri, cyangwa ibazwa rizamo abandi batangabuhamya.

[36] Imyanzuro ya Porokireri mu magambo, 25 Kamena 1999
[37] Reba *R. v B (K.G) (1993), 79 C.C.C (3d) 257*

97. Ni ngombwa rero kugena amahame agenderwaho mu gusuzuma agaciro k'ikimenyetso cyavuye mu iryo bazwa. Urugereko rusanga amahame akwiriye kugenderwaho ateganywa n'Ingingo ya 39 i), 39 ii), 42, 43 n'iya 95 z'Amategeko. Izo ngingo zose zigomba gusuzumirwa hamwe. Izo ngingo zireba ibyangombwa by'ibanze bigenderwaho mu gusuzuma ukwakirwa n'agaciro k'ubuhamya bwatanzwe mu gihe cy'ibazwa ryabanjirije urubanza[38].

### 2.2.3 Ubuhamya bw'ikinyoma

98. Muri uru rubanza, ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, ababuranyi bombi bagiye kenshi bemeza cyangwa basa n'abavuga ko umutangabuhamya umwe cyangwa abatangabuhamya benshi bagiye bayobya Urugereko ku bushake cyangwa ku bundi buryo. Urugereko rusanga mu gihe ababuranyi bifuza mu by'ukuri kuvuga ko habayeho ubuhamya bw'ikinyoma, ibirego byabo bigomba gushyikirizwa Urugereko hakurikijwe inzira ibyifuzo bisanzwe bitangwamo, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 91 B).

99. Urugereko ruributsa ko ubuhamya bw'ikinyoma ari icyaha, cyagambiriwe, cyakoranywe ubushake, uwagikoze agamije kubeshya ubucamanza, bityo akabubangamira[39] kandi akabukoresha ikosa mu rwego rw'amategeko. Ku kibazo

---

[38] Urugereko rurabona ibintu kimwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugosilaviya, mu Cyemezo cyarwo ku ingoboka mbanzirizarubanza y'Uregwa Zdravko Mucić, cyo kwanga kwakira ibimenyetso, IT-96-21-T. Icyo Cyemezo giteye gitya:

"43… Ingingo ya 42 ivuga iby'ingenzi biteganywa n'amategeko ngo ibazwa rikorwe nta karengane, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 14 (3) y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'abaturage mu mibereho na politiki, n'ingingo ya 6 (3) (c) y'Amasezerano y'ibihugu by'i Burayi yerekeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Ubwo burenganzira bw'ibanze bwemewe n'amahanga buha buri muntu uburenganzira bwo kumvwa nta karengane mu gihe cy'urubanza. Kuri twe biragoye kumva ko ubuhamya bwatanzwe mu buryo bunyuranyije n'ingingo ya 42 y'Amategeko bwakubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 95, igamije kubungabunga ubusugire bw'imiburanishirize, yanga kwakira ibimenyetso byatanzwe mu buryo butuma ukwizerwa kwabyo gukemangwa cyane.

44. Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rurasanga uburyo bwiza bwo kubungabunga ubusugire bw'imiburanishirize ari ugusuzumira hamwe ingingo ya 42 n'iya 95. Iyi ya nyuma irasubiramo muri make ibiteganywa n'Amategeko, bituma ibimenyetso bibangamira imikorere myiza y'ubutabera kandi biciye ukubiri na bwo, byanga kwakirwa, ubu akaba ari uburyo bwo kurinda ubwandu urubanza rwose. Turasanga iyi ari ingingo y'inyongera, mu kugena ko ikimenyetso kitakirwa."

[39] Urubanza rwa *Rutaganda,* igika cya 20.

nk'icyo, umuburanyi uvuga ko habayeho ubuhamya bw'ikinyoma ni we ubwe ugomba kugaragaza ibyo yita ibinyoma mu byatangajwe n'umutangabuhamya, maze akerekana ko ibyatangajwe byari bigambiriye kugira nabi, cyangwa ko byatangajwe n'umutangabuhamya wari uzi neza ko avuga ibinyoma, kandi azi ingaruka ibyo byatangajwe byagira ku cyemezo cy'umucamanza. Gushidikanya gusa ku kuri kw'ibyatangajwe n'umutangabuhamya ntibihagije ngo hemezwe ko uwo mugabo yatanze ubuhamya bw'ikinyoma, abizi neza kandi abishaka. Urugereko ruremeza ko, kuba ibyatangajwe bitari nyakuri neza, atari ingingo ihagije kugira ngo hemezwe ko habayeho ubuhamya bw'ikinyoma. Hagomba kuba harabayeho ubushake bwo gutanga ubuhamya bw'ikinyoma. Nk'uko Urugereko rw'ubujurire rwabyemeje[40], hari itandukanyirizo rinini hagati y'ibyavuzwe bitagirirwa icyizere n'ubuhamya bw'ikinyoma. Bitewe n'impamvu izo ari zo zose, ubuhamya bw'umugabo bushobora kutagirirwa icyizere ariko ntibube bwakwitwa ikinyoma, nk'uko ingingo ya 91 ibiteganya[41].

### 2.2.4 Ingaruka ihahamuka rigira ku buhamya bw'abagabo

100. Muri uru rubanza, abagabo benshi batanze ubuhamya mu Rugereko babonye cyangwa bagiriwe ibikorwa by'amahano ku buryo burenze urugero. Bo ubwabo, abantu bo mu miryango ya bo cyangwa inshuti zabo kenshi bakorewe amahano ku buryo burenze urugero. Ihahamuka ryatewe n'ibyo byabaye cyangwa rikomeje guterwa na byo rihangayikishije cyane Urugereko. Urugereko rusanga gusobanura no kongera kwibuka ibibi babayemo, bidashengura gusa umutangabuhamya, ahubwo bishobora no kugabanya ubushobozi bwe bwo kuvuga mu rubanza ku buryo bwuzuye kandi butunganye iby'ingenzi mu byabaye. Ni muri ubwo buryo Urugereko rwasuzumye ibyavuzwe n'abatangabuhamya.

[40] Reba Urubanza rwa *Rutaganda* (ICTR -96-3-T) 8 Kamena 1998, Igika 28. Icyemezo ku bujurire bwerekeye icyemezo cy'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo I, rwanze kwakira icyifuzo cy'Ubwunganizi cyasabaga ko Porokireri yategekwa gukora iperereza ku buhamya bw'ikinyoma bwatanzwe n'Umutangabuhamya wiswe "E" n'undi wiswe "CC".
[41] Urubanza rwa *Rutaganda,* Igika 20

101. Urugereko rusanga na none bamwe mu bagabo batanze ubuhamya mu Rukiko baragize cyangwa bakomeje kugira ibibazo biterwa n'ihahamuka. Urugereko rwasuzumanye ubwitonzi ubuhamya bwabo ruzirikana ibyababayeho, kandi rwitaye ku mibereho ya buri wese ku giti cye no ku bwoko bw'ubugome buri wese yagiriwe[42.]

**2.2.5 Ubusemuzi**

102. Urugereko rwasanze hariho ibibazo mu gusuzuma ibimenyetso, bituruka ku isemura rikorwa mu ndimi eshatu (ikinyarwanda, igifaransa, icyongereza). Ku buryo bw'umwihariko, Urugereko rusanga hari itandukanyirizo rinini mu buryo interuro zubakwa cyangwa uko ikibonezamvugo giteye muri izo ndimi eshatu. Urugereko rwagiye rwita kuri ibyo bibazo igihe rwasuzumaga ibimenyetso byose rwashyikirijwe, harimo n'ibimenyetso rutabashije kumenya inkomoko.

**2.2.6 Imiterere y'umuco igira ingaruka ku buhamya bw'abagabo**

103. Muri uru rubanza, ibintu byerekeye umuco byagize ingaruka ku buhamya bw'abagabo batari bake. Urugereko ntirwakemanze ukwizerwa k'ubuhamya, mu gihe, kubera impamvu z'umuco, abo batangabuhamya bagiye basubiza ibibazo bimwe na bimwe bigoranye basa n'ababikikira. Byongeye kandi, Urugereko ruributsa ko rwagiye rusuzuma ibimenyetso byose rwashyikirijwe rushingiye ku biteganywa n'Amategeko, cyane cyane ingingo ya 89. Nk'uko Urugereko rwabivuze mbere, ikimenyetso cyose gisa n'igishingiye ku mabwire ubwacyo nticyanga kwakirwa; ahubwo, nk'uko bigenda ku bindi bimenyetso, gihabwa agaciro hakurikijwe ukuri n'ireme byacyo. Nubwo, nk'uko bivugwa n'Ubwunganizi, mu muco nyarwanda bisa naho bizwi neza ko imyumvire y'umuntu umwe ishobora guhinduka iya bose[43,] Urugereko rusanga, nk'uko biteye mu yindi mico, Abanyarwanda bashobora rwose gutandukanya icyo babwiwe n'icyo biboneye[44.] Igihe cyose urubanza rwamaze, Urugereko rwitaye ku kwerekana

[42] Urubanza rwa *Akayezu,* 142-156
[43] Imiburanire y'Ubwunganizi, 28 Kamena 1999.
[44] Urubanza rwa *Akayesu,* Igika 155.

iryo tandukanyirizo kandi rwabyitayeho mu gusuzuma agaciro k’ibimenyetso rwashyikirijwe.

104. Mu gusoza, Urugereko rusanga ibyavuzwe n’abatangabuhamya hari ubwo byagiye bibangamirwa n’ibintu byerekeye umuco, twavuga nk’imikoreshereje y’inyandiko no kutamenya ubundi buhanga n’uburyo bwabugenewe bukoreshwa mu kumenya igihe n’ahantu. Abatangabuhamya bamwe bagize ingorane mu kumenya amatariki nyakuri, amasaha, intera y’ahantu n’ahantu ubwaho, kandi basaga n’abadafite akamenyero ko gukoresha amakarita, za filime, amafoto n’ibindi bintu byanditse cyangwa bishushanyije. Mu gusuzuma ibisubizo by’abatangabuhamya, Urugereko rwitaye cyane kuri ibi bimaze kuvugwa. Urugereko ntirwakemanze ukwizerwa k’ubuhamya ruhereye gusa ku mpamvu y’uko umutangabuhamya yajijinganyije cyangwa yaciye hirya no hino mu gusubiza bene ibyo bibazo; nyamara mu guha agaciro ibyo bimenyetso, Urugereko rwagiye rureba niba ibisubizo byatanzwe bifututse kandi niba birimo n’izindi ngingo zifite ireme.

105. Urugereko rusanga kandi ababuranyi baritaye kandi bagomba kwita ku bijyanye n’umuco, nk’uko Abacamanza babigenje. Ibyo ntibyagombye kwitabwaho mu iburanisha gusa, ahubwo byagombye gukorwa no mu gihe cyo kwegeranya no gutegura ibimenyetso. Urugereko rusanga ababuranyi cyangwa Urukiko nta nyungu bagira mu gusaba abatangabuhamya kwifashisha uburyo bwo kwerekana ibintu batamenyereye, kandi ababuranyi bafite ubundi buryo bakoresha. Ku buryo bw’umwihariko, Urugereko ruravuga uburyo Porokireri[45] akoresha amafoto yafatiwe mu kirere.

**2.3 Ibyerekeye *alibi* [ari yo myiregurire ya ‘sinari mpari”]**

106. Nk’uko biteganywa n’ingingo ya 67 A) y’Amategeko (« Ihererekanya ry’ibimenyetso »), igihe bishobokeye, kandi mbere y'uko urubanza rutangira, Porokireri amenyesha Ubwunganizi amazina y'abagabo bashinja yifuza guhamagaza

[45] Reba ibimenyetso gihamya kuva kuri nimero P20.1 kugeza kuri P 20.10.

kugira ngo berekane ko uregwa ahamwa n'icyaha kandi banyomoze ibimenyetso byose bishinjura yashyikirijwe. Uwunganira uregwa amenyesha Porokireri ko ateganya kuziregura akoresheje *alibi*; akavuga ahantu uregwa yemeza ko yari ari igihe ibyo bamurega byakorwaga, amazina y'abagabo babyemeza n'aho babarizwa, n'ibindi bimenyetso byose uregwa ateganya kuzashingiraho kugira ngo yerekane ko atari aho icyo cyaha cyakorewe igihe cyakorwaga.

107. Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 67 B) y'Amategeko, kuba Ubwunganizi butaramenyesheje Porokireri iyo myiregurire mu nyandiko ntibivutsa uregwa uburenganzira bwo kwiregura akoresheje *alibi*. Urugereko rusanga iyo ngingo ishobora gukoreshwa, ariko runasanga ko kutabimenyesha Porokireri byagira ingaruka mu gusuzuma ireme ry'ingingo zatanzwe mu kwiregura. Mu Rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo II, rwibukije ko:

> « … iyo nta mpamvu zihamye zatuma ingingo ya 67 B) yifashishwa, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rushobora kubishingiraho mu gihe cyo gusuzuma ukwemerwa kwa *alibi*, cyangwa iyindi ngingo yo kwiregura idasanzwe, cyangwa byombi … »[46]

108. Iyo Ushinjwa yireguje *alibi*, ntaba ahakanye gusa ko atakoze ibyaha ashinjwa, ahubwo aba anemeje ko igihe ibyo byaha byakorwaga yari ahandi hantu hatari aho byakorewe. Porokireri ni we ugomba kwerekana ku buryo budashidikanywaho ko uregwa yakoze icyaha koko. Mu kunyomoza *alibi*, Porokireri agomba gutanga ibimenyetso byerekana ku buryo budashidikanywaho, ko Uregwa yari aho hantu, kandi ko yakoze ibyaha aregwa. *Alibi* ntisaba gutangirwa ikimenyetso cyihariye. Iyo iyo myiregurire yumvikana ko ari ukuri, igomba kwemerwa.

[46] Reba *Urubanza rwa Kayishema na Ruzindana,* Igika 237

## 3. AMATEGEKO AKURIKIZWA

### 3.1 Uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite (ingingo ya 6 ya Sitati)

109. Uregwa aryozwa ku giti cye ibyaha byose bikubiye mu Nyandiko y'ibirego hashingiwe ku biteganywa n' ingingo ya 6 (1) ya Sitati y'Urukiko, akaryozwa kandi ibyaha byakozwe n'abo yari akuriye hashingiwe ku ngingo ya 6 (3) ya Sitati.

110. Urugereko rugiye noneho gusuzuma ubwo bwoko bwombi bw'uburyozwacyaha.

#### 3.1.1 Uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite (ingingo ya 6 (1) ya Sitati)

111. Ingingo ya 6 (1) ya Sitati ivuga ko: « Umuntu uwo ari we wese wacuze umugambi, wawushishikarije abandi, wategetse, wakoze cyangwa ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose, agafasha kandi agashyigikira gucura umugambi, gutegura, cyangwa gutsotsoba icyaha kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 y'iyi Sitati, akiryozwa ku giti cye ».

112. Mu Rubanza rwa Akayesu[47], Urugereko rwafashe imyanzuro ku ihame ry'uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite nk'uko riteganywa n'ingingo ya 6 (1) ya Sitati. Muri urwo rubanza, Urugereko mu mitekereze yarwo rwaciye inzira imwe n'iyifashishijwe mu manza za Tadic[48], Celebici[49], Kayishema na Ruzindana[50,] kimwe no mu Rubanza rwa Rutaganda[51.]

[47] Urubanza rwa *Akayesu,* 2 Nzeri 1998.
[48] Inyandiko y'Urubanza y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya, Urubanza N° IT-94-1-T, 7 Gicurasi 1997.
[49] Inyandiko y'Urubanza y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya, Urubanza N°. IT-96-21-T, *Porokireri aburana na Zejnil Delalic, Zdravko Mucic, Hazim Delic, Esad Landzo,* « Urubanza rwa Celebici », 16 Ugushyingo 1998.
[50] Urubanza rwa *Kilimenti Kayishema* na *Obedi Ruzindana,* 21 Gicurasi 1999.
[51] Urubanza rwa *Rutaganda,* 6 Ukuboza 1999.

113. Urugereko rusanga iyi mikirize y'imanza imaze kuvugwa, ku byerekeye ihame ry' uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite, nk'uko rigaragara mu Manza za Akayesu na Rutaganda, isobanuye bihagije kandi yakurikizwa muri uru rubanza.

114. Urugereko rusanga ingingo ya 6 (1) iteganya uburyo butanu bwo gukora ibyaha bitatu by'ubugome bivugwa muri Sitati uregwa yaryozwa ku giti cye. Ingingo ya 6 (1) iteganya intera zinyuranye zo gukora icyaha, kuva umugambi utangiye gucurwa kugera icyaha nyirizina gikorwa.

115. Urugereko rusanga ihame ry' uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite, nk'uko riteganywa n'ingingo ya 6 (1), risaba ko icurwa ry'umugambi cyangwa itegurwa ry'icyaha riba ryatumye koko icyaha gikorwa. Ariko Urugereko rusanga ingingo ya 2 (3) ya Sitati, yerekeye icyaha cya jenoside iteganya ko Urukiko rushobora no kuburanisha ubwinjiracyaha bwa jenoside. Bitewe n'uko ubwinjiracyaha ubwabwo ari icyaha kiziguye, imyitwarire inyuranyije n'amategeko yabwo ikaba ubwayo ihanirwa, bushobora guhanwa nk'aho ari icyaha ukwacyo, niyo icyaha cyari kigambiriwe kitakozwe.

116. Kubera iyo mpamvu, rushingiye ku ngingo ya 2 (3) ya Sitati, Urugereko rusanga uregwa icyaha ashobora kukiryozwa ku giti cye iyo yakoze ibyaha biziguye; rusanga ariko, iyo yagize uruhare mu bindi byaha by'ubugome Urukiko rufitiye ububasha bwo kuburanisha, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 3 n'iya 4 ya Sitati, atabiryozwa ku giti cye, keretse iyo icyo cyaha cyakozwe.

117. Urugereko rusanga kandi n'ubwo uregwa aryozwa icyaha ku giti cye iyo yagikoze, ashobora na none kuryozwa ibyaha byakozwe n'abandi, nk'iyo uregwa yacuze umugambi wo gukora ibyo byaha, yashishikarije abandi kubikora, yabitegetse, cyangwa yafashije kandi agashyigikira abandi mu kubikora.

118. Urugereko rusobanura ubwo buryo butanu bwo kugira uruhare mu gukora icyaha, nk'uko buteganywa n'ingingo ya 6 (1), ku buryo bukurikira:

119. Uburyo bwa mbere bwo kugira uruhare mu gukora icyaha ni « ugucura umugambi » wo gukora icyaha . Uko gucura umugambi gusobanura ko umuntu umwe cyangwa benshi bagize igitekerezo cyo gukora icyaha , haba ku birebana no kugitegura cyangwa kugitsotsoba.

120. Uburyo bwa kabiri bwo kugira uruhare mu gukora icyaha, buteganyijwe n'ingingo ya 6 (1), ari bwo gushishikariza abandi gukora icyaha , ni ugutera undi gukora icyaha, ku buryo butaziguye kandi ku mugaragaro. Iryo shishikaza rihanirwa gusa iyo ryatumye icyaha cyifujwe na nyirabayazana gikorwa, keretse iyo ari icyaha cya jenoside, kuko ku byerekeye icyo cyaha, uregwa ashobora kuryozwa icyaha cyo gushishikariza abandi gukora jenoside, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 2 (3) c) ya Sitati, kabone n'iyo iryo shishikaza ritageze ku cyo ryari rigamije[52.]

121. Uburyo bwa gatatu bwo kugira uruhare mu gukora icyaha , ari bwo gutegeka gukora icyaha, buvugwa iyo uwatanze itegeko asanzwe akuriye uwashyize icyaha mu bikorwa; ukuriye undi akaba yakoresheje ububasha bwe kugira ngo yemeze undi ko agomba gukora icyo cyaha.

122. Uburyo bwa kane bwo kugira uruhare mu gukora icyaha, buteganyijwe n'ingingo ya 6 (1), butuma uregwa aryozwa icyaha iyo « yakoze » koko kimwe mu byaha by'ubugome Urukiko rufitiye ububasha bushingiye ku byakozwe.

123. Urugereko rusanga uregwa ashobora kugira uruhare mu gukora icyaha iyo yakoze ubwe igikorwa gihanirwa, cyangwa iyo atakoze ibyagombaga gukorwa kandi yari afite inshingano zo kugira icyo akora.

124. Uburyo bwa gatanu ari na bwo bwa nyuma bwo kugira uruhare mu gukora icyaha, bwatuma nyir'ukugikora akiryozwa, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 6 (1), ni iyo

[52] Urubanza rwa *Akayesu,* Igika 562.

« …ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose, yafashije kandi agashyigikira gucura umugambi cyangwa gukora icyaha kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 ».

125. Urugereko rusanga gutera inkunga cyangwa gushyigikira byonyine bishobora kuba bihagije ngo uregwa aryozwe icyaha ku giti cye. Muri ibyo byombi, si ngombwa ko uwateye inkunga abandi cyangwa uwabashyigikiye mu gukora icyaha aba ahari mu gihe icyo cyaha cyakorwaga. Igikorwa cyatumye icyaha kiba, n'ikorwa ry'icyaha ubwacyo, bishobora kutabera igihe kimwe n'ahantu hamwe.

126. Urugereko rusanga mu gutera inkunga no mu gushyigikira habarirwamo ibikorwa byose byo kunganira ikorwa ry'icyaha, yaba kubaha ibikoresho kwaba kubashyigikira mu bitekerezo, ariko ko ubwo buryo bwose bwo kugira uruhare mu gukora icyaha bugomba kuba buri mu byatumye, ku buryo bufatika, icyo cyaha gikorwa. Umuntu utera inkunga kandi agashyigikira undi, aba yamufashije cyangwa yatumye gukora icyaha cy'ibanze bimworohera.

### 3.1.2 Iryozwacyaha ry'ukuriye abandi

127. Ingingo ya 6 (3) ya Sitati iteganya ko:

> «Kuba igikorwa icyo ari cyo cyose kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 z'iyi Sitati cyarakozwe n'uyoborwa ntibibuza umukuriye kukiryozwa ku giti cye, iyo yari azi cyangwa yagombaga kumenya ko uwo ayobora yitegura gukora icyo cyaha cyangwa ko yagikoze ariko umukuriye ntafate ingamba za ngombwa kandi zikwiriye kugira ngo icyo cyaha kidakorwa cyangwa ngo ahane abagikoze».

128. Ihame ryo kuryoza icyaha ukuriye abandi rikomoka ku ihame ry'iryozwacyaha rya nyir'ubwite, nk'uko ryakoreshejwe mu nkiko za Nuremberi (Nuremberg) n'iza Tokyo. Nyuma ryaje kwandikwa mu ngingo ya 86 y'Inyongera ya 1 yo mu wa 1977 y'Amasezerano y'i Jeneve yo mu wa 1949.

129. Ni ngombwa kuvuga ko, kugira ngo hemezwe uruhare rw'ukuriye abandi, imyumvire yerekeye umugambi mubisha igenda inyurana. Kuri bamwe, iryozwacyaha rikomoka ku ruhare rutewe n'uko aba akuriye abandi, ni ukuvuga ko aryozwa ku giti cye ibyakozwe n'abo akuriye, bitewe gusa n'urwo rwego rwe, bitabaye ngombwa kwerekana ko yigeze agira ubushake bwo gukora icyo cyaha. Ku bandi, hagomba kugaragara uburangare bukabije bw'ukuriye abandi, umuntu yagereranya no kwemera ibikorwa, cyangwa n'ubushake bwo gukora icyaha, mbere yo kwemeza ko uregwa yagize umugambi mubisha.

130. Ikindi gisobanuro cyatanzwe muri bimwe mu « Bitekerezo ku Migereka yo ku itariki ya 8 Kamena 1977 y'Amasezerano y'i Jeneve yo ku itariki ya 12 Kanama 1949 ». Icyo gitekerezo kivuga ko icy'ingenzi gisabwa kugira ngo umuyobozi aryozwe icyaha cyakozwe n'abo akuriye ari uko aba yakoze ikintu « gikomeye bikabije ku buryo gihwanye n'umugambi mubisha, haseguriwe kandi ibindi bintu bigize icyaha n'isano iri hagati y'imyitwarire aregwa n'icyaha cyakozwe »[53.]

131. Urugereko ruributsa aha umwanzuro rwafashe mu rubanza rwa Akayesu, uvuga ko umugambi mubisha ari ikintu kigenderwaho cya ngombwa mu bigize icyaha icyo ari cyose.. Iyo ngingo ngenderwaho, cyangwa se byibura uburangare bukabije bwafatwa nko kwemera gukora icyaha cyangwa umugambi wo kugikora, irakoreshwa na yo cyane cyane mu kugena uburyozwacyaha bwite bw'uregwa ibyaha biteganywa muri Sitati, bikaba ari ngombwa kumenya neza niba harabayeho ubushake bwo gukora icyaha, cyangwa se byibura harabayeho uburangare bukabije ku buryo bwagereranywa no kwemera gukora icyaha cyangwa se n'ubushake bwo kugikora.

132. Ku byerekeye kumenya niba iryo ryozwacyaha rya nyir'ubwite riteganywa mu gika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati ritareba gusa abasirikare, ko rireba ndetse n'abantu bakora umurimo wa gisivili, ni ngombwa kumenya ko mu rubanza rw'i Tokyo,

---

53 Claude Pilloud na bagenzi be : « Ibitekerezo ku Nyongera yo ku itariki ya 8 Kamena 1977 y'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yo ku itariki ya 12 Kanama 1949 », 1987, urup. 1012

hashingiwe kuri iri hame, hari abategetsi bamwe b'abasivili bakatiwe ibihano kubera ibyaha by'intambara.

133. Ni muri urwo rwego Hirota, wahoze ari Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'Ubuyapani, mu byaha byamuhamye harimo icyo gusambanya ku gahato bikozwe n'abantu benshi bakuranwa ku wahohotewe, kizwi ku izina rya « Isambanya ku gahato ry' i Nanking », bitewe n'ikirego cyamushinjaga kuba we, n'abandi baminisitiri, « bararangaye ntibite ku byo itegeko ribategeka, bijyanye n'inshingano zabo zo kwita ku iyubahirizwa ry'amategeko n'umuco bikurikizwa mu bihe by'intambara no gutuma ayo mategeko n'uwo muco biticwa ». Urukiko rw'i Tokyo rwafashe umwanzuro ukurikira:

> « Hirota yateshutse ku nshingano ze, kuko atakoze ibishoboka byose kugira ngo abagize guverinoma bafate ingamba zo guhagarika ayo marorerwa, mu gihe nta n'ikindi yari yakoze mu byo yari afitiye ububasha, kugira ngo hagire igikorwa muri urwo rwego. Nta kindi yakoze uretse kugendera ku cyizere yari yahawe, kandi yari azi ko icyo cyizere kitashyirwaga mu bikorwa, mu gihe abantu amagana bicwaga, abagore basambanywa ku gahato, hakorwa n'andi marorerwa buri munsi. Imyitwarire ye ni kimwe n'uburangare bufatwa nk'icyaha »[54.]

134. Umucamanza Roling utaremeye uyu mwanzuro, yumvaga ko Hirota yagombye kuba yarahanaguweho icyaha, kubera ko:

> « Inkiko zigomba gushishoza cyane iyo ziryoza abasivili b'abakozi ba Leta ibyakozwe n'abasirikare ku rugamba. Byongeye kandi, inshingano z'uru Rukiko ni ugukurikiza amahame rusange y'amategeko, nk'uko ateganya ibyerekeye uruhare umuntu agira kubera ko « yirengagije nkana gukora icyo yagombaga gukora ». Ibyerekeye amategeko, umutekano wa rubanda n'ubutabera (…) bisaba ko urwo ruhare rugomba kumvikana mu buryo butaguye ».

[54] Inyandikomvugo zuzuye z'Imanza z'Urukiko Mpuzamahanga rwa Gisirikare rwashyiriweho akarere k'Uburasirazuba bw'Amajyaruguru, zatangajwe bundi bushya na John Prichard na Sonia Magbanua Zaide, mu gitabo *The Tokyo War Crimes Trial,* umutumba wa 20, New York na Londres, 1981, Editions Garland (« Inyandikomvugo z'imanza z'i Tokyo », urup. 49791.

135. Bitewe n'uko imyumvire y'icyo kibazo itandukanye, biragaragara ko kwemeza iryozwacyaha bwite ku basivili, nk'uko riteganywa n'ingingo ya 6 (3) ya Sitati, bitavugwaho rumwe. Niyo mpamvu Urugereko rwibutsa umurongo rwagendeyeho mu rubanza rwa Akayesu, rwanashyigikiwemo n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo II mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana. Uwo murongo uteganya ko ari ngombwa gusuzuma, kuri buri muntu uregwa, ububasha nyabwo yari afite, mbere yo kwemeza niba yarashoboraga gufata ingamba zose za ngombwa kandi zikwiye, kugira ngo abe yarabujije ibyo byaha gukorwa, cyangwa ngo ahane ababikoze. Ni ukuvuga ko ububasha bw'ubugenzuzi nyakuri cyangwa ubwo ahabwa n'amategeko umuyobozi w'umusivili agira ku bikorwa by'abo ategeka, ari ingingo y'ibanze mu kugena uburyozwacyaha bwe.

136. Nk'uko Abacamanza b'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya babivuze mu rubanza rwa Celebici (bikanongera gukoreshwa n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo II mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana rwavuzwe haruguru) ubwo basobanuraga icyo bahereyeho mu gukoresha ihame ry'uruhare rw'umuyobozi ku bantu batari abasirikare, ariko bafite ubutegetsi:

> « … nta kintu na kimwe […] mu by'ukuri kivuga ko bene urwo ruhare rugarukira ku bayobozi b'abasirikare gusa cyangwa ku bintu byakozwe bitegetswe n'ubuyobozi bwa gisirikare [… ihame ry'uburyozwacyaha bw'umuyobozi] rirenga abategetsi ba gisirikare rikagera ku bayobozi bakuru mu nzego za politiki n'abandi basivili bari mu myanya y'ubuyobozi »[55.]

137. Mu gusuzuma Inyandiko y'ibirego y'umwe mu bashinjwa, Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya rwavuze ibikurikira:

> « Urukiko rufite impamvu zumvikana neza zo gukurikirana abantu bashobora gutegeka ko ibyaha rufitiye ububasha bwo gusuzuma bikorwa, cyangwa se abantu batabujije ku bwende ibyo byaha by'ubugome kuba, cyangwa batahannye

[55] Urubanza rwa *Celebici,* igika 356

ababikoze, mu gihe bari babifitiye ububasha bwa politiki cyangwa bwa gisirikare». [56]

138. Umuntu ashingiye ku mateka no ku mategeko, ni ngombwa kwita ku bitekerezo bitandukanye byagiye bibaho, kuva mu gihe cy'intambara ya kabiri y'isi yose, ku bireba uruhare rw'umuyobozi w'umusivili mu byaha byakozwe n'abo ayobora.

139. Bityo ni ngombwa kumenya ikatirwa rya Akiro Muto, wari ushinzwe abakozi kwa Jenerali Yamashita, mu rubanza « rw'isambanya ku gahato ry'i Nanking ». Muri urwo rubanza, Urukiko rw'i Tokyo rwasanze kuba umuntu afite ububasha bwatera abandi kugira icyo bakora, nubwo ubwo bubasha butaba ubwo gutanga itegeko ku buryo buciye mu nzira zemewe, ubwabyo ari intango ihagije yo kwemeza iryozwacyaha ry'umuyobozi[57].

140. Ubwo bubasha burangwa akenshi no guhatira abandi ibitekerezo[58] bitewe n'igitsure ubashyizeho. Ku buryo bw'umwihariko ibyo birareba Alfred Musema, kuko bigaragara ko Uregwa yari ikirangirire kandi yari umunyacyubahiro muri Komini ya Gisovu.

141. Ni ngombwa kumenya kandi ko umuyobozi w'umusivili aryozwa icyaha gusa ari uko uwo muyobozi yayoboraga ku buryo bugaragara abantu bishe amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, bwaba ubuyobozi ahabwa n'amategeko cyangwa ubuyobozi buturutse ku mwanya afite.

142. Mu rubanza rwa Hermann Roechling, mu byaha byahamye abashinjwa, ari bo bayobozi b'abasivili b'inganda, harimo icyo kuba batarafashe ingamba zo guhagarika ubugizi bwa nabi abakozi bakoreshwaga ku gahato bagirirwaga n'abari muri Gestapo. Abashinjwa bari bafite gusa ububasha bahabwaga n'umwanya bafite wo kubagenzura, ariko nta bubasha bwemewe n'amategeko bafite ku bakozi ba Gestapo. Urukiko rukuru

[56] *Porokireri aburana na Milan Martic,* Urubanza N° IT-95-11-1, 8 Werurwe 1996
[57] Inyandikomvugo zemewe z'imanza z'i Tokyo, impap. 49820 – 21.
[58] Reba Kai Ambos, uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite mu Mategeko Mpanabyaha Mpuzamahanga, mu gitabo G.K. McDonald/o. Swaak Goldman, *Substantive and Procedural Aspects of International Criminal Law* (1999, forthcoming)

rwa Leta ya gisirikare y'akarere k'u Budage kagenzurwaga n'u Bufaransa rwafashe umwanzuro w'uko umwe mu bashinjwa yari umukwe wa Herman Roechling, ko bubera iyo mpamvu yari afite ububasha bwo kumvisha abapolisi b'uruganda ko abakozi barwo bakwiye gufatwa neza kurushaho[59]. Imyiregurire y'uko ibyakorwaga n'abakozi bitari bizwi ntiyemewe n'Urukiko. Urwo rukiko rwashimangiye ko:

> « nta muyobozi n'umwe wakwitwaza buri gihe iyo myiregurire, kubera ko afite inshingano zo kumenya ibibera aho ayobora, bityo kutagira icyo amenya bikaba gusa ari uburangare bufatwa nk'icyaha »[60].

143. Ubwo bubasha bwo kuyobora abantu, kabone n'iyo bwaba budashingiye ku mategeko, bujyana akenshi no « gushingwa abantu ku buryo buziguye », nk'uko byasobanuwe mu ngingo ya 87 y'Inyongera ya 1 y'Amasezerano y'i Jeneve (Genève). Iyo ngingo ibutandukanya no « gushingwa abantu ku buryo butaziguye », isobanura ko umuyobozi aba afite inshingano zo gukoma imbere abakora ibikorwa binyuranyije n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève). Iyo nshingano ntiyerekeye gusa abantu asanzwe ayobora, ahubwo inareba « abandi bantu afiteho ububasha »[61].

144. Bitewe n'iyi mitekerereze y'uko ububasha bw'umuyobozi bushobora no kuba ari ububasha budashingiye ku mategeko, ko bushobora gukomoka ku bushobozi afite ku bandi cyangwa ku butegetsi buziguye, icy'ingenzi kigenderwaho ni ukumenya uko ubushobozi bw'Uregwa, Alfred Musema, bwanganaga hagati y'ukwezi kwa Mata n'ukwa Nyakanga 1994, mu rwego rwo kugenzura abantu ubusanzwe atategekaga, ni ukuvuga abasirikare, abapolisi ba Komini ya Gisovu ariko cyane cyane Interahamwe.

145. Ku bireba ingingo zo kugena uruhare rw'umuyobozi w'umusivili, igitekerezo cyatumye ingingo ya 86 (2) y'Inyongera ya 1 y'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yemezwa, ni ingirakamaro cyane. Iyo ngingo ivuga ko:

---

[59] Urubanza hagati y'uhagarariye Leta mu Rukiko rw'ikirenga rwa Leta ya gisirikare y'akarere k'Ubudage kagenzurwaga n'u Bufaransa na Hermann Roechling na bagenzi be, *Law Reports,* Umutumba wa XIV, Umugereka B, Urup. 1075, igika 1092.
[60] Ni kimwe no haruguru, Law Reports, Umutumba XIV, Umugereka B, Urup. 1106
[61] Ibisobanuro by'Imigereka, n. 9

« Kuba kwica Amasezerano cyangwa iyi Nyongera byakozwe n'umuntu uyoborwa ntibibuza abamukuriye gukurikiranwa n'amategeko ahana cyangwa n'amategeko agenga imyitwarire ku kazi, baramutse bari bazi cyangwa bafite amakuru atuma bamenya icyo gihe ko uwo mukozi yakoraga cyangwa yari agiye gukora bene icyo cyaha, kandi ntibabe barafashe ingamba zose zishoboka kugira ngo babuze icyo cyaha cyangwa bahane abagikoze »[62].

146. Mu mpaka zagiwe mbere yo kwemeza ingingo ya 86 (2), iyo ngingo ikaba ijya gusa muri byose n'ingingo ya 6 (3) ya Sitati z'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda, benshi mu ntumwa zari aho basanze ko inshingano « yagombye kuba abizi » yakunze kuvugwa ko ari ikintu cy'ingenzi mu kugena uruhare rw'ukuriye abandi, « yari yaguye cyane, bityo igatuma umuyobozi yavaho arenganywa aryozwa n'amategeko ibijyanye n'ibyo yagombye kuba yari azi »[63].

147. Abanditse ingingo ya 86 (2) bashatse rero gufutura ku buryo budashidikanywaho iyo nshingano mu kugena uruhare rw'abakuriye abandi. Mu kudashyiramo itandukanyirizo hagati y'ubutegetsi bwa gisirikare n'ubwa gisivili bashatse kuguma mu murongo w'imikirize y'imanza n'uw'amategeko bidatandukanya ibyo byiciro bibiri by'abayobozi ku birebana n'iryozwacyaha.

148. Mu gusoza, Urugereko rusanga igisobanuro cy' iryozwacyaha rya nyir'ubwite riteganywa n'ingingo ya 6 (3) ya Sitati kidakoreshwa gusa ku basirikare, ahubwo no ku muntu uwo ari we wese ufite umurimo wa gisivili umuha kuyobora abandi. Bityo, ingingo y'ingenzi izaba kugena uburyo ukuriye abandi - ni ukuvuga aha Alfred Musema- abihawe n'amategeko cyangwa n'umwanya yari afite, yarashoboraga kugenzura ibikorwa by'abo yari akuriye ku buryo buziguye.

---

[62] Ibisobanuro Umuryango Utabara Imbabare Mpuzamahanga (CICR) watanze ku Nyongera I bigaragaza neza ko ijambo « umuyobozi » rikoreshwa haba ku basivili haba ku basirikare, « nta wakwemeza ko iyo ngingo [ingingo ya 86] ireba gusa umutegetsi uha ku buryo butaziguye amategeko uwo ayobora. Uruhare rw'umutegetsi ubwarwo rusesengurwa mu ngingo ya 87 (inshingano z'umutegetsi). Ijambo umukuru rivuga byinshi, bityo rikaba ryagombaga gusobanura kuba umuntu akuriye abandi, muri byo hakabamo kubagira ho ubugenzuzi ». Yves Sandoz n'abandi, 1987.

[63] Isesengura ry'Inyongera y'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yo ku itariki ya 12 Kanama 1949, urup. 1-86-1

### 3.2 Icyaha cya jenoside (Ingingo ya 2 ya Sitati)

#### 3.2.1 Jenoside

149. Ingingo ya 2 (3) (a) ya Sitati iteganya ko Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha imanza z'ibyaha bya jenoside. Musema rero aregwa hakurikijwe Ingingo ya 2 (3) (a) ya Sitati.

150. Igisobanuro cya jenoside gikubiye mu ngingo ya 2 ya Sitati y'Urukiko kiri uko cyakabaye mu ngingo ya 2 n'iya 3 y'Amasezerano agamije kuburizamo no guhana icyaha cya jenoside (« Amasezerano yerekeye jenoside »)[64.] Ingingo ya 2 2) ya Sitati ivuga ko:

> « Jenoside ni kimwe mu bikorwa bikurikira cyakozwe kigamije kurimbura abantu bose bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, cyangwa igice cyabo, bazira icyo bari cyo:
>
> (a) Kwica abo bantu;
> (b) Kubateza ububabare bukabije bwaba ubw'umubiri, cyangwa ubwo mu mutwe;
> (c) Gushyira ku bushake abo bantu mu nzitane z'ubuzima zigomba gutuma bose cyangwa igice cyabo barimbuka;
> (d) Gushyiraho ingamba zigamije kubangamira iyororoka ryabo;
> (e) Kubanyaga urubyaro rwabo uruha abandi ».

151. Ntawe ushidikanya ko Amasezerano yerekeye jenoside ari kimwe mu bigize amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco, nk'uko byavuzwe mu rwego ngishwanama mu mwaka wa 1951 n'Urukiko Mpuzamahanga rw'Umuryango w'Abibumbye ku ngingo ibihugu bimwe bitemeraga zo mu Masezerano yerekeye

[64] Amasezerano agamije kuburizamo no guhana icyaha cya jenoside yemejwe n'Inteko rusange y'Umuryango w'Abibumbye, ku itariki ya 9 Ukuboza 1948.

jenoside, nk'uko kandi byibukijwe n'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye muri raporo ye yerekeye ishyirwaho ry'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilavia[65].

152. Urugereko rusanga ku itariki ya 12 Gashyantare 1975, u Rwanda rwaremeye mu itegeko teka Amasezerano yerekeye jenoside[66]. Bityo rero mu mwaka wa 1994, icyaha cya jenoside cyashoboraga guhanirwa mu Rwanda.

153. Urugereko ruributsa ko icyaha cya jenoside cyamaze gusobanurwa mu manza nyinshi zaciwe n'Urukiko, nk'urubanza rwa Akayesu n'urwa Rutaganda. Urugereko rushyigikiye igisobanuro cy'icyaha cya jenoside, nk'uko cyatanzwe muri izo manza.

154. Urugereko rusanga kugira ngo icyaha cya jenoside kibeho, hagomba icya mbere kuba harakozwe kimwe mu bikorwa bivugwa mu Ngingo ya 2 2) ya Sitati, icya kabiri hagomba kuba icyo gikorwa cyarakorewe abantu bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo, icya gatatu, «icyaha kigomba kuba cyarakozwe hagamijwe kurimbura abo bantu bose cyangwa igice cyabo».

Ibikorwa bivugwa mu duka kuva kuri a) kugera kuri e) tw'igika cya 2) cy'ingingo ya 2 ya Sitati

155. Agaka a) k'igika 2) cy'ingingo ya 2 ya Sitati, kimwe n'ingingo bisa z'Amasezerano yerekeye jenoside, mu kuvuga ubwicanyi bikoresha mu rurimi rw'igifaransa ijambo « meurtre », mu rw'icyongereza hagakoreshwa ijambo «killing». Urugereko rusanga ijambo «*killing* » ribumbiyemo ubwicanyi bwagambiriwe n'ubwicanyi butagambiriwe, mu gihe ijambo « *meurtre* » rikoreshwa gusa iyo ubwicanyi bwari bwagambiriwe hagamijwe kuvutsa umuntu ubuzima. Bitewe n'ihame ry'uko uregwa afatwa nk'umwere igihe atarahamwa n'icyaha, hashingiwe kandi ku mahame rusange

[65] Raporo y'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, yakozwe hakurikijwe igika cya 2 cy'icyemezo cya 808 (1993) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, 3 Gicurasi 1993, S/25704

[66] Itegeko teka n° 8/75 ryo kuwa 12 Gashyantare 1975, Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, 1975, urup. 230. U Rwanda rwemeye Amasezerano yerekeye jenoside, ariko ruvuga ko rutarebwa n'ingingo ya 9 y'ayo masezerano.

y'amategeko ahana ibyaha, Urugereko rusanga bikwiye gukoresha igisobanuro kitabangamira uregwa, rukaba rero rwemeje ko agaka a) k'ingingo 2 2) ya Sitati kagomba kumvikana nk'uko ubwicanyi busobanurwa mu Gitabo cy'amategeko ahana ibyaha y'u Rwanda, mu ngingo yayo ya 311, aho ubwicanyi busobanura « ukwica umuntu wabigambiriye».

156. Mu gusobanura ingingo ya 2 2) b) ya Sitati, Urugereko rwumva ko "guteza abantu ububabare bukabije bwaba ubw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe", ari ibikorwa byo kwica umuntu urubozo ku mubiri cyangwa mu mutwe, ibikorwa birenze kamere muntu cyangwa bitesha umuntu agaciro, gusambanya ku gahato, urugomo rushingiye ku gitsina, gutoteza, n'ibindi. Urugereko rusanga atari ngombwa ko ubwo bubabare bukabije butera ubumuga buhoraho cyangwa budakira.

157. Urugereko rusanga amagambo « gushyira itsinda ry'abantu mu nzitane z'ubuzima ku bushake zatuma bose cyangwa igice cyabo barimbuka », avugwa mu ngingo ya 2 (2) c) ya Sitati agomba kumvikana ko ari uburyo bwo kurimbura abantu butagamije byanze bikunze kwica ako kanya abo bantu bagize itsinda, ahubwo bugamije kuzabamaraho bidahutiyeho. Urugereko rusanga uburyo bwo gushyira ku bushake itsinda ry'abantu mu nzitane z'ubuzima zigomba gutuma bose cyangwa igice cyabo barimbuka, bubarirwamo kubaha uturyo duke dutuma badahita bapfa, kubirukana kuri gahunda mu mazu batuyemo, kugabanya ku buryo butakwihanganirwa ibyangombwa bahabwa mu rwego rw'ubuvuzi.

158. Mu gusobanura ingingo ya 2 2) d) ya Sitati, yerekeye gushyiraho "ingamba zigamije kubangamira iyororoka ry'abantu bagize itsinda", hagomba kumvikanamo ingamba zirimo nko kubaca imyanya ndangagitsina, kubahindura ingumba ku gahato, kubahatira gukoresha uburyo bwo kwirinda kubyara, gutandukanya ku gahato abagabo n'abagore cyangwa kubuza abantu gushyingiranwa. Urugereko rusanga ingamba zo kubuza abantu kubyara zishobora kuba ari iz'umubiri cyangwa zishingiye ku bitekerezo.

159. Urugereko rusanga ingingo zerekeye kunyaga urubyaro itsinda ry'abantu uruha irindi zivugwa mu gaka e) k'ingingo 2 2) zigamije guhana igikorwa kitaziguye cyo kwimura ku gahato, kimwe n'icyo kubatera ubwoba no kubahahamura byatuma urwo rubyaro rugenda.

**Amatsinda y'abantu bakorewe icyaha cya jenoside**

160. Urugereko rusanga ari ngombwa gusuzuma imiterere y'amatsinda y'abantu bakorewe jenoside abo aribo, rwifashishije ingingo za Sitati n'iz'Amasezerano yerekeye jenoside, zivuga ko jenoside iba igamije « kurimbura itsinda ry'abantu bose bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, cyangwa igice cyabo, bazira icyo bari cyo ».

161. Nk'uko bivugwa mu Rubanza rwa Rutaganda, amagambo "igihugu", "ubwoko" n'"idini" yakozweho ubushakashatsi bwinshi, kugeza ubu akaba atarabonerwa ibisobanuro byuzuye, byemewe muri rusange n'amahanga yose. Urugereko rusanga buri jambo muri ayo rigomba gusuzumwa hakurikije politiki iriho, imibereho y'abaturage n'umuco uyu n'uyu. Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Amasezerano yerekeye jenoside, biragaragara ko kuba umuntu abarirwa mu itsinda iri n'iri bidashingira ku bintu abantu bose babona kimwe. Ukora icyaha cya jenoside aba abarira uwo ahohotera mu itsinda ry'abantu bagomba kurimburwa. Rimwe na rimwe, uwahohotewe ashobora kuba yibona nk'umwe mu bagize itsinda.

162. Urugereko rusanga ariko kuba icyo gisobanuro cyakumvikana kwinshi byonyine bidahagije mu kugaragaza amatsinda y'abahohotewe, nk'uko biteganywa n'Amasezerano yerekeye jenoside. Iyo umuntu asomye ibyanditswe mu gihe cyo gutegura Amasezerano yerekeye jenoside[67], asanga bene guhohoterwa, biturutse nko ku murongo wabo wa politiki cyangwa ku mutungo, barakuwe mu bice by'abantu bagombaga kurengerwa kubera ko ibyiciro babarirwamo bigenda « bihindagurika »,

[67] Inyandikomvugo zisobanuye z'inama ya Gatandatu y'Akanama k'Inteko Rusange yo kuva ku itariki ya 21 Nzeri kugeza ku ya 10 Ukuboza 1948, Inyandiko zashyizwe ku mugaragaro z'Inteko Rusange.

kandi buri wese akaba abirimo ku bushake bwe no ku giti cye. Ni ukuvuga ko Amasezerano yaba yari agamije kurengera ibice by'abantu barangwa no kuba mu cyiciro kidahindagurika kandi gihoraho.

163. Bityo rero Urugereko ruzagenda rusuzuma, buri cyose ukwacyo, niba igice cy'abantu cyafatwa « nk'ikirengerwa », ku byerekeye icyaha cya jenoside, rushingiye ku bimenyetso rwashyikirijwe, no ku miterere ya politiki, ku mibereho y'abaturage no ku muco wihariye ibikorwa byabereyemo.

**Igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha cya jenoside**

164. Igitandukanya jenoside n'ibindi byaha by'ubugome, ni igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha (*dolus specialis)*. Igitekerezo cyihariye ni kimwe mu biranga icyaha, cyerekana ko uwagikoze yari agambiriye ku buryo bugaragara gukora ibyo akurikiranyweho. Igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha cya jenoside ni « ubushake bwo kurimbura abantu bose bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, cyangwa igice cyabo, bazira icyo bari cyo ». Nta muntu ushobora guhamwa n'icyaha cya jenoside bitagaragaye ko yakoze kimwe mu byaha bivugwa mu gika 2) cy'ingingo ya 2 ya Sitati kandi ko icyo cyaha yagikoze agambiriye kurimbura abantu bose barengerwa cyangwa igice cyabo.

165. Ku buryo bwumvikana neza kurushaho, kugira ngo icyaha kibe mu bigize jenoside, kimwe mu bikorwa bivugwa kigomba kuba cyarakorewe umuntu umwe cyangwa abantu benshi, uwo muntu cyangwa abo bantu bazira gusa ko bagize igice cy'abantu runaka cyangwa bakibarirwamo. Bityo, uhohoterwa ntatoranywa hakurikijwe ibimuranga bwite, atoranywa ahubwo kubera ubwenegihugu bwe, ubwoko bwe cyangwa idini ye. Ni ukuvuga ko aba ari umwe mu bagize igice cy'abantu cyibasiwe bitewe n'icyo kiri cyo, ibyo bikaba byerekana mu by'ukuri ko uwakorewe icyaha cya jenoside aba adafatwa nk'umuntu ku giti cye, ahubwo nk'itsinda abarirwamo muri rusange. Icyaha kivugwa kirenze ikorwa ryacyo ry'ibanze nyirizina, tuvuge nko kwica

naka cyangwa runaka, ahubwo gishyirwa mu mugambi wari ugamijwe kugerwaho ari wo kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo.

166. igitekerezo cyihariye ni ikintu gikomeye cyigize icyaha cyagambiriwe, kirangwa n'isano iri hagati y'igikorwa ubwacyo n'ibitekerezo n'ubwenge by'uwakoze icyo cyaha. Ku byerekeye ikibazo cyo kumenya umugambi wihariye w'uwakoze icyaha, Urugereko rusanga, nk'uko byavuzwe mu rubanza rwa Akayesu:

> « […]. Ku birebana n'ikibazo cyo kugena umugambi wihariye wa nyir'ugukora icyaha, Urugereko rusanga bikomeye ndetse bitanashoboka kumenya kubera ko ari ibintu bijyana n'ibitekerezo bwite by'uwabikoze. Niyo mpamvu, iyo Uregwa atemeye icyaha, umugambi mubisha ushobora kugaragarira mu bikorwa bye bimwe na bimwe. Urugero ni uko Urugereko rusanga bishoboka ko igikorwa kimwe cyihariye mu bikorwa n'imvugo by'uregwa gishobora kugaragaza umugambi we wa jenoside warangaga icyaha igihe cyakorwaga; na none uwo mugambi ushobora kugaragazwa n'umwuka wariho mu ikorwa ry'ibindi byaha byakorewe kuri gahunda igice cy'abo bantu, byaba byarakozwe na nyir'ubwite cyangwa se n'abandi bantu. Hari n'izindi ngingo zishobora gutuma Urugereko rumenya imigambi yo gukora jenoside; twavuga ingano y'ibikorwa bya kinyamaswa, uko byasakaye mu karere cyangwa mu gihugu cyangwa se uburyo bwo guhitamo byagambiriwe kandi biri kuri gahunda abakorerwa icyaha kubera ko bari mu bagize igice runaka cy'abantu, havanywemo abantu bagize ibindi bice »[68].

167. Bityo, Urugereko rusanga, nk'uko byavuzwe mu rubanza rwa Rutaganda, rukwiye kugena uwo mugambi rusesengura: « ikintu ku kindi, ruhereye ku bimenyetso bifatika rwashyikirijwe, birimo ibigaragaza ko uregwa yitwaraga nabi nkana »[69].

### 3.2.2 Kuba icyitso cy'abakoze jenoside

[68] Urubanza rwa *Akayesu,* igika 523.
[69] Urubanza rwa *Rutaganda,* igika 63.

168. Mu kirego cya 2 cy'Inyandiko y'ibirego, Porokireri ashinja Uregwa icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside, icyo kirego akaba yagikurikiranwaho icya mbere cya jenoside kiramutse kitamuhamye. Mu ngingo yayo ya 2 3) e), Sitati iteganya ko Urukiko rufite ububasha bwo gukurikirana abantu bakoze icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside.

169. Kuri iyo ngingo, Urugereko ruributsa mbere na mbere ko kuba icyitso ari uburyo bwo kugira uruhare mu cyaha, haba mu mategeko ahana akomoka ku Bongereza, haba mu akomoka ku Baromani.

170. Urugereko rurasubiramo igisobanuro cyo kuba icyitso nk'uko cyatanzwe mu Rubanza rwa Akayesu: icyitso bishobora kuvuga umuntu ufite uruhare mu cyaha cyakozwe n'undi, bikaba ari ngombwa ko icyaha cy'ibanze kibaho kugira ngo icyaha cyo kuba icyitso na cyo kibeho.

171. Ubwo ikibazo kiba gisigaye ni ukureba niba kugira ngo umuntu ahamwe n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside, ari ngombwa ko jenoside iba yarakozwe. Urugereko rusanga, nk'uko byavuzwe haruguru, kuba icyitso bibaho ari uko n'icyaha cy'ibanze cyabayeho, cyakozwe n'undi kandi icyitso kikaba cyabigizemo uruhare.

172. Kuri iyi ngingo, Urugereko rusanga na none mu Mirimo Itegura Amasezerano yerekeye Jenoside bigaragara ko icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside kibaho gusa iyo jenoside ubwayo yabayeho. Amasezerano yerekeye jenoside ntiyateganyije niba bishoboka ko umuntu ashinjwa kuba icyitso mu bwinjiracyaha bwa jenoside, icy'abashishikarije abandi gukora jenoside, cyangwa icy'abagize ubwumvikane bugamije jenoside, bitewe nuko bimwe mu bihugu byasangaga ibyo bidafututse bihagije ku buryo byahanwa hakurikijwe ayo Masezerano.

173. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga kugira ngo umuntu ashinjwe kuba icyitso cy'abakoze jenoside, bigomba kuba bigaragara ku buryo budashidikanywaho ko icyaha cya jenoside cyakozwe koko.

174. Ku kibazo cyo kumenya niba umuntu ashobora gukurikiranwaho kuba yarabaye icyitso mu gihe uwakoze icyaha cy'ibanze ubwe ataracirwa urubanza, Urugereko rusanga amategeko yose ahana ateganya ko umuntu ashobora rwose gucirwa urubanza nk'icyitso, kabone nubwo uwakoze icyaha cy'ibanze ubwe atabashije gufatwa cyangwa se iyo icyaha kitamuhama kubera izindi mpamvu. Igitabo cy'Amategeko Ahana y'u Rwanda kibisobanura neza mu ngingo yacyo ya 89, aho kivuga ko ibyitso:

> « bishobora gukurikiranwa n'aho icyaha cyaba kitashoboye gukurikiranwa ku wagikoze kubera impamvu zikoma ku giti cye, nko kuba yaraciriwe urubanza rudasubirwaho, nk'urupfu, ibisazi, kutamenyekana ».

175. Urugereko rusanga byumvikana ko umuntu adashobora kubera icyarimwe uwakoze icyaha n'icyitso, mu gikorwa kimwe. Icyaha kimwe uregwa akurikiranweho ntigishobora kuba icyarimwe icyaha cya jenoside n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside. Uko kutabangikana kw'ibyaha byo gukora jenoside no kuba icyitso cy'abakoze jenoside bituma umuntu umwe adashobora guhamwa n'ibyo byaha byombi by'ubugome, bishingiye ku gikorwa kimwe[70.]

176. Ku byerekeye ibikorwa biranga icyaha cyo kuba icyitso (*actus reus*) cy'abakoze jenoside, mu mategeko ahana menshi akomoka ku Baromani uburyo umuntu abamo icyitso buri ugutatu : kuba icyitso mu gushishikariza abandi gukora icyaha, kuba icyitso mu gufasha no kunganira abakora icyaha, kuba icyitso mu guha abakora icyaha ibikoresho[71.]

[70] Kuri iyo ngingo, Urugereko rusanga mu Rubanza rwa *Akayesu,* Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo, rumaze kubona ibyo byerekeye amategeko akurikizwa kandi rumaze gusanga Jean-Paul Akayesu ahamwa n'icyaha cya jenoside ku bikorwa bimwe na bimwe, rwarasanze hashingiye kuri ibyo bikorwa nyine adahamwa n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside.

[71] Urugero, reba ingingo ya 46 y'Igitabo cy'Amategeko Ahana y'Igihugu cya Senegali (Sénégal), Ingingo ya 127-7 y'Igitabo gishya cy'Amategeko Ahana y'Igihugu cy'Ubufaransa. Igitabo cy'Amategeko Ahana y'u Rwanda cyo cyongeyemo ubundi buryo bubiri bw'ubufatanyacyaha, ari bwo gutuma icyaha gikorwa bivuye ku amagambo yavuzwe, gukoma akamo cyangwa gushyira iterabwoba ku bantu ku mugaragaro cyangwa mu manama mu ruhame, mu byanditswe, mu nyandiko zicuruzwa cyangwa zikwirakwizwa, zacurujwe cyangwa zerekanywe ku mugaragaro cyangwa mu manama mu ruhame, cyangwa se ibintu byamanitswe aho rubanda irora, kimwe no gutuma icyaha gikorwa biturutse ku kuba icyitso uhishira cyangwa utera inkunga abagizi ba nabi.

177. Mu mategeko akomoka ku Bongereza, uburyo bwo kuba icyitso ari bwo "*aiding and abeting*", "*counselling* and *procuring*", hari ahantu hanini buhurira n'uburyo bwo kuba icyitso buteganywa n'amategeko ahana akomoka ku Baromani ari bwo, nk'uko bimaze kuvugwa haruguru, kuba icyitso mu gufasha abakora icyaha, mu kunganira abakora icyaha no kubaha ibikoresho.

178. Kuba icyitso mu gufasha no kunganira abakora icyaha bisaba ko imfashanyo n'inkunga biba byatanzwe koko, ubusanzwe kwifata cyangwa kwirengagiza nkana gukora icyo usabwa gukora n'amategeko ntibifatwa nk'icyaha cyo kuba icyitso. Gutanga ibikoresho ni uburyo bukunze kuboneka kenshi bwo kuba icyitso; bureba abatanze intwaro, ibikoresho cyangwa ibindi bintu byo gufasha mu gukora icyaha, nyir'ukubitanga azi neza ko byari ibyo gukoresha muri icyo cyaha.

179. Mu gusobanura ingingo ya 2 3) e) ya Sitati iterekana icyo kuba icyitso bisobanura, Urugereko rusanga bikwiye kubisobanura nk'uko biri mu Gitabo cy'Amategeko Ahana y'u Rwanda, no kwemeza uburyo butatu bwa mbere buteganywa n'ingingo ya 91 y'icyo Gitabo, bugize icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside:

(a) abazaba <u>batanze inkunga</u> nk'iy'intwaro, ibikoresho cyangwa ubundi buryo bwose buzaba bwakoreshejwe jenoside, bazi ko bizakoreshwa icyo cyaha;

(b) abazaba <u>bafashije cyangwa bakunganira</u> uwakoze icyaha cya jenoside mu bikorwa byateguye cyangwa byoroheje imikorere yacyo, ariko barabikoze babizi;

(c) abazaba <u>bateye gukora</u> icyaha, batakoze jenoside ubwayo, babikoresheje ikiguzi, amasezerano y'ibihembo, iterabwoba, agakabyo k'ubutegetsi cyangwa k'ububasha, utunama cyangwa andi mayeri by'ubugiranabi cyangwa amabwiriza agamije mu buryo butaziguye gukoresha icyaha cya jenoside.

180. Ku byerekeye igitekerezo cyangwa umugambi muri rusange wo kuba icyitso, Urugereko rusanga ibyo bisaba ko nyir'ugukora icyaha aba yari azi neza ibyo yakoraga igihe yabikoraga, ko yari arimo gutera inkunga mu gukora icyaha cy'ibanze. Mu yandi magambo, nyir'ugukora icyaha agomba kuba yari azi ibyo akora.

181. Igitekerezo bwite cy'uwakoze icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside ni ukuba yarafashije cyangwa yarunganiye, abizi neza, umuntu umwe cyangwa abantu benshi, mu gukora icyaha cya jenoside. Urugereko rusanga atari ngombwa ko icyitso cy'abakoze jenoside kiba byanze bikunze ubwacyo gifite igitekerezo kiranga icyaha cya jenoside, ari cyo kurimbura itsinda ry'abantu cyangwa igice cyaryo bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo[72.]

182. Bityo, iyo umuntu uregwa yafashije abizi neza cyangwa yateye inkunga undi mu kwica umuntu runaka, atazi ko nyir'ukwica yicaga agamije kurimbura itsinda ry'abantu cyangwa igice cyaryo uwo yishe yabarirwagamo, uwo uregwa ashobora gukurikiranwaho kuba yarabaye icyitso mu bwicanyi aho kuba icyitso mu gukora jenoside. Ariko, mu gihe uregwa yafashije cyangwa yunganiye abandi abizi neza muri uko kwica, kandi yari azi cyangwa yagombye kuba yari azi ko umwicanyi yari agambiriye gukora jenoside, uwo uregwa aba ari icyitso cyo gukora jenoside, kabone n'iyo we ubwe atari afite umugambi umwe n'uwo mwicanyi, wo kurimbura itsinda ry'abantu.

183. Mu gusoza, Urugereko rusanga uregwa aba ari icyitso cy'abakoze jenoside mu gihe, abizi neza kandi abishaka, yafashije, yateye inkunga cyangwa yatumye umuntu umwe cyangwa abantu benshi bakora jenoside, azi neza ko uwo muntu cyangwa abo bantu bakoraga jenoside, kabone n'iyo uregwa we ubwe yaba atari agambiriye kurimbura itsinda ry'abantu ryose cyangwa igice cyaryo bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo.

[72] Reba haruguru, Umutwe wa 3, Icyiciro cya 1, Akiciro ka 2, imyanzuro y'Urugereko ku bushake bwo gukora icyaha cya jenoside.

### 3.2.3 Ubwumvikane bugamije jenoside

184. Mu ngingo yayo ya 2 (3) (b), Sitati iteganya ko Urukiko rufite ububasha bwo gukurikirana abantu bagize ubwumvikane bugamije jenoside. Porokireri arega Ushinjwa icyo cyaha, mu kirego cya 3 kiri mu Nyandiko y'ibirego.

185. Urugereko rusanga icyaha cy'ubwumvikane bugamije jenoside kivugwa muri Sitati gikomoka mu Masezerano yerekeye jenoside. Inyandiko zitegura Amasezerano yerekeye jenoside zerekana ko icyatumye icyo cyaha gishyirwamo byatewe n'uburemere bw'icyaha cya jenoside, no kugira ngo ubwumvikane bugamije jenoside buhanirwe, n'iyo nta gikorwa cyo kubitegura cyabaye[73.] Mu by'ukuri, mu mirimo yatumye Amasezerano yerekeye jenoside yemezwa, Ubwanditsi bwagaragaje ko kugira ngo bahuze n'ibikubiye mu cyemezo cya 96 I) cy'Inteko rusange, Amasezerano yagombaga kwita ku nshingano ndakuka zo gukumira icyaha cya jenoside:

> « Iryo kumira rishobora gutuma ibikorwa bimwe na bimwe bihanwa, n'ubwo ubwabyo bitari jenoside, urugero: ibikorwa bimwe bigaragara mu itegurwa rya jenoside, amasezerano cyangwa ubwumvikane bugamije jenoside, cyangwa icengezamatwara rigendera kuri gahunda ryigisha urwango, bityo bikaba byagusha kuri jenoside »[74.]

186. Urugereko rusanga imiryango remezo y'amategeko akomoka ku Bongereza isa n'ifata ubwumvikane bita *conspiracy* nk'uburyo bwihariye bwo kugira uruhare mu ikorwa ry'icyaha, buhanirwa ubwabwo. Mu miryango remezo y'amategeko akomoka ku Baromani, ubwumvikane cyangwa ubugambanyi buba irengayobora ku ihame rivuga ko kwiyemeza gukora icyaha byonyine kimwe n'ibikorwa bitegura icyaha bifatwa muri rusange nk'aho atari ibyaha bihanirwa. Muri iyo miryango y'amategeko akomoka ku Baromani, ubugambanyi bwitwa icyaha gusa iyo bugamije ikorwa ry'ibyaha bimwe na

[73] Inyandikomvugo z'inama ya Gatandatu y'Akanama k'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye yo kuva ku itariki ya 21 Nzeri kugeza ku ya 10 Ukuboza 1948, Inyandiko zashyizwe ku mugaragaro z'Inteko rusange.
[74] Inyandiko y'Ubwanditsi (1948), urup.8

bimwe bifatwa nk'ibyaha bikabije birenze urugero, nko guhungabanya umutekano w'igihugu.

187. Ku bireba ibigize icyaha cy'ubwumvikane bugamije jenoside, Urugereko rusanga mu Nyandiko zateguye Amasezerano yerekeye jenoside, inshoza y'ubwumvikane yaravuye ku gisobanuro cy'icyaha cy'ubwumvikane kiri mu mategeko akomoka ku Bongereza. Muri Raporo yako, Akanama kihariye ku byerekeye jenoside gasobanura ko ubwumvikane (*conspiracy*) ari icyaha gikomeye mu mategeko y'Abongereza n'ay'Abanyamerika[75]. Icyo gisobanuro kijyanye n'ibyari byagiweho impaka mu Kanama kize ibikubiye mu ijambo ubwumvikane (*conspiracy*). Ni bwo uwari uhagarariye Ubufaransa yavuze ko inshoza y'iryo jambo idafite icyo bisa mu mategeko y'Ubufaransa. Uwari uhagarariye Leta Zunze Ubumwe, mu ijambo yafashe nk'umuyobozi w'Akanama, yasobanuye ko mu mategeko akomoka ku Bongereza, ubwumvikane ("*conspiracy*") ari icyaha gikomeye kubera ko kigizwe no kuba abantu babiri cyangwa benshi bajya umugambi ngo bakore icyaha[76.] Uwari uhagarariye Venezuwela (Venezuela) we yavuze ko ijambo ubwumvikane ("*conspiración*"), mu rurimi rw'Igisipanyoro risobanura kugambanira Leta mu gihe mu rurimi rw'icyongereza ubwumvikane ("*conspiracy*") ryasobanurwa mu Gisipanyoro n'amagambo kwishyira hamwe ("*asociación*") mu gukora icyaha[77.] Uwari uhagarariye igihugu cya Polonye (Pologne) yasobanuye ko mu mategeko akomoka ku Bongereza ijambo kuba icyitso ("*complicity*") rikubiyemo gusa inshoza ebyiri "*aiding and abetting*" (kuba icyitso no kuba imbarutso y'icyaha) bityo ko ijambo "*conspiracy*" ridasobanura uburyo bumwe bwo kuba icyitso. Yanibukije kandi ko mu mushinga w'Ubwanditsi hateganywaga mu byiciro bitandukanye, ku gihande kimwe kuba icyitso, ku kindi gihande ukwishyira hamwe cyangwa ubwumvikane ku bundi buryo (*conspiracy*)[78]. Mu mpaka zagiwe mu gihe cy'Akanama ka Gatandatu, Bwana Maktos (Leta Zunze Ubumwe) yasobanuye ko ijambo "*conspiracy*" rivuga ikintu gisobanutse neza mu mategeko akomoka ku Bongereza; risobanura ko abantu babiri cyangwa

[75] Raporo y'Akanama kihariye kerekeye jenoside (1948), urup.8
[76] Ni kimwe no haruguru
[77] Ni kimwe no haruguru, urup. 5
[78] Ni kimwe no haruguru

benshi bajya umugambi wo gukora ikintu kinyuranyije n'amategeko[79.] Bwana Raafat (Misiri) yatangaje ko inshoza y'ijambo ubwumvikane yinjijwe mu mategeko ya Misiri, ikaba isobanura inama y'abantu benshi, bagamije gukora icyaha , icyo cyaha cyaba cyarakozwe cyangwa kitakozwe[80.]

188. Akanama k'Umuryango w'Abibumbye kerekeye ibyaha bikorwa mu gihe cy'intambara ko gasobanura ubwumvikane ku buryo bukurikira:

> "Ubwumvikane buvuga ko igikorwa cyo kugambana cyangwa kugira uruhare mu bwumvikane bugamije gukora ikintu kitemewe n'amategeko cyangwa kugera ku kintu cyemewe n'amategeko ariko biciye mu nzira zitemewe n'amategeko, ari icyaha gihanirwa"[81.]

189. Mu miryango remezo y'Amategeko akomoka ku Baromani, muri rusange, amategeko ashyira itandukanyirizo hagati y'ibikorwa bibiri bigize icyaha, agashyira mu byiciro bibiri ubugambanyi cyangwa ubwumvikane. Uhereye ku cyoroshye ugana ku gikabije, icyiciro cya mbere cyerekeye ubugambanyi busanzwe, naho icya kabiri cyerekeye ubugambanyi bwakurikiwe n'ibikorwa bifatika. Muri rusange, ubugambanyi busanzwe busobanura gufata umugambi wemejwe kandi wajyiweho inama n'abantu babiri cyangwa benshi, naho ubugambanyi bwakurikiwe n'ibikorwa bifatika ni ubwoko bukabije bw'ubwumvikane; bivuze ko icyo gihe umugambi wumvikanyweho uba wakurikiwe n'igikorwa gifatika. Ubwo bwoko bwombi bw'ubugambanyi busaba ko ibintu bitatu bihurirwaho: 1) umugambi w'igikorwa[82,] 2) guhuza ubushake, 3) umugambi umwe wo gukora icyaha cy'ibanze.

190. Urugereko rusanga mu miryango remezo y'amategeko akomoka ku Bongereza, icyaha cy'ubwumvikane bugamije gukora jenoside muri rusange kiba iyo abantu babiri

---

[79] Reba Umuryango w'Abibumbye, Inyandiko zashyizwe ahagaragara z'Inteko rusange, Icyiciro cya 3, inama ya 84 (1948), urup. rwa 212.
[80] Ni kimwe no haruguru
[81] Akanama k'Umuryango w'Abibumbye kerekeye ibyaha bikorwa mu gihe cy'intambara (1948) 196.
[82] Ku bw'Urukiko Rusesa Imanza rw'Ubufaranza, umugambi wo gukora « […] ugomba kuba urangwa n'ubushake nyakuri bwemejwe bugamije ikorwa ry'icyaha cy'ubugizi bwa nabi kigambiriwe ».

cyangwa benshi bagize ubwumvikane bagamije umugambi umwe; uwo mugambi ukaba unyuranyije n'amategeko.

191. Urugereko rusanga ibigize icyaha cy'ubwumvikane, nk'uko bisobanuwe muri iyo miryango remezo yombi y'amategeko ahana ibyaha bijya gusa. Rushingiye kuri izo ngingo, Urugereko rusobanura ubwumvikane bugamije gukora jenoside nk'umugambi wo gukora ikintu gihuriweho byibura n'abantu babiri, bagamije gukora jenoside.

192. Ku byerekeye igitekerezo kihariye kigize icyaha cy'ubwumvikane bugamije gukora jenoside, Urugereko rusanga gikubiye mu mugambi wumvikanyweho wo gukora jenoside, ni ukuvuga kurimbura itsinda ry'abantu ryose cyangwa igice cyaryo bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo. Urugereko rusanga rero ko umugambi wa ngombwa kugira ngo habeho ubwumvikane bugamije jenoside ari nawo mugambi wa ngombwa ku bireba icyaha cya jenoside, ni ukuvuga igitekerezo cyihariye kiranga icyo cyaha cya jenoside[83.]

193. Muri iki gisobanuro, biragaragara ko, ku byerekeye icyaha cy'ubwumvikane bugamije jenoside, ari ubwo bwumvikane ubwabwo bufatwa nk'icyaha, aho kuba ingaruka zabwo. Muri uru rwego, Urugereko rusanga haba mu miryango remezo y'amategeko akomoka ku Baromani, haba mu miryago remezo y'amategeko akomoka ku Bongereza, icyaha cy'ubwumvikane gifatwa nk'icyaha cyidashingiye ku gikorwa runaka gusa (*inchoate*), harebwa gusa igitekerezo kibisha ubwacyo, aho kurebwa icyo cyagezeho[84].

---

[83] Reba haruguru imyanzuro y'Urugereko ku bireba igikorwa gifatika kigize icyaha cya jenoside, cyangwa uburiganya bwihariye bwacyo.

[84] Icyaha cy'ubwumvikane bugamije jenoside kijya gusa n'icyaha cyo gushishikariza ku buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora icyaha cya jenoside. Mu myanzuro ku cyaha cyo gushishikariza abandi gukora jenoside mu rubanza rwa *Akayesu,* igika cya 52, Urugereko rwavuze ko ku bireba ibyaha biziguye : « […] Urugereko rurabona ko igituma ibyo byaha bihanwa ku buryo budasanzwe ari uko ubwa byo byifitemo ubugizi bwa nabi bukabije, ku buryo byakururira amakuba akomeye abantu, kabone n'iyo icyaha nyirizina bihatse kitabaye. Urugereko rusanga nyine jenoside ibarirwa muri bene icyo cyiciro cy'ibyaha bikomeye, ku buryo gushishikariza abantu kuyikora ku buryo butaziguye kandi mu ruhame bigomba guhanwa ubwabyo, kabone n'iyo iryo shishikaza ryaba ritageze ku cyo nyir'ukurikora yari agambiriye ».

194. Urugereko rusanga ubwumvikane bugamije jenoside buhanwa, n'iyo bwaba butarakurikiwe n'igikorwa, ni ukuvuga n'iyo icyaha cy'ibanze, ari cyo cya jenoside muri uru rubanza, kitabaye.

195. Kuri iyo ngingo, Urugereko rwibajijie niba uregwa ashobora guhamwa icyarimwe n'icyaha cya jenoside n'icy'ubwumvikane bugamije jenoside.

196. Mu miryango remezo y'amategeko akomoka ku Baromani, iyo ubwumvikane cyangwa ubugambanyi bugeze ku cyo bwari bugambiriye, maze icyaha cy'ibanze kigakorwa, uregwa ahamwa n'icyaha cy'ibanze cyonyine, hatarimo icy'ubugambanyi. Kuri iyo miryango y'amategeko, iyo Uregwa ahamwe n'cyaha cy'ibanze, ntibiba bikiri ngombwa ko akurikiranwa ku cyaha cyo kuba yaracuze umugambi mubisha cyangwa yaragize uruhare mu bindi bikorwa bitegura icyo cyaha cy'ibanze. Bityo uregwa ahamwa n'icyaha cy'ubwumvikane iyo icyaha cy'ibanze kitabaye, cyangwa iyo yari mu bagiranye ubwumvikane, bwaje gushyirwa mu bikorwa n'abandi, we ubwe atabigizemo uruhare.

197. Ubusanzwe, mu miryango remezo y'Amategeko akomoka ku Bongereza, muri rusange, icyaha cy'ubwumvikane n'icyaha remezo, bishobora guhama icyarimwe uregwa iyo ibyari byumvikanyweho birusha uburemere ibyaha byakozwe. Nyamara, iyo myumvire yanenzwe na benshi. Bityo nka Don Stuart avuga ko:

> "The true issue is not whether evidence has been used twice to achieve convictions but rather whether the fundamental nature of the conspiracy offence is best seen … as a purely preventive, incomplete offence, auxiliary to the full offence and having no true independent rationale to exist on its own alongside the full offence. On this view it inexorably follows that once the completed offence has been committed there is no justification for also punishing the incomplete one"[85].

[85] Don Stuart, *Canadian Criminal Law : a Treatise,* 1995, icapwa rya 3, urup. 647. Byahinduwe mu rundi rurimi n'abantu batanditse iyi nyandiko: "Icya ngombwa si ukumenya niba ibimenyetso bimwe byarakoreshejwe inshuro ebyiri mu kwemeza ibihano byinshi, ahubwo ni ukumenya niba, bitewe n'imiterere yabwo,

198. Muri uru rubanza, Urugereko rusanga bikwiye gukurikiza amategeko arengera kurushaho uregwa, avuga ko uregwa adashobora gukurikiranwaho icyarimwe icyaha cya jenoside n'icyaha cy'ubwumvikane bugamije jenoside. Urugereko rusanga ibyo bihuye n'ibyemejwe n'Amasezerano yerekeye jenoside, ubwo hemezwaga ko ubwumvikane bugamije jenoside bufatwa nk'icyaha. Inyandiko zateguye Amasezerano zigaragaza ko icyaha cy'ubwumvikane cyemejwe kugira ngo hahanwe ibikorwa bimwe na bimwe, ubwabyo bitari jenoside. Bityo rero si ngombwa guhamya uregwa icyaha cy'ubwumvikane bugamije jenoside, mu gihe yahamwe n'icyaha cya jenoside, ibyo byaha byombi bishingiye ku bikorwa bimwe.

### 3.3 Ibyaha byibasiye inyokomuntu (Ingingo ya 3 ya Sitati)

199. Urugereko rusanga mu Rubanza rwa Akayesu amateka y'ibyaha byibasiye inyokomuntu ahera kuri Sitati y'Urukiko Mpuzamahanga rwa Gisikare rwa Nuremberg. Urwo rubanza rugaragaza uko icyo cyaha cyagiye kivugwa, rushingiye ku manza za Eichmann, Barbie, Touvier na Papon[86]. Urugereko rumaze kubisuzuma, rwemeye narwo imiterere y'amateka y'ibyaha byibasiye inyokomuntu, nk'uko byasobanuwe mu Rubanza rwa Akayesu.

200. Urugereko rusanga nk'uko biteganywa n'ingingo ya 7 ya Sitati y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga, icyaha cyibasiye inyokomuntu ari kimwe mu bikorwa bikurikira, byakozwe mu rwego rw'igitero kizwi, icyo gitero kikaba ari rusange kandi kiri kuri gahunda, cyibasiye abaturage b'abasivili: ubwicanyi, itsembatsemba, gushyira mu bucakara, gucira abantu ishyanga cyangwa kwimura abantu ku gahato, gufunga cyangwa kubuza abantu bikabije ku bundi buryo uburenganzira bwabo wica ibiteganywa n'ingingo z'ibanze z'amategeko mpuzamahanga, kwica urubozo, gusambanya ku gahato, gushyira abantu mu bucakara bushingiye ku gitsina, guhatira

ubwumvikane bwafatwa nk'icyaha cyatekerejwe cyahanwa mu rwego rwo kuburizamo icyaha cy'ibanze kibaho, ubwo bwumvikane bukaba ari icyaha cyungirije icyaha cy'ibanze, kandi kidashobora kubaho ubwacyo ku buryo cyabangikana n'icyo cyaha cy'ibanze. Ukurikije icyo gisobanuro, iyo icyaha cy'ibanze cyakozwe, nta mpamvu yo gukurikirana icyaha kitagezweho ».

[86] Urubanza rwa *Akayesu*, ibika 563-576.

abantu uburaya, gutera abantu inda batabishaka, guhindura abantu ingumba ku gahato cyangwa urundi rugomorushingiye ku gitsina rufite uburemere nk'ubwo, gutoteza igice cy'abantu cyangwa itsinda ry'abantu bafite icyo bahuriyeho kibaranga cyerekeye ubwenegihugu bwabo, umutwe wa politiki barimo, ubwoko bwabo, umuco wabo, idini ryabo cyangwa igitsina cyabo cyangwa se kubera izindi mpamvu amahanga yose yemera ko zidashobora kwihanganirwa mu rwego rw'amategeko mpuzamahanga, ku buryo bujyanye n'igikorwa cyose kivugwa muri iyi ngingo cyangwa icyaha kiri mu byo Urukiko rufitiye ububasha bwo kuburanisha: kurigisa abantu ku gahato, imitegekere ishingiye ku ivangura ry'abenegihugu, ibindi bikorwa birenze kamere muntu bisa n'ibyo, bitera ku buryo bugambiriwe akababaro gakabije cyangwa byangiza umuntu bimutera ububabare bukabije, bwaba ubw'umubiri, cyangwa ubwo mu mutwe[87].

**Ibyaha byibasiye inyokomuntu biteganywa n'Ingingo ya 3 ya Sitati y'Urukiko**

201. Ingingo ya 3 ya Sitati iha Urukiko ububasha bwo gucira imanza abantu bakoze ibikorwa bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu. Urugereko rwemeye na rwo imitekerereze yashingiweho mu manza za Akayesu na Rutaganda, y'uko urwo rwego rw'ibyaha by'ubugome rugizwe n'ibintu bine by'ingenzi bikurikira:

(a) Igikorwa kigomba kuba kiri mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda;

(b) Igikorwa kigomba kuba kibasiye abaturage b'abasivili;

(c) Igikorwa kigomba kuba gishingiye ku mpamvu imwe cyangwa nyinshi zivangura, bishingiye ku bwenegihugu, politiki, ubwoko cyangwa idini.

---

87 Sitati y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga yemerejwe i Roma ku itariki ya 17 Nyakanga 1998 n'inama y'abahagarariye ibihugu byabo mu Muryango w'Abibumbye, yari igamije gusuzuma ishyirwaho ry'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga.

(d) Igikorwa kigomba kuba kirenze kamere muntu kubera uko cyumvikana n'uko giteye; kigomba gutuma umuntu ababara cyane cyangwa kikamushegesha cyangwa kikamutera uburwayi bwo mu mutwe cyangwa bwo ku mubiri[88.]

**(a) Igikorwa kigomba kuba kiri mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda**

202. Urugereko rusanga igikorwa kigize icyaha kidashobora kuba igikorwa cy'urugomo gikozwe cyonyine; kigomba kuba cyakozwe mu rwego rw'igitero. Ku bireba imiterere y'icyo gitero, Urugereko rusanga Ingingo ya 3 ya Sitati yanditse mu rurimi rw'icyongereza iteye itya: "*as part of a widespread or systematic attack",* (…) ni ukuvuga ko igitero kigomba kuba cyakozwe mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda (…) Nyamara muri Sitati yanditse mu rurimi rw'igifaransa havugwa ngo: "*dans le cadre d'une attaque généralisée et systématique* (…)" ni ukuvuga ko igitero kigomba kuba ari rusange kandi kiri kuri gahunda. Mu cyongereza si ngombwa ko ibyo byombi byubahirizwa, naho mu gifaransa ibyo byombi bigomba kubahirizwa.

203. Urugereko rusanga amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco asaba ko igitero kigomba kuba ari rusange cyangwa kiri kuri gahunda, bitari ngombwa ko ibyo byombi byubahirizwa. Bitewe n'uko Sitati yanditse mu rurimi rw'icyongereza ari yo ijyanye neza n'ibiteganywa n'amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco, Urugereko rwemeje ibivugwa mu rurimi rw'icyongereza mu ngingo ya 3 ya Sitati, nk'uko byemejwe mu zindi manza zaciwe n'Urukiko, ni ukuvuga ko « igitero » kivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati kigomba kuba ari rusange cyangwa kiri kuri gahunda, bitabaye ngombwa ko ibyo byombi byubahiririzwa89.

204. Urugereko rusanga kugira ngo igitero « rusange » gifatwe nka kimwe mu bigize icyaha cyibasiye inyokomuntu, hagomba kubaho igikorwa cyakorewe abantu benshi, inshuro

[88] Reba Urubanza rwa *Akayesu,* igika 578 ; reba Urubanza rwa *Rutaganda,* igika 66.
[89] Reba Urubanza rwa *Akayesu*, igisobanuro 144, reba Urubanza rwa *Kayishema* na *Ruzindana,* igisobanuro 63, Reba Urubanza rwa *Rutaganda*, igika 68

nyinshi, ari simusiga, cyakorewe icyarimwe n'abantu benshi, cyateye ingaruka nyinshi kandi cyibasiye abantu benshi; « kuba kuri gahunda » byo bivuga ko igikorwa kiba cyateguwe byitondewe, kikagenda gikorwa mu buryo busa bugenda bugaruka, hashyirwa mu bikorwa ibyemezo byagiweho inama kandi hakoreshejwe ibikoresho byinshi by'igihugu cyangwa by'abantu ku giti cyabo. Nta na rimwe ariko bisabwa ko ibyo byemezo bigenderwaho biba ari ibyafashwe ku mugaragaro mu rwego rwa politiki ya Leta. Hagomba ariko kuba hariho gahunda cyangwa politiki yateguwe mbere[90.] Urugereko rusanga ibyo bisobanuro byaremejwe mu manza za Akayesu na Rutaganda[91.]

205. Urugereko rusanga « igitero » kivugwa mu bikorwa bigize icyaha cyibasiye inyokomuntu, cyarasobanuwe mu Rubanza rwa Akayesu, kikaba ari igikorwa kinyuranyije n'amategeko, cyo mu bwoko bw'ibivugwa mu duka kuva kuri a) kugeza kuri i) tw'Ingingo ya 3 ya Sitati. Ibikorwa ubusanzwe bitarimo kiboko, nko gushyiraho imikorere yo kuvangura amoko, ifatwa nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu mu ngingo ya mbere y'Amasezerano mpuzamahanga agamije gukuraho burundu no guhana icyaha cy'ibikorwa by'ivanguramoko yo mu 1973, cyangwa se guhatira abaturage ku mugaragaro gukora ikintu runaka, biramutse bikorewe abantu benshi cyangwa biri kuri gahunda, bishobora gushyirwa muri bene ibyo byaha[92.] Icyo gisobanuro cy' « igitero » cyemejwe mu Rubanza rwa Akayesu cyongeye gukurikizwa nyuma mu Rubanza rwa Rutaganda[93]. Urugereko rwemeye icyo gisobanuro.

206. Urugereko rwemeye kandi igisobanuro cyatanzwe mu Rubanza rwa Kayishema na Ruzindana kivuga ko uwakoze icyaha kibarirwa mu byaha byibasiye inyokomuntu agomba « kuba azi neza cyangwa yatekereje ku buryo igitero cyagabwemo; mu yandi magambo, uregwa agomba kuba azi ko igikorwa cye kiri mu rwego rw'igitero rusange

---

90 Reba Raporo y'Akanama gashinzwe amategeko mpuzamahanga, Inteko Rusange, Inyandiko zemewe, Inyongera n° 10, Inyandiko za ONU 94, A/51/10 (1996).
91 Reba Urubanza rwa *Akayesu*, igika 580, reba y'Urubanza rwa *Rutaganda,* igika 69.
92 Reba Urubanza rwa *Akayesu*, igika 581.
93 Reba Urubanza rwa *Rutaganda,* igika 70

cyangwa kiri kuri gahunda, kigabwe ku baturage b'abasivili, kandi kikaba cyakozwe mu gushyira mu bikorwa politiki cyangwa gahunda runaka »[94] .

**(b) Igikorwa kigomba kuba kibasiye abaturage b'abasivili**

207. Urugereko rusanga, kugira ngo kibe icyaha cyibasiye inyokomuntu, igikorwa cyose kivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati kigomba kuba cyibasiye abaturage b'abasivili. Mu manza za Akayesu na Rutaganda, amagambo «abaturage b'abasivili » ateganyijwe mu ngingo ya 3 ya Sitati, asobanura abantu badafite uruhare rutaziguye mu mirwano[95.] Kuba mu baturage b'abasivili harimo abantu ku giti cyabo batujuje ibisabwa ngo umuntu abarirwe mu baturage b'abasivili, ntibivutsa abo baturage bandi gufatwa nk'abasivili96. Urugereko narwo rwemeye icyo gisobanuro.

**(c) Igikorwa kigomba kuba gishingiye ku mpamvu y'ivangura**

208. Muri Sitati, biragaragara ko ibikorwa birenze kamere muntu byakorewe abaturage b'abasivili bigomba kuba byarakozwe bishingiye « ku mpamvu y'ubwenegihugu bwabo, umutwe wa politiki barimo, ubwoko bwabo cyangwa idini ryabo ». Ivangura ryakozwe rishingiye ku bitekerezo bya politiki by'uwakorewe icyaha ryujuje ibisabwa kugira ngo umuntu abarirwe mu ishyaka rya politiki, nk'uko bivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati.

209. Ibikorwa birenze kamere muntu byakorewe abantu batabarirwa mu bagomba kurengerwa bishobora kuba ibyaha byibasiye inyokomuntu, mu gihe uwabikoze yari agamije kugaba ibitero kuri bamwe mu bantu barengerwa n'Ingingo ya 3 ya Sitati. Uwakoze icyaha agomba kuba yari agambiriye gukora icyaha kibasiye inyokomuntu[97].

---

[94] Reba Urubanza rwa *Kayishema* na *Ruzindana,* igika 134
[95] Reba Urubanza rwa *Akayesu,* igika 582, reba Urubanza rwa *Rutaganda,* igika 72
[96] Reba Inyongera y'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yo ku itariki ya 12 Kanama 1949, yerekeranye no kurinda abahohoterwa n'imirwano itari mpuzamahanga, Ingingo ya 50.
[97] Reba Urubanza rwa *Akayesu*, igika 582, Urubanza rwa *Rutaganda,* igika 72

210. Mu Rubanza rwa Tadić rwo ku itariki ya 15 Nyakanga 1999, Urugereko rw'Ubujurire rwemeje ko Urugereko rwa mbere rw'iremezo rwari rwibeshye, ruvuga ko ibyaha byose byibasiye inyokomuntu bigomba kuba birangwa n'umugambi w'ivangura. Urugereko rw'Ubujurire rwemeje ko umugambi w'ivangura ari ingingo remezo idakuka y'icyaha igihe gusa iyo ngingo aba ari ngombwa kugira ngo icyaha kibeho, nko mu cyaha cy'itotezwa, uko giteganywa n'ingingo ya 5 h) ya Sitati y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugosilaviya[98.]

211. Rumaze kugereranya ibiteganywa n'ingingo ya 5 ya Sitati y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugosilaviya n'ibiteganywa n'Ingingo ya 3 y'uru Rukiko, Urugereko rusanga n'ubwo ibiteganywa n'izo ngingo zombi byose bireba ibyaha byibasiye inyokomuntu usibye icyaha cy'itoteza, hari itandukanyirizo rigaragara kandi rifite ireme, mu byerekeye ibintu bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu. Iryo tandukanyirizo rishingiye ku mpamvu y'uko, mu gihe ingingo ya 5 ya Sitati y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugosilaviya nta mpamvu n'imwe y'ivangura isaba, Ingingo ya 3 ya Sitati y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda yemera ku buryo bugaragara impamvu z'ivangura rishingiye « ku bwenegihugu, ku bitekerezo bya politiki, ku bwoko cyangwa ku idini », ku bijyana n'ibyaha by'ubuhotozi, itsembatsemba, kumenesha, gufunga, kwica urubozo, gusambanya ku gahato, n'ibindi bikorwa birenze kamere muntu.

**(d) Ibikorwa byarondowe**

212. Ingingo ya 3 ya Sitati irondora ibikorwa binyuranye bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu, ari byo ubuhotozi, itsembatsemba, gushyira mu bucakara, kumenesha, gufunga, kwica urubozo, gusambanya ku gahato, gutoteza bishingiye ku mpamvu za politiki, z'ubwoko n'iz'idini, kimwe n'ibindi bikorwa birenze kamere muntu. Nyamara uru rutonde ntirurimo ibikorwa byose. Buri gikorwa cyose kirenze kamere muntu ubwacyo n'uko giteye gishobora kuba icyaha cyibasiye inyokomuntu, mu gihe ibindi

[98] Reba *Urubanza Tadic,* Urugereko rw'ubujurire, 15 Nyakanga 1999, igika 305

bisabwa byaba byujujwe, nk'uko bivugwa mu gaka i) k'Ingingo ya 3 gateganya ibindi bikorwa byose birenze kamere muntu, bitavugwa mu duka kuva kuri a) kugera kuri h).[99]

213. Urugereko rusanga Musema akurikiranyweho ibyaha by'ubuhotozi, itsembatsemba, gusambanya ku gahato kimwe n'ibindi bikorwa birenze kamere muntu bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu. Urugereko ruribanda kuri ibi byaha ruhereye gusa ku myumvire y'Ingingo ya 3 ya Sitati.

**Ubuhotozi**

214. Ushingiye ku ngingo ya 3 a) ya Sitati, usanga ubuhotozi bushobora kuba icyaha cyibasiye inyokomuntu. Urugereko rusanga mu rurimi rw'icyongereza Ingingo ya 3 a) ikoresha ijambo « murder » mu gusobanura ubuhotozi, mu gihe mu rurimi rw'igifaransa havugwa « assassinat ». Mu mategeko mpuzamahanga agendera ku muco havugwamo ko ari « ubwicanyi », aho kuba « ubuhotozi », bugize icyaha cyibasiye inyokomuntu.

215. Mu Manza za Akayesu na Rutaganda, ubwicanyi bwasobanuwe ko ari ukuvutsa undi ubuzima ku bushake, wica amategeko. Ibintu bikurikira bigomba kuba byujujwe kugira ngo ubwicanyi bube icyaha cyibasiye inyokomuntu:

(a) Uwahohotewe yarapfuye;

(b) Urupfu rwatewe n'uko uregwa cyangwa se uwo akuriye akoze igikorwa kinyuranyije n'amategeko cyangwa birengagije nkana kugira icyo bakora ngo icyaha kitaba;

(c) Mu gihe ubwicanyi bwakorwaga, uregwa cyangwa uwo akuriye, bari bagamije kwica uwahohotewe cyangwa kumumugaza bikomeye, bazi ko

[99] Reba ibyavuzwe haruguru, igika 585

ubwo bugizi bwa nabi bushobora kumuviramo urupfu, cyangwa batitaye kuzirikana niba ibyo bikorwa bishobora kumuhitana cyangwa kutamuhitana.

(d) Uwahohotewe yakorewe ivangura, hashingiwe kuri imwe mu mpamvu z'ivangura zavuzwe haruguru;

(e) Uwahohotewe yari umusivili;

(f) Igikorwa, cyangwa se icyirengagijwe gukorwa ngo icyaha kitaba, cyabaye mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda, cyagabwe ku basivili.[100]

216. Mu Rubanza rwa Rutaganda, Urugereko rwasanze igikorwa, cyangwa se icyirengagijwe gukorwa ngo icyaha kitaba, ku birebana n'ubwicanyi, kigomba kuba gishingiye ku ivangura kandi cyibasiye umusivili.[101]

**Itsembatsemba**

217. Ingingo ya 3 c) ya Sitati ivuga ko itsembatsemba ari icyaha kibasiye inyokomuntu. Mu miterere yaryo, riba ryibasiye itsinda ry'abantu. Aho ritandukaniye n'ubwicanyi ni uko riba ryakorewe abantu benshi, ibyo bikaba bitari ngombwa mu cyaha cy'ubwicanyi.

218. Ibintu bigize itsembatsemba byasobanuwe ku buryo bukurikira mu Manza za Akayesu na Rutaganda:

(a) Uregwa cyangwa uwo akuriye bagize uruhare mu kwica abantu bavuzwe mu mazina cyangwa bagaragarijwe ibimenyetso byatuma bamenyekana;

[100] Reba Urubanza rwa *Akayesu*, ibika 589-590.
[101] Reba Urubanza rwa Rutaganda, igika 81

(b) Igikorwa cyangwa icyirengagije gukorwa ngo icyaha kitaba cyari kinyuranyije n'amategeko kandi cyakozwe cyagambiriwe;

(c) Igikorwa kinyuranyije n'amategeko cyangwa icyirengagijwe gukorwa ngo icyaha kitaba bigomba kuba byabaye mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda.

(d) Igitero kigomba kuba cyibasiye abasivili

(e) Igitero kigomba kuba cyagabwe kubera impamvu z'ivangura zishingiye ku bwenegihugu, politiki, ubwoko cyangwa idini, by'abahohotewe.[102]

219. Urubanza rwa Rutaganda ruvuga kandi ko kugira ngo igikorwa, cyangwa se icyirengagijwe gukorwa, bigize icyaha cy'itsembatsemba bigomba gukorwa bifatwe nk'icyaha bigomba kuba birangwa n'ivangura mu miterere yabyo, kandi bikibasira abasivili. Byongeye kandi, icyo gikorwa, cyangwa se icyo cyirengagijwe gukorwa, gikubiyemo igikorwa nyirizina cyo kwica, ariko atari cyo cyonyine gusa. Bishobora kuba ari igikorwa icyo ari cyo cyose, cyangwa se icyirengagijwe gukorwa icyo ari cyo cyose, cyangwa se ibikorwa ibyo ari byo byose, cyangwa ibyirengagijwe gukorwa byose, ngo icyaha kitaba, bifatiwe hamwe byose hamwe, byateye urupfu rw'igice cy'abantu bari bibasiwe.[103]

## Gusambanya ku gahato

220. Nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 3 g) ya Sitati, gusambanya ku gahato ni icyaha cyibasiye inyokomuntu. Mu rubanza rwa Akayesu, gusambanya ku gahato, icyaha cyibasiye inyokomuntu, byasobanuwe ku buryo bukurikira:

[102] Reba Urubanza rwa *Akayesu*, ibika 589-590, reba Urubanza rwa *Rutaganda, igika 83*
[103] Reba Urubanza rwa Rutaganda, igika 81

« (…) ugusagarira gushingiye ku gitsina gukorewe undi muntu abihatiwe. Ugusagarira gushingiye ku gitsina, gusambanya ku gahato bikaba ari kimwe mu bikugaragaza, gufatwa nk'igikorwa icyo ari cyo cyose gishingiye ku gitsina, gikorewe umuntu ku gahato. Icyo gikorwa kigomba kuba:

(a) Mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda;

(b) Ku baturage b'abasivili;

(c) Ku mpamvu zimwe z'ivangura rishingiye nko ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini by'uwagiriwe nabi».[104]

221. Urugereko rusanga, n'ubwo inkiko z'ibihugu bimwe na bimwe zasobanuye gusambanya ku gahato nk'igikorwa cyose cyo kwinjiza igitsina mu kindi, cyakorewe undi atabyemeye, bishobora ariko no kuba ari ukwinjiza ibintu ibyo ari byo byose mu myenge iri ku mubiri w'undi, ubusanzwe itagenewe iby'igitsina nyirizina, cyangwa se no gukoresha iyo myenge mu mibonano ndangagitsina.

222. Urugereko rusanga kandi ko mu gusobanura ugusambanya ku gahato nk'icyaha kibasiye inyokomuntu, urubanza rwa Akayesu, rwari rwasanze:

> « gusambanya ku gahato ari uburyo bwo gusagarira undi kandi ko gusobanura ibintu n'imyanya y'umubiri bikoreshwa muri icyo cyaha bidatuma umuntu asobanukirwa neza ingingo z'ingenzi zacyo. Amasezerano arwanya icyaha cyo kwica urubozo n'ibindi bihano cyangwa ibindi bikorwa birenze kamere muntu cyangwa bitesha umuntu agaciro, ntarondora ibikorwa runaka mu gisobanuro atanga ku cyaha cyo kwica urubozo, ahubwo ahitamo gutsindagira ku kitwa ubugizi bwa nabi buhanwa na Leta. Ku birebana n'amategeko mpuzamahanga, ubwo buryo bwo kubona ibintu bufite akamaro kanini. Kimwe no kwica urubozo, gusambanya ku ngufu bikoreshwa ku mpamvu z'iterabwoba, zo kumukoza isoni, kumutesha agaciro, kumukandamiza, kumuhana, kumugenzura cyangwa

[104] Ni kimwe no haruguru, igika 598

kumwica. Nko kwica urubozo, gusambanya ku gahato ni icyaha gitesha umuntu agaciro kibaba nacyo mu by'ukuri ari uko kwica urubozo igihe cyakozwe n'umukozi wa Leta cyangwa n'undi muntu wese ukora nk'umukozi wa Leta cyangwa uwo mukozi akaba yarabishishikarije abandi cyangwa yarabyemeye ku mugaragaro cyangwa ku buryo buteruye.[105]

223. Urugereko rusanga igisobanuro cyo gusambanya ku gahato, kimwe n'icy'urugomo rushingiye ku gitsina, cyatanzwe mu Rubanza rwa Akayesu cyaremejwe n'Urugereko rwa mbere rw'iremezo II rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugosilaviya mu Rubanza rwa Delalic.[106]

224. Urugereko rwasuzumye ikindi gisobanuro cyo gusambanya ku gahato, cyafashwe n'Urugereko rwa I rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugosilaviya mu Rubanza rwa Furundzija; icyo gisobanuro kibanda ku gusobanura birambuye ibikoresho n'ingingo z'umubiri. Muri urwo Rubanza, Urugereko rwashingiye ku mategeko y'igihugu, maze rwemeza ko:

> «Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rurashaka mbere na mbere kugaragaza ingingo zisa n'izishingirwaho mu mategeko y'ibihugu byinshi, zagura igisobanuro cyo gusambanya ku gahato zikongeramo ibikorwa byahoze mbere bibarirwa mu byaha bidafite uburemere nk'ibi, ni ukuvuga urugomo rushingiye ku gitsina cyangwa ibikoza isoni. Iyo myumvire mishya yerekana ko mu mategeko y'ibihugu, za Leta zifata muri rusange ingamba zikarishye ku birebana n'urugomo rukabije rushingiye ku gitsina: icyo gisobanuro cy'urugomo rushingiye ku gitsina cyagiye cyagurwa, ubu gifatwa na cyo nko gusambanya ku gahato, gipfa gusa na none kuba hari ingingo cyujuje, cyane cyane iyo hari iyinjiramubiri rikozwe ku ngufu ».[107]

225. Urubanza rwa Furundzija rwasanze kandi ko: « (i) isesengura ry'ayo mategeko y'ibihugu ryarerekanye ko n'ubwo hariho imitandukanire itanabura, imiryango remezo

[105] Reba *Urubanza rwa Akayesu*, igika 597
[106] Reba *Urubanza rwa Delalic, ibika 478- 479*
[107] Reba *Urubanza rwa Furundzija,* igika 179

myinshi y'amategeko akomoka ku Bongereza (common law) cyangwa se ku Baromani, avuga ko gusambanya ku gahato ari ukwinjiza ku gahato mu mubiri w'umuntu imboro cyangwa se kwinjiza ikindi kintu mu gituba cyangwa se mu kibuno ».[108] Cyakora, urwo Rugereko rwa mbere rw'iremezo, rumaze gusuzumana ubushishozi igikorwa cyo kwinjiza imboro mu kanwa ku ngufu na cyo kibarirwa mu rwego rwo gusambanya ku gahato mu bihugu bimwe na bimwe, bikaba kandi ari nk'urugomo rushingiye ku gitsina cyangwa ari ugukoza isoni mu bindi bihugu, rwemeje ibi bikurikira:

> « 183. Urugereko rwa mbere rw'iremezo rusanga kwinjiza ku gahato igitsina cy'umugabo mu kanwa k'undi muntu ari ukwandagaza umuntu, bimusuzuguza kandi bimutesha agaciro. Icy'ingenzi mu biranga amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara kimwe n'amategeko mpuzamahanga arengera uburenganzira bw'ikiremwamuntu, ni ukurinda agaciro ka muntu, yaba uw'igitsina gabo, cyangwa uw'igitsina gore. Intego y'ibanze mu kurengera agaciro ka muntu ni byo shingiro ry'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara n'amategeko yerekeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu, iyo ikaba ari na yo mpamvu ariho; ni ngombwa ko byashyirwa mu mategeko mpuzamahanga muri rusange. Iryo hame rigamije kurengera ikiremwamuntu, rikirinda guteshwa agaciro, byaba bitewe n'ihohoterwa ku buryo bw'umubiri, agasuzuguro, guteshwa icyubahiro, kwandarikwa cyangwa guhungabanya imitekerereze ya muntu. Kuba rero ihohoterwa riganisha ku gitsina rifite uburemere nk'ubwo kwinjiza imboro mu kanwa ku gahato byashyirwa mu rwego rwo gusambanya ku gahato ku ngufu biri mu mujyo rwose w'iryo hame »[109]

226. Urugereko rwemera narwo igisobanuro cyo gusambanya ku gahato, nk'uko cyemejwe mu Rubanza rwa Akayesu, cy'uko uko gusambanya ku gahato kudashingiye gusa ku myanya y'umubiri runaka cyangwa ku bikoresho byakoreshejwe mu kugukora, ko ahubwo gushingiye ku mpamvu y'uko ari ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ryakozwe ku gahato.

[108] Ni kimwe no haruguru, igika 181
[109] Ni kimwe no haruguru, igika 183

227. Urubanza rwa Akayesu rwemeje ko hariho itandukanyirizo hagati yo gusambanya ku gahato n'ubundi buryo bw'urugomo rushingiye ku gitsina ari bwo « iyinjiramubiri rishingiye ku gitsina », rinyuranye n'« ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose gishingiye ku gitsina » cyakorewe umuntu ku gahato. Urugereko rusanga iri tandukanyirizo ryumvikana kandi ari uburyo buboneye mu gusuzuma mu rwego rw'amategeko ibikorwa by'urugomo bishingiye ku gitsina byakozwe n'umuntu ku giti cye. Rituma kandi ibyo bikorwa bigize icyaha cyo gusambanya ku gahato bishobora gusuzumwa hashingiwe ku miterere ya buri gikorwa. Igisobanuro cyo gusambanya ku gahato, nk'uko cyemejwe mu Rubanza rwa Akayesu, gikubiyemo ku buryo bwuzuye imyitwarire ivugwa mu gisobanura ryo gusambanya ku gahato cyatanzwe mu Rubanza rwa Furundzija.

228. Urugereko rusanga mu Rubanza rwa Furundzija, Urugereko rwa mbere rw'iremezo rwarasanze ko kwinjiza ku gahato imboro mu kanwa ari ugusuzugura kandi ari no guhungabanya agaciro ka muntu, akaba ari na yo mpamvu y'ingenzi rwinjije iyo myitwarire mu gisobanuro cyo gusambanya ku gahato, n'ubwo bwose amategeko y'ibihugu atavuga rumwe ku byerekeye gufata icyo gikorwa nko gusambanya ku gahato[110]. Nk'uko byemejwe mu Rubanza rwa Furundzija, Urugereko rusanga kandi ko kuri ubu amategeko y'ibihugu agenda asa n'ayagura igisobanuro cyo gusambanya ku gahato[111.] Umuntu ashingiye ku buryo gusambanya ku gahato byumvikana kimwe n'umwanya iyo myumvikanire ihabwa mu mahame y'amategeko mpuzamahanga, Urugereko rusanga igisobanuro cyo gusambanya ku gahato gishingiye ku myumvire ubwayo cyaba cyiza kurusha igisobanuro gishingiye ku cyakoreshejwe n'aho cyakoreshejwe mu isambanya ku gahato, bitewe n'uko icyo gisobanuro cyaba kijyanye n'uburyo amategeko ahana agenda atera imbere.

229. Kubera izo mpamvu, Urugereko rwemera narwo igisobanuro cyo gusambanya ku gahato, n'icy'urugomo rushingiye ku gitsina nk'uko byemejwe mu Rubanza rwa Akayesu.

[110] Ni kimwe no haruguru, ibika 184-186
[111] Ni kimwe no haruguru, igika 179

**Ibindi bikorwa birenze kamere muntu**

230. Urugereko rusanga Ingingo ya 3 ya Sitati igaragaza urutonde rw'ibikorwa umunani bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu. Ibyo bikorwa bivugwa ni ubuhotozi, itsembatsemba, gushyira mu bucakara, gucira ishyanga, gufunga, kwica urubozo, gusambanya ku gahato, gutoteza bishingiye ku mpamvu za politiki, z'ubwoko n'iz'idini; urwo rutonde ariko nti rwarondoye byose, kandi Ingingo ya 3 i) ya Sitati iteganya « ibindi bikorwa birenze kamere muntu » bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu.

231. Urugereko rusanga Sitati y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ivuga ko:

> « (i)bindi bikorwa birenze kamere muntu [ari ibikorwa] bishushe nk'ibyo [ibikorwa bindi byarondowe] bitera, ku buryo bugambiriwe, ububabare bukomeye cyangwa byangiza cyane ubuzima bw'ubikorewe, haba ku mubiri cyangwa mu mutwe ».[112]

232. Urugereko rusanga igikorwa cyangwa icyirengagijwe gukorwa ngo icyaha kitaba kibarirwa mu rwego « rw'ibikorwa birenze kamere muntu » bivugwa mu ngingo ya 3 i) ya Sitati iyo, kubera kamere yacyo, imiterere yacyo, ubukare bwacyo cyangwa uburemere bwacyo, usanga icyo gikorwa cyangwa icyo cyirengagijwe gukorwa ngo icyaha kitaba, gisa n'ibindi byavuzwe mu duka kuva kuri a) kugera kuri h) tw'Ingingo ya 3. Byongeye kandi, icyirengagijwe gukorwa ngo icyaha kitaba cyangwa igikorwa kirenze kamere muntu, bigomba kuba byujuje ibi bikurikira:

a) Kigomba kuba cyibasiye abaturage b'abasivili;

b) Uwagikoze agomba kuba yahohoteye umuntu cyangwa abantu bitewe n'impamvu imwe cyangwa nyinshi zirangwamo ivangura, zavuzwe;

[112] Reba Ingingo ya 7 k) ya Sitati y'I Roma y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga

c) Uwagikoze agomba kuba azi ko igikorwa cye, cyangwa icyo cyirengagijwe gukorwa ngo icyaha kitaba, kiri mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda.

233. Urugereko ariko rwemera ko ibyaha byakozwe bigomba gusuzumwa « uko bibyukijwe »,[113] kugira ngo hemezwe niba bibarirwa mu rwego rw'« ibindi bikorwa birenze kamere muntu » bivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati.

## 3.4. Ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) hamwe n'Inyongera ya 2 yayo

### Ingingo ya 4 ya Sitati

234. Rushingiye ku ngingo ya 4 ya Sitati, Urugereko rufite ububasha bwo gukurikirana abantu batubahirije cyangwa bategetse abandi kutubahiriza Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) uko ari ane yo ku itariki ya 12 Kanama 1949, agamije kurengera abibasiwe n' intambara, kimwe n'Inyongera yayo ya 2 wo ku itariki ya 8 Kamena 1977.

235. Nk'uko Sitati ibivuga, ibyo byaha birimo ibi bikurikira:

(a) Ibyaha byo kwangiza imibereho, ubuzima, umubiri cyangwa ubwenge by'abantu, cyane cyane ubwicanyi n'ibikorwa by'ubugome nko kwica urubozo, guca ingingo z'umubiri, cyangwa ubundi bugizi bwa nabi bwose buwibasira;

(b) Ibihano rusange;

(c) Gufata abantu ho ingwate;

(d) Ibikorwa by'iterabwoba;

[113] Reba Urubanza rwa *Kayishema na Ruzindana,* 151

(e) Guhungabanya agaciro ka muntu, nko gukora ibikorwa bimutesha agaciro, bimukoza isoni, gusambanya ku gahato, guhatira umuntu uburaya n'ibindi bikorwa by'iterasoni;

(f) Isahura;

(g) Gukatira umuntu no kurangiza urubanza bidakomotse ku cyemezo cyafashwe n'urukiko rwemewe n'amategeko, mu buryo bukurikije imihango y'iburanisha irengera uregwa yemewe n'ibihugu byateye imbere mu isanzuramuco;

(h) Gukangisha gukora ibyaha bivugwa muri iyi ngingo.

**Uburyo Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) hamwe n'Inyongera yayo ya 2 bikoreshwa**

236. Urugereko rusanga mbere yo kujya impaka ku ngingo zigize ibyaha byavuzwe haruguru, ari ngombwa gusuzuma uburyo Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano n'Inyongera yayo ya 2 byashyirwa mu bikorwa, hakurikijwe uko ibintu byari bimeze mu Rwanda mu mwaka wa 1994, mu gihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byabaga.

237. Rushingiye ku ihame rivuga ko *nullum crimen sine lege* (igikorwa nticyitwa icyaha mu gihe nta tegeko rigiteganya), Urugereko rugomba gusuzuma niba amategeko yavuzwe haruguru, nk'uko akubiye mu ngingo ya 4 ya Sitati, yarakoreshwaga mu Rwanda mu gihe amahano yabaga muri icyo gihugu.

238. Mu Rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, Urugereko II, rutiriwe rwita ku kibazo cyo kumenya niba ibiteganyijwe mu ngingo ya 4 ya Sitati bigomba gufatwa nk'aho biri mu mategeko mpuzamahanga agendera ku muco, rwasanze ayo mategeko yarakurikizwaga nta shiti mu Rwanda, bitewe n'uko ku itariki ya 5 Gicurasi 1964 icyo gihugu cyemeye Amasezerano yo mu wa 1949 kandi, ku itariki ya 19 Ugushyingo 1984, cyemera

Inyongera ya 2. Byongeye kandi, kubera ko ibikorwa byose bivugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati na byo byari ibyaha hakurikijwe amategeko y'u Rwanda, urwo Rugereko rwasanze ku buryo budashidikanywaho ko abantu bishe ayo mategeko mpuzamahanga, mu gihe ibyo bintu byabaga mu Rwanda mu mwaka wa 1994, barashoboraga gukurikiranwa.[114]

239. Iyo myanzuro yemejwe n'Urugereko I mu Rubanza rwa Rutaganda.[115]

240. Mu Rubanza rwa Akayesu, Urugereko I rwemeye ko ayo mategeko yagombaga gukurikizwa nta kabuza, ariko rwifashishije amategeko mpuzamahanga agendera ku muco, aho kwifashisha amategeko ashingiye ku masezerano mpuzamahanga. Ku byerekeye Ingingo ya 3 rusange, Urugereko rwasanze « Ingingo ya 3 yageze mu rwego rw'itegeko rishingiye ku muco, bitewe nuko ibyinshi mu bihugu, mu mategeko mpanabyaha yabyo, bihana ibikorwa bibangamiye iyo ngingo ya 3 rusange »[116] biramutse bikozwe mu bihe by'intambara ishyamiranije abenegihugu. Ibyo bihuye kandi n'ibyemejwe n'Urugereko rwa mbere rw'iremezo n'urw'ubujurire rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriwe icyahoze cyitwa Yugosilaviya[117-118,] zasanze Ingingo ya 3 rusange ibarirwa nta shiti mu mategeko mpuzamahanga agendera ku muco. Byongeye kandi, mu Rubanza rwa Akayesu, Urugereko rwasanze, biramutse bidashobotse ko Inyongera ya 2 ibarirwa yose uko yakabaye mu mategeko agendera ku muco, uburenganzira buvugwa mu ngingo ya 4 2) (uburenganzira bw'ibanze), buzabushimangira, bwuzuza ubuteganywa n' Ingingo ya 3 ihuriweho n'ayo Masezerano, bukubiye nyamara na bwo mu mategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco. [119]

241. Amahame yose avugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati, anavugwa mu ngingo ya 4 2) y'Inyongera ya 2.

---

114 Reba *Urubanza rwa Kayishema na Ruzindana,* ibika 156-158
115 Reba *Urubanza rwa Rutaganda,* igika 90
116 Reba Urubanza rwa *Akayesu,* igika 608.
117 Reba Urubanza rwa *Tadic,* 7 Gicurasi 1997.
118 Reba Urubanza mu bujurire bw'Ubwunganizi rwerekeye ingobokambanzirizarubanza yerekeye gukemanga ububasha bwo ku itariki ya 2 Ukwakira 1995.
119 Reba Urubanza rwa *Akayesu,* igika 610.

242. Kubera ibyo, Urugereko rwemeje ko igihe ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga, abantu barebwaga n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yo mu mwaka wa 1949 kimwe n'Inyongera zayo yo mu mwaka wa 1977, nk'uko bivugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati. Hakurikijwe umuco n'amasezerano, uwishe ayo mategeko aryozwa icyaha ku giti cye, bityo akaba yakurikiranwa.

243. Hasigaye ariko kureba uburyo ayo mategeko yakoreshwa muri uru rubanza.

**Ibyagenderwaho mu kubahiriza Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) hamwe n'Inyongera yayo ya 2**

244. Rumaze kubona ko Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano n'Inyongera yayo ya 2 nk'uko bivugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati byakoreshwaga koko mu Rwanda igihe ibyaha biri mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga, Urugereko rugomba kugaragaza impamvu zifatika zatuma hakoreshwa Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano n'Inyongera yayo ya 2, mu kureba niba igikorwa ari icyaha gikomeye kibangamiye cyane ayo mategeko.

**Ibyerekeranye ikiburanwa (*ratione materiae*)**

245. Amasezerano y'i Jeneve (Genève) uko ari 4 yo mu mwaka wa 1949 kimwe n'Inyongera yayo ya I akoreshwa muri rusange mu gihe cy'intambara yo mu rwego mpuzamahanga, mu gihe Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) irengera ku buryo bw'ibanze nibura abantu bibasiwe n'imirwano itari mpuzamahanga, uko kubarinda kukaba kwaragarutsweho kurushaho kandi kunuzuzwa n'Inyongera ya 2 yo mu mwaka wa 1977. Ibyaha bihanwa hakurikijwe ingingo ya 4 ya Sitati bigomba kuba, uko bisobanurwa, byarakozwe mu rwego rw'intambara itari mpuzamahanga nk'uko bisabwa n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano n'Inyongera ya 2.

*Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève)*

246. Ingingo ya 3 rusange ikoreshwa mu bihe « by'intambara itari mu rwego mpuzamahanga kandi ibereye ku butaka bwa kimwe mu bihugu byagiranye amasezerano».[120] Bitewe n'uko nta gisobanuro gihuriweho kivuga icyo intambara itari mpuzamahanga ari cyo, kuko iyo ntambara yashobora kugira isura zinyuranye, Urugereko rusanga ubwoko bw'intambara bwasuzumwa hakurikijwe imiterere yayo nyirizina.

247. Mbere na mbere, intambara itari mpuzamahanga inyuranye n'intambara mpuzamahanga bitewe n'amategeko agenga abashyamiranye: abashyamiranye nta bwo ari ibihugu byigenga ahubwo aba ari guverinoma y'igihugu kimwe rukumbi ishyamiranye n'umutwe umwe cyangwa myinshi ikoresha intwaro, yabwigometseho, iri ku butaka bw'icyo gihugu.

248. Ijambo « intambara » rivuga ko hari ikintu gifatika: kuba hari imirwano yeruye hagati y'imitwe yitwaje inzego ziyigize, zaba zihamye cyangwa zidahamye. Bityo, ibintu by'amakimbirane yo mu gihugu imbere n'izindi mvururu zo mu gihugu rwagati birangwa n'ibikorwa by'urugomo bitabera hamwe kandi bidahoraho ntibibarirwa mu

---

[120] Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano iteye itya: "Mu gihe cy'intambara itari yo mu rwego mpuzamahanga kandi yaroteye ku butaka bwa kimwe mu bihugu byagiranye amasezerano, buri wese mu barwana agomba byibura kubahiriza ingingo zikurikira:

1) Abantu batari mu mirwano ku buryo butaziguye, kabone n'abasirikare bashyize intwaro hasi n'abandi batagishoboye kurwana biturutse ku burwayi, ku gukomereka,ku gufungwa cyangwa se kubera indi mpamvu iyo ari yo yose, bazafatwa mu bihe ibyo ari byo byose kimuntu, nta vangura rishingiye ku bwoko, ku ibara ry'uruhu, ku idini cyangwa ku kwemera, ku gitsina, ku ivuko cyangwa ku mutungo cyangwa se ku yindi mpamvu iyo ari yo yose isa n'iyo. Kubera iyo mpamvu, igihe icyo ari cyo cyose n'ahantu aho ari ho hose, ku bireba ibyiciro by'abantu bimaze kuvugwa, ibikorwa bikurikira birabujijwe kandi bikomeje kubuzwa:

a) Ibyaha byo kwangiza imibereho n'ubusugire bw'umubiri nk'ubwicanyi ubwo ari bwo bwose, guca ingingo z'umubiri, ibikorwa by'ubunyamaswa, kwica urubozo n'urw'agashinyaguro;

b) Gufata abantu ho ingwate;

c) Guhungabanya agaciro ka muntu, nko gukora ibikorwa bimutesha agaciro kandi bimukoza isoni;

d) Gukatira umuntu no kurangiza urubanza bidakomotse ku cyemezo cyafashwe n'urukiko rwemewe n'amategeko, mu buryo bukurikije imihango y'iburanisha irengera uregwa yemewe n'ibihugu byateye imbere mu isanzuramuco.

2) Inkomere n'abarwayi barakirwa bakavurwa.

Umuryango urengera ikiremwamuntu udafite aho ubogamiye, nk'Umuryango Mpuzamahanga Utabara Imbabare, ishobora gutabara impande zombi zishyamiranye. Abashyamiranye bihatira na bo gushyira mu bikorwa babinyujije mu masezerano yihariye ibindi byose biteganywa n'aya Masezerano, cyangwa bimwe muri byo. Ishyirwa mu bikorwa ry'izi ngingo zimaze kuvugwa, nta cyo bihindura mu rwego rw'amategeko ku miterere y'abashyamiranye."

rwego rw'amategeko, mu gisobnuro cy' intambara, n'ubwo guverinoma iba igomba kwitabaza abapolisi ndetse n'abasirikare, kugira ngo igarure umutekano . Bityo, havugwa ko intambara itari mpuzamahanga igihe imirwano ibaye hagati y'ingabo za gisirikare cyangwa imitwe yitwaje intwaro ifite amategeko igenderaho, kandi ikabera imbere mu gihugu kimwe.[121]

249. Rumaze gusobanura muri rusange ijambo intambara, Urugereko rusanga kugena niba imiterere y'intambara yujuje ibiteganywa n'Ingingo ya 3 rusange bigomba gusesengurwa kuri buri ntambara.

250. Kuri icyo kibazo, Urubanza rwa Akayesu rwatanze "ingingo yagenderwaho" ivuga ko bikwiye gusuzuma ubukare bw'imirwano n'imiterere y'inzego z'abayirimo, mbere yo kwemeza niba hari intambara itari mu rwego mpuzamahanga.[122]

251. Muri uru Rubanza, Urugereko na rwo rwemeye ibyo bisobanuro, ari nabyo byakurikijwe mu Rubanza rwa Rutaganda.

*Inyongera y'Amasezerano ya 2*

252. Nk'uko byavuzwe haruguru, Ingingo ya 3 rusange ubwayo ntitanga igisobanuro cy'« intambara itari mu rwego mpuzamahanga» . Ayo magambo atarigeze asobanuka neza mbere y'itegurwa ry'Inyongera y'Amasezerano ya 2 yagiye agira imyumvire myinshi kandi, mu kuyashyira mu bikorwa, ikoreshwa ryayo ryagiye kenshi rititabwaho[123.] Inyongera y'Amasezerano ya 2 yemejwe mu mwaka wa 1977 mu rwego rwo gushimangira no kurushaho kurengera abahohotewe n'intambara itari iyo mu rwego mpuzamahanga, ubwo hashyirwagaho ingingo zifatika, zitakumvwa n'abashyamiranye uko bishakiye ubwabo. Ni ukuvuga ko Inyongera ya 2 y'Amasezerano isobanura kandi ikuzuza amahame akubiye mu ngingo ya 3 rusange,

[121] Reba ibisobanuro byatanzwe n'Umuryango Utabara Imbabare Mpuzamahanga (CICR) ku Nyongera ya II w'Amasezerano, ibika 4338-4341.
[122] Reba *Urubanza rwa Akayesu,* ibika 619-620.
[123] Reba ibisobanuro byatanzwe n'Umuryango Mpuzamahanga Utabara Imbabare ku Nyongera yo muri Kamena 1977 w'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yo ku itariki ya 12 Kanama 1949, igika 4448

ariko adahinduye uburyo yubahirizwamo muri iki gihe. Bityo, iyo ibisabwa bifatika kugira ngo Inyongera ya 2 ikurikizwe bibonetse, iby'ibanze bisabwa kugira ngo Ingingo ya 3 ishobore kubahirizwa na byo biba byuzuye, kuko yo ikubiyemo byinshi kurushaho.

253. Inyongera ya 2 ikoreshwa mu bihe byose by'intambara bitabarirwa mu birebwa n'ingingo ya mbere y'Inyongera y'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yo ku wa 12 Kanama 1949, yerekeye kurengera abahohotewe n'intambara mpuzamahanga zibera ku butaka bwa kimwe mu bihugu byagiranye amasezerano, ikaba ishyamiranyije ingabo z'icyo gihugu n'izindi zigometse ku butegetsi, cyangwa se indi mitwe yitwaje intwaro iyobowe n'ubutegetsi buyishinzwe, izo ngabo zigometse cyangwa iyo mitwe bikaba byarigaruriye igice cy'igihugu, bikaba bikiyobora ku buryo bibyorohera kugaba buri gihe ibitero bya gisirikare byateguwe kandi bishobora kubahiriza [uyu] Mugereka. Ntihabarwamo imidugararo y'abenegihugu, n'imvururu nazo zibera imbere mu gihugu, tuvuge nk'imyigaragambyo, ibikorwa by'urugomo bitabera hamwe kandi bidahoraho n'ibindi bikorwa bisa nk'ibyo, bitafatwa nk'intambara ».[124]

254. Bityo ibintu bya ngombwa bigomba kuzuzwa kugira ngo Inyongera y'Amasezerano ya 2 ikoreshwe mu gihe ibikubiye mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga ni ibi bikurikira:

- Mu Rwanda habaye intambara ishyamiranya ingabo z'igihugu n'izindi ngabo zigometse cyangwa se n'imitwe yitwaje intwaro;

- Ingabo zigometse cyangwa imitwe yitwaje intwaro:
  - mu bikorwa byazo zabaga zifite ubuyobozi buzishinzwe;
  - zari zarigaruriye igice cy'ubutaka bw'u Rwanda zagenzuraga ku buryo byazishobokeraga gukora ibikorwa bya gisirikari buri gihe kandi byateguwe; kandi
  - zashoboraga kubahiriza Inyongera y'Amasezerano ya 2.

[124] Reba Ingingo ya mbere y'Inyongera y'Amasezerano wa II

255. Inyongera y'Amasezerano ihita ikoreshwa iyo ibisabwa mu ngingo yayo ya mbere byubahirijwe. Ariko, mbere yo kugira icyo ruvuga kuri ibi, Urugereko rusanga hari ibisobanuro bimwe rugomba gutanga kuri izo ngingo.

256. Inshoza « intambara » yamaze gusesengurwa haruguru, mu cyiciro cyahariwe Ingingo ya 3. Aha ni ukwibutsa gusa ko intambara itandukanye n'imvururu zibera imbere mu gihugu kubera ubukana bw'imirwano n'uburyo abashyamiranye bayoborwa. Inyongera y'Amasezerano ya 2 iteganya ko muri rusange abashyamiranye bagomba kuba ari ingabo z'igihugu zihanganye n'ingabo zigometse cyangwa se zirwanya abivumbagatanyije bibumbiye mu mitwe yitwaje intwaro ifite ubuyobozi buyishinzwe. Aha « Ingabo z'igihugu » cyasinye amasezerano zigomba kumvikana mu buryo bwaguye, kugira ngo habarirwemo ingabo zose, nk'uko zisobanurwa mu mategeko y'ibihugu.[125]

257. Byongeye kandi, ingabo zirwanya guverinoma zigomba kuba zifite ubuyobozi buzishinzwe buhamye. Ibi bisaba ko bene ukwivumbagatanya, cyangwa se abagize imitwe ya gisirikare yigometse, baba bafite inzego z'ubuyobozi zizwi, ariko ibi bikaba bitavuga ko bagomba byanze bikunze kuba bafite inzego za gisirikare zisa n'iz'ingabo zisanzwe za Leta. Ni ubuyobozi bushobora gutuma, ku ruhande rumwe, bategura kandi bagakora ibikorwa bya gisirikare buri gihe kandi bumvikanyeho – ibikorwa bya gisirikare bifite gahunda bigenderaho -, ku rundi ruhande, bagategeka ko habaho imyifatire yemejwe n'ubuyobozi.[126]

258. Byongeye kandi, izo ngabo zigomba kuba zigenzura bihagije igice kigaragara cy'igihugu ku buryo bizishobokera gukora ibikorwa bya gisirikare buri gihe kandi byumvikanyweho kandi n'abigometse bakabasha kubahiriza aya Masezerano.[127]

*Icyaha kigomba kuba gifite aho gihuriye n'intambara*

---

[125] Reba ibisobanuro byatanzwe n'Umuryango Mpuzamahanga Utabara Imbabare ku Nyongera ya 2, ibika kuva ku cya 4460 kugera ku cya 4462.
[126] Ni kimwe no haruguru, igika 4463.
[127] Ni kimwe no haruguru, ibika 4464- 4471.

259. Urugereko kandi rugomba kuba rwanyuzwe n'ibisobanuro byerekana ko icyaha cyakozwe gifite aho gihuriye n'intambara, kugira ngo ingingo ya 4 ishobore gukurikizwa.

260. Mu yandi magambo, ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego bigomba kuba bifitanye isano ya hafi n'imirwano cyangwa bikaba byarakozwe ku buryo bufitanye isano n'intambara.

261. Icyo kibazo cyakomojweho mu Rubanza rwa Akayesu, ubwo Urugereko rwasangaga ko ibikorwa uregwa yakoze byaragombaga kuba « … ku buryo bufitanye isano n'intambara ».[128]

262. Mu Rubanza rwa Rutaganda, Urugereko rwari rwasanze « isano » igomba gusobanurwa hifashishijwe ibikorwa bifatika. Ibimenyetso byatanzwe mu gushimangira ibirego uregwa ashinjwa bigomba gutuma Urugereko rwumva neza na ko iyo sano iriho. Bityo, Porokireri ni we ugomba kwerekana, ku buryo budashidikanywaho, akurikije ibyabaye bigaragara, ko hari isano koko hagati y'icyaha cyakozwe n'intambara[129]. Muri uru Rubanza, Urugereko rwemeye iyo mitekerereze.

**Abarebwa n'ayo Masezerano**

263. Hariho ibibazo bibiri bitandukanye byitabwaho ku bireba abo Urukiko rukurikiranaho icyaha cyo kwica Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano n'Inyongera ya 2 yayo: icya mbere kirebana n'icyiciro cy'abakoze ibyaha, icya kabiri kirebana n' icy'abahohotewe.

*Icyiciro cy'abakoze ibyaha*

[128] *Urubanza rwa Akayesu,* igika 643
[129] *Urubanza rwa Rutaganda,* ibika 102, 103. Imyanzuro kuri iyi ngingo irasa n'iyafashwe n'Urukiko mu *Rubanza rwa Kayishema na Ruzindana,* igika 188.

264. Nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève), uwakoze icyaha agomba kuba abarirwa muri « bamwe mu bashyamiranye », ariko, nk'uko biteganywa n'Inyongera y'Amasezerano ya 2[130], uwakoze icyaha agomba kuba abarirwa mu « basirikare », baba aba Leta, cyangwa abayigometseho.

265. Ari Amasezerano y'i Jeneve (Genève), ari Inyongera yayo, ntibisobanura neza amagambo « abashyamiranye » cyangwa « abasirikare ». Umuntu akurikije uko byanditse, ibigombwa gukorwa n'inshingano biteganywa n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) kimwe n'Inyongera zayo bireba gusa abantu bose bagize imitwe y'ingabo itegekwa n'ubuyobozi bwa gisirikare, bw'impande zombi zirwana.

266. Mu Rubanza rwa Akayesu, Urugereko rwavuze ariko ko bitewe n'icyari kigamijwe cy'ibanze igihe aya mategeko mpuzamahanga yashyirwagaho, ari cyo kurengera abantu no kubaramira, nta wagombye kugabanya cyane itsinda ry'abantu barebwa n'ibiteganywa n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) n'Inyongera yayo ya 2.[131] Mu by'ukuri, nk'uko bivugwa mu rubanza rwa Akayesu, igisobanuro kitaguye cy'ayo magambo cyagabanya ingamba zo kurengera abahohotewe cyangwa abashobora guhohoterwa n'intambara ayo Masezerano ateganya. Bityo, Urugereko rusanga aho kugira ngo icyiciro cy'abantu barebwa n'aya magambo kibe kigarukira gusa ku bantu b'ingeri zose bagize imitwe y'ingabo itegekwa n'ubuyobozi bwa gisirikare bw'impande zombi zirwana, kigomba kumvikana ku buryo bwaguye cyane, kugira ngo habarirwemo n'abantu babiherewe inshingano ku buryo bwemewe kandi bagombye kuba bari bashyigikiye cyangwa batanze inkunga ku ntambara, bitewe n'urwego rwabo rw'ubuyobozi cyangwa rw'umurimo muri Leta, cyangwa se abategetsi, cyangwa se na none abahagarariye mu by'ukuri Leta ariko ku buryo budateganyijwe n'amategeko. Ibi byemejwe kandi mu Rubanza rwa Rutaganda kimwe no mu Rubanza rwa Kayishema na Ruzindana.

---

[130] Ingingo ya mbere, agaka 1), y'Inyongera ya 2.
[131] *Inyandiko y'Urubanza rwa Akayesu,* ibika kuva ku cya 630 kugeza ku cya 634.

267. Na none hari ushobora kuvuga ko Uregwa, bitewe n'uko yari umusivili, adashobora kubarirwa mu « basirikare » (hakurikijwe ibisobanuro bishoboka byose by'iri jambo).

268. Nyamara biragaragara neza mu bukemuramanza bw'Inkiko za Nuremberi (Nuremberg), Tokyo n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda, ko abasivili nabo bashobora gukurikiranwaho kuba barakoze ibyaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, byakozwe mu gihe cy'intambara. Ariko Inkiko za Nuremberi (Nuremberg) na Tokyo zasuzumye iki kibazo mu rwego rw'intambara mpuzamahanga, mu gihe muri uru rubanza, havugwa intambara ishyamiranyije abenegihugu.

269. Uko biri kose ariko, bitewe n'agaciro kimwe n'akamaro imikirize ya ziriya manza yagira kuri uru Rubanza, Urugereko rusanga ari ngombwa kubanza gusuzuma ubwo bukemuramanza bumaze kuvugwa, mbere yo kugira icyo ruvuga kuri iki kibazo.

270. Mu rubanza rwa Zyklon B, Urukiko rwa gisirikare rw'u Bwongereza rwafashe icyemezo ntangarugero ku byerekeye kubahiriza ihame rivuga ko amategeko n'umuco byerekeranye n'intambara bitareba gusa abarwana, abakozi ba Leta n'abandi bayobozi b'igihugu, ahubwo binareba umuntu uwo ari we wese uri mu rwego rwatuma ashobora kuyica. Urwo Rukiko rwa Gisirikare rwakatiye urwo gupfa[132] abasivili babiri aribo Tech, wari utunze ikigo gicuruza peteroli n'ibiyikomokaho na Weinbacher wari umwungirije, rwashingiye ku ihame rivuga ko umusivili wese ugira uruhare mu kwica amategeko n'umuco byerekeye intambara na we ubwe ashobora gukurikiranwaho kuba yarakoze ibyaha by'intambara.[133]

271. Mu rubanza rwiswe urw'Urugomo rwa Essen (*Essen Lyinching Case*), abasivili batatu ari bo Braschoss, Kaufer na Boddenberg bahamwe n'icyaha cyo guhotora imfungwa

---

[132] Reba LRTWC, umutumba wa I, urup. 103
[133] Reba LRTWC, umutumba wa I, urup. 103

z'intambara zidafite intwaro, bitewe n'uko nabo bari bagize uruhare mu kwica urubozo abahohotewe, bibaviramo urupfu.[134]

272. Urubanza rwa Hadamar na rwo rwifashishije ihame rivuga ko ibiteganywa n'amategeko n'umuco byerekeye intambara bireba abarwana, ariko bikanareba abasivili, kandi ko abo basivili, mu gihe bakorera abo bahanganye ibikorwa binyuranyije n'amategeko, bashobora guhamwa n'ibyaha by'intambara. Muri urwo Rubanza, bamwe mu bakozi b'abasivili bakoreraga ikigo cya gisivili, icyo kigo kikaba ari ibitaro abarwayi baruhukiramo, bahamwe n'icyaha cy'ubwicanyi cyakorewe abakomoka mu bihugu byishyize hamwe mu ntambara, babatera imiti ibica.[135]

273. Aya mahame yakurikijwe kandi i Tokyo n'Urukiko Mpuzamahanga rwa Gisirikare rwashyiriweho akarere ka Aziya y'Uburasirazuba, ubwo rwemezaga ko Hirota wari Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'Ubuyapani ahamwa n'icyaha cyo kwica amategeko n'umuco byerekeye intambara.

274. Bityo, imanza zabaye nyuma y'Intambara ya Kabiri y'Isi yose zemeje ku buryo budasubirwaho igitekerezo cy'uko abasivili bagiranye ubumwe cyangwa bakoranye na rumwe mu mpande zishyamiranye, babiryozwa ku giti cyabo. Ihame ryo kuryoza icyaha abasivili kubera kwica amategeko yerekeye intambara, rishingiye ku mpamvu n'intego byo kugoboka abantu bigamijwe n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) n'Inyongera zayo, afite inshingano yo kurinda amarorerwa abahohoterwa n'intambara.[136]

275. Bityo, Urugereko rusanga uregwa ashobora kubarirwa mu bantu baryozwa icyaha cyo kwica bikomeye amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, ku buryo bw'umwihariko Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano n'Inyongera yayo ya 2.

*Icyiciro cy'abahohotewe*

[134] Reba LRTWC, umutumba wa I, urup. 88
[135] Reba LRTWC, umutumba wa I, impap. 46-55
[136] *Urubanza rwa Akayesu,* igika 633.

276. Nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 3 (1) ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève), abantu badafite uruhare rutaziguye mu mirwano, n'iyo baba ari abasirikare bafashije intwaro hasi kimwe n'abantu batagishoboye kurwana, bagomba kurengerwa. Ingingo ya 4 y'Inyongera y'Amasezerano ya 2 ireba « abantu bose badafite uruhare mu mirwano ku buryo butaziguye cyangwa se batakiyirimo ».

277. Ingingo ya 50 y'Inyongera y'Amasezerano ya I, mu gika cyayo cya mbere, ivuga ko: « Afatwa nk'umusivili umuntu wese utabarirwa muri kimwe mu byiciro by'abantu bivugwa mu ngingo ya 4 A) 1), 2), 3) n'iya 6) z'Amasezerano ya gatatu no mu ngingo ya 43 y'uwo Mugereka. » Buri ngingo muri izi irondora ubwoko bw'abarwana.

278. Ushingiye kuri ibi, Umuryango Utabara Imbabare Mpuzamahanga wafashe umwanzuro ukurikira: « … bityo rero, Inyongera yemeje ingingo ishimishije, isobanura abo bitareba, ni ukuvuga ko abaturage b'abasivili bagizwe n'abantu batari abasirikare, cyangwa se batagishoboye kurwana ».[137]

279. Nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 13 2) y'Inyongera y'Amasezerano ya 2, rubanda rw'abasivili n'abantu b'abasivili ku giti cyabo, ntibagabwaho ibitero. Ariko, iyo abasivili bagize uruhare rutaziguye mu mirwano, batakaza uburenganzira bwabo bwo kurengerwa nk'abasivili nyirizina, biryo bakabarirwa mu cyiciro cy'abarwana. Kugira uruhare « rutaziguye » mu mirwano bisobanura kwitabira ibikorwa by'intambara, bifite kamere cyangwa intego yo kwibasira mu by'ukuri abasirikare cyangwa ibikoresho by'ingabo zo ku rundi ruhande.

280. Rushingiye ku myanzuro yafashwe mu Rubanza rwa Rutaganda, Urugereko rusanga umusivili ari umuntu wese utabarirwa mu cyiciro « cy'abakoze icyaha » (nk'uko cyasobanuwe haruguru), ni ukuvuga abantu b'ingeri zose bagize imitwe y'ingabo itegekwa n'ubuyobozi bwa gisirikare bw'impande zombi zirwana, cyangwa abantu ku

[137] Reba ibisobanuro byatanzwe n'Umuryango Mpuzamahanga Utabara Imbabare ku Nyongera y'Amasezerano II, urup. 610, icyiciro 1913.

giti cyabo babiherewe inshingano ku buryo bwemewe kandi bagombye kuba bari bashyigikiye cyangwa batanze inkunga mu ntambara, bitewe n'urwego rwabo rw'ubuyobozi cyangwa rw'umurimo muri Leta, cyangwa se abategetsi, cyangwa na none abahagarariye Leta ariko ku buryo batashyizweho n'itegeko. Icyiciro cy'abasivili muri rusange kimaze gusobanurwa; ni ngombwa ariko gusuzuma niba, kuri buri muntu wahohotewe, hari ikimenyetso cyatanzwe cyerekana niba yashyirwa mu cyiciro cy'abasivili.

281. Kuri iyi ngingo, Urugereko ruributsa ko Inyandiko y'ibirego ivuga ko abahohotewe bose bari abasivili, ko muri rusange bari abagabo, abagore n'abana bahungaga ubwicanyi.

**Ifasi irebwa n'aya Masezerano**

282. Nyuma yo gusuzuma aho amasezerano yakoreshwa hashingiwe ku miterere y'ibyaha byakozwe, n'abantu barebwa n'ayo masezerano, Urugereko rugiye gusuzuma niba ibisabwa ku miterere y'ahantu icyaha cyakorewe nabyo byujujwe.

283. N'ubwo, haba mu Ngingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano, haba mu Nyongera y'Amasezerano ya 2, nta na hamwe ku buryo bw'umwihariko havugwa ingingo zerekeye ifasi irebwa n'ayo Masezerano; kurengera abantu hashingiwe kuri aya Masezerano bireba igihugu cyose kiberamo imirwano, iyo ibindi bisabwa ngo aya Masezerano akurikizwe byubahirijwe. Bityo rero, abantu bibasiwe n'imirwano barengerwa n'Umugereka, aho baba bari hose imbere mu gihugu kiberamo intambara.[138]

284. Iyi mitekerereze ni yo yagendeweho mu Rubanza rwa Akayesu[139], mu Rubanza rwa Rutaganda[140] no mu Rubanza rwa Tadic[141] (ku bireba by'umwihariko Ingingo ya 3

[138] Reba ibisobanuro byatanzwe n'Umuryango Mpuzamahanga Utabara Imbabare Mpuzamahanga ku Nyongera y'Amasezerano ya 2, igika 4490.
[139] *Urubanza rwa Akayesu,* ibika 635-636.
[140] *Urubanza rwa Rutaganda,* igika 104.

ihuriweho n'Amasezerano), ubwo abacamanza bafataga umwanzuro w'uko ibiteganywa n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano n'Inyongera yayo ya 2 bikoreshwa ku butaka bwose bw'igihugu kiri mu mirwano, ko bitagarukira gusa mu gace intambara irimbanyirijemo cyangwa se ku « karere gato » imirwano iberamo.

**Ibyaha nyirizina**

285. Nk'uko bivugwa mu Nyandiko y'ibirego mu kirego cya 8 n'icya 9, Musema arashinjwa kuba yarakoze ibyaha binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yo mu mwaka wa 1949, n'Inyongera ya 2 y'ayo Masezerano, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 4 a) na e) ya Sitati. Bitewe rero n'uko ibisabwa ku ngingo ya 4 ya Sitati, nk'uko byavuzwe haruguru, byujujwe, Porokireri ni we ugomba noneho kwerekana ko ibikorwa Musema aregwa bigize icyaha ubwabyo kandi ko byakozwe hagamijwe icyaha nk'uko biteganywa n'ingingo ya 4 a) na e) za Sitati.

**Ibikorwa bigize ibyaha bivugwa mu ngingo ya 4 a) ya Sitati**

a) *Ubuhotozi*: ibigize icyaha cy'ubuhotozi bivugwa mu cyiciro cya 3.3 cyerekeye ibyaha byibasiye inyokomuntu, mu mutwe w'uru rubanza urebana n'amategeko akurikizwa.

b) *Kwica urubozo*: Kwica urubozo ni igikorwa cyose gitera umuntu ku bwende ububabare bukabije, bwaba ubw'umubiri bwaba ubwo mu mutwe, kigamije nko gutuma atanga amakuru cyangwa agira ibyo yemera cyangwa bikorwa n'undi muntu, kumuhanira igikorwa we ubwe cyangwa undi yakoze, kumushyiraho iterabwoba cyangwa kumuhatira gukora ikintu, cyangwa gushyira iterabwoba ku wundi muntu cyangwa kumuhatira gukora ikintu cyangwa se bitewe n'indi mpamvu ishingiye

[141] Reba Urubanza rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda ku bujurire bw'Ubwunganizi bwerekeye icyemezo cy'agateganyo cyafashwe ku ngoboka y'iburabubasha yatanzwe n'Ubwunganizi, 2 Ukwakira 1995, igika 69.

ku ivangura cyangwa indi yose, mu gihe ubwo bubabare cyangwa uko kuribwa byakozwe n'umukozi wo mu mirimo bwite ya Leta cyangwa undi muntu ukora mu izina rya Leta cyangwa se bimuturutseho cyangwa yabyemeye ku mugaragaro cyangwa mu buryo buteruye. Aha ntihabarirwamo ububabare cyangwa kuribwa kundi gutewe gusa n'ibihano biteganywa n'amategeko, ububabare bukomotse kuri ibyo bihano cyangwa ubwo byabereye nyirabayazana.

c) *Guca ingingo z'umubiri*: Ni ugutera ububabare bukabije cyangwa uburema umubiri w'uwahohotewe

**Ibikorwa bigize ibyaha bivugwa mu ngingo ya 4 e) ya Sitati**

a) *Ibikorwa bitesha umuntu agaciro binamukoza isoni*: Ibikorwa bitesha agaciro umuntu bikanamukoza isoni, ni ibituma abahohotewe bata agaciro. Muri ibyo bikorwa bisa n'ibitesha agaciro umuntu, habonekamo kwica urubozo ku buryo budakabije, uretse ko impamvu ituma umuntu akora icyaha cyo kwica uruboza idasabwa mu bikorwa bitesha umuntu agaciro binamukoza isoni kandi bikaba atari ngombwa ko ibyo bikorwa bigayitse bihagarikirwa n'ubutegetsi bwa Leta.

b) *Gusambanya ku gahato*: Ibigize icyaha cyo gusambanya ku gahato byavuzwe haruguru, mu cyiciro cya 3.3 kirebana n'ibyaha byibasiye inyokomuntu.

c) *Gukora ibiterasoni*: Icyo cyaha kibaho iyo uregwa yateye ububabare cyangwa igikomere uwahohotewe, kubera igikorwa gishingiye ku gitsina akoresheje agahato, imbaraga, cyangwa iterabwoba, kandi uwakorewe icyaha atabyemeye.

**Kunyuranya n'amasezerano ku buryo bukomeye**

286. Ingingo ya 4 ya Sitati ivuga ko «Urukiko Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rufite ububasha bwo gukurikirana abantu banyuranyije cyangwa bategetse abandi kunyuranya bikomeye n' Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano n'Inyongera ya 2 yayo ». Mu rubanza rwa Akayesu, Urugereko, rukurikije urubanza rwa Tadic[142] mu bujurire, rwumvako inshoza « ibyaha bikomeye » isobanura icyaha kinyuranyije n'itegeko rirengera agaciro gakomeye ka muntu kikagira ingaruka zikomeye ku uwahohotewe".[143]

287. Urutonde rw'ibyaha bikomeye bivugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati ruvugwa kandi mu ngingo ya 3 ihuriwe ho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève), ishyira ho « uburenganzira bw'ibanze bwa ngombwa kugira ngo umuntu avuge ko abibasiwe n'intambara, nibura, barengewe. Urwo rutonde ruri mu ngingo ya 4 ya Sitati, rukubiyemo ibyaha bikomeye binyuranyije n'ingingo z'ingenzi za ngombwa zo kurengera abantu mu gihe cy'intambara, kandi, nk'uko byavuzwe haruguru, zemewe ko ziri mu bigize amategeko mpuzamahanga agendera ku muco.

288. Urugereko rusanga kwica izo ngingo zimara e z'ingenzi za ngombwa zirengera abantu mu gihe cy'intambara, bitewe na kamere yabyo, bigomba gufatwa nk'icyaha gikomeye.

[142] Ni kimwe no haruguru, igika 94
[143] *Urubanza rwa Akayesu*, igika 616.

### 3.5. Impurirane y'ibyaha

289. Nk'uko bigaragara mu Nyandiko y'ibirego, Uregwa, bitewe n'ibyaha ashinjwa mu rwego rw'ibyabaye bivugwa mu bika kuva kuri 4.1 kugera kuri 4.11, akurikiranyweho icyarimwe ibyaha umunani bikomatanyijwe. Urugereko ruribaza niba ruramutse rusanze ku buryo budashidikanywaho hari igikorwa cyagaragaye gishyirwa n'amategeko mu moko menshi y'ibyaha kandi kiri mu birego binyuranye, rugomba guhamya Uregwa rimwe gusa muri ayo moko y'ibyaha, cyangwa niba rushobora kwemeza ko Uregwa ahamwa n'ibyaha byose bishingiye kuri icyo gikorwa.

290. Mbere na mbere Urugereko rusanga ihame ry'impurirane y'ibyaha ryarakurikijwe mu Rukiko rwa Nuremberi (Nuremberg), ku bireba nk'ibyaha by'intambara n'ibyaha byibasiye inyokomuntu.[144]

291. Ku bireba ku buryo bw'umwihariko impurirane y'ibyaha binyuranye biteganywa na Sitati, mu Rubanza rwa Akayesu, Urugereko rwasuzumye iki kibazo maze rufata umwanzuro ukurikira:

[144] Mu nyandiko y'ibirego yakorewe abagizi ba nabi ba ruharwa b'Abadage bakoze ibyaha by'intambara baburanishijwe mu Rukiko Mpuzamahanga rwa Gisirikare, havugwamo ko Porokireri azagaragaza ibyaha bashinjwa mu kirego cya gatatu, (kwica amategeko n'umuco byerekeye intambara), nk'ibyaha byibasiye inyokomuntu (ikirego cya kane). Abashinjwa benshi bahamwe n'ibyaha by'intambara hamwe n'ibyaha byibasiye inyokomuntu. Mu Rubanza rwaciriwe i Nuremberi (Nuremberg) ku itariki ya 30 Nzeri n'iya 1 Ukwakira 1946, Urukiko Mpuzamahanga rwa Gisirikare rwafashe umwanzuro w'uko kuva intambara yatangira mu mwaka wa 1939, ibyaha by'intambara, binabarirwa mu byaha byibasiye inyokomuntu, byakozwe ari byinshi kandi bikorerwa ahantu henshi. Ibisobanuro ku rubanza rwiswe urw'*Ubutabera* na byo byavugaga gutyo: biragaragara ko ibyaha by'intambara binashobora kuba ibyaha byibasiye inyokomuntu, ibyaha bimwe bishobora kugira uburemere bumwe muri ayo moko yombi y'ibyaha by'ubugome. Imanza zaregewe hakurikijwe Itegeko rya 10 ry'Inama y'Ubugenzuzi nazo zemeje nk'ibyo. *Pohl, Heinz Karl Franslau, Hans Loerner,* na *Erwin Tschentscher* bose bahamwe no kuba barakoze ibyaha by'intambara n'ibyaha byibasiye inyokomuntu. Imanza zo mu rwego rw'igihugu nk'urwa *Quinn c. Robinson,* urubanza rwa *Eichmann* n'urubanza rwa *Barbie,* ziza zishimangira uwo mwanzuro. Mu *Rubanza rwa Tadic,* Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo II rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze cyitwa Yugosilaviya, rushingiye ku mitekerereze imaze kuvugwa haruguru, rwafashe umwanzuro w'uko ibikorwa birondorwa ahandi muri Sitati bishobora na byo kuba intandaro y'inyongera y'ibyaha, biramutse bigaragayemo itoteza. Bityo, ibikorwa bimwe, biranga ibindi byaha by'ubugome, nk'ibinyuranya ku buryo bukomeye n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève), ibyica amategeko n'imico ku bijyanye n'intambara kimwe na jenoside, bishobora na byo kuba ari ibyaha byibasiye inyokomuntu by'itoteza.

> « […] rusanze byemewe ko Uregwa ashobora guhamwa n'ibyaha bibiri ku bikorwa bimwe mu bihe bikurikira: (1) ibyaha bigizwe n'ibintu bitandutakanye; (2) amategeko ateganya ibyo byaha arengera inyungu zitandukanye, cyangwa (3) ni ngombwa ko Uregwa ahabwa ibihano kuri ibyo byaha byombi kugira ngo imyitwarire ye yose ihanirwe. Ariko kandi, Urugereko rusanze nta mpamvu yo guhamya Uregwa ibyaha bibiri ushingiye ku bikorwa bimwe igihe (a) kimwe muri ibyo byaha ari icyaha gito kigize ikindi […], cyangwa (b) iyo icyaha kimwe gituma akurikiranwa nk'icyitso, ikindi nka gatozi ».[145]

292. Mu Rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo II rw'Urukiko, rwemeye na rwo ibi bivuzwe ku mpurirane y'ibyaha, rusanga ibyaha bishobora gusa gukomatanywa iyo:

> « (1)ibintu bigize ibyo byaha bitandukanye, cyangwa (2) inyungu umuryangomuntu ushaka kurengera ukoresheje ayo mategeko, zitandukanye ».[146]

293. Mu Rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, urwo Rugereko rwafashe umwanzuro w'uko ikomatanya ry'ibirego muri uru rubanza nta shingiro ryari rifite, ko kandi ritari kwemerwa mu mategeko. Rwasanze ibintu byose bisabwa muri urwo rubanza, birimo n'igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha, kugira ngo habeho jenoside, ari nabyo bisabwa kugira ngo habeho icyaha cy'itsembatsemba, n'icy'ubuhotozi; kimwe n'uko ibimenyetso bitangwa mu kugaragaza ibyo byaha ari bimwe. Byongeye kandi, ku bw'uru Rugereko, inyungu umuryangomuntu ushaka kurengera na zo ni zimwe. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga Porokireri yaragombaga gusaba ko Uregwa yakurikiranwa ku byaha bimwe ari uko ibindi bitamuhamye aho kubikurikiranwaho byose uko byakabaye.[147]

294. Umucamanza Tafazzal H. Khan, umwe mu bari bagize Urugereko mu ikiza ry'Urubanza rwa Kayishema na Ruzindana, yatanze igitekerezo kinyuranye

---

[145] *Urubanza rwa Akayesu,* igika 468.
[146] *Urubanza rwa Kayishema na Ruzindana,* igika 627.
[147] *Urubanza rwa Kayishema na Ruzindana,* ibika 645, 646 na 650.

n'icy'abandi ku mikoreshereze muri uru rubanza y'impurirane y'ibyaha. Agendeye ku bukemuramanza busanzwe bukurikizwa, yagaragaje ko Urugereko rutagombye kwibanda bene ako kageni ku bikorwa bisa biri mu byaha by'impurirane:

> « Ikigomba guhanirwa ni imyitwarire mibisha; iri hame rikoreshwa iyo imyitwarire imwe y'ubugome yatumye habaho ibyaha bibiri cyangwa byinshi, kandi ibikorwa bikaba cyangwa ntibibe nyirabayazana y'ingingo zinyuranye zigize ibyo byaha bibiri, nk'uko byagaragajwe ».[148]

295. Mu gitekerezo cye kinyuranye n'icy'abandi, Umucamanza Khan yashimangiye kandi ingingo y'uko gusuzuma ku buryo burambuye ibirego no gutanga ibihano bikwiye bigira uruhare mu kugaragaza neza imyitwarire y'ubugome y'Uregwa:

> « […] mu gihe icyaha cy'uregwa cyabaye mu rwego rw'igitero rusange kandi kiri kuri gahunda cyagabwe ku buryo bugambiriwe ku basivili, gukatira umuntu ibihano ushingiye gusa kuri jenoside ntibituma imyitwarire y'ubugome y'uwakoze icyaha igaragara neza. Na none kandi, iyo benshi mu bacamanza baba bahisemo kumukatira bashingiye gusa ku itsembatsemba, batitaye kuri jenoside, icyemezo cy'urukiko nticyari gutuma na bwo uburemere nyakuri bw'imyitwarire y'Uregwa bugaragara ».[149]

296. Uru rugereko ruremera rwose igitekerezo kinyuranye n'icy'abandi bacamanza uko kivuzwe. Rusanga iyi myumvire yemera ihame ry'impurirane y'ibyaha, bushimangirwa kandi n'ibyemezo binyuranye byafashwe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze Cyitwa Yugosilaviya. Bityo, mu rubanza Porokireri aburana na Zoran Kupreskic na bagenzi be, Urugereko rwa mbere rw'iremezo rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze Cyitwa Yugosilaviya, mu cyemezo cyarwo ku ngoboka z'Ubwunganizi ku makosa yari ku miterere y'Inyandiko y'ibirego, rwafashe uyu mwanzuro:

[148] *Urubanza rwa Kayishema na Ruzindana,* Igitekerezo cyihariye kandi kinyuranye n'icy'abandi cy'umucamanza Tafazzal Hossain Khan ku birebana n'ibyemezo by'Urukiko ku birego by'ibyaha byibasiye inyokomuntu / ubuhotozi n'ibyaha byibasiye inyokomuntu / itsembatsemba, igika 13.
[149] Ni kimwe no haruguru, igika 33.

> « Porokireri ashobora kuba afite ukuri mu kurega Ushinjwa impurirane y'ibyaha, bitewe n'uko ingingo z'ingenzi ziteganywa na Sitati ashingiraho zigamije kurengera inyungu zitandukanye kandi ko buri ngingo y'itegeko isaba gutangirwa ikimenyetso cyemewe n'amategeko kidasabwa mu zindi ngingo ».[150]

297. Byongeye kandi, Urugereko ruremeza ko ibyaha bivugwa muri Sitati - jenoside, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) kimwe n'Inyongera yayo ya 2 – bigizwe n'ibintu binyuranye, kandi cyane cyane, ko ihanwa rya byo rigamije kurengera inyungu zitandukanye. Ubwo rero biraboneye ko habaho inyito nyinshi z'ibyaha, ku bikorwa bimwe, kugira ngo hagaragazwe neza imiterere nyakuri y'ibyaha uregwa yakoze.

298. Urugereko rusanga kandi mu miryango y'amategeko ikomoka ku Baromani, harimo n'ay'u Rwanda, ihame ry'impurirane y'imbonezamugambi y'ibyaha ituma, rimwe na rimwe, igikorwa kimwe kigira inyito nyinshi mu rwego rw'amategeko. Amategeko y'u Rwanda yemera ko hashobora gutangwa ibihano binyuranye iyo ibintu biteye nk'uko bisobanurwa mu bikurikira:

> « Igitabo cy'amategeko ahana y'u Rwanda: Umutwe wa VI – Impurirane y'ibyaha:
>
> Ingingo ya 92. Haba impurirane y'ibyaha iyo umuntu umwe yakoze ibyaha byinshi nta na kimwe muri byo cyakirijweho urubanza rudasubirwaho.
>
> Ingingo ya 93. Haba impurirane y'imbonezamugambi:
>
> 1. Iyo igikorwa kimwe ubwacyo gishobora kubyara ibyaha byinshi;

[150] *Porokireri aburana na Zoran Kpreskic na bagenzi be:* "icyemezo ku bijyanye no kunengwa kw'Inyandiko y'ibirego kwabyukijwe n'Ubwunganizi, bitewe n'imiterere y'iyo nyandiko (Urubanza n° IT-95-16-PT), 15 Gicurasi 1998.

2. Iyo igikorwa kigize ibikorwa byavamo ubwabyo ibyaha bitandukanye, bifatanyijwe n'uko bigamije umugambi w'icyaha kimwe cyangwa n'uko bimwe muri ibyo ari impamvu zongera ububi bw'ibindi.

3. Ku byerekeye ibivuzwe ku cya mbere, ibihano bizacibwa ni ibyateganirijwe icyaha kirushije ibindi gukomera; ku byerekeye ibivugwa ku cya kabiri, ibihano bizacibwa ni ibyateganirijwe guhana icyaha gikomeye kurusha ibindi, ariko igihano ntarengwa cya byo kikaba cyashobora kongerwaho icya kabiri cyacyo.

299. Rushingiye kandi ku bimaze kuvugwa, nko ku Manza za Akayesu na Rutaganda, Urugereko rusanga hari ubwo biba bifite ishingiro kwemeza ko uregwa ahamwa n'ibyaha bibiri, cyangwa byinshi, ku bikorwa bimwe.

## 4. INGINGO Z'UBWUNGANIZI

300. Ubwo yitabaga Urukiko bwa mbere ku itariki 18 Ugushyingo 1997, Musema yahakanye ibyaha byose aregwa bikubiye mu Nyandiko ya mbere y'ibirego. Inyandiko y'ibirego imaze guhindurwa, Musema yahakanye, ku itariki ya 20 Ugushyingo 1998 no ku itariki ya 6 Gicurasi 1999, ibyaha bishyashya aregwa.

301. Ubwunganizi bwatanze ingingo eshatu rusange:

1. Porokireri ntiyerekanye ko Musema yakoze icyaha;

2. Porokireri ntiyatanze ibimenyetso bihagije kugira ngo yemeze Urugereko ku buryo budashidikanywaho ko Musema yakoze icyaha;

3. Porokireri ntiyashoboye kuvuguruza imyiregurire ya *alibi* ya Musema. [151]

302. Mu gushimangira izo ingingo, Ubwunganizi bwemeye ibikorwa bimwe na bimwe buburana, buvuga ko Musema atari aho icyaha aregwa cyakorewe igihe cyakorwaga, kandi butanga n'izindi ngingo. Izo ngingo zose ziragarukwaho, imwe ukwayo, mu byiciro bikurikira.

### 4.1 Ibintu rusange byemewe n'Ubwunganizi

303. Musema yemeye ibyabaye bikurikira biri mu Nyandiko y'ibirego kuva mu gika cyayo cya 4.1 kugeza mu gika cya 4.5, igika cya 4.9 n'icya 4.11.

### Igika cya 4.1 cy'Inyandiko y'ibirego

304. Igihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byabaga, u Rwanda rwari rugizwe na perefegitura 11: Butare, Byumba, Cyangugu, Gikongoro, Gisenyi, Gitarama, Kibungo,

[151] Reba imyanzuro mu magambo y'Ubwunganizi, 28 Kamena 1999

Kibuye, Kigali y'Umujyi, Kigali-Ngari na Ruhengeri. Buri perefegitura yari igabanyijemo amakomini, buri komini igabanyijwemo amasegiteri, na buri segiteri igabanyijemo amaselire.

**Igika cya 4.2 cy'Inyandiko y'ibirego**

305. Ubwo ibivugwa byababaga mu Rwanda hagati y'itariki ya mbere Mutarama n'iya 31 Ukuboza 1994, abahutu, abatutsi n'abatwa bafatwaga nk'amako yihariye.

**Igika cya 4.3 cy'Inyandiko y'ibirego**

306. Ku itariki ya 6 Mata 1994, indege yari itwaye abantu barimo Yuvenari Habyarimana, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, yarashwe iri hafi kugwa ku kibuga cy'indege cy'i Kigali. Mu masaha yakurikiye ihanurwa ry'indege ya Perezida, habaye ubugizi bwa nabi. Ubwicanyi bwahise butangira muri Kigali no mu yandi ma perefegitura y'igihugu. Ibyo ni byo byabaye intangiriro ya jenoside.

**Igika cya 4.4 cy'Inyandiko y'ibirego**

307. Kuva hafi y'itariki ya 9 Mata 1994 kugeza ku itariki ya 30 Kamena 1994, abantu babarirwa mu bihumbi bagizwe n'abagabo, abagore n'abana buhungiye mu karere ka Bisesero. Abenshi muri bo bari abagabo, abagore n'abana bo mu bwoko bw'abatutsi bashakaga guhunga ibitero byibasiraga abatutsi byari byatangiye kugabwa mu duce twose twa Perefegitura ya Kibuye. Akarere ka Bisesero kari mu makomini abiri ya Perefegitura ya Kibuye.

**Igika cya 4.5 cy'Inyandiko y'ibirego**

308. Abantu bahungiraga mu karere ka Bisesero bakomeje guterwa kuva hafi y'itariki ya 9 Mata 1994 kugeza ku ya 30 Kamena 1994. Kugira ngo bice abatutsi muri Bisesero, ababateraga bakoreshaga imbunda, gerenade, imihoro, amacumu, imipanga, ibikoni

n'izindi ntwaro. Ibyo bitero bivugwa byahitanye abantu babarirwa mu bihumbi bikomeretsa n'abandi benshi mu bagabo, abagore n'abana bari bahungiye mu karere ka Bisesero.

**Igika cya 4.9 cy'Inyandiko y'ibirego**

309. Ahagana ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, abasivili b'abatutsi bahungiye ku gasozi ka Muyira, muri Komini Gisovu, Segiteri Rwamkuba . Musema yemera kandi ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, igitero gikomeye cyagabwe ku gasozi ka Muyira, cyibasira abasivili b'abatutsi.

310. Ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, jenoside yakorewe abatutsi ku gasozi ka Muyira. Musema yemera kandi ko kuri uwo munsi, ku gasozi ka Muyira, habaye ubuhotozi, ibikorwa by'itsembatsemba n'ibindi bikorwa birenze kamere muntu. Ibyo byabaye mu rwego rw'ibitero rusange cyangwa biri kuri gahunda byibasiye abaturage b'abasivili kubera ubwoko bwabo.

**Igika cya 4.11 cy'Inyandiko y'ibirego**

311. Guverinoma y'Agateganyo yarahiye ku itariki ya 9 Mata 1994. Yari igizwe n'ibikomerezwa by'abahutu gusa. Iyo Guverinoma yafashe umugambi wariho wo gutsemba abatutsi. Bamwe mu bagize iyo Guverinoma bashishikarije abaturage gukuraho « umwanzi » hamwe n' « ibyitso » bye. Musema yemera ko bamwe mu bagize Guverinoma y'Agateganyo bagize uruhare rutaziguye mu bwicanyi. Mu gihe cya jenoside, abasirikare ba Leta y'u Rwanda, cyane cyane abo mu mutwe wari ushinzwe kurinda Perezida wa Repubulika, abo mu mutwe w'abaparakomando n'abo mu mutwe wari ushinzwe ubutasi, bafatanyije n'imitwe yitwara gisirikare, bagize uruhare rugaragara mu bwicanyi bwibasiye abatutsi bwabereye mu Rwanda hose.

312. Mu myaka yakurikiye ubwigenge, inzego za politiki zari zikubiwe n'abantu babarirwa mu bwoko bw'abahutu. abatutsi bahejwe mu myanya y'ubuyobozi bwa Leta no mu gisirikare.

313. Musema yemera ko habayeho ubushyamirane bushingiye ku moko hagati y'abahutu n'abatutsi, bwatumye abaturage ba nyamuke b'abatutsi bahunga u Rwanda bakajya mu bihugu bituranye n'u Rwanda. Abatutsi n'abafatwaga nka bo bibasiwe n'ibikorwa by'urugomo inshuro nyinshi. Urugero: nyuma y'iminsi mike u Rwanda rutewe na FPR (yari igizwe ahani n'impunzi z'abatutsi) ku itariki ya 1 Ukwakira 1990, abatutsi kimwe n'abahutu batavugaga rumwe n'ubutegetsi bitwaga ibyitso bya FPR bafashwe n'ubutegetsi bwa MRND bwa Habyarimana. Musema avuga ko hagati y'umwaka wa 1990 n'ukwezi kwa Mata 1994, ubwo butegetsi bwishe bamwe mu batavugaga rumwe nabwo kandi bwica abasivili benshi b'abatutsi bari mu giturage. Guverinoma y'agateganyo yagiyeho nyuma y'urupfu rwa Habyarimana yarangwaga n'ivanguramoko rikorwa n'abahutu kandi yashishikarizaga abantu ku mugaragaro gutsemba abatutsi no kurimbura umwanzi n'ibyitso bye. Abantu b'ibikomerezwa bari ibyegera bya Habyarimana bacengeje amatwara bifashishije ibiganiro kuri radio bandika no mu binyamakuru bagamije gukwirakwiza ibitekerezo byabo birangwa n'urwango no gushora abantu mu mvururu zishingiye ku moko kimwe no kurimbura abatutsi n'ibyitso byabo. Na none kandi ishyaka MRND ryashyizeho kandi rinaha imyitozo urubyiruko rw'amashyaka yari ashingiye ku moko, harimo Interahamwe (umutwe w'urubyiruko rwa MRND). Guverinoma y'agateganyo yageze ku ntego yayo yo gutsemba abatutsi n'ibyitso byabo ishishikariza abaturage kubarimbura.

314. Abasirikare n'abagize imitwe yitwara gisirikare bashyizeho za bariyeri mu mihanda hirya no hino mu mugi wa Kigali. Buri muntu wese wageraga kuri izo bariyeri bamubazaga indangamuntu ye, bamwe muri abo bantu babatsindaga aho. Abasirikare, akenshi bashyigikiwe n'iyo mitwe, bakoze amarondo mu mujyi wose bagamije kwica abatutsi n'abantu bamwe batavugaga rumwe n'ubutegetsi. Musema yemera ko ku muhanda wose wa Kigali-Gitarama, hari harashyizweho za bariyeri zicungwa n'abantu ku giti cyabo, bamwe ndetse bakaba basinze kandi bitwaje imihoro n'izindi ntwaro.

Yemera ko yabonye imirambo myinshi yari ku nkengero z'umuhanda kandi ko yabonye aho basahura. Musema yemera ko abantu babaga biciwe kuri za bariyeri bashinjwaga ko ari Inyenzi, kubera ko bari abatutsi, cyangwa se ko basaga na bo.

315. Gushishikariza abantu urwango rushingiye ku bwoko byafashe isura y'ibiganiro bibera mu ruhame bitangwa n'abantu batsimbaraye ku bitekerezo by'intangondwa.

316. Mu mezi ya Mata, Gicurasi na Kamena y'umwaka wa 1994, muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita muri Perefegitura ya Kibuye, ho mu Rwanda, habaye jenoside yibasiye abatutsi. Musema yemera ko hagati y'itariki ya mbere Mutarama n'iya 31 Ukuboza 1994, mu Rwanda hose hagabwe ibitero rusange cyangwa biri kuri gahunda byibasiye abaturage b'abasivili kubera umutwe wa politiki barimo, cyangwa ubwoko bwabo.

### 4.2 Imyiregurire ya *alibi*

317. Mu ngingo zo kwiregura Ubwunganizi bwashingiyeho harimo *alibi*. Ubwunganizi bwavuze ko Musema atari aho ubwicanyi buvugwa bwabereye cyangwa ko yakoraga indi mirimo itari iyo bavuga yakoraga mu gihe ibyaha biri mu Nyandiko y'ibirego byaba byarakorewe. Mu myiregurire yabwo, Ubwunganizi butanga ibimenyetso by'ingeri eshatu:

(a) Ubuhamya bw'Uregwa, bushimangiwe n'ibimenyetso byanditse;

(b) Ubuhamya bw'abagabo bashinjura bushimangira ubwa Musema;

(c) Ubuhamya bw'abagabo bugamije kwerekana ukuri kw'inyandiko zimwe na zimwe.

318. Urugereko rwasuzumye ibya ngomba bisabwa mu rwego rw'amategeko mu kwireguza *alibi*[152].

[152] Reba icyiciro 2.3 cy'urubanza

319. Ku byerekeye *alibi*, Ubwunganizi bwatanze ingingo z'ibice bibiri; izo mu gice cya mbere zerekeye ibikubiye mu ngingo ya *alibi*, naho izo mu gice cya kabiri zigamije gusubiza Porokireri uhakana iyo ngingo.

### 4.2.1 Ibikubiye muri *alibi*

*Aho Alfred Musema yari ari hagati y'itariki ya 6 n'iya 14 Mata 1994*

320. Uwunganira Uregwa yemeje ko Musema atari ku Ruganda rw'icyayi ku itariki ya 6 Mata 1994 no mu minsi yakurikiyeho. Mu kubyemeza, ashingira ku bimenyetso bimwe na bimwe birimo amabaruwa Musema yoherereje Rwagapfizi na Nicole Pletscher153 muri icyo gihe. Mu buhamya bwe, Musema yavuze ko kuva ku itariki ya mbere kugera ku ya 12 Mata yari i Kigali muri OCIR-ishami ry'icyayi, ko yari i Gitarama ku itariki ya 12 n'iya 13 Mata, ko yari i Rubona ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata, akaba yari mu Gisovu kuva ku itariki ya 14 kugeza ku ya 17 Mata. N'ubwo Musema yari ku ruganda rw'icyayi mu Gisovu igihe ibyaha aregwa byakorwaga, Ubwunganizi buvuga ko, bushingiye kuri iriya nzira yanyuzemo, atashoboraga kuba nyirabayazana w'ibyabaye, kubera ko bitangira gukorwa atari ahari.

321. Mu buhamya bwe, Claire Kayuku, umugore wa Musema, yavuze ko kuva ku itariki ya 6 kugeza ku ya 12 Mata umugabo we yari kumwe n'umuryango we mu rugo rwabo ruri i Remera muri Kigali. Yavuze ko bavuye i Kigali ku itariki ya 12 Mata nyuma ya saa sita berekeza i Butare, ariko ko kubera ingorane bahuye na zo kuri za bariyeri mu mihanda, baraye i Gitarama. Kuri we, bavuye i Gitarama bukeye, ku itariki ya 13 Mata nyuma ya saa sita, bajya kwa nyina umubyara i Rubona, mu bilometero 15 mu majyaruguru ya Butare.

*Aho Alfred Musema yari ari hagati y'itariki ya 14 n'iya 22 Mata 1994*

[153] Reba ibimenyetso gihamya by'Ubwunganizi D25 na D36

322. Musema yavuze ko ku itariki ya 14 Mata 1994, ari kumwe n'umusirikare, yagiye ku ruganda rw'icyayi mu Gisovu. Ageze ku ruganda, yabonye imirambo ya bamwe mu bakozi n'iya bene wabo w'abo bakozi. Muri iyo mirambo harimo n'uw'umucungamali mukuru.

323. Musema yavuze ko ku tariki ya 15 Mata yari ku ruganda rw'icyayi kandi ko yahagumye kugeza ku itariki ya 17 Mata mu gitondo. Kuri iyo tariki ni bwo yamenye ko uruganda rwatewe, noneho ahunga agana i Butare, nyuma aza kujya i Rubona. Yagumye i Rubona kugeza ku itariki ya 22 Mata, uretse inshuro ebyiri yagiye i Gitarama atararayo, ku itariki ya 18 n'iya 21 Mata. Muri izo ngendo yabonanye na Minisitiri w'Inganda, Ubucuruzi n'Ubukorikori wamumenyesheje ko yari kuzoherezwa mu butumwa kubonana n'umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi.

324. Claire Kayuku yavuze ko ku itariki ya 13 Mata Musema yari hamwe n'umuryango we i Rubona. Yagiye i Butare ku itariki ya 14 Mata gushaka abasirikare bo kumurinda, agaruka mu gitondo kare ku itariki ya 16 cyangwa ya 17 Mata abanje guca ku ruganda rw'icyayi rwo mu Gisovu. Musema yamubwiye ko Anonsiyata yishwe ubwo yari [Musema] ku ruganda.

*Aho Alfred Musema yari ari kuva ku itariki ya 22 Mata kugeza mu mpera za Mata 1994*

325. Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gishingiye ku rupapuro rw'abajya mu butumwa rwo ku itariki ya 21 Mata, rwabonywe n'Umucamanza w'Umusuwisi ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu mu mwaka wa 1995 ( umugereka B)154. Ubwunganizi buvuga ko urwo rupapuro rwerekana neza ko Musema yakoze imirimo avuga, hagati y'itariki ya 22 Mata n'iya 7 Gicurasi. Musema yemera ko izo mpapuro zivugwa n'ubutumwa yagiyemo bitanyuze mu nzira zisanzwe, ko ibyo byatewe n'uko Guverinoma yagiye yimura icyicaro cyayo, no kutamenya neza aho umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi yari aherereye, biturutse ku mutekano muke wariho muri Mata 1994.

[154] Reba ibimenyetso gihamya by'Ubwunganizi D 10 na D 29

326. Hari ibindi bimenyetso byerekana ko hagati y'itariki ya 22 n'iya 25 Mata, Musema yagiye mu butumwa mu zindi nganda z'icyayi, nko mu ruganda rw'icyayi rwa Pfunda, muri Perefegitura ya Gisenyi[155.] Nk'uko ibimenyetso bimwe byanditse bibyerekana, Musema yavuze ko yagumye i Rubona kuva ku itariki ya 26 kugeza ku ya 29 Mata, kandi ko yagiye ku ruganda rw'icyayi rwa Kitabi ku itariki ya 28 Mata156. Inyandikomvugo z'inama zabereye ku ruganda rw'icyacyi rwa Gisovu ku itariya ya 29 n'iya 30 Mata zerekana ko Musema yari ku ruganda mu rwego rw'ubutumwa kandi yerekanye uruhusa rw'urugendo rwatanzwe ku itariki ya 30 Mata na Perefe wa Kibuye157. Ubwunganizi bwavuze ko iyo icyo kimenyetso kijya kuba igihimbano, Musema atari kuba yaravuze ko yari mu Gisovu muri icyo gihe. Hari n'ibindi bimenyetso byatanzwe byerekana koko ko Musema yari mu Gisovu kugeza ku itariki ya 2 Gicurasi158.

327. Claire Kayuku yavuze ko umugabo we yari i Rubona hagati y'itariki ya 16 n'iya 22 Mata, ko yagiye i Gitarama inshuro imwe cyangwa ebyiri muri icyo gihe, ariko ko yararaga mu rugo i Rubona buri joro. Kuri we, Musema yagiye muri Perefegitura ya Gisenyi ku itariki ya 22 Mata ataha ku itariki ya 26 Mata.

*Aho Alfred Musema yari ari mu byumweru bibiri bya mbere bya Gicurasi 1994*

328. Musema yatanze ibimenyetso byanditse by'inyongera n'ubuhamya mu magambo byerekana ko mu kwezi kwa Gicurasi 1994 atari aho icyaha aregwa cyakorewe mu gihe cyakorwaga. Ubwunganizi bwemeje ko hagati y'itariki ya 3 n'iya 19 Gicurasi, Musema yagiye i Rubona, i Butare n'i Gitarama. Urupapuro rw'abajya mu butumwa ruriho kashi y'inganda z'icyayi za Shagasha na Gisakura zo ku itariki ya 3 n'iya 5 Gicurasi, ruriho kandi n'ikashe y'uruganda rw'icyayi rwa Mata yo ku itariki ya 7

---

[155] Ni kimwe no haruguru
[156] Ni kimwe no haruguru
[157] Reba ibimenyetso gihamya by'Ubwunganizi D 30, 31, 32 na 33
[158] Reba ibimenyetso gihamya by'Ubwunganizi D 28, 34 na 35

Gicurasi159. Musema yavuze ko yari i Rubona kuva ku itariki ya 5 kugeza ku ya 19 Gicurasi. Umunsi umwe yagiye i Mata ku itariki ya 7 Gicurasi. Yavuze ko muri icyo gihe cyose atigeze agera hafi ya Perefegitura ya Kibuye.

329. Umutangabuhamya ushinjura wiswe MG yavuze ko yahuriye na Musema i Gitarama inshuro ebyiri ahagana mu mpera za Mata cyangwa mu ntangiriro za Gicurasi, mbere y'itariki ya 16 Gicurasi. Umutangabuhamya ushinjura wiswe MH yemeje ko yahuriye na Musema i Gitarama ku itariki ya 10 Gicurasi, n'i Rubona ku itariki ya 13 Gicurasi. Ubwunganizi bwatanze ibimenyetso bifatika byerekana ko yari i Rubona ku itariki ya 17 Gicurasi cyangwa hafi yayo160.

*Aho Alfred Musema yari ari hagati muri Gicurasi 1994 no mu mpera z'uko kwezi*

330. Nk'uko bigaragazwa n'urupapuro rw'abajya mu butumwa, Musema yasubiye mu Gisovu ku itariki ya 19 Gicurasi, arahaguma kugeza ku itariki ya 21 Gicurasi, uretse urugendo rwamujyanye ku Kibuye ku itariki ya 20 Gicurasi161. Musema yasubiye i Rubona ku itariki ya 21 Gicurasi, arahaguma kugeza ku itariki ya 27 Gicurasi. Yongeye gusubira mu Gisovu ku itariki ya 27 Gicurasi. Hari amabaruwa Ubwunganizi bwatanze bwerekana ko Musema yari mu Gisovu kuva ku itariki ya 19 kugeza ku ya 21 Gicurasi. Muri icyo gihe yize amadosiye ajyanye n'amezi ya Mata na Gicurasi162. Ubwunganizi buvuga ko izo mpapuro uzirebeye hamwe zerekana ko Musema atari mu Gisovu hagati y'itariki ya 21 n'iya 29 Gicurasi kubera ko atakoze imirimo y'ibiro nk'uko yari asanzwe abikora.

331. Musema yasubiye mu Gisovu ku itariki ya 27 Gicurasi ahaguma gusa kugeza ku itariki ya 29 Gicurasi. Cyakora ku itariki ya 28 Gicurasi yagiye ku Kibuye mbere yo kujya i Shagasha ku itariki ya 29 Gicurasi. Yahamye i Shagasha kugeza ku itariki ya 30 Gicurasi, ari nawo munsi yagiriyeho i Cyangugu. Yaje kuva i Cyangugu ku itariki ya

[159] Reba ibimenyetso gihamya by'Ubwunganizi D 10 na D 35
[160] Reba ibimenyetso gihamya by'Ubwunganizi D 92 na D 101 na D 102
[161] Reba ikimenyetso gihamya by'Ubwunganizi D 10
[162] Reba ibimenyetso gihamya by'Ubwunganizi D 47, D 48 na D 49

31 Gicurasi agiye muri Zayire . Ubwunganizi bwatanze ibindi bimenyetso by'inyandiko byerekana uko Musema yakoresheje igihe cye mu mpera za Gicurasi.

332. Claire Kayuku yemeje uko icyo gihe cyakoreshejwe nk'uko Musema abivuga, yerekana ko atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga, kuva mu mpera za Mata kugeza mu mpera za Gicurasi. Mu buhamya bwe imbere y'Urukiko yavuze ko Musema yagize ingendo nke cyane nyuma y'itariki ya 26 Mata kandi ko bari kumwe i Rubona amajoro hafi yose.

*Aho Alfred Musema yari ari hagati ya Kamena na Nyakanga 1994*

333. Mu buhamya Claire Kayuku yatanze, avuga ko ku itariki ya 10 Kamena, Musema yagiye ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu akahaguma kugeza ku itariki ya 17 Kamena ubwo yagiye i Shagasha. Yaje kuva i Shagasha ku itariki ya 19 Kamena agiye gusura umuryango we ku Gikongoro aho yavuye ku itariki ya 20 Kamena agiye mu Gisovu, mbere yo kwerekeza iya Gisenyi ku itariki ya 21 Kamena, aho yagiye yitwaye mu modoka ye. Claire Kayuku yongeye kumubona gusa ku itariki ya 24 Kamena 1994 i Bukavu, muri Zayire .

334. Ubwunganizi bwatanze ibimenyetso bifatika n'ubuhamya bw'abagabo bishimangira iby'uko Musema yari ku ruganda rw'icyayi rwa Shagasha kuva ku itariki ya 1 kugeza ku ya 10 Kamena, mu Gisovu ku itariki ya 20 Kamena, kandi ko yari mu butumwa i Cyangugu, ku Gikongoro, i Butare na Gisenyi hagati y'itariki ya 17 Kamena n'iya 17 Nyakanga. Musema yasubije amabaruwa yaje mu kwezi kwa gatandatu amaze gusubira mu Gisovu. Ibyo bikaba byakwerekana ko mbere yaho atari ahari.

335. Ubwunganizi bwatanze ibindi bimenyetso bigamije kwerekana ko Uregwa yari koko mu Gisovu kuva ku itariki ya 28 Kamena kugeza ku itariki ya 25 Nyakanga. Ku itariki ya 4 Nyakanga 1994 cyangwa hafi yayo, ingabo z'Abafaransa zageze ku ruganda rw'icyayi. Izo ngabo zarahagumye kugeza Musema agiye. Musema yavuze ko atamenye ibintu byabaye ku itariki ya 16 Nyakanga byatumye abategetsi bakuru bo

muri ako karere bava mu Rwanda bakajya muri Zayire . Ubwunganizi bwatanze ibaruwa yanditswe n'abasirikare b'Abafaransa ku itariki ya 18 Nyakanga, n'ibaruwa yo ku itariki ya 20 Nyakanga yoherejwe n'abakozi. Mu buhamya bwe imbere y'Urukiko, Uregwa yavuze ko yashubije abasirikare b'Abafaransa abashimira ko babarinze kandi kugira ngo abahe imbunda ye yo mu bwoko bwa masotera[163].

*4.2.2 Ingingo zisubiza iza Porokireri ukemanga imyiregurire ya alibi*

336. Porokireri yavuze ko imyiregurire ya *alibi* ya Musema nta shingiro ifite, kandi ko ibimenyetso biri muri dosiye y'Abasuwisi, cyane cyane ingengabihe bwite yakozwe na Musema (Umugereka C) kimwe n'ubuhamya bw'abagabo bashinja byerekana mu buryo bugaragara kurushaho aho Musema yari ari mu gihe kivugwa.

337. Ubwunganizi bwatanze ibimenyetso bimwe na bimwe bunyomoza Porokireri uvuga ko Musema yari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga. Ubwunganizi kandi buvuga ko amadosiye y'Abasuwisi adakwiye kwizerwa kubera uburyo ibazwa n'iperereza byakozwemo. Musema yavuze ko igihe abategetsi b'Abasuwisi bamubazaga inshuro ebyiri za mbere atari ahagarariwe na avoka, kandi ko mu ibazwa ryakurikiyeho yari ahagarariwe na avoka w'umwiga, ko atari yamenyeshejwe ko afite uburenganzira bwo kutagira icyo avuga, ko bamubujije kubona inyandikomvugo y'ibazwa, ko we na avoka we babimye dosiye ye, ko bamushyizeho agahato kugira ngo ashyire umukono kuri buri rupapuro rw'inyandikomvugo y'ibazwa atabanje gusoma, ko hamwe na hamwe mu byanditse mu nyandikomvugo atari ukuri[164,] kandi ko yari yatanze ingengabihe y'uko yakoresheje igihe cye atabanje gusoma dosiye.

338. Ubwunganizi bwatanze ibimenyetso bine bihamya (D85, D86, D87, D88) byerekana ko Musema yabonye dosiye ye nyuma y'umwaka urenga afunzwe. Ubwunganizi bwavuze na none ko iyo dosiye idakwiye kwizerwa kubera ko ubuhamya buyirimo

[163] Reba ibimenyetso gihamya by'Ubwunganizi D 81, D 82, D 83 na D 22
[164] Reba imyanzuro mu magambo y'Ubwunganizi, 28 Kamena 1999

bwakomotse mu ibazwa ryakoreshejwe na Porokireri butakwakirwa bwose hakurikijwe Amategeko.[165]

339. Ubwunganizi bwavuze ko impapuro Musema yahaye umucamanza w'Umusuwisi ushinzwe gutegura urubanza urebye imiterere yazo, atari impimbano. Bwavuze kandi ko iyo Musema aza kuba yaracuze izo mpampuro agamije kuzazireguza aramutse akurikiranwe ku byaha yaba yarakoze, ntiyari kubura kubwira umucamanza w'Umusuwisi ushinzwe gutegura urubanza amatariki y'ibyabereye ku musozi wa Muyira nyuma y'amezi icyenda bibaye. Ntaba kandi yaramuhaye ingengabihe yerekana ko ku itariki ya 13 Gicurasi yari mu Gisovu, iyo aza kuba azi ibyahabereye kuri iyo tariki; aba yarahimbye inyandiko yihariye yo ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 aho gutanga inyandiko ziganisha hafi y'iyo tariki[166.] Ubwunganizi bwemeza na none ko impapuro zatanzwe ari ibimenyetso nyakuri byerekeranye n'icungamari bitangwa mu rwego bw'ubucuruzi mu mirimo ikorwa isanzwe[167].

### 4.3 Izindi ngingo zijyanye no kwiregura

#### 4.3.1 Uregwa yaryozwa se ibyaha ashinjwa mu birego 7, 8, na 9 bikubiye mu Nyandiko y'ibirego ?

340. Ubwunganizi buvuga ko, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 19 2) n'iya 20 4) a) za Sitati, bigateganywa kandi n'Amategeko, bitari ngombwa ko Uregwa aryozwa ibyaha ashinjwa mu kirego cya 7, icya 8 n'icya 9 byahinduwe cyangwa bishyashya by'Inyandiko y'ibirego, kubera ko atigeze amenyeshwa iyo Nyandiko y'ibirego yahinduwe ku itariki ya 6 Gicurasi 1999 bitegetswe n'Urugereko. Inyandiko y'ibirego ya nyuma yamenyeshejwe Uregwa ni iy'ibirego yahinduwe ku itariki ya 18 Ugushyingo 1998.

---

[165] Reba imyanzuro mu magambo y'Ubwunganizi, 28 Kamena 1999
[166] Reba ibimenyetso gihamya by'Ubwunganizi D 36, D 45, na D 46; reba imyanzuro mu magambo y'Ubwunganizi, 28 Kamena 1999
[167] Reba ibiri hejuru, icyiciro 2.2 cy'urubanza

341. Muri make, kuri iyo ngingo, Urugereko rusanga:

- Ku byerekeye icyifuzo cya Porokireri cyo ku itariki ya 6 Gicurasi 1999, gisaba guhindura Inyandiko y'ibirego, rwaribukije «Porokireri ko agomba guhita amenyesha Uregwa n'Avoka we Inyandiko y'ibirego yahinduwe, iri mu ndimi zombi zemewe n'Urukiko »;

- Kuba Uregwa yarahakanye ibyaha ashinjwa mu kirego cya 7, icya 8 n'icya 9 bikubiye mu Nyandiko y'ibirego yahinduwe ku itariki ya 6 Gicurasi 1999, ari ikimenyetso kigaragara ko Uregwa yari azi kandi yarafite Inyandiko y'ibirego yahinduwe;

- Kuba Uregwa ataramenyeshejwe ku mugaragaro Inyandiko y'ibirego yahinduwe ntibibangamiye uburenganzira bwe ukurikije ibiteganywa n'ingigo ya 19, n'agaka a) k'igika cya 4 cy'ingingo ya 20 ya Sitati.

342. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga Uregwa agomba gukurikiranwa ku byaha ashinjwa mu kirego cya 7, icya 8 n'icya 9.

### 4.3.2 Ububasha Alfred Musema yari afite

343. Ubwunganizi buvuga ko imirimo ya politiki Musema yari afite yari mike cyane, kandi ko Porokireri nta kimenyetso na kimwe yatanze gishimangira ubuhamya bw'umugabo wiswe W buvuga ko Musema yaba yaragize uruhare muri politiki y'ubutegetsi bwariho. Musema yavuze ko atigeze akora imirimo ya politiki, haba igihe yari mu mashuri yisumbuye cyangwa muri kaminuza, ariko ko nk'Umunyarwanda wese yari mu mutwe wa MRND. Yemeye ko sebukwe yabaye intumwa ya rubanda. Musema yemeye ko yari umuyobozi w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, ariko ahakana ko atigeze ahagararira Guverinoma mu Gisovu cyangwa ku Kibuye bitewe n'urwego rwe rw'umuyobozi. Ubwunganizi buvuga ko Porokireri nta kimenyetso yatanze cyerekana

ko Musema yari umuntu ukomeye muri Perefegitura ya Kibuye kandi nta n'urugero yatanze rwerekana ko yari afite ububasha ku baturage b'abasivili.

344. Ubwunganizi bwemeza ko kuba Musema yaragizwe umuyobozi w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu atari ikimenyetso kidakuka cyerekana ko yari afitanye ubumwe n'ubutegetsi bwariho. Cyakora koko kuba Musema yarashyizweho n'iteka rya perezida ni igikorwa kitari gisanzwe. Ariko na none si ukuvuga ko ari we byakorewe wenyine, kubera ko hari undi muyobozi w'uruganda washyizweho muri icyo gihe muri ubwo buryo. Cyakora ntawavuga ko bwari uburyo bushya bwemejwe bwo gushyiraho abayobozi bo muri urwo rwego kubera ko nyuma yaho nta wundi muyobozi w'uruganda rw'icyayi washyizweho muri ubwo buryo.[168]

345. Ubwunganizi bwavuze ko Musema nta kindi cyari kimushishikaje uretse inyungu mu by'ubucuruzi zishingiye ku mirimo yari ashinzwe. Musema yavuze ko Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu rwari mu nganda z'icyayi zo mu Rwanda zifite amanota meza, kandi ko rwoherezaga umusaruro warwo ku isoko rya Londres (London). Kugira ngo bwerekane ko icyayi cy'uruganda rwa Gisovu ari cyiza, Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya 11, ari cyo urutonde rw'imibare y'isosiyete y'ubucuruzi yitwa Wilson Smith & Co.

346. Musema yavuze ko n'ubwo uruganda rwari ku Kibuye, nk'umuyobozi w'uruganda yari afite ububasha bugera muri perefegitura ebyiri, ari zo Kibuye na Gikongoro. Yongeyeho ko Burugumesitiri na Perefe nta jambo bagiraga mu micungire y'uruganda rw'icyayi, ko icyo bashoboraga kuba bakora gusa ari uguhatira umuyobozi w'uruganda kuba yaha akazi bene wabo. Ku bwe, uruganda rw'icyayi si rwo rwakoreshaga abantu benshi muri ako karere, kandi umwanya we w'ubuyobozi nti wari na busa mu rwego rwa politiki. Yavuze ko inshuro ebyiri yagiye mu butumwa hagati ya 1984 na 1994 muri Kenya Tea Development Authority, (ikigo kigamije guteza imbere icyayi muri Kenya) no muri Maroko (Maroc), ntaho byari bihuriye na politiki.[169]

[168] Reba imyanzuro mu magambo y'Ubwunganizi, 28 Kamena 1999
[169] Ni kimwe no haruguru

347. Claire Kayuku yavuze ko, nk'umuyobozi w'uruganda rw'icyayi, Musema yari mu bantu bakomeye muri ako karere. Cyakora nta ruhare yari afite muri Guverinoma y'agateganyo haba mu rwego rwa politiki cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose.

**4.3.3 Ingingo zerekeranye n'ukwizerwa kw'ibimenyetso**

348. Ubwunganizi buvuga ko ibimenyetso byinshi byatanzwe na Porokireri bitakwizerwa.

349. Ubwunganizi buvuga ko ibimenyetso bya Porokireri muri uru Rubanza bishingiye ku iperereza ryakozwe ahanini mu buryo bukemangwa. Buvuga ko bigaragara ko ingingo Porokireri ashingiraho zidashyigikiwe n'ibimenyetso byatanzwe n'abaganga babigenewe cyangwa n'ibimenyetso bifatika. Ubwunganizi buvuga kandi ko iperereza ryakozwe na Porokireri nta kimenyetso cyagira akamaro ryavanye mu ruganda rw'icyayi rwa Gisovu ko ariko Ubwunganizi bwo bwabikoze.[170]

350. Ubwunganizi bwanenze na none ubuhamya bwatanzwe n'abagabo bashinja kubera ko uko igihe gihita hari ibyo bagiye bibagirwa. Mu ngingo bwatanze, bwavuze ko abatangabuhamya bamwe bitiranyije Musema n'abandi bantu kubera amamodoka n'abakozi b'uruganda rw'icyayi.[171]

351. Ubwunganizi buvuga ko mu isuzuma ry'ibintu bimaze imyaka myinshi bibaye, ibimenyetso bifatika bikwiye nta shiti kugirirwa icyizere kurusha ubuhamya bwatanzwe mu magambo, cyane cyane iyo ibyo bimenyetso byerekeranye n'imirimo isanzwe y'umuntu. Bwavuze na none ko uko iminsi ishira ibyo bibangamira Musema mu myiregurire ye ku buryo bukwiye kubera ko inyandiko zimwe zishobora kurigita, kandi ko bishobora gutuma ibimenyetso bimwe bitaboneka.[172]

[170] Reba imyanzuro mu magambo y'Ubwunganizi, 28 Kamena 1999
[171] Reba imyanzuro mu magambo y'Ubwunganizi, 28 Kamena 1999
[172] Reba imyanzuro mu magambo y'Ubwunganizi, 28 Kamena 1999

352. Ubwunganizi buvuga ko ibimenyetso by'inyandiko byinshi byatanzwe na Musema yiregura nta kindi byari bigamije uretse kumufasha mu kwibuka ibyabaye. Buvuga ko niba Musema yaribeshye ku matariki igihe yateguraga inyandiko yashyikirije umucamanza w'Umusuwisi ushinzwe gutegura urubanza, amakosa yakoze ntiyerekeye ibyabaye ahubwo yerekeye umunsi nyawo byabereyeho.[173]

353. Ubwunganizi bwemeza ko ibivugwa na Porokireri by'uko Musema yabeshye atari ukuri kandi ko nta shingiro bifite. Buvuga ko ukwivuguruza kwabonetse kutatewe n'uko Musema yashatse kubeshya, ahubwo ko kwatewe n'uko yibeshye mu kuvuga ibyabaye. Ubwunganizi bwavuze na none ko n'iyo Urugereko rwabona ko Musema yabeshye koko, rutagombye gushingira kuri iyo mpamvu ngo rumuhamye icyaha. Ubwunganizi buvuga ko n'iyo Musema yaba yarabeshye hari impamvu zo kubikora nyinshi ataryozwa.[174]

[173] Reba imyanzuro mu magambo y'Ubwunganizi, 28 Kamena 1999
[174] Reba imyanzuro mu magambo y'Ubwunganizi, 28 Kamena 1999

## 5. IMYANZURO KU BYABAYE

### 5.1. Uko ibintu byari byifashe igihe ibyaha bivugwa byakorwaga

354. *Ibika 4.1, 4.2 na 4.3* byo mu Nyandiko y'ibirego mu «Ncamake y'ibyabaye», byerekana uko ibintu byari bimeze muri rusange mu Rwanda muri 1994. Bikubiyemo na none n'ingingo rusange zerekeye ibyaha bishinjwa Musema.

355. Musema yemera ko igihe ibyaha aregwa byakorwaga, u Rwanda rwari rugizwe na perefegitura cumi n'imwe, harimo Perefegitura ya Kibuye, nk'uko bigaragara mu Nyandiko y'ibirego **mu gika cyayo 4.1.**

356. Musema yemera ko, igihe ibyaha aregwa byakorwaga, abatutsi bafatwaga nk'itsinda ry'abantu bahuje ubwoko, nk'uko bigaragara mu Nyandiko y'ibirego **mu gika cyayo 4.2.**

357. Musema yemera kandi ko mu myaka myinshi mbere ya 1994, abatutsi, kimwe n'abahutu n'abatwa, bafatwaga nk'abantu bafite ubwoko bwihariye. Mbere ya 1994, kubera politiki y'igihugu n'imibereho y'abaturage, abatutsi bakorerwaga ivangura kandi bakicwa, bazira icyo bari cyo. Nk'uko byavuzwe haruguru mu « Ngingo rusange zemewe »[175], Musema yemeye ko, mu myaka yakurikiye ubwigenge, abahutu bari bafite imyanya ikomeye mu nzego za politiki. Ikandamiza n'ivangura abatutsi bakorerwaga byagaragariraga na none mu guhezwa mu buyobozi, mu nzego za politiki, z'ubutegetsi n'iza gisirikare no mu ifatwa n'ifungwa. Hakiyongeraho kandi gushishikariza abantu ku mugaragaro kugirira nabi no gutsembatsemba abatutsi, byatangiye ahagana mu mwaka wa 1993.

358. Musema yemera na none ko mu mwaka wa 1994 hagabwe ibitero rusange cyangwa biri kuri gahunda byibasiye abasivili kubera umutwe wa politiki barimo, cyangwa ubwoko

[175] Reba icyiciro cya 4.1 cy'uru Rubanza

bwabo. Yatangaje ko ubwicanyi bwo muri 1994 bwibasiye abasivili b'abatutsi atari buri muntu ku giti cye, ahubwo ari ukubera itsinda barimo.

359. Musema yemera ko ku itariki ya 6 Mata 1994, indege yari itwaye Perezida Yuvenali Habyarimana w'u Rwanda yaguye igashwanyagurika ubwo yendaga kugwa ku kibuga cy'indege cy'i Kigali, mu Rwanda, kandi ko nyuma yaho gato, mu Rwanda rwose ibitero n'ubwicanyi byibasiye abasivili, nk'uko biri mu Nyandiko y'ibirego **mu gika cya 4.3.**

360. Musema yavuze ko, ubwo yari iwe i Kigali, yumvise urusaku rw'amasasu yarashe indege, ko yumvise ikintu giturika ko ariko atabonye indege ihanuka kandi ko atarazi abo yari itwaye. Bucyeye bwaho yumvise kuri RTLM ko indege yahanutse n'abo yari itwaye. Yemeye na none ko iyo mpanuka yabayeho kandi ko yakurikiwe mu gihe gito n'ubugizi bwa nabi bwasakaye mu Rwanda. Musema yavuze ko mu minsi yakurikiye ihanuka rw'indege, yiboneye aho bica abantu ahantu hanyuranye, n'aho basenya amazu. Yabonye kandi n'abaturage bahunga bava i Kigali. Yemeye ko mu masaha yakurikiye ihanuka ry'indege ya Perezida ubugizi bwa nabi bwaratangiye, abantu muri Kigali no mu yandi maperefegitura y'igihugu batangira kwicwa. Ibyo ni byo byatangiye ubwicanyi yise jenoside. Ubwo yavaga i Kigali ajya i Gitarama mu gihe ubwo bwicanyi bwakorwaga, yabonye abantu bacungaga za bariyeri ku mihanda. Iyo bamaraga kugenzura indangamuntu zerekanaga ubwoko bwa ba nyirazo, abari kuri izo bariyeri bavanaga mu bandi abatutsi cyangwa abo bitaga Inyenzi. Musema yavuze ko abacungaga bariyeri ku mihanda bashatse kumwica we, n'umuryango we. Yabonye imirambo myinshi ku nkengero z'imihanda. Musema yavuze ko abicwaga baziraga ko ari abatutsi (bavugaga ko ari Inyenzi), ko basaga n'abatutsi cyangwa se ko baregwaga gufasha abatutsi. Abenshi mu bahohotewe bari abatutsi. Musema yavuze ko mu bahohotewe harimo abana b'abatutsi bigaragara ko batashoboraga kuba abasirikare b'ingabo za Leta (FAR) cyangwa abarwaniraga FPR.

361. Nta wigeze ahakana ibyo byabaye. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga ibivugwa mu bika 4.1, 4.2 na 4.3 by'Inyandiko y'ibirego byaremejwe ku buryo budashidikanywaho.

**5.2 Ubwicanyi bwakorewe mu karere ka Bisesero**

362. Nk'uko bigaragara mu Nyandiko y'ibirego mu bika byayo kuva ku cya 4.4 kugeza ku cya 4.6, no mu cya 4.11, Musema aregwa kuba yaritabiriye ubwicanyi bwabereye mu karere ka Bisesero kuva ku itariki ya 9 Mata kugeza ku ya 30 Kamena 1994. Ibyo bika biteye bitya:

4.4 Akarere ka Bisesero kari mu ma komini abiri yo muri Perefegitura ya Kibuye.Uhereye ahagana ku itariki ya 9 Mata 1994 kugeza ku ya 30 Kamena 1994, ibihumbi by'abagabo, abagore n'abana bahungiye ahantu hanyuranye mu Bisesero. Abenshi muri abo bagabo, abagore n'abana bari abatutsi bahungaga ibitero byabagabwagaho hirya no hino muri Kibuye.

4.5 Uhereye ahagana ku itariki ya 9 Mata 1994 kugeza ku ya 30 Kamena 1994, abantu bari bahungiye mu Bisesero bagabwagaho ibitero bya hato na hato. Abagize ibitero babaga bitwaje imbunda, gerenade, imihoro, amacumu, imipanga, impiri n'izindi ntwaro bicishije abatutsi bari mu Bisesero.

4.6 Mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994, Alfred Musema yagiye ajyana abantu bitwaje intwaro mu Bisesero akabategeka kugaba ibitero ku bari bahahungiye Yabikoreye ahantu hanyuranye no ku matariki anyuranye kandi akenshi afatanyije n'abandi. Byongeye kandi, ari ahantu hanyuranye no ku matariki anyuranye kandi akenshi afatanyije n'abandi. Alfred Musema ubwe yishe abantu bari bahungiye mu Bisesero.

4.11 Ibyo bitero bivugwa byahitanye abantu babarirwa mu bihumbi kandi bikomeretsa umubare munini mu bagabo, abagore n'abana bari mu karere ka Bisesero muri Komini Gisovu na Gishyita zo muri Perefegitura ya Kibuye ».

363. Nk'uko Urugereko rwabigaragaje mu cyiciro cyagenewe ibyabaye muri rusange byemewe n'Ubwunganizi[176], Ubwunganizi ntibwigeze buhakana ko hagiye haba ibitero mu karere ka Bisesero kuva ku itariki ya 9 Mata 1994 kugeza ahagana ku ya 30 Kamena 1994. Abagabo, abagore n'abana babarirwa mu bihumbi bahitanywe n'ibyo bitero. Abenshi muri bo bari abatutsi bari bahungiye mu karere ka Bisesero. Abantu bagabye ibitero babaga bitwaje imbunda, gerenade, imihoro, amacumu, imipanga, ibikoni n'izindi ntwaro. Ubwunganizi bwemera kandi ko abatutsi babarirwa mu bihumbi bishwe, bakomerekejwe ndetse ko banaciwe ingingo z'umubiri. Ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, abatutsi babarirwa mu bihumbi bari bahungiye ku gasozi ka Muyira, muri Komini ya Gisovu, Segiteri ya Rwankuba bagabweho igitero gikomeye baricwa.

364. Ubwunganizi buhakana ariko ko Musema yagize uruhare rutaziguye cyangwa ko yabaye icyitso muri ubwo bwicanyi. Bushingira ku myiregurire ivuga ko atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga kandi bukavuga ko ubuhamya bw'abagabo bamushinja ibyo birego butafatwa nk'ukuri.

365. Ibimenyetso Porokireri yatanze muri uru rubanza byibanda ahanini ku bwicanyi bumwe na bumwe bwabereye cyane cyane mu karere ka Bisesero Musema yaba yaragiyemo. Uregereko rurasuzuma ibyabaye uko byagiye bikurikirana, rubifatanya n'ubuhamya buvuga ko Musema yaba yarabonywe aha n'aha igihe iki n'iki, kimwe n'ubuhamya bwerekeye ingendo ze.

**<u>Mata na Gicurasi 1994</u>**

366. Hari abatangabuhamya bavuze ko muri Mata na Gicurasi 1994, babonye Musema yitabira ubwicanyi bwibasiye abasivili b'abatutsi.

367. Ubwunganizi bwo bwemeza ko Musema yavuye mu Gisovu akajya i Rubona ahagana ku itariki ya 17 Mata, noneho guhera ku itariki ya 22 Mata, agasura inganda z'icyayi zimwe na zimwe mu rwego rw'ubutumwa bw'ubugenzuzi. Bityo rero, ntiyari aho

[176] Reba icyiciro cya 4.1 cyahariwe ibyakozwe muri rusange byemewe.

abatangabuhamya bavuga yari ari. Mu gushimangira iyo myiregurire ya *alibi*, Ubwunganizi bushingira ahanini ku kimenyetso gihamya gifite nomero D10, ari cyo « Urupapuro rw'abajya mu butumwa » Musema yaba yaraherewe i Gitarama, rwaba rwarashyiriweho kashi, umukono n'itariki muri buri ruganda Musema yasuraga. Ubwunganizi bwatanze izindi mpapuro n'abatangabuhambya bugamije kwerekana ko Musema yagiye koko mu ngendo. Porokireri yavuze ko urwo rupapuro rw'abajya mu butumwa rwarimo ibintu by'ibihimbano bigamije guhisha ko Musema yitabiriye ubwicanyi bwabereye mu karere ka Bisesero.

368. Kugira ngo ibintu birusheho kumvikana, bitewe kandi n'uko ibibazo byerekeye ibimenyetso birebana n'igihe ibyaha aregwa byakorewe ari insobe kandi ari byinshi, Urugereko rurabanza mbere na mbere kwibutsa ubuhamya bw'abagabo bashinja uko bwakurikiranye, rukurikizeho isuzumwa ry'imyiregurire ivuga ko Musema atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga, hanyuma rutange imyanzuro yarwo ku byabaye.

- Tariki ya 15 Mata 1994, Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu

369. Urugereko rusanga ibimenyetso byatanzwe mu rubanza, cyane cyane ubuhamya bw'abagabo babiri bashinja n'ubwa Musema, birebana n'urupfu rw'abana biciwe ku ruganda rw'icyayi. Urugereko rusanga ibimenyetso byatanzwe kuri icyo kirego bidafututse, bitumvikana, kandi bikaba byerekeye ibyabaye bidasobanuye neza mu Nyandiko y'ibirego. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga nta mwanzuro rwafata rushingiye ku bimenyetso byatanzwe.

- Tariki ya 15 Mata 1994, Komini ya Muko n'iya Musebeya

370. Ubuhamya bw'umugabo ushinja wiswe BB bwerekeye ahantu Musema yari ari ku itariki 15 Mata 1994. Uwo mutangabuhamya yari asanzwe aba ku Ruganda rw'icyayi rwa Gisakura, ariko hagati y'itariki ya 12 n'iya 24 Mata 1994 ntiyari kuri urwo ruganda kubera ko yari yihishe muri Komini Muko na Musebeya. Yumvise ko ku itariki ya 15 Mata abantu babonye umuyobozi w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu muri

Komini Musebeya na Muko atwaye kamyoneti yo mu bwoko bwa Daihatsu, yarimo abantu bitwaje amacumu n'imihoro. Iyo nkuru yayibwiwe n'abakozi bamwe na bamwe b'uruganda rwa Gisakura n'urwa Muko.

- Tariki ya 18 Mata, umunara wa radio FM wa Karongi

371. Umutangabuhamya ushinja wiswe M yavuze ko ku itariki ya 15 Mata 1994 yagiye ku munara wa radio FM uri ku musozi wa Karongi ari kumwe na nyina, n'abana be batatu. Aho hantu yaherekanye mu kimenyetso gihamya 20.18. Uyu mutangabuhamya avuga ko uwo musozi ufite uburebure bwa metero 2000, kandi ko hari umuhanda umwe gusa ugera mu mpinga yawo. Bamwe mu ncuti ze mu barindaga umunara wa FM babafashije kuhihisha. Ku itariki ya 18 Mata, yaba yarabonye Musema ayoboye inama igizwe n'abantu bagera ku 150. Bamwe muri bo baba baraje n'amaguru, abandi bagera kuri 80, barimo Musema baba baraje mu modoka ebyiri zo mu bwoko bwa Daihatsu zanditseho « *Usine à thé Gisovu* » (Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu). Umutangabuhamya yaba yaramenye umushoferi wari utwaye Daihatsu yarimo Musema, akaba yaravuze ko yaba yari umwe mu bakozi b'Uruganda rw'icyayi.

372. Umutangabuhamya yavuze ko yihishe mu kazu k'umuzamu kari muri metero 10 z'aho inama yaberaga, kandi ko yashoboraga kubona byose arebeye mu myenge y'inkuta zubakishijwe ibiti kandi zihomesheje urwondo. Ako kazu ka metero enye kuri eshatu nta dirishya kagiraga, kari gafite umuryango umwe n'ibyumba bibiri abazamu bararagamo bari ku kazi ku munara wa FM. Umutangabuhamya yaba yarabonye abantu bavuye mu Gisovu no muri Mwendo. Yababonye bwa mbere ari mu mpinga y'agasozi ubwo imodoka zari zitangiye kukazamuka. Yavuze ko abenshi mu bari mu nama bari bambaye amashara n'ibyatsi ku mutwe, naho Musema yambaye imyenda ya siporo. Bamwe mu bakozi b'Uruganda rw'icyayi bari bambaye ibisarubeti by'ubururu byanditseho «*Usine à thé*» (Uruganda rw'icyayi). Musema yari yitwaje imbunda itari ndende cyane. Abantu bake mu bari kumwe na we bari bitwaje intwaro, nk'imihoro, ibikoni n'imbunda nke. Kubera ko umutangabuhamya yari afite ubwoba bwinshi, ntiyashoboraga kubona ibintu neza, yashoboye gusa kumenyamo Rekayabo, wari

umupolisi wa Komini Gisovu, na Munyanziza, wari umuyoboke wa MRND utaragiraga akazi.

373. Umutangabuhamya yemeza ko Musema yaba yaravuze ijambo mu kinyarwanda aribwira abantu bari bateraniye aho, akabasaba guhagurukira rimwe, bakarwanya umwanzi rusange, ari we mututsi, bakamukiza igihugu cyabo. Abari mu nama baba baramubajije igihembo bazabona kubera ko bashoboraga gusiga ubuzima bwabo muri iyo ntambara. Musema yaba yarabashubije ko nta kibazo kizaba cyo kubabonera ibihembo kubera ko abantu badafite akazi bazafata imyanya y'abishwe, kandi ko bashobora kuzatwara amasambu n'ibintu by'abatutsi. Yaba yaravuze ko abashaka kwidagadura bashoboraga gusambanya ku gahato abagore n'abakobwa b'abatutsikazi nta gutinya inkurikizi. Abari aho bahaye Musema amashyi, na we abasaba kwihangana bagategereza ko abihishe bose basohoka mu bwihisho bwabo, bakajya mu nkambi abandi batutsi bari barahungiyemo.

374. Umutangabuhamya wiswe M yongeyeho ko Musema yaje gusaba inshuti y'uwo mutangabuhamya, yari ku izamu yonyine ku munara wa FM, guha abaturage imbunda n'amasasu. Abaturage berekanaga ko bashaka gutera inkambi uwo munsi. Ntawe utari azi ko ku munara hari intwaro. Umuzamu yaba yarashidikanyije avuga ko hagomba uburenganzira bwa komanda wa Kibuye. Ngo Musema yaje gusakuza amubwira ko kwanga gutanga intwaro zo kurwanirira igihugu ari icyaha gikomeye, avuga ko komanda aramutse amenye ko yanze gukora ibyo amusabye, yahanwa bikomeye.

375. Umutangabuhamya yavuze ko umuzamu yagiye mu nzu wenyine gufata imbunda n'amasasu byarimo. Umutangabuhamya yavuze ko imbunda, zo mu bwoko bwa linifilidi (Lee Enfield), n'amasasu byari bibitse mu cyumba cyegeranye n'icyo yari yihishemo. Amasasu yari mu gasanduku k'icyuma kegetse ku rukuta. Muri icyo cyumba, harimo na none inkono, amasafuriya, ibiribwa n'ihema rinini rya gisirikare rizinze. Uburiri bwari bugizwe gusa n'ibyatsi bishashe ku butaka. Umutangabuhamya yavuze ko ikintu cya mbere umuntu yabonaga yinjiye muri ako kazu, ari amashyiga y'amabuye batekeragaho. We yari mu cyumba cya mbere naho umuryango we uri mu

cyumba bifatanye cyari kibitsemo amasasu n'imbunda. Umutangabuhamya yaba yarasanze umuryango we mu kindi cyumba ubwo umuzamu yaraje gutwara imbunda. Inkuta z'icyo cyumba ntizatumaga abona ibibera hanze. Kugira ngo ashobore kubona ibibera hanze, umutangabuhamya yaje gusubira mu cyumba cya mbere umuzamu asohotse amaze gufunga urugi rwo hanze.

376. Umutangabuhamya avuga ko umuzamu yahaye Musema za mbunda ebyiri za linifilidi (Lee Enfield) n'amasasu make. Nyuma yaje kumwereka uko bakoresha izo ntwaro, noneho ashyiramo amasasu. Uwo mwanya Musema n'abantu bari aho berekeje ku nkambi « y'impunzi z'abatutsi » ya Gitwa. Mu gihe cyose inama yamaze, nta muntu n'umwe mu bari bateraniye mu mpinga z'umusozi wa Karongi winjiye mu nzu kureba ibiyirimo cyangwa uwaba arimo.

377. Umutangabuhamya yarangije ubuhamya bwe kuri icyo kibazo avuga ko Musema n'abapolisi babiri b'uruganda batigeze bava aho imodoka zari zihagaze. Yongeyeho ko aho hantu hari kure y'inkambi. Bahahisemo kugira ngo imodoka zitangirika impunzi ziramutse zihinze abaziteraga. Abandi mu bagabye ibitero berekeje ku nkambi y'impunzi ya Gitwa, yari muri Segiteri Rubazo, Komini Gitesi. Uwo mutangabuhamya wari wambaye isaha ya elegitoronike (*montre électronique*) yavuze ko igitero cyaba cyaratangiye hagati ya saa sita n'igice na saa saba, kikarangira ahagana saa cyenda. Abenshi mu bahaguye bari impunzi. Nyuma y'igitero, Musema yavuye i Gitwa ari kumwe n'abagabye igitero, bari baturutse mu turere tunyuranye. Bamwe bari baje n'amaguru, abandi baje n'imodoka.

378. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yemeje ubuhamya yatanze mu ibaza ry'ibanze. Yatanze ibindi bisobanuro byerekeye akazu k'umuzamu, uko umuntu agera ku munara wa FM w'i Karongi, n'ibindi byerekana uko aho hantu hateye. Umutangabuhamya yemeje na none ibyo yavuze mu ibaza ry'ibanze, ni ukuvuga ko yashoboye kumva no kubona ibivugirwa mu nama, cyane cyane ko yabonye Musema.

- <u>Tariki ya 20 Mata 1994, cyangwa hafi yayo, hafi y'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu</u>

379. Umutangabuhamya ushinja wiswe K wamaze ibyumweru bibiri yihishe, kuva ku itariki ya 8 Mata, mu mirima y'icyayi ya Twumba, Segiteri ya Gitabura, yavuze ko, muri icyo gihe, yabonye Musema atwaye abagiye kugaba ibitero berekeza mu karere ka Bisesero.

380. Ku kibazo cyo kumenya aho yari yihishe, yavuze ko yari yihishe mu mirima y'icyayi cy'abaturage. Yaje kwerekana iyo mirima ku ifoto P27.1 ibumoso bwayo. Nyamara ubwo bamubazaga kwerekana kuri iyo foto umuhanda ugana ku Gikongoro yari yagize icyo avugaho mu buhamya bwe, byaramunaniye, yitwaje ko byari kumworohera kurushaho iyo aza kuba aho ibyo avuga byabereye, bitewe n'uko ifoto itagaragaraga neza.

381. Umutangabuhamya wiswe K yavuze ko yabonye Musema muri Mata 1994 atwaye Pajero yari imbere ya Daihatsu y'Uruganda rw'icyayi, agana ku Gikongoro. Iyo Daihatsu yarimo umuntu wakoreshaga indangururamajwi, ahamagara abantu ngo babatabare, avuga ko Uruganda rw'icyayi rwatewe n'Inyenzi. Umutangabuhamya yavuze ko ijambo Inyenzi ryasobanuraga umututsi kandi ko muri Mata 1994 uruganda rutatewe n'abatutsi. Ku bwe, ni amayeri yakoreshejwe kugira ngo abantu bo ku Gikongoro n'abakozi b'uruganda baze, noneho babajyane mu Bisesero.

382. Ku kibazo cyerekeye ukuntu yamenye ko imodoka zari zigiye ku Gikongoro, umutangabuhamya wiswe M yavuze ko abona Musema bwa mbere, Musema yari avuye ku Gikongoro n'imodoka yuzuye abantu bitwaje amacumu n'ibikoni. Avuga ko bageze ku rutindo rwariho ibiti byubatse nk'amarembo bizamutse ku ruhande (arc de triomphe), Musema yaberetse inzira bafata, we azamuka agana ku ruganda. Umutangabuhamya avuga ko abo bantu baririmbaga bavuga ngo « Tubatsembatsembe, tubamare, aho bihishe mu mashyamba ». Umutangabuhamya yavuze ko yakurikiye ibyo byose ari aho yari yihishe mu murima w'icyayi. Imodoka ivuye ku Gikongoro imaze kugera ku ruganda rw'icyayi, za modoka eshatu za Daihatsu z'uruganda zagiye zose mu Bisesero. Icyerekanaga ko izo modoka zari iz'uruganda rw'icyayi ni

amagambo «*Usine à thé de Gisovu* » (Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu) yari azanditseho.

383. Umutangabuhamya wiswe K yavuze ko mu bantu bajyanywe mu Bisesero yamenyemo abakozi b'uruganda rw'icyayi. Amazina yabo ari mu kimenyetso gihamya gifite nomero P35. Umwe gusa muri bo ni we wari ufite intwaro, uwo akaba ari uwitwa Mushoka. Abandi bari inyuma mu modoka babyina. Umutangabuhamya yongeyeho ko muri abo bantu, harimo abatwa bari bitwaje amacumu n'ibikoni.

384. Umutangabuhamya avuga ko nyuma y'igitero cya Bisesero, bamwe mu bantu bari baturutse ku Gikongoro bagendaga n'amaguru, kandi bari bafite amatungo n'ibiribwa. Musema yari atwaye imodoka yagendaga imbere ya Daihatsu. Umutangabuhamya avuga ko abantu bari bavuye mu Bisesero bari bake ugereranije n'igihe bagendaga. Imodoka zaba zarahagaze ku ruganda rw'icyayi.

385. Urugereko rusanga bigaragara neza ko ubuhamya bw'umugabo n'ibyo yabwiye mbere Porokireri n'abategetsi b'Abasuwisi bitandukanye. Mu buhamya yatanze ku itariki ya 13 Ukwakira 1995, K yemeje ko kuva ku itariki ya 7 Mata 1994 habaye ubwicanyi i Gitabura bwamaze iminsi itatu. Nyuma yaho ni bwo yagiye mu Bisesero. Bityo, nta cyo avuga ku murima w'icyayi. Umutangabuhamya ahakana ko yatanze ubwo buhamya. Yongeye kwemeza ko yagiye mu murima w'icyayi ku itariki ya 8 Mata 1994 aho yamaze ibyumweru bibiri mbere yo kujya mu Bisesero. Yasobanuye ko uwakoze iperereza yibwiye ko abantu bose bashakaga guhungira mu Bisesero, akaba ari yo mpamvu mu buhamya bwe hari handitsemo ko yagiye mu Bisesero hashize iminsi itatu.

386. Mu buhamya yahaye abategetsi b'Abasuwisi ku itariki ya 17 Kamena 1995, K yavuze ko yagumye mu murima w'icyayi kuva ku itariki ya 8 Mata kugeza ku itariki ya 20 Gicurasi 1994. Mu gusubiza ibibazo yabajijwe kuri ubwo buhamya bwe, umugabo yasobanuye ko aho kuvuga itariki ya 20 Mata yibeshye akavuga iya 20 Gicurasi.

387. Urugereko rusanga itariki ya 20 Gicurasi 1994 ivugwa incuro zirindwi mu buhamya ariko ko itariki ya 20 Mata 1994 nta na hamwe ivugwa.

388. Umutangabuhamya yasobanuye ko n'ubwo mu buhamya bwe handitsemo ko atabonye Musema mbere y'itariki ya « 20 Gicurasi », bagombaga gusoma « 20 Mata » mu mwanya w'iyo tariki. Mu gusubiza ikibazo yabajijwe nyuma y'ibyo, yemeje ko yabonye Musema mbere y'itariki ya 20 Mata 1994.

389. Umutangabuhamya avuga kandi ko impamvu yibutse itariki ya 20 Gicurasi iri mu buhamya bwe, ari uko yari yarayanditse ku gapapuro, ko atabonye Musema mbere y'iyo tariki. Yongeyeho ko ako gapapuro ari ko mu by'ukuri yavugaga ku byerekeye ibyabaye ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, avuga ko ari inyandiko yasanze mu mirambo y'abantu nyuma y'igitero, ikaba yari yarasomwe n'abantu benshi. K yakomeje asobanura ko ku itariki ya 20 Gicurasi yabonye koko imodoka, ko ariko ubwo yari ku musozi kandi imvura igwa atashoboye kwandika itariki, ko ahubwo yayifashe mu mutwe. Kuri iyi ngingo, umutangabuhamya avuga ko inshinga "kwandika" kuri we yagombye gusobanura "gufata mu mutwe".

390. Mu buhamya yatanze ku itariki ya 17 Ugushyingo 1998, umutangabuhamya yasabye ko itariki ya 20 Gicurasi 1994 yasimbuzwa itariki ya 20 Mata 1994 iri mu buhamya yatanze ku itariki ya 17 Kamena n'iya 13 Ukwakira 1995.

- <u>Tariki ya 26 Mata 1994, agasozi ka Gitwa</u>

391. Umutangabuhamya wiswe M ni we mugabo ushinja wenyine wavuze ku buryo bwihariye ko hari igitero cyagabwe ku gasozi ka Gitwa ku itariki ya 26 Mata 1994. Umutangabuhamya wari wihishe mu kazu ku munara wa FM ku musozi wa Karongi, nk'uko byavuzwe haruguru, yavuye aho yari yihishe ku itariki ya 20 Mata 1994, inshuti ye imaze kumubwira ko hari abandi bazamu bari boherejwe ku munara wa FM, gusimbura abataye akazi kabo. Bityo yagiye kwihisha mu gisambu ari kumwe n'umuryango we.

392. Umutangabuhamya wiswe M yabwiye Urugereko ko, ku itariki ya 26 Mata 1994, yabonye igitero kiyobowe na Musema. Icyo gitero cyatangiye hagati ya saa sita na saa sita n'igice ku gasozi ka Gitwa, aho impunzi zari zateraniye. Imodoka zose hamwe zageze kuri ako gasozi zari umunani. Zarimo Toyota eshatu na Suzuki imwe z'urwunge rw'amashuli rwo ku Gisenyi, ebyiri z'umuhondo za MINITRAPE na Daihatsu ebyiri z'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Uretse abantu bari mu madoka, umutangabuhamya avuga ko mu muhanda no mu nzira zigana ku gasozi hari abantu b'uruvunganzoka bangana n'abavuye kuri sitade habereye ikintu gikomeye.

393. Umutangabuhamya wiswe M yavuze ko yabonye Musema ari muri imwe muri Daihatsu ari kumwe n'abakozi b'uruganda rw'icyayi, bambaye imyenda y'akazi y'ubururu. Musema yari yitwaje imbunda, mu gihe abari kumwe na we bari bitwaje intwaro za gakondo, kandi bambaye amashara bakenyeje imigozi y'icyatsi cyitwa « umuhurura »[177] Abagabye igitero bicanye umurava udasanzwe ku buryo abagabo bake aribo baba barokotse. Nta bagore n'abana barokotse. Musema n'abo bari kumwe barashe abantu. Abantu benshi bapfuye bahunga. Abantu babarirwa mu bihumbi barahaguye, barimo abafitanye isano n'umutangabuhamya.

394. Umutangabuhamya yavuze ko yamenye ko igitero cyagabwe ku itariki ya 26 Mata arebeye ku isaha ya elegitoroniki (*montre électronique*) yakoraga muri icyo gihe. Yasobanuye ko bitewe n'uko icyo gitero cyarimo abantu benshi cyane ugereranyije n'ibitero byose yabonye, yarebye ku isaha kugira ngo azibuke iyo tariki ubuzima bwe bwose. Ubundi yarebye ku isaha ni umunsi inama yabaye ku itariki ya 18 Mata 1994. Ni nako kandi yabigenzaga iyo habaga habaye ibintu bikomeye. Nyamara ku kibazo cyerekeye itariki yatangiyeho ubuhamya bwe (bwatanzwe ku itariki ya 13 Mutarama 1999), umutangabuhamya yavuze ko hari muri Mutarama ariko ko atibuka neza itariki.

- <u>Impera za Mata – intangiriro za Gicurasi 1994</u>

[177] "Imihurura" mu bwinshi.

395. Umutangabuhamya wiswe F yavuze ko hagati y'itariki ya 17 n'iya 30 Mata 1994, abantu bagiye kugaba ibitero bamwe baturutse muri Komini Gishyita, abandi baturutse muri Komini Gisovu, bose berekera ku gasozi ka Muyira. Mu gice cy'abantu baturutse mu Gisovu, yabonyemo Ndimbati, wari Burugumesitiri wa Komini Gisovu, Eliyezeri Niyitegeka, wari Minisitiri w'Itangazamakuru, n'umuyobozi w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Yavuze ko ku gitero cya mbere, abateye basubijwe inyuma, ko ariko baje kugaruka nyuma y'iminota mirongo itatu kugaba ikindi gitero. Mu gitero cya kabiri, ni bwo yabonye Musema mu baje gutera. Musema yarashe ku mpunzi zari zagose umupolisi, noneho yiruka agana ku modoka ye y'ibara ritukura. Umutangabuhamya yemeje ko Musema yari yitwaje imbunda y'umukara iringaniye.

396. Umutangabuhamya wiswe R yavuze ko ahagana mu mpera za Mata cyangwa mu ntangiriro za Gicurasi yakomerekeye mu gitero cyagabwe ku gasozi ka Rwirambo, mu Bisesero, gateganye n'agasozi ka Muyira.

397. Yasobanuye ko icyo gitero cyagabwe mu gitondo n'abantu baturutse mu Gisovu. Icyo gitero cyari kiyobowe na Burugumesitiri wa Gishyita Aloyizi Ndimbati, na Musema, umuyobozi w'uruganda rw'icyayi. Umutangabuhamya yari ahantu imbunda ya Musema yashobora kugeza aramutse arashe. Ntavuga uko iyo mbunda yareshyaga. Musema yaje muri Pajero ye itukura, akurikiwe inyuma gato n'imodoka ya Ndimbati. Umutangabuhamya yabonye kandi kamyoneti enye zo mu bwoko bwa Daihatsu z'uruganda rw'icyayi, zitwaye Interahamwe. Yamenye Interahamwe kubera imyenda y'akazi y'ubururu zari zambaye, yanditseho mu mugongo « *Usine à thé de Gisovu* » (Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu). Muri izo kamyoneti, ebyiri zari icyatsi, imwe yari umuhondo, indi ari umweru. Zose zari zanditseho ku ruhande «*Usine à thé Gisovu* » (Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu).

398. Umutangabuhamya yavuze ko abagabye ibitero bari bitwaje ibikoni, imbunda n'amacumu. Mu gihe yashakaga amazi mu gishanga cyo hafi aho, Umutangabuhamya wiswe R yakomerekejwe n'isasu rirasiwe aho Ndimbati na Musema bari bari. Mu ibaza rinyomoza, yasobanuye uburyo yakomeretsemo, ari ku gasozi ka Rwirambo,

gatandukanyijwe n'agasozi ka Muyira n'utundi dusozi tubiri n'umugezi. Ako gasozi kavugwa kari hafi y'umuhanda uhuza Gisovu na Gishyita.

399. Umutangabuhamya wiswe R yasobanuye ko abateye bamaze kuhagera, impunzi zakwiye imishwaro, zigabanyijemo ibice bibiri. Kubera kubura icyo arya, yaje kunanirwa abandi bahunga baramusiga. Yafashwe n'isasu ku kaboko mu nkokora. Iryo sasu ryinjiriye imbere risohokera inyuma. Ryarashwe ubwo yarasubije amaso inyuma kureba abari bagabye ibitero.

400. Mu ibaza rinyomoza, R yemeje ko yatanze ubuhamya mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana. Ubwunganizi bwavuze ko yatanze ubuhamya ku itariki ya 13 Ugushyingo 1997 bamuhimbye "JJ". Mu buhamya bwe muri urwo rubanza, umutangabuhamya yari yavuze ko yakomeretse ku itariki ya 29 Mata.

401. Ubwo bamwibutsaga bimwe mu byerekeye ubuhamya yatanze mbere, umutangabuhamya yavuze ko yakomeretse ku kuboko hagati y'itariki ya 27 Mata n'iya 3 cyangwa iya 4 Gicurasi. Yavuze ko yibuka icyo gihe kubera ko habayeho agahenge k'icyumweru mbere yuko ibitero byongera kugabwa ku itariki ya 13 n'iya 14 Gicurasi. Yabwiye Urugereko ko kubera ko atashoboraga kujya kwivuza kwa muganga, umugiraneza yamusigiye amavuta y'inka ku gikomere. Mu gusubiza kuri ubwo buhamya, Ubwunganizi bwavuze ko mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, umutangabuhamya yasubije ikibazo cy'umucamanza Khan muri aya magambo: « Icyo gihe ibintu byari bitarakomera. Umuntu yashoboraga kubona umuhutu udafite ubukana, mbese wavuga ko afite umutima mwiza, washoboraga kumuha amafaranga, akaguha penisilini ». Umutangabuhamya yari yavuze kandi ko yivurije muri Rwirambo.

402. Umutangabuhamya wiswe R yahakanye ko yigeze avuga ko yaba yaragiye muri Rwirambo, bitewe n'uko atashoboraga kugera ku bitaro bya Rwirambo kubera bariyeri zari muri iyo nzira. Cyakora yibutse ko hari icyo yavuze kuri penisilini, ubwo yavugaga ku byerekeye ibikomere bikomeye, ko yavuze ko hari abantu bashoboraga

kuyibona. Mu gusubiza Ubwunganizi n'abacamanza, umutangabuhamya yavuze ko yasize ifu ya penisilini ku gisebe nyuma cyane cyararangije gufatana, ko atigeze asaba umuhutu penisilini.

- Agasozi ka Muyira, 13 Gicurasi 1994

403. Ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, nyuma y'igihe cy'agahenge, abatutsi babarirwa hagati ya 15 000 na 40 000, hakurikijwe ikigereranyo cy'abatangabuhamya, bahungiye ku gasozi ka Muyira no mu duce two hafi aho. Abo batutsi b'abasivili batitwaje intwaro bagabweho igitero simusiga gihitana muri bo abantu babarirwa mu bihumbi.. Ubwunganizi bwemeye ko icyo gitero cyabayeho koko, kandi ko abatutsi b'abasivili bahotowe kandi bakarimburwa. Cyakora, nk'uko byagenze mu bundi bwicanyi Musema aregwa kuba yaragiyemo, Ubwunganizi, bushingiye ku myiregurire ya *alibi*, bwahakanye ko Musema yari ari aho hantu. Urugereko rurasuzuma mu bice bikurikira ubuhamya bw'abagabo bashinja, bushingiye kuri iyo ngingo.

404. Umutangabuhamya wiswe F yavuze ko nyuma y'ibyumweru bibiri by'agahenge, igitero simusiga cyagabwe ku gasozi ka Muyira ku itariki ya 13 Gicurasi 1994. Yavuze ko ahagana saa mbiri za mu gitondo, imodoka nyinshi zigendera hamwe, ziturutse muri Komini Gishyita na Gisovu, zirimo amakamyo na otobisi imwe, zageze ku mbibi z'ayo makomini yombi. F yasobanuye ko abaje gutera bigabanyijemo ibice, bagenda bagana mu mpande zose z'agasozi. Mu gice cy'abari baturutse mu Gisovu, harimo Burugumesitiri wa Komini, Eliyezeri Niyitegeka, Alfred Musema n'abajyanama b'amasegiteri ya Komini Gisovu. Mu bagabye igitero ku rundi ruhande rw'agasozi, harimo Kayishema, wari Perefe wa Kibuye, Karoli Sikubwabo, wari Burugumesitiri wa Gishyita, Karoli Karasankima wasimbuwe na Sikubwabo, abajyanama ba Komini Gishyita, n'abandi bantu benshi bitwaje intwaro. Umutangabuhamya yavuze ko mu ntwaro abateye bari bitwaje harimo imbunda, intwaro za gakondo, n'ibisongo by'imigano bibaje nk'amacumu. Ubwo zari zokejwe igitutu n'abantu bagabye igitero, byabaye ngombwa ko impunzi zari ku gasozi ka Muyira zihava. Muri icyo gitero haguyemo abantu benshi bageragezaga guhunga, barimo abantu benshi bageze mu

zabukuru, abagore n'abana, barimo abana batanu b'umutangabuhamya, bari bafite kuva ku mezi 13 kugeza ku myaka 10. Umugore wa F yarakomeretse cyane, ku buryo byamubyariye ubumuga kugeza na n'ubu. Hakurikijwe ikigereranyo cy'uwo mutangabuhamya, abantu 10 000 gusa, mu bantu babarirwa hagati ya 40 000 na 50 000 bari barahungiye ku gasozi ka Muyira, ni bo bonyine barokotse igitero cyagabwe ku itariki ya 13 Gicurasi 1994. Akurikije uko abizi, abishwe bose bari abatutsi, abateye bakaba abahutu. Mu gusubiza ikibazo cy'Urugereko yemeje ko abateye baririmbaga intero zimwe uko bagendaga begera imisozi. Umutangabuhamya yavuze ebyiri muri izo ntero: « tubatsembatsembe »[178], iyo « ba » ikaba ivuga abatutsi, na: «n'Imana y'abatutsi yarapfuye ».[179]

405. Umutangabuhamya yongeyeho ko yabonye Musema yitwaje imbunda, ariko ko atamubonye ayikoresha.

406. Mu ibaza rinyomoza, Ubwunganizi bwagarutse ku buhamya umugabo yatanze mbere mu Biro bya Porokireri. Ku buhamya bwa mbere (20 Werurwe 1996), Ubwunganizi bwabajije umutangabuhamya impamvu atavuze ko yabonye Musema mu bitero byagabwe muri Gicurasi, kandi yari yaramuvuze mu bitero byagabwe muri Mata. Umutangabuhamya wiswe F yasobanuye ko yari yaravuze ku buryo bweruye ko Musema yari mu bitero byagabwe muri Gicurasi. Yibukije mu magambo arambuye interuro yari yaravuze. Iyo nteruro iteye itya: « […] Abo bagabye ibitero biciyemo ibice bibiri, bari bayobowe n'abantu bamwe n'abo navuze haruguru […] » Ubwunganizi bwagarutse ku buhamya bwa kabiri (14 na 16 Gashyantare 1998), maze bumubaza na none icyo kibazo kimwe cyo kuba ataravuze ko yabonye Musema mu gitero cyagabwe ku itariki ya 13 Gicurasi 1994. Umutangabuhamya yarongeye asobanura ko yavuze amazina y'abantu bayoboye ibitero byagabwe muri Mata, yongera kwemeza ko abantu bayoboye igitero cyabaye ku itariki ya 13 Gicurasi ari bamwe n'abayoboye ibitero byagabwe muri Mata.

---

178 Mu kinyarwanda "badutsembatsembe".
179 Mu kinyarwanda "Imana y'abatutsi barayishe. Nta Mana bakigira".

407. Mu gihe Porokireri yongeraga kubaza F, yagarutse ku biri ku rupapuro rwa 52 rw'inyandikomvugo yo ku itariki 11 Gashyantare 1998, byerekeye urubanza rwa Kayishema na Ruzindana. Kuri iyo tariki, F yatanze ubuhamya yitwa QQ. Umutangabuhamya wiswe F yemeje ko uwo munsi yavuze ko yabonye Musema, umuyobozi w'uruganda rw'icyayi cya Gisovu, ari kumwe n'abandi bantu, igihe bagababaga igitero i Muyira, ku itariki ya 13 Gicurasi 1994.

408. Umutangabuhamya wiswe P yahamye ku gasozi ka Muyira kugeza ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, ari kumwe n'izindi mpunzi nyinshi. Uwo munsi, impunzi 40 000 yarimo zari ku gasozi ka Muyira, zagabweho igitero simusiga, cyiciwemo umugore we n'abana be babiri. Igitero cyari gikomeye cyane ku buryo impunzi zitashoboye guhangana n'abateye, bityo zirahunga. Mu bateye yamenyemo abantu baturutse i Rwamatamu, Gisovu, Gitesi, Gishyita na Cyangugu. Yavuze ko mu bateye baturutse muri Gitesi, harimo Perefe Kirimenti Kayishema, umupolisi wa Komini witwa Claude na Mucungurampfizi wakoraga muri Elegitorogazi (Electrogaz). Mu bantu bari bayoboye igice giturutse mu Gisovu harimo Burugumesitiri Aloyizi Ndimbati, Alfred Musema, abapolisi ba Komini bitwa Rukazamyambi na Sebahire, n'umujyanama wa Komini witwa Segatarama. Yavuze na none ko yashoboye kumenya abakozi b'uruganda bari bambaye imyenda y'akazi y'ubururu yanditseho « *Usine à thé de Gisovu* » (Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu).

409. Kubera ko yari ahangayikishijwe no guhunga, P yavuze ko atabonye Musema ubwe mu gitero cyagabwe ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, ko ariko yabonye za Daihatsu z'uruganda rw'icyayi na Pajero itukura ya Musema.

410. Mu ibaza rinyomoza, P yavuze ko atabonye Musema uwo munsi, ko yabonye ariko imodoka z'uruganda, zikaba zitashoboraga gusohoka mu ruganda Musema atabitangiye uburenganzira. Yemeje kandi ko yabonye imodoka ya Musema, yatwarwaga na we wenyine. Ashingiye kuri ibyo, P yumva ko Musema yari ahari, bitewe n'uko imodoka ye yari ihari.

411. Kubera ko atashoboraga kuzamuka ngo agere mu mpinga y'agasozi ka Muyira bitewe no gukomereka, umutangabuhumya wiswe R yavuze ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, yihishe mu bihuru biri hafi y'umuhanda uhuza Gisovu na Gishyita, kandi ko aho yari yihishe yashoboye kubona igitero cyagabwe ku mpunzi ku gasozi ka Muyira.

412. Yasobanuye ko mbere y'uko igitero kigabwa ku mpunzi z'abatutsi zari ku gasozi ka Muyira, abari bakiyoboye babanje guteranira mu rugabano rwa Gishyita na Gisovu. Imodoka yari imbere y'izindi yari iya Kayishema, Perefe wa Kibuye. Yari ikurikiwe n'imodoka y'umucuruzi witwa Ruzindana, na za otobisi. Imodoka z'uruganda rw'icyayi ziturutse mu Gisovu nazo zageze aho, zitwawe na Musema na Ndimbati. Umutangabuhamya wiswe R yavuze ko buri muyobozi muri abo yari yitwaje imbunda ndende.

413. Umutangabuhamya wiswe R yavuze ko amatsinda yombi y'abagabye igitero amaze kugera mu rugabano rw'amakomini yombi, Kayishema yatanze amabwiriza yerekeye uko baza gutera. Yumvise Kayishema aha amabwiriza abagiye gutera, anashyiraho umukuru umwe cyangwa benshi bo kuyobora buri tsinda. Yashyizeho Musema, Ndimbati na Eliyezeri Niyitegeka ngo bayobore abavuye mu Gisovu no ku Gikongoro, naho Elizafani Ntakirutimana na Ruzindana bashingwa kuyobora irindi tsinda. Umutangabuhamya yasobanuye ko Kayishema ari we warashe isasu rya mbere, yerekeza ku gasozi ka Muyira. Ubwo abayoboye ibitero, barimo Musema, n'abantu babo, bateye agasozi ka Muyira. Umutangabuhamya ntiyashoboye kubona ibyabereye ku gasozi, ariko yumvise urusaku rw'amasasu, za gerenade ziturika n'abantu baboroga.

414. Umutangabuhamya wiswe R yavuze ko yagumye mu bwihisho kugeza igihe abagabye ibitero barimo Musema, bagenda. Nyuma yagiye ku gasozi ka Muyira gushaka imirambo y'abantu bo mu muryango we. Mu mirambo myinshi yari yuzuye ku gasozi ka Muyira, yasanzemo uw'umugore we, uw'umwana we, uwa nyina n'iya bakuru be. Abantu bose bishwe bari abatutsi kandi ari abasivili.

415. Mu ibaza rinyomoza, Umutangabuhamya wiswe R yatanze ibimenyetso by'inyongera byerekeye aho yari yihishe, ari ho mu bihuru byari hepfo y'agasozi ka Muyira, nko muri metero 30 uvuye ku nkengero z'umuhanda. Ibyo bihuru byari hafi y'aho abagabye ibitero bakoraniye.

416. Ubwunganizi bwasanze mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, umutangabuhamya wiswe R yaravuze ko yari muri metero 300 uvuye aho Kayishema yari ahagaze. Umutangabuhamya yemeje ubwo buhamya muri uru rubanza, kandi yavuze ko yashoboraga kumva Kayishema atanga amabwiriza, kubera ko abantu bamutegaga amatwi nta we ukoma, kandi ko yakoreshaga indangururamajwi. R yavuze ko abagabye ibitero bari bamuteye umugongo bose. Yongeyeho ko abayobozi bakoreshaga indangururamajwi mu gihe bashyiragaho amatsinda yabo, ko ariko batazikoreshaga iyo baganiraga hagati yabo. Kubera iyo mpamvu, yavuze ko atashoboraga kumva ibyo baganiraga byose. Umutangabuhamya yavuze cyakora ko yashoboye kumva Niyitegeka, bitewe n'uko yavugaga aranguruye ijwi, abwira abandi ngo aho gusubira mu masegiteri baturukamo, bari bakwiye kujya i Muyira guhindira abatutsi ku rundi ruhande.

417. Mu ibaza rinyomoza, R yavuze ko abahutu n'abatwa bose bari bambaye imyenda y'umweru, kugira ngo bashobore kubatandukanya n'abatutsi. Bushingiye ku nyandikomvugo iri mu rurimi rw'igifaransa y'iburanisha ryo ku itariki ya 13 Ugushyingo 1997, imp. 122 n'izikurikira, y'urubunza rwa Kayishema na Ruzindana, Ubwunganizi bwasanze umutangabuhamya yaravuze ko Interahamwe za Kayishema zari zambaye imyenda y'umukara naho izaturutse i Cyangugu zambaye imyeru, ko Kayishema yari yavuze ko abambaye umukara bajya ku ruhande rumwe, abambaye umweru bakajya ku rundi, kugira ngo bashobore kumenyana. Umutangabuhamya yibutse ko yatanze ubwo buhamya, yongeraho ko n'ubwo abenshi mu bagabye ibitero bari bambaye umweru, bamwe mu bayobozi babo bahisemo kwambara ibara ritandukanye, kugira ngo abantu babo be gusa n'abandi.

418. Umutangabuhamya wiswe Z, wari wahungiye ku gasozi ka Muyira, yavuze ko abateye bageze kuri ako gasozi ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 baturutse ku Gisenyi, mu Ruhengeri, i Gitarama, ku Kibuye, ku Gikongoro, i Cyangugu, kwa "Yusufu" no ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Yavuze ko igitero cyari kiyobowe na Perefe Kayishema, Obedi Ruzindana, Musema, na ba Burugumesitiri Ndimbati na Sikubwabo. Umutangabuhamya yamenye Musema, amubonye aje wenyine yitwaye mu modoka ye.

419. Umutangabuhamya wiswe Z yasobanuye ko Musema wari witwaje imbunda ndende, yari ayoboye abateye baturutse mu Gisovu, naho Ruzindana na Kayishema bakaba bari bayoboye abari baturutse ahandi. Abagabye igitero bose bateraniye mu rugabano rwa Komini Gishyita na Gisovu. Umutangabuhamya yavuze ko mu bateye harimo abasivili b'abayoboke ba MDR, CDR na MRND, ko mu gice cya Musema harimo Interahamwe zatojwe na Musema, Interahamwe z'i Cyangugu, abasirikare, abajandarume, abakozi b'uruganda rw'icyayi, barimo abazamu. Z yavuze ko aho yari yihishe mu ibanga ry'agasozi, yashoboye kubona Musema avuga mu ijwi riranguruye nk'ukoresha indangururamajwi, abwira abagiye gutera, kandi ko yashoboye kumva Musema aha amabwiriza abagiye gutera, n'ubwo kuva aho Musema yari ari n'aho Z yari yihishe hari ahantu umuntu wiruka yagenda iminota. Yumvise Musema avuga ngo: "Nimujye hariya, abantu baje kugaba igitero baturutse ku Kibuye na Gishyita baraturuka ku rundi ruhande". Ibyo yabivuze atunga urutoki aho bagombaga kujya.

420. Umutangabuyamya wiswe Z yavuze ko abari bayoboye amatsinda, barimo Musema, bahaye intwaro abagiye gutera kandi ko bari barigishijwe kuzikoresha. Yongeyeho ko uko umunsi urangiye, basubizaga izo ntwaro, zikongera gutangwa bukeye mu gitondo.

421. Mu ibaza rinyomoza, Z yongeyeho ko aho yari ari mu mpinga y'agasozi ka Muyira, yashoboye kumva Musema, wari aho ako gasozi gatangirira, aha amabwiriza amatsinda atandukanye y'abari bagiye gutera. Umutangabuhamya yashoboye kumva ibyavugwaga byose kubera ko abantu bose bari ku gasozi ka Muyira bari batuje, kandi ko abari baje kugaba ibitero bari bateze amatwi bitonze, bumva amabwiriza bahabwaga n'abayobozi. Ubwunganizi bwibukije na none ubuhamya umugabo yatanze ku itariki

ya 13 Gicurasi 1995, avugamo amazina y'abantu bateye yabonye ariko atavugamo Musema. Umutangabuhamya yasobanuye ko n'ubwo atari ko byagenze mu buhamya yahaye Porokireri, imbere y'Urugereko yari kuvuga ibyo azi byose.

422. Umutangabuhamya wiswe Z yasobanuye uburyo abagabye igitero bafashe agasozi, naho impunzi zirwanagaho zitera amabuye. Impunzi zimaze kubona ko igitero kizirushije imbaraga, izigera kuri magana abiri cyangwa magana atatu zagerageje kumenera mu babateraga. Yavuze ko impunzi nyinshi zishwe, zirimo abantu bo muryango we.

423. Mu ibaza rinyomoza, Z yasobanuye ko nyuma y'igitero abasirikare bagumanaga intwaro zabo, mu gihe abantu bari barahawe imyitozo bazisubizaga Musema, maze bagahabwa ibihembo, tuvuge nk'amatungo. Mu gitondo bongeraga guha intwaro abagiye gutera. Iyo umwe muri bo atabonaga intwaro yarijujutaga, avuga ko intwaro ye bayihaye undi. Z yavuze ko ibyo byose yabyiboneye.

424. Umutangabuhamya yavuze ko abagabye ibitero baturutse muri Gishyita bateye gerenade ikamukomeretsa ku jisho, ubwo yari hafi y'umuhanda ugabanya Komini Gishyita na Gisovu. Mu ibaza rinyomoza, Z yavuze ko atashoboraga kwibuka neza itariki yakomerekeyeho. Ubwunganizi bwaboneyeho kwibutsa umugabo ubuhamya bwe buri mu nyandikomvugo y'iburanisha ry'urubanza rwa Kayishema na Ruzindana yo ku itariki ya 2 Werurwe 1998 yavuzemo uburyo yakomeretse ku itariki ya 13 Gicurasi 1994. Icyo gihe yari yahawe izina rya NN. Ubwunganizi bwibukije ko muri iyo nyandikomvugo hari izindi mpapuro zerekana ko umutangabuhamya yavuze ko yibuka neza itariki ya 13 Gicurasi 1994, kubera ko uwo munsi ari bwo abantu benshi bo mu muryango we bapfuye.

425. Umutangabuhamya wiswe Z yasubije ibibazo by'Ubwunganizi avuga ko ubuhamya atanga bwerekeye urubanza rwa Musema, ko ntaho buhuriye n'urubanza rwa Kayishema na Ruzindana. Nyuma yaje kuvuga ko yakomeretse koko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, ko cyakora muri icyo gihe atashoboraga kwibuka amatariki neza.

426. Umutangabuhamya wiswe N yavuze ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 hagabwe ibitero byinshi ku gasozi ka Muyira, kandi ko harokotse abantu bake cyane. Yasobanuye ko abagabye ibitero bahageze ahagana saa yine za mu gitondo baturutse mu Gisovu, Kibuye, Rwamatamu, Mubuga n'i Cyangugu. Ubwo yatangaga ubuhamya ku bavuye mu Gisovu, N yasobanuye ko yashoboye kumenya gusa abari mu modoka z'imbere, kubera ukuntu hagati ye n'abateye hareshyaga. Yavuze ko yabonye imodoka ya Musema, avuga ko yari « Benz » kubera ko yahendaga, yari ibimburiye izindi, ikurikiwe n'imodoka eshatu za Daihatsu z'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, otobisi eshatu za ONATRACOM n'ikamyo ya gereza ya Gisovu. N ntiyashoboye kubona izindi modoka, kubera ko zari zikingirijwe n'ishyamba. Izo modoka zahagaze hafi y'icyapa cy'umuhanda, aho zahuriye n'izindi modoka zivuye ku "muhanda wo hepfo".[180]

427. Umutangabuhamya wiswe N yavuze ko atamenya umubare nyawo w'abantu baturutse mu Gisovu, ariko ko agereranije bagera bose hamwe ku bihumbi mirongo itanu, harimo abaturutse ku Gikongoro n'i Burundi. Bamubajije umubare w'abantu baje n'amaguru, umutangabuhamya yasobanuye ko abaje n'amaguru bari baturutse mu masegiteri yo hafi aho, ari yo Rugaragara na Gitabura. Abaje mu modoka bari baturutse kure, ni ukuvuga nko muri Komini Gisovu. Urugereko rwamubajije umubare w'abantu bari bahari, asobanura ko mu gutanga umubare w'ibihumbi mirongo itanu, yavugaga abaturutse mu Gisovu. Yemeje ko yabonye Musema mu modoka ye, kandi ko bwari ubwa mbere amubona mu bitero.

428. Umutangabuhamya wiswe N yavuze ko abari bagiye kugaba ibitero bari bahuriye hamwe bose, ko kandi yashoboraga kubabona bavuga bakora ibimenyetso n'amaboko, ariko ko atashoboye kumva ibyo bavuganaga. Yavuze ko yumvise Musema, mu gihe abari kumwe na we bavaga aho bari bari, bakagera hafi ye. Musema yaba yarabajije umupolisi witwa Ruhindura niba umukobwa w'inkumi witwa Nyiramusugi yarapfuye.

[180] Inyandikomvugo mu gifaransa y'iburanisha, 28 Mata 1999: « izo modoka zari ziturutse mu muhanda wo hepfo maze abantu bari mu modoka zaramanutse maze abo bantu bose bakoranira hafi y'icyapa, hafi y'icyapa cyo ku muhanda.

Umupolisi yarasubije ngo « oya ». Ubwo Musema yaba yarasabye ko mbere ya byose bamuzanira uwo mukobwa. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yasobanuye ko yashoboye kumva Musema, kubera ko impunzi zaganiraga buhoro, kandi ko abari mu bitero biteguraga. Yongeyeho ko abari mu bitero bavugaga baranguruye ijwi, ku buryo umuntu wese yashoboraga kubumva.

429. Umutangabuhamya yavuze ko yari azi uwo mukobwa wari umwarimukazi, kuko yakundaga kumubona agiye ku ishuri, cyangwa we ashoye inka ze ku kibumbiro cyari imbere y'inzu y'ababyeyi be.

430. Umutangabuhamya wiswe N yavuze ko kubera ayo mabwiriza, abantu baturutse i Gishyita bahise barasa, bityo kikaba cyari ikimenyetso bahaye abandi ngo nabo batangire kurasa. Ibitero byarakomeje kugeza saa cyenda z'amanywa, ubwo umutangabuhamya yahunze agana muri Komini ya Ruhindura. Yongeyeho ko "impunzi" zimwe zahunze zigana mu mpinga y'agasozi, izindi zigahunga zigana hepfo. Umutangabuhamya yasobanuye ko icyo gihe cyose Musema yashakishije uwo mukobwa, kandi ko yanarashe ku bantu.

431. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yemeje ubuhamya bwavuzwe haruguru. Ubwunganizi bumubajije impamvu yagombye gutegereza imyaka itanu kugira ngo abone gutanga ayo makuru, N asubiza ko abantu babiri bashinzwe iperereza baje kumureba kubera iyo mpamvu, kandi ko mu mwaka wa 1997 yari yarareze Musema kuri Parike ya Kibuye. Yunzemo ko iyo uzi ko umuntu yakoze icyaha , ugomba kubivuga.

432. Umutangabuhamya wiswe G udakomoka mu karere ka Bisesero, yavuze ko yabonye Musema mu gitero cyagabwe ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, arasa ku mpunzi, ari kumwe n'abandi bategetsi bo muri ako karere yari azi, kubera ko, mu biruhuko bye, yakundaga kuba ku Kibuye. Yemeje ko yamubonye Kucyapa, mu rugabano rwa Gishyita na Gisovu, ari kumwe na Kayishema, Ruzindana, Sikubwabo n'abandi bantu

benshi. Umutangabuhamya yavuze kandi ko yabonye Musema ubwo yahungaga igitero cyagabwe ku gasozi ka Muyira.

433. Umutangabuhamya wiswe G yavuze ko abantu baje gutera bageze aho bagabye igitero bari mu mamodoka yarimo otobisi za ONATRACOM n'amamodoka nibura abiri, yanditseho « Usine à thé de Gisovu » (Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu). Umutangabuhamya yavuze ko aho yari yihishe ku gasozi ka Muyira, yashoboye kubona abantu baje kugaba igitero baturutse ku Mugonero, Ngoma, Gisovu, Gishyita, Mubuga, Gitesi na Rubazo.

434. Umutangabuhamya wiswe G yasobanuye ko ubwo yahungaga ava ku gasozi ka Muyira, umugore witwa Goreti Mukangango, yamenye ari umwarimukazi igihe we yigaga mu mashuri abanza, yafashwe n'abagabye igitero. Musema, wari ukiri kumwe na Kayishema, Sikubwabo, Ruzindana na Mika, yasabye ko bamuzanira uwo mugore. Umutangabuhamya yavuze ko Musema yamusatuje inda inkota ndende, ngo « arebe uko mu nda y'umututsikazi hasa ». Uwo mugore yituye hasi, maze abaje kugaba igitero baramukikiza. Porokireri amusabye gutanga ibindi bisobanuro ku bateye bari bakikije uwo mugore, umutangabuhamya yavuze ko hari abagabo n'abagore, maze nyuma y'ibisobanuro birambuye, avuga ko atashoboraga gutanga umubare wabo.

435. Umutangabuhamya wiswe G yasobanuye ko kubera umunaniro kandi amaze kubona ko batashoboraga kumuvumbura, yihishe mu gihuru cyari hafi y'aho imodoka z'abantu bagabye igitero zari zihagaze. Yavuze ko icyo gihe ari bwo yabonye imodoka itukura ya Musema.

436. Mu ibaza rinyomoza, ubwo bamwerekaga amafoto y'akarere ka Bisesero yari muri dosiye nk'ikimenyetso gihamya, umutangabuhamya wiswe S ntiyashoboye kumenya aho hantu, uretse ifoto imwe yaketse ko yerekanaga impinga y'agasozi ka Muyira.Yisobanuye avuga ko atari kavukire ka Bisesero, ko kumenya udusozi tunyuranye tw'aho hantu byari kumworohera kurushaho agiyeyo. Umutangabuhamya bamuhase ibibazo byerekeye umubare w'imodoka n'abantu yabonye yihishe mu gihuru

Kucyapa n'ukuntu hareshya. N'ubwo ari umuntu wize, umutangabuhamya yavuze ko atashoboraga gutanga bene ibyo bisobanuro. Nta n'ubwo yashoboye gusobanura kandi aho Musema yavanye inkota n'uburyo yayibonyemo. Ntiyanasobanuye kandi impamvu mu buhamya bwe nta cyo yavuze ku maraso Ubwunganizi busanga yagombye kuba yaradudubije ubwo basaturaga inda ya Goreti.

437. Umutangabuhamya wiswe T wari wahungiye ku gasozi ka Muyira yavuze ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, igitero simusiga cyagabwe kuri ako gasozi. Yabonye abantu benshi bateye barimo abapolisi, abasivili, Interahamwe, abakozi b'uruganda rw'icyayi, abasirikare n'abategetsi bamwe na bamwe bahageze bari mu modoka nyinshi cyane zigendera hamwe. Izo modoka zarimo otobisi umunani za ONATRACOM, Daihatsu y'umweru n'indi y'ibara ry'icyatsi, zombi z'uruganda rw'icyayi, n'amakamyoneti (pick up). Umutangabuhamya wiswe T yemeje ko abantu bagabye igitero bari baturutse muri Mwendo, Gisenyi, Gitesi, Rwamatamu, Ruhengeri na Cyangugu.

438. Umutangabuhamya wiswe T yavuze ko abantu bagabye igitero, bari baturutse mu Gisovu, barimo abasivili bitwaje intwaro, abakozi b'uruganda rw'icyayi bari bambaye imyenda y'akazi y'ubururu na kaki, abacungagereza bari bambaye imyenda y'akazi y'umuhondo banitwaje imbunda, abasirikare bitwaje imbunda zirasa gerenade (*lance-roquettes*), n'abapolisi bambaye imyenda y'akazi y'icyatsi bari bitwaje imbunda. Mu bantu bari bayoboye igitero, umutangabuhamya yabonyemo Ndimbati, Musema, Sikubwabo, Segatarama na Mika.

439. Umutangabuhamya yavuze ukuntu abantu baje kugaba igitero bakoranye mu gihe cy'isaha mbere yo gutera, ubwo barasaga amasasu ahagana saa yine za mu gitondo. Nk'uko umutangabuhamya abivuga, abari bafite imbunda bakingiraga ingabo abari bitwaje intwaro za gakondo mu gihe basakiranaga n'impunzi. Yavuze kandi ko Musema yari muri abo bantu bari bitwaje imbunda. Umutangabuhamya yemeje ko n'ubwo atiboneye Musema ubwe arasa ku mpunzi, yumva yarabikoze kubera ko yari yitwaje imbunda. Abantu bagabye igitero birukankanye impunzi, bagera hafi yazo bakaziteraho gerenade. Impunzi na zo zitabaraga zitera amabuye. Umutangabuhamya

yavuze ko impunzi zageze aho zumva ko zigomba guhunga, kandi ko nyinshi muri zo zaguye muri icyo gitero.

440. Mu ibaza rinyomoza, Ubwunganizi bwibukije ubuhamya uwo mugabo yatanze mbere, mu ibazwa ryakozwe n'abategetsi b'Abasuwisi, aho atigeze avuga yeruye ko Musema yari mu bicanyi, cyangwa ko yari mu bantu bayoboye ubwo bwicanyi, n'ubwo muri ubwo buhamya yari yaratanze amazina y'abandi bayoboye igitero. Ubwunganizi kandi bwibukije ko mu buhamya bwe hari aho avuga yeruye ko imodoka z'uruganda rw'icyayi zatwaye abicanyi, zibakuye ku Gikongoro zibajyanye mu Bisesero, ariko ko atigeze avuga izina rya Musema. Izina rya Musema ryavuzwe gusa igihe umutangabuhamya yavuze ngo: « Musema ndamuzi. Twabonanaga rimwe na rimwe », n'igihe, amaze kumwerekana ku ifoto, yemeje ngo: « Abafaransa bamaze kuza, nabonye Musema hashize nk'iminsi ibiri cyangwa itatu… ».

441. Umutangabuhamya wiswe T yasubije asobanura ko ubwo yabazwaga, nta kibazo cyeruye yabajijwe kuri Musema, usibye kumubaza uburyo yamubonyemo, niba amuzi cyangwa niba yamumenya, cyangwa se niba yaramubonye Abafaransa bamaze kuza.

442. Urugereko rusanga mu ibaza rinyomoza rya T kuri icyo kibazo, nyuma y'igitekerezo cyatanzwe n'Ubwunganizi buvuga ko atumvaga ameze neza, T yarasabye Urugereko uburenganzira bwo gukomeza ubuhamya bwe ahagaze, kubera ko yumvaga ananiwe.

- <u>14 Gicurasi 1994, agasozi ka Muyira</u>

443. Abatangabuhamya bashinja na bo bavuze ko ku itariki ya 14 Gicurasi 1994 igitero simusiga cya kabiri cyagabwe ku gasozi ka Muyira.

444. Umutangabuhamya wiswe AC yavuze ko ku itariki ya 14 Gicurasi 1994 igitero simusiga cyagabwe ku gasozi ka Muyira gihitana abantu benshi b'abana n'abageze mu zabukuru. Ku bwe, icyo gitero cyari kiyobowe na Musema wageze aho cyabereye ari muri Pajero itukura. Yari ikurikiwe n'izindi modoka enye, imwe muri zo iturutse mu

Gisovu. Ku bwe, abandi « bayobozi » bari bahari ni: Ndimbati, wari Burugumesitiri wa Gisovu, Niyitegeka, wari Minisitiri w'itangazamakuru, Kayishema, Ruzindana na Sikubwabo, wari Burugumesitiri wa Gishyita, Samusoni, Minisitiri w'ubuhinzi, Elizafani Ntakirutimana, wari umupasitoro ku Mugonero, Jerari Ntakirutimana na Kajerijeri wa Mukingo.

445. Umutangabuhamya wiswe AC yasobanuye ko abateye agereranije bari bageze ku bihumbi mirongo itanu, abenshi muri bo ari abahutu. Bari bitwaje imbunda, ibikoni bitaga « nta mpongano » n'udushoka. Wasangagamo abasirikare bo mu mutwe ushinzwe kurinda Perezida, abasirikare n'abajandarume bavuye i Kigali n'i Gitarama, bari babwiwe ko Inkotanyi zazamuye ibendera ryazo mu Bisesero. Harimo kandi n'abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Umutangabuhamya yavuze ko yamenye abo bakozi kubera ko bari bambaye imyenda yanditseho «Thé de Gisovu» (Icyayi cya Gisovu ). Umutangabuhamya yavuze ko bamwe mu bateye bari bambaye ibirango bigaragara byanditseho amagambo ahinnye « MRND », « MDR » na « CDR ». Abandi bari bambaye amashara.

446. Umutangabuhamya wiswe AC yavuze uburyo igitero cya mbere cyari kiyobowe na Ndimbati na Musema cyagenze. Yavuze ko abateye basohotse mu modoka zabo bari mu muhanda wa Gisovu bageze muri metero hafi mirongo itanu z'aho impunzi z'abatutsi zari ziri. Yasobanuye na none ko Musema yari hakurya y'umugezi ahagana i Mirambi, mu gihe impunzi zari ku ruhande rwa Muyira. Igitero cyatangiye Ndimbati yarashe mu kirere, akurikirwa na Musema, igitero gihita gitangira. Umutangabuhamya yongeyeho ko imbunda ya Musema yari ihambiriyeho ikintu kijyamo amasasu. Avuga ko amasasu Musema yarashe yafashe umusaza witwa Ntambiye n'undi muntu witwa Iyamuremye.

447. Umutangabuhamya wiswe AC yavuze ko impunzi zirwanyeho zitera amabuye, ariko ko abasirikare bazirasheho ibyuka biryana mu maso (grenades lacrymogènes), nyuma yaho Interahamwe zikoresha intwaro zifite ubugi. Ku ruhande rumwe, impunzi zatewe n'abayobowe na Musema, ku rundi ruhande, ziterwa n'abayobowe na Ndimbati.

N'ubwo impunzi bazihindiye ku bantu baziteraga baturutse ku Gisenyi no mu Ruhengeri, zashoboye kubacikira mu ishyamba rya Muyira. Abagabye igitero bavuye aho ahagana saa kumi n'ebyiri za nimugoroba.

448. N'ubwo nta baza rinyomoza ryerekeye by'umwihariko ubuhamya bwa AC ryakozwe ku byabereye i Muyira, hari ibindi bibazo byabajijwe atanga ubuhamya byongeye gusuzumwa mu ibaza rinyomoza. Ibyo bibazo byabaye ingirakamaro mu gusuzuma niba umutangabuhamya avugisha ukuri.

449. Umutangabuhamya wiswe AC yavuze ko mu ijoro ryo ku itariki ya 6 Mata 1994, abajandarume baganaga ku Kibuye bamugejeje aho yari agiye. Bamubajije amazina y'abajandarume, yasobanuye ko adashobora kuyibuka kubera ko hari hashize imyaka irenga itanu ibyo bibaye kandi ko kubera gusaza, atibuka ibyabaye byose. Cyakora Ubwunganizi bumaze kumwibutsa ibintu bimwe na bimwe yavuze mu buhamya bwe mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, umutangabuhamya yibutse koko ko yavuze amazina y'abajandarume.

450. Umutangabuhamya yaje kuvuga ko umuntu witwa Inosenti yajyanye na bo kandi ko bahuriye n'umumajoro witwa Jabo ku Kibuye. Cyakora bamaze kumusomera inyandikomvugo yo mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana yo ku itariki ya 6 Ukwakira 1997, yavuze ko muri urwo rugendo yajyanye na majoro Jabo, inshuti ye yayoboraga ikigo cy'abasirikare cya Kibuye, yari kumwe kandi n'umuntu witwa Sipiriyani n'umuliyetona. Yemeye ko yatanze ubwo buhamya ariko yongeraho ko atibukaga ibyo byose kubera ko hari hashize igihe kirekire bibaye. Yavuze ko iyo aza kumenya ko baza kumubaza bene ibyo bibazo, aba yarabanje kureba impapuro ze. Yongeyeho ndetse ko atagishobora kwibuka n'amazina y'umugore we n'abana be. AC yongeye kwemeza ko Majoro Jabo yari ku Kibuye ariko ko Sipiriyani na Munyankindi bo bajyanye na we. Bongeye kumubaza niba Majoro Jabo yari mu bagenzi bari mu modoka, yasobanuye ko hari abantu babiri bitwa Jabo, bombi ari abamajoro, umwe yakoraga ku Kibuye undi ku Gisenyi. Yongeyeho ko, vuba aha, ari bwo yibutse Majoro Jabo, umwe wavuye i Karago akajya ku Kibuye.

451. Umutangabuhamya wiswe AC yavuze kandi ko, muri urwo rugendo we n'abo bari kumwe, bahagaze ku Kibuye mbere yo gukomeza bajya mu Bisesero. Kubera ko nta burenganzira yari afite bwo kwinjira mu kigo cy'abajandarume cyo ku Kibuye, yasigaye ku muhanda aho yategerereje bagenzi be ngo bakomeze urugendo rwabo.

452. Ubwunganizi bwibukije AC bumwe mu buhamya yahaye abashinzwe iperereza mu biro bya Porokireri ku itariki ya 12 Kamena 1996. Muri ubwo buhamya, AC yemeye ko igihe yaganaga mu Bisesero, hari inama yagiyemo ku Kibuye. Muri ubwo buhamya, yavuze ko amaze kuvugana n'umuliyetona witwa Sipiriyani Kaburuga, yashoboye kujya mu nama yari yateguwe n'abategetsi, akabona Niyitegeka na Bagosora. Yavuze ko yamaze muri iyo nama amasaha hagati y'abiri n'atatu, ategereje abasirikare bari bafatanyije urugendo.

453. AC yanze gusubiza ibibazo bimwe na bimwe Ubwunganizi bwamubajije kuri ubwo buhamya, avuga ko ataje kwitaba Urukiko kugira ngo atange ubuhamya mu rubanza rwa Bagosora. Yanze kandi gusubiza ibibazo by'Urugereko byerekeye inama yaba yaragiyemo ku Kibuye, avuga ko, kubera ko atagiye muri iyo nama, yahitamo ko bamubaza ku ngingo zerekeye Urubanza rwa Musema. Mu gusubiza ikindi kibazo, AC yavuze ko koko akigera ku Kibuye, yasanze habereye inama, ariko ko atashoboraga kuyijyamo kubera ko yari umusivili usanzwe, ko atari umujandarume, ntabe n'umutegetsi wo mu rwego rwa gisivili cyangwa rwa politiki.

454. Bongeye kumubaza kuri uko kwivuguruza kwe, AC yemeye ko byatewe n'ibibazo byihariye abashinzwe iperereza mu biro bya Porokireri bamubajije ku bintu bimwe na bimwe byabaye, no ku bantu bamwe na bamwe.

455. Umutangabuhamya wiswe R yavuze ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 yumvise Niyitegeka abwira abandi bantu baje gutera ko bagomba guhora bazirikana ko abatutsi bamwe na bamwe bihishe mu duce dutuwemo n'abahutu. Yongeyeho ko ku itariki ya 14 Gicurasi yasubiye aho yari yihishe mbere y'uwo munsi. Umutangabuhamya yavuze

ko abantu bari bagabye igitero ku gasozi ka Muyira ku wa gatanu tariki ya 13 Gicurasi, bagarutse ku wa gatandatu ku itariki ya 14 Gicurasi gusonga abari bakirimo umwuka.Yavuze kandi ko Musema yagarutse ku itariki ya 14 Gicurasi ari mu modoka ye, aherekejwe n'abantu baje gutera kandi ko imodoka zose z'uruganda rw'icyayi zagendaga hamwe n'izindi modoka nyinshi zari zishoreranye. Umutangabuhamya yemeje ko yumvise ko Musema yari kumwe n'abantu baturutse ku Gikongoro. Yasobanuye ko yari yihishe hafi y'aho abantu baje gutera bari bari, bityo akaba yarabashije kumva Kayishema, wavugaga aranguruye ijwi, ashimira Musema ko yazanye abantu b'i Gikongoro baje gutera. Yongeyeho kandi ko Kayishema yanashimiye Ruzindana kuba yarazanye abantu baturutse kure.

456. Umutangabuhamya wiswe F yavuze ko ku itariki ya 14 Gicurasi 1994 ibitero byagabwe ku gasozi ka Muyira no ku dusozi twegeranye na ko byakomeje. Yavuze ko isasu ryamukomerekeje ku kaboko k'iburyo, ibimanyu by'ibisasu bimukomeretsa ku rutugu. N'ubwo yabonye ivatiri itukura ya Musema mu zindi modoka zitwaye abandi bari baje gutera, uwo munsi ubwe ntiyabonye Musema. Yongeyeho ko imisozi yari yuzuye imirambo y'abantu bari baraye bishwe.

457. Ibibazo byabyukijwe mu ibaza rinyomoza ry'uyu mutangabuhamya, byavuzwe haruguru mu rwego rw'ubuhamya bwe bwerekeye ibyabaye ku itariki ya 13 Gicurasi 1994.

458. Umutangabuhamya wiswe Z yavuze ko, ku itariki ya 14 Gicurasi 1994, impunzi zari ku gasozi ka Muyira, na zo zatewe. Ahagana saa tatu za mu gitondo, umutangabuhamya yabonye Musema aje mu modoka nyinshi zigendera hamwe zikurikiranye z'uruganda rw'icyayi. Yavuze ko yazibonye agahunga. Yavuze kandi ko Musema yarashe akica abantu batatu bo mu muryango we, ubwo impunzi zamanukaga agasozi zirukanka zishaka kumenera mu baziteye. Ibyo yabiboneye aho yari ari, ni ukuvuga nko muri metero 15.

459. Ibibazo byabyukijwe mu ibaza rinyomoza ry'uyu mutangabuhamya byavuzwe haruguru mu rwego rw'ubuhamya bwe bwerekeye ibyabaye ku itariki ya 13 Gicurasi 1994.

460. Umutangabuhamya wiswe T yavuze ko yabonye Musema mu gitero kigizwe n'abantu benshi cyagabwe ku gasozi ka Muyira ku itariki ya 14 Gicurasi. Musema yari ku gasozi gatenganye n'aka Muyira, yitwaje imbunda, kandi, uko umutangabuhamya abivuga, yayikoresheje muri icyo gitero.

461. Ibibazo byabyukijwe mu ibaza rinyomoza ry'uyu mutangabuhamya byavuzwe haruguru mu rwego rw'ubuhamya bwe bwerekeye ibyabaye ku itariki ya 13 Gicurasi 1994.

462. Umutangabuhamya wiswe D yavuze ko igitero kigizwe n'abantu benshi cyagabwe ku munsi w'isabato, ni ukuvuga ku wa gatandatu, hagati ya saa mbiri na saa kumi za mu gitondo. Urugereko rusanze, ku itariki ya 14 Gicurasi, hari koko ku wa gatandatu. Umutangabuhamya yemeje ko igitero cya Muyira kigabwa, yabonye Musema, Sikubwabo, Kayishema na Ndimbati. Umutangabuhamya yavuze ko yabonye abantu bagabye igitero bagera ku bihumbi cumi na bitanu bitwaje imbunda, gerenade n'intwaro za gakondo. Baje mu modoka nyinshi zirimo amakamyo na otobisi icyenda. Yabumvise baririmba ngo «Tubatsembatsembe». Ku bwe, abari bitwaje intwaro za gakondo bari bashinzwe gusonga abantu bakomerekejwe n'amasasu. Impunzi zigera hafi ku bihumbi cumi na bitanu, zirwanyeho zikoresha amabuye.

463. Mu ibaza rinyomoza, D yavuze ko igihe imodoka zegeraga aho zari zigiye guhagarara, atashoboye kuzimenya, nta n'ubwo yashoboye kumenya abantu bari bazirimo. Ikindi kandi urebye aho imodoka zari zihagaze, ntiyashoboraga kuzibona. Ahasigaye, yabonye abantu baje gutera bamanuka mu modoka bagana aho impunzi zari ziri. Nyuma ya ho yarahunze. Ubwunganizi bwibukije ko, mu buhamya yatanze mbere, umutangabuhamya yari yavuze ko mu guhunga, impunzi zivanze n'abantu bateye kugira ngo batazirasa. Yari yavuze ko na we yari muri izo mpunzi.

- <u>Igitero cyo ku gasozi ka Muyira cyagabwe hagati muri Gicurasi 1994</u>

464. Urugereko rusanga amagambo « hagati muri Gicurasi » asobanura « kuva ku itariki ya 10 kugeza ku ya 20 Gicurasi. »

465. Undi mutangabuhamya ushinja wiswe H yavuze ko impunzi z'abatutsi zari ku gasozi ka Muyira zagabweho igitero. Yavuze ko abantu bateye baturutse mu Gisovu, bari bayobowe na Musema, abaturutse ku Mugonero, bayobowe na Ruzindana, naho abaturutse muri Gishyita bayobowe na Burugumesitiri Sikubwabo.

466. Umutangabuhamya wiswe H yavuze ko yabonye imodoka enye z'uruganda rw'icyayi, zari zikurikiye Pajero y'umutuku ya Musema, zihagarara ku Kurwirambo. Urugereko rusanga igihe yatangaga ubuhamya bwe, H yaravuze ko Pajero ya Musema yari inyuma y'imodoka nyinshi z'uruganda rw'icyayi zishoreranye zabanje guhagarara ku Kurwirambo. Umutangabuhamya yavuze ko muri izo modoka harimo Interahamwe zari zituye mu Gisovu, nka Musema. Bamubajije niba yarashoboye kumenya abandi bantu bari mu modoka ya Musema, H yavuze ko yari kure y'aho ibyo byabereye. Porokireri yamubajije niba ashobora kwemeza ko yamenye Musema, asubiza gusa ko yari azi imodoka ye. Yasobanuye ko mbere ya 1994 yabonye imodoka ya Musema incuro nyinshi, cyane cyane mu wa1992, ubwo yakoreraga umushinga w'Abasuwisi ukora mu by'imihanda.

467. Umutangabuhamya wiswe H yavuze uko abagabye igitero yabonye uwo munsi, bari bameze. Aba mbere bari abakozi b'uruganda rw'icyayi bambaye imyenda y'akazi ifite ibara ry'ubururu yanditseho inyuma mu mugongo, bitwaje imihoro n'ibikoni. Aba kabiri bari Interahamwe zari zambaye imyenda yera, zitwaje imbunda n'ibikoni, ziturutse i Kigali muri otobisi, zije gufasha abaturage b'ako karere. Aba gatatu bari abasirikare bambaye imyenda y'akazi yijimye, n'ingofero z'umukara, n'abajandarume bambaye ingofero zitukura, bose bitwaje imbunda. Hari n'abahutu b'abasivili (abagabo n'abasore) baje baturutse mu Gisovu n'amaguru.

468. Umutangabuhamya yavuze ko Musema akigera aho agasozi gatangirira, yigiye imbere, ahamagara abari mu gitero kubera ko bari batatanye. Ahagana saa tatu za mu gitondo, yarashe isasu ryabaye imbarutso yo gutangira ibitero. Abaturage, bitwaje amabuye gusa, bashoboye gusubiza inyuma abaje gutera, babageza aho agasozi gatangirira, bashaka gufata Musema. Cyakora abandi bantu bagabye ibitero bayobowe na Ruzindana na Sikubwabo barabatangatanze, bituma basubira inyuma. Impunzi nyinshi, zirimo umugore we n'abana be, biciwe muri icyo gitero. Umutangabuhamya yavuze ko Musema yari ayoboye Interahamwe, kandi ko ubwe yarashe yerekeza aho impunzi zari ziri. Cyakora ntiyashoboye kuvuga niba umuntu uyu n'uyu yarafashwe n'amasasu yarashwe na Musema. Umutangabuhamya wiswe H avuga ko igitero cyarangiye mu ma saa kumi n'ebyiri za nimugoroba.

469. Mu ibaza rinyomoza, H yasobanuye ko igihe cy'igitero cya Muyira, yari ahantu hitaruye mu mpinga y'agasozi ka Muyira, bityo akaba yarashoboye kubona imodoka zihagaze ku muhanda, ahantu hari urugendo rw'iminota iri hagati ya 20 na 30 uvuye aho yari ari, kuko umuhanda n'impinga y'agasozi byatandukanywaga n'akabande n'umugezi. Yashoboye kumenya imodoka z'uruganda kubera ko yari yarazibonye incuro nyinshi mbere. Umutangabuhamya yongeyeho ko yashoboye gusoma amagambo yanditse ku myenda y'akazi y'abakozi b'uruganda rw'icyayi kuko yaboneye hafi abayambaye mu gihe cy'igitero.

- <u>Igitero cyagabwe ku gasozi ko Mumataba hagati muri Gicurasi 1994</u>

470. Umutangabuhamya wiswe S yavuze ko ahagana hagati muri Gicurasi, ubwo yari yarahungiye ku gasozi ka Mpura, yabonye Musema mu gitero cyagabwe mu Birembo. Yemeje ko yabonye Musema ahagana saa yine za mu gitondo ari kumwe n'abantu benshi (hagati ya 100 na 150), ku muhanda uhuza Gishyita na Gisovu. Uretse Pajero itukura ya Musema, yabonye kandi imodoka eshatu za Daihatsu, iy'umuhondo, iy'icyatsi n'indi y'ubururu, z'Uruganda rw'icyayi kandi zanditseho «OCIR-thé Gisovu». Ikindi gice cy'abantu baje gutera cyari kigizwe n'abapolisi ba Komini

barangwaga n'imyenda yabo y'akazi, abantu bambaye imyenda y'umweru, abakozi b'uruganda bambaye imyenda y'akazi y'ubururu yanditseho « Usine à thé», bambaye n'ingofero zanditseho ayo magambo. Abo bakozi b'uruganda bari bitwaje intwaro za gakondo: imihoro, amacumu n'ibikoni.

471. Abantu baje kugaba ibitero bamaze kuva mu modoka, izo modoka zose, uretse iya Musema, zasubiye mu Gisovu kuzana abandi bantu. Zagarutse nyuma, hagati y'iminota 45 n'isaha. Umutangabuhamya yabonye kandi abandi bantu bateye bayobowe na Ruzindana na Sikubwabo baturutse i Gishyita mu modoka ebyiri: ikamyo na Toyota Stout. Umutangabuhamya wiswe S yavuze ko abantu bateye babanje guhurira hamwe bakora « inama » mbere yo kuvuza amafirimbi no kugaba igitero ku nzu ya Sakufe ku gasozi ka Mumataba. Icyo gitero cyagabwe ku batutsi babarirwaga hagati ya 2000 na 3000 ugereranyije, bari bahungiye muri iyo nzu n'inyuma yayo. Abenshi mu mpunzi, barimo abo mu muryango w'umutangabuhamya, bahitanywe n'icyo gitero. Umutangabuhamya yavuze ko, mu gihe cy'igitero, Musema yahamye mu modoka ye, ari kumwe n'abantu bambaye imyenda yera.

472. Nyuma y'igitero, abateye batashye bagana mu Gisovu. Musema we yahavuye ku gicamunsi, mu ma saa kumi n'imwe, afata ikerekezo kimwe n'icy'abari mu gitero. Naho Ruzindana na Sikubwabo berekeje iya Gishyita.

473. Mu ibaza rinyomoza, S yerekanye agasozi ka Mpura n'aka Birembo ku bimenyetso bihamya bifite nomero P20.1 na P20.2, yerekana aho iyo misozi iri uhereye ku nzu ya Sakufe. Yavuze ko inzu ya Sakufe yari yubatse ahantu h'urugendo rw'iminota icumi uvuye ku muhanda wa Gisovu, naho Birembo yari muri kilometero imwe uvuye ku gasozi ka Mpura. Ubwunganizi ntibwemeye ubuhamya bw'uwo mugabo, washatse kwemeza ko yashoboye gusoma ibyari byanditse ku modoka z'uruganda rw'icyayi n'ubwo bwose zari zihagaze ahantu hari munsi ya kilometero yaho yari yihishanye n'undi muntu.

- <u>Impera za Gicurasi, ubuvumo bya Nyakavumu</u>

474. Umutangabuhamya wiswe AC yavuze ku kibazo cyabereye mu buvumo bwo muri Komini Kigarama, Selire Nyakavumu. Yavuze ko yari hafi muri metero hagati ya 40 na 50 z'ubuvumo, ubwo yabonaga Kayishema, Musema, Ruzindana na Burugumesitiri wa Gishyita n'uwa Gisovu bagana ku buvumo, bagategeka gufunga umunwa wabwo n'ibiti. Umutangabuhamya yabwiye Urugereko ko Ndimbati, Ruzindana, Musema, Niyitegeka na Kayishema bategetse umuturage wo mu Gisovu gukongeza ibyo biti. Uwo mugabo yarabikoze, atwika ibiti akoresheje ibyatsi na peteroli.

475. AC yibuka ko ku bantu 300 bari muri ubwo buvumo, umuntu umwe ari we warokotse, ariko ko abandi bose bishwe n'imyotsi. Mu gusubiza ibibazo by'abacamanza, umutangabuhamya yatanze ibisubizo bibiri. Icya mbere yemeje ko yumvise Musema ategeka ngo: « Muzane ibiti, mutwike », ubundi amwumva avuga ngo: « Muzane ibiti n'ibisinde». Umutangabuhamya yemeje kandi ko Musema yategetse gutwika ibiti.

476. Mu ibaza rinyomoza rya AC, Ubwunganizi bwagarutse ku buhamya yatanze mbere mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, aho atigeze avuga na rimwe ko Musema yari ahari ubwo bagabaga igitero ku buvumo. Umutangabuhamya yisobanuye avuga ko mu byo yavuze mbere asubiza abashinzwe iperereza mu Biro bya Porokireri, yasanze atari ngombwa kuvuga izina rya Musema kubera ko ibibazo bamubazaga byari byerekeye abantu runaka. Nyamara mu buhamya yatanze mbere, ku itariki ya 12 Kamena 1996, bwerekeranye n'ibyabereye ku buvumo, akaboneraho no kuvuga amazina y'abantu yahabonye, umutangabuhamya ntiyigeze na rimwe avuga izina rya Musema. Ubwunganizi bwagarutse na none ku buhamya bw'uwo mugabo washatse kuvuga ko yabonye ku buvumo Minisitiri w'Intebe Kambanda, atari yavuze izina mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana kandi muri ubwo buhamya yaravuze ko Kambanda yari kumwe n'abateye bagize uruhare rukomeye mu byabaye. Umutangabuhamya yavuze ko abona nta gitangaje ko umuntu ukomeye cyane nka Minisitiri w'Intebe yaba ari ku buvumo.

477. Umutangabuhamya wiswe H yavuze ko ahagana mu mpera za Gicurasi no mu ntangiriro za Kamena igitero kiyobowe na Musema na Ndimbati cyagabwe ku buvumo bwa Nyakavumu. N'ubwo atari ahari bagaba igitero, mbere y'uko ibyo biba, yabonye Musema n'abandi bantu bagiye ku buvumo mu modoka nyinshi zishoreranye. Bityo yaketse ko Musema yari mu bagabye icyo gitero. Uretse Pajero ya Musema, izo modoka zari zigizwe n'imodoka z'uruganda rw'icyayi, otobisi ziturutse ku Kibuye, n'imodoka za Komini.

478. Umutangabuhamya wiswe H yavuze ko batera ubuvumo, yari yihishe ku gasozi, ahantu umuntu yagenda nk'iminota 30 uvuye ku buvumo. Hagati y'uwo musozi n'ubuvumo harimo akabande gato n'akanunga. Umutangabuhamya yasobanuye ko abantu baje gutera babanje gusenya ingo z'amazu yari hafi aho kugira ngo babone ibiti bihagije byo gucana umuriro mu munwa w'ubuvumo kandi ko batoraguye amashami y'ibiti kugira ngo bitange umwotsi mwinshi. Umutangabuhamya yavuze ko nyuma y'igitero yagiye ku buvumo agasanga byose byabaye umuyonga. Yavuze ko harokotse umuntu umwe gusa.

479. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yemeye ko yabashije kubona ibyabaye avuga, asobanura ko uburwayi bw'amaso afite buje vuba.

480. Umutangabuhamya wiswe S yavuze ko yabonye Musema ayoboye abantu baje gutera, berekeza ku buvumo bwa Nyakavumu. Yasobanuye ko ahagana mu mpera za Gicurasi, ari ku gasozi ka Nyirandagano, Selire Gitwa, hamwe n'izindi mpunzi 2000, yabonye Musema aje ari kumwe n'abantu baje gutera bari mu modoka z'uruganda rw'icyayi. Muri bo harimo abakozi b'uruganda rw'icyayi n'abaturage ba Gisovu. Avuga ko imodoka zahagaze mu Birambo hagati ya saa tatu na saa yine, iya Musema iziri inyuma.

481. Umutangabuhamya yavuze ko impunzi zari zohereje « intasi » kuneka abari mu gitero. Intasi zimaze kubwira impunzi ko abaje gutera bari benshi cyane ku buryo ntawashoboraga kubarwanya, impunzi zarahunze zerekeza ku gasozi ka Kigarama. S

yavuze uburyo abari mu gitero birukankanye impunzi, bituma zicikamo ibice bitatu. Igice cya mbere cyerekeje ku buvumo bwa Nyakavumu, icya kabiri kigana Nyarukagarata, icya gatatu, ari na cyo umutangabuhamya yarimo, kigana ku gasozi ka Gitwa. Umutangabuhamya yavuze ko abari mu gitero batakurikiye igice yarimo, bitewe n'uko abo bantu baje gutera bagannye Nyarukagarata no ku buvumo bwa Nyakavumu. Yavuze ko yabonye Musema arebeye hagati mu biti, kandi ko Musema yari yitwaje imbunda ifite ndende, akurikiye abari mu gitero.

482. Umutangabuhamya wiswe S yavuze ko abantu bari kumwe na Musema bavugije amafirimbi bahamagara, basakuza inshuro eshatu, babwira abari mu gitero bari imbere yabo, ngo basubire inyuma, kubera ko bari barenze umunwa w'ubuvumo bwa Nyakavumu. Abasubiye inyuma bakoraniye iruhande rwa Musema hafi iminota ibiri. Umutangabuhamya yasobanuye ko abantu bagiye gutera bavuganye akanya gato, nyuma basenya inzu y'uwitwa Munyanbamutsa, bakuraho ibiti babijyana ku buvumo. S ntiyashoboye kubona ibyahabereye, ariko nyuma y'igihe gito yabonye umwotsi uzamuka mu kirere. Yabwiye Urugereko ko uwo munsi yari yahishe umugore we mu buvumo. Yavuze ko abari mu gitero bahamye iruhande rw'ubuvumo amasaha ane, mbere yo kwerekeza mu Gisovu.

483. Umutangabuhamya wiswe S yavuze ko abantu baje gutera bamaze kugenda, yamanutse agana ku buvumo ari kumwe n'abandi bagabo umunani. Yasanze ibiti n'ibyatsi byatwikiwe ku munwa w'ubuvumo. Bakuye mu buvumo abantu batatu gusa barokotse, barimo umugabo, umugore n'umwana. Uwo mugore n'umwana bahitanywe n'igitero cyagabwe bukeye bwaho.

484. Umutangabuhamya yavuze ko abantu baje gutera baturutse muri Gishyita, bayobowe na Sikubwabo, Rutagananira na Ruzindana byageze aho basanga igice kiyobowe na Musema. Urugereko rusanga ahantu umutangabuhamya avuga ko yabonye abo bantu, hadasobanutse neza.

485. Mu ibaza rinyomoza, S yasobanuye ko imodoka z'Uruganda rwa Gisovu zahagaze mu Birembo, izindi zigahagarara ku Gisoro no ku Mubuga. Ubwunganizi bwibukije ubuhamya bwanditse umutangabuhamya avugamo mu magambo arambuye uburyo igitero cyo ku buvumo cyagabwe, amaze kubona Musema ari kumwe n'abasirikare batatu bahetse imbunda. Umutangabuhamya yongeye guhamya ko kubera ahantu yari ari ku gasozi ka Gitwa, atashoboye kubona igitero.

486. Umutangabuhamya wiswe D yavuze ukuntu igitero cyagabwe ku buvumo ariko mu buhamya bwe nta kintu cyerekana ahantu, n'igihe nyacyo icyo gitero cyagabiwe. Yavuze ko abantu bagera kuri 400, barimo abana n'abagore, bari bahungiye mu buvumo. Aho yari yihishe yashoboye kubona abari mu gitero batwika ibyatsi byari birunze ku munwa w'ubuvumo, bagamije kuka umwotsi mwinshi abantu barimo kugira ngo bapfe. D yamenye Musema na Ndimbati mu bantu bacanye umuriro. Yongeyeho ko abari mu gitero bakimara kugenda, we n'abandi bantu bagiye ku buvumo aho yabonye imirambo myinshi. Nyuma arahunga.

487. Mu ibaza rinyomoza, D yasobanuye ko nta modoka n'imwe yashoboye kubona ari aho yari yihishe mu ibanga ry'agasozi.

488. Umutangabuhamya wiswe AB yavuze ko muri Kamena yabonye Musema mu kigo cy'abasirikare cyo ku Kibuye, ari kumwe na suliyetona «Buffalo» Ndagijimana, Ndimbati na Dogiteri Jerari Ntakirutimana. Ndimbati yari yitwaje masotera, yambaye ipantalo ya gisirikare n'ikote ry'umukara. Uwo mutangabuhamya avuga ko Musema yari yitwaje masotera yambaye ikote rya gisirikare. Yaba yarabumvise baganira ku gitero cya nyuma cyagombaga kugabwa mu Bisesero. AB yongeyeho ko yabumvise kubera ko baganiraga bavuga cyane kandi ko nk'umuntu wari ushinzwe umutekano w'inkambi, yarafite uburenganzira bwo kumenya abantu bari aho, n'impamvu bari bahari.

489. Umutangabuhamya avuga ko Musema yaba yaravuze ko yamenye ko abatutsi bashobora kuba bihishe mu bisimu bya gasegereti. Musema yaba yarasobanuye ko

bakeneye ikamyo y'inkwi zo gucana umuriro ku munwa w'ubuvumo abatutsi bihishemo, bityo ntibashobore gusohoka. Umutangabuhamya yavuze ko Musema yaba yarasabye suliyetona kumuha izo nkwi. Umutangabuhamya yasobanuye ko n'ubwo bakoranaga na «Buffalo», izo nkwi ntizashoboraga kuboneka Masengesho, komanda w'ikigo, atabitangiye uruhusa. AB yavuze kandi ko kubera ko atamaze umunsi wose mu kigo, atashoboye kumenya niba koko barashoboye kubona izo nkwi.

490. Mu ibaza rinyomoza, AB yemeje ko Musema yaje mu kigo muri Pajero ye itukura, aje gusaba kamyoneti y'inkwi zo gucana. Bamubajije impamvu Musema atakoresheje kamyoneti y'uruganda rw'icyayi, umutangabuhamya yasubije ko Musema ari we wasubiza neza icyo kibazo. Umutangabuhamya yavuze ko azi ko hari ishyamba ry'ibiti byo gucana ku ruganda rw'icyayi, ariko ko atazi niba mu ntambara iryo shyamba ryarabaye irya Musema ku giti cye. Ntazi niba Musema asaba iyo kamyoneti yaraje kwaka inkunga cyangwa niba ku ruganda hari hakiri ibiti. Umutangabuhamya yavuze ko atigeze ajya ku buvumo, bwaguyemo abantu benshi.

- <u>Igitero cyagabwe ku Biyiniro ku itariki ya 31 Gicurasi</u>

491. Umutangabuhamya wiswe E yavuze ko igihe hagabwaga igitero ku mpunzi 20.000 zari ku gasozi ka Muyira, we n'abandi bantu bahunze bagana ku gasozi ka Biyiniro. Ni bwo yabonye Musema ku muhanda ari kumwe n'abasirikare, abazamu, Interahamwe, abakozi b'uruganda rw'icyayi bambaye ingofero zanditseho « Usine à thé Gisovu » (Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu), imyenda y'akazi n'ibibabi by'icyayi. Musema yari kumwe kandi n'abajandarume baturutse mu Gisovu, Gishyita na Kibuye bari mu modoka nyinshi zishoreranye zirimo Daihatsu y'uruganda rw'icyayi ifite amabara y'icyatsi n'ubururu. Abari mu gitero, bari bitwaje imbunda n'intwaro za gakondo, bakomeje kurasa ku mpunzi. Umutangabuhamya yasobanuye ko impunzi zafashe icyemezo cyo gufata Musema kubera ko zabonaga ari we uyoboye igitero kandi ko yari yahaye imodoka abantu baje gutera. Musema yarahunze ari muri Pajero ye, ariko ubwo abasirikare bakomeza kurasa ku mpunzi. Inyinshi muri zo, zirimo na mukuru w'umutangabuhamya, zaguye muri icyo gitero.

492. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya wiswe E yasobanuye ko yavuye ku gasozi ka Muyira mbere ya saa sita ahunga agana Biyiniro. Avuga ko iminota itanu ihagije ku muntu ugenda n'amaguru kugira ngo ave mu mpinga y'agasozi ka Muyira agere ku muhanda wa Bisesero. Yatanze ibisobanuro by'inyongera ku modoka yabonye uwo munsi, ariko ntiyashoboye kubwira Urugereko umubare nyawo w'abantu bateye.

- Igitero cyagabwe hafi y'agasozi ka Muyira ku itariki ya 5 Kamena 1994

493. Umutangabuhamya wiswe E na we yabonye Musema ku itariki ya 5 Kamena 1994 hafi y'agasozi ka Muyira. Yavuze ko, mu byo yabonye, harimo imodoka ya Musema na Daihatsu z'uruganda rw'icyayi zihagaze ku muhanda, mu rugabano rwa Gishyita na Gisovu, hafi y'agasozi ka Muyira. Izo modoka zarimo abajandarume, abakozi b'uruganda rw'icyayi, abapolisi ba Komini, Interahamwe n'abazamu. Umutangabuhamya yavuze ko yabonye Musema yitwaje imbunda, ari kumwe n'abandi bayobozi barimo Kayishema, Sikubwabo na Ruzindana baha amabwiriza abari mu gitero. E yavuze ko impunzi nyinshi, zirimo mushiki we muto, zishwe n'abantu baje gutera, ko kandi na Musema yarashishije imbunda ye mu gihe igitero cyagabwaga.

- Tariki ya 22 Kamena 1994, Selire Nyarutovu

494. Umutangabuhamya ushinja wiswe P yavuze ko muri Kamena 1994 yabonye ibitero bimwe na bimwe. Icyo gihe yari muri Selire Nyarutovu. Yemeje ko yibuka by'umwihariko igitero cyo ku itariki ya 22 Kamena 1994, avuga ko cyari kiyobowe na Musema, cyagabwe hasigaye iminsi itandatu ngo Abafaransa baze.

495. Umutangabuhamya yavuze uburyo icyo gitero kidasanzwe cyagabwe, hagati ya saa tanu na saa sita, hafi y'igisimu cy'amabuye y'agaciro cy'isosiyete yitwa Redemi. Musema yari muri Daihatsu y'ubururu ari kumwe n'abakozi benshi b'uruganda rw'icyayi, yamenye kubera imyenda yabo y'akazi. Umutangabuhamya avuga ko iyo

modoka yahagaze ku muhanda ujya i Gishyita, hafi y'aho we n'umukobwa w'inkumi bari bari.

496. Umutangabuhamya yasobanuye ko yari kumwe n'uwo mukobwa n'undi muntu witwa Faransisiko wambukaga umuhanda, ashaka ahantu yihisha. Umutangabuhamya yari muri metero 30 uvuye ku muhanda ariko ntiyashoboye kuvuga umubare w'abantu bari muri Daihatsu, kubera ko yirutse igihe bururukaga mu modoka. Yavuze ko ubwo yamurasagaho, Musema yari ahagaze ku muhanda hafi y'imodoka, afashe imbunda ye n'amaboko yombi. Umutangabuhamya yavuze ko yari ateye umugongo Musema ubwo yamurasagaho. We yumva ntagushidikanya ko ari Musema warashe, kubera ko, uretse no kuba yaramubonye atunga imbunda ashaka kumurasa, Musema ni we wenyine wari ufite imbunda muri abo bantu. P yavuze ko amaze kumurasa ku gitsi, yituye hasi yubitse inda, aripfusha. Ni bwo yumvise urundi rusaku rw'imbunda, akaba yaravuze ko na bwo ari Musema warashe. Abari mu gitero bamaze kugenda, umutangabuhamya yabonye umurambo wa Faransisiko, maze yumva ko ari Musema wamwishe. Byinshi mu bisobanuro byerekeye amasasu yarashwe, byagarutsweho mu ibaza rinyomoza.

497. Umutangabuhamya wiswe P yavuze ko wa mukobwa w'inkumi bari kumwe yahunze amaze kumva urusaku rw'amasasu. Ubwo rero yumvise Musema ategeka abakozi be kumufata bakamuzana ari muzima kugira ngo barebe ukuntu abagore b'abatutsikazi bateye. Abari mu gitero birutse kuri uwo mukobwa baramufata, bamushyira mu modoka yabo. Umutangabuhamya yasobanuye ko abari mu gitero, barimo Musema, basubiye mu Gisovu mu modoka yabo. Yavuze ko atongeye kubona uwo mukobwa.

**Imyiregurire ya *alibi***

- Kuva mu matariki ya 15/17 Mata kugeza ku ya 22 Mata 1994

498. Mu myiregurire ishingiye kuri *alibi*, harimo ko ku itariki ya 17 Mata 1994, mu ma saa cyenda za nijoro, Musema n'umusikirikare bari kumwe mu Gisovu, bakanguwe n'umugenzuzi w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu n'abazamu babiri, baje iwe

kumubwira ko uruganda rwatewe. Musema yavuze ko umugenzuzi w'uruganda yamubwiye ko yumvise bavuga ko baza kumwica (Musema). Umusirikare yavuze ko nta wundi muti uretse guhunga. Ubwo Musema yahunze agana i Butare, mbere yo kujya i Rubona, ari mu modoka ya Pajero itukura ifite nimero A7171. Yageze i Butare mu ma saa tatu za mu gitondo. Uwo munsi yabonye bariyeri nyinshi ku mihanda, atari yarigeze abona kugeza ubwo.

499. Musema yavuze ko amaze kugera i Butare, yatandukanye n'umusirikare, ashaka umujandarume ngo amubwire ko umuvandimwe we wari mu Gisovu yapfuye. Nyuma yagiye i Rubona kwa nyirabukwe, aho yaruhukiye mu masaha y'umunsi yari asigaye. Musema yasobanuye ko ibyaberaga mu Rwanda icyo gihe «bitigeze bibaho ». Abantu bari bihebye batazi uko ibintu bizamera, ariko bizeye ko ubwicanyi bugiye guhagarara mu karere kabo, kandi ko intambara igiye kurangira muri Kigali no mu majyaruguru y'igihugu.

500. Claire Kayuku, umugore wa Musema, yavuze ko umugabo we yasubiye i Rubona ku itariki ya 16 cyangwa ya 17 Mata, yaguye mu kantu bitewe n'iyicwa ry'abakozi b'uruganda rw'icyayi. Yasobanuye ko Musema yagiye mu Gisovu kandi ko yagarutse nyuma y'iminsi ibiri.

501. Mu ibaza rinyomoza rya Musema, Porokireri yibukije ikimenyetso gihamya gifite nomero P63, cyerekeye ibazwa rye igihe yasabaga ubuhungiro mu Busiwisi. Muri iryo bazwa, Musema avuga ko yavuye ku ruganda rw'icyayi mu ijoro ryo ku itariki ya 15 Mata 1994. Urugereko rusanga Musema yarasobanuye ko iyo nyandiko ubwayo itari yerekeye ibazwa, ko ahubwo ari ibintu yiyandikiye ategura kwaka ubuhungiro. Musema avuga ko ari we wongeye muri iyo nyandiko ibibazo bigize imitwe.

502. Mu kimenyetso gihamya gifite nomero P56 cyerekeye ibazwa ryo mu Busuwisi ryo ku itariki ya 8 Werurwe 1995, Musema avuga ko yageze mu Gisovu ku itariki ya 14 Mata 1994, kandi ko yahavuye ku itariki ya 15 Mata ahagana saa cyenda mu gicuku. Mu kimenyetso gihamya gifite nomero P54 cyerekeye ibazwa ryo mu Busuwisi ryo ku

itariki ya 15 Gashyantare 1995, Musema avuga ko yavuye mu Gisovu mu ijoro ryo ku wa 15 rishyira uwa 16 Mata, abazamu b'uruganda bamaze kumubwira ko uruganda ruri hafi guterwa. Na none, ingengabihe yerekana uko Musema yakoreshaga igihe cye, igize ikimenyetso gihamya gifite nomero P68, yerekana ko Musema yagiye i Butare (Rubona) ku itariki ya 15 Mata 1994. Mu kimenyetso gihamya gifite nomero P68, bigaragara na none ko Musema yari mu nganda z'icyayi, mu rwego bw'ubutumwa bwabaye kuva ku itariki ya 18 kugeza ku ya 21 Mata 1994.

503. Mu gihe cy'urubanza, Urugereko rwatse ibisobanuro ku kwivuguruza kuboneka ku itariki Musema yaviriyeho ku ruganda, n'itariki ubutumwa bwe bwatangiriyeho. Musema yasobanuye ko ubwo yateguraga uko azakoresha igihe, atari azi neza amatariki azagiraho mu butumwa. Yavuze kandi ko ubwo umucamanza w'Umusuwisi ushinzwe gutegura urubanza yagarutse, avuye gusura Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu aho yavanye inyandiko zifite akamaro ari bwo yibutse ko hagati y'itariki ya 18 n'iya 22 Mata yari i Rubona, kandi ko ubutumwa bwe bwatangiye ku itariki ya 22 Mata 1994.

504. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D27 cyatanzwe n'Ubwunganizi ni inyandiko yiswe « Gutegura inama yo ku itariki ya 15 Mata 1994 » (Préparation réunion du 15 avril 1994). Musema yemeye ko ayo magambo yayanditse koko kuri iyo nyandiko avuga ko yahawe n'umukuru w'ubunyamabanga ku itariki ya 15 nyuma ya saa sita, cyangwa ku itariki ya 16 mu gitondo, n'ubwo nta nama yabaye ku itariki ya 15 Gicurasi 1994. Yemeye ko, nk'uko bigaragara muri iyo nyandiko, yari ahangayikishijwe n'umutekano mu ruganda, abantu bapfaga n'ibintu byari byononekaye mu ruganda.

- Tariki ya 18 Mata 1994

505. Musema yagiye i Gitarama ku itariki ya 18 Mata 1994 mu gitondo, yizera kuhabonanira n'abategetsi, cyane cyane umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi, yumvaga ko yari yahunze, akava ku cyicaro cya OCIR-ishami ry'icyayi i Kigali kubera intambara, bikaba ngombwa ko ajya i Gitarama cyangwa ahanyura.

Gitarama yari yabaye akarere abantu bahunga Kigali bacagamo. Icyo gihe Guverinoma yari yavuye i Kigali, n'ubwo kwimurira icyicaro cyayo i Gitarama byakozwe mu kajagari gakabije. Amaze kugera i Gitarama, Musema yatangiye gushakisha abakuru b'imirimo ba OCIR-ishami ry'icyayi, n'abantu bo mu muryango we baba bari mu mpunzi.

506. Musema avuga ko nta muntu n'umwe wo muri OCIR ishami ry'icyayi babonanye, ariko ko yavuganye na Minisitiri w'Inganda, Ubucuruzi n'Ubukorikori, Yusitini Mugenzi, amubwira uko ibintu byifashe mu Ruganda rw'icyayi rwa Gisovu, anamusaba kubungabunga umutekano w'uruganda. Musema avuga ko Minisitiri yaguye mu kantu yumvise ayo makuru, amwemerera ko agiye gufata ingamba zikwiriye zo kubungabunga umutekano w'uruganda. Musema yavuze ko uwo munsi Minisitiri yamubwiye ko azamwohereza mu butumwa kubonana n'umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi kugira ngo bongere gutangiza inganda. Uwo munsi Musema yasubiye i Rubona aho yahamye kugeza ku itariki ya 22 Mata 1994. Hagati aho yasubiye i Gitarama ku itariki ya 21 Mata 1994 agiye na none gushakisha mu mpunzi abantu bo mu muryango we.

507. Mu kwerekana ko ingendo za Musema n'amatariki yavuze bihura, Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D45 cyerekeye inyandiko yanditswe mu izina rya Musema. Muri iyo nyandiko, Musema yasabaga ko bamwishyura amafaranga yatanze ku modoka yo mu bwoko bwa Pajero, ifite nomero A7171. Iyo nyandiko ni urupapuro rwujujwe n'umunyamabanga w'uruganda, ruriho umukono w'umucungamari n'uwa Musema. Mu mugereka w'urwo rupapuro hari inyandiko y'ubwishyu yatanzwe n'igaraji y'i Butare yerekana ko ku itariki ya 19 Mata 1994, yishyuye ikirahure cy'imbere cy'imodoka cyamenetse, n'inyandiko y'ubwishyu bwa lisansi yatanzwe n'igaraji y'i Gitarama, yo ku itariki ya 14 Mata 1994.

508. Claire Kayuku yibutse ko hagati y'itariki ya 16 n'iya 22 Mata, Musema yagiye i Gitarama incuro ebyiri kureba umuryango we. Yavuze ko muri icyo gihe buri joro

Musema yararaga kwa nyirabukwe. Ku itariki ya 22 Mata, Musema yagiye mu butumwa ku Gisenyi, agaruka i Rubona ku itariki ya 26 Mata.

509. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D89 cyatanzwe n'Ubwunganizi ni ibaruwa, itariho itariki, Claire Kayuku yandikiye Nicole Pletscher, yanditsemo aya magambo: «Ibaze uko twese twongeye guhura ku itariki ya 18 Mata, kandi buri wese yakekaga ko undi yapfuye»[181].

510. Ku byerekeye ikimenyetso gihamya gifite nomero P56 avugamo ko yavuye i Gitarama ahagana ku itariki ya 19 Mata[182], Musema yemeye ko ubwo yabazwaga, amatariki yavuze kwari ugucishiriza, ko bitavuga ko yari yo neza. Amaze kubona impapuro zakusanyijwe n'umucamanza w'Umusuwisi ushinzwe gutegura urubanza na ba Avoka be, ni bwo yashoboye kuvuga amatariki nyayo yagiriyeho mu butumwa.

**Urupapuro rw'abajya mu butumwa n'ubutumwa ubwabwo**

511. Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D10, kigizwe « n'Urupapuro rw'abajya mu butumwa » rwo ku itariki ya 21 Mata 1994. Musema yemeza ko urupapuro rw'abajya mu butumwa yaruherewe i Gitarama ku itariki ya 21 Mata 1994 n'ubwo rwanditseho ngo « bikorewe i Kigali ». Yahuriye na Yusitini Mugenzi hafi y'aho FINA icururiza lisansi, umuntu yinjiye i Gitarama, ariko batabisezeranye. Ubwo Mugenzi yamubwiye ko yagerageje kuvugana na jandarumori kugira ngo irinde uruganda, ariko ko atashoboye kuvugana na Mikayire Bagaragaza, umuyobozi mukuru wa OCIR-Ishami ry'icyayi. Minisitiri yamutegetse kujya mu majyaruguru y'igihugu, cyane cyane ku Gisenyi, kugira ngo ahure na Mikayire Bagaragaza noneho barebere hamwe uko buri ruganda rwifashe.

[181] Byavuzwe mu gifaransa ngo: "Imaginez que tout le monde s'est retrouvé le 18 avril alors que chacun croyait tous les autres morts".
[182] Ikimenyetso gihamya gifite nomero P56 A, isemura ryakozwe mu rurimi rw'icyongereza rya P 56 ryaribeshye rivuga itariki ya 17 Mata.

512. Musema yavuze kandi ko Minisitiri yamubwiye ko azakora ibishoboka byose ngo yubahirize umutekano we kandi ko azamuha urupapuro rw'abajya mu butumwa rukwiye, kugira ngo ashobore kugenda mu gihugu cyose nta nkomyi. Musema yagombaga kujya gufata urupapuro rw'abajya mu butumwa mu rugo kwa Fawusitini Nyagahima, uwo akaba yari umuyobozi muri Minisiteri y'Inganda, Ubucuruzi n'Ubukorikori. Minisitiri w'imirimo ya Leta, Amazi n'Ingufu, Yasenti Nsengiyumva, na we wari aho bacururiza lisansi, yamuhaye impapuro zimuhesha uburenganzira bwo kunywesha lisansi. Minisitiri w'Inganda, Ubucuruzi n'Ubukorikori yahaye uburenganzira Minisitiri w'Imirimo ya Leta, Amazi, n'Ingufu gushyira umukono mu mwanya we ku rupapuro rw'abajya mu butumwa kubera ko yari afite indi mirimo. Uwo mubonano wamaze iminota 30.

513. Ku itariki ya 22 Mata 1994, Fawusitini Nyagahima yabwiye Musema ko icyo gihe Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ari yo yonyine yari ifite ikashi, akaba ari yo mpamvu iyo kashi ari yo iteye hasi ku rupapuro rw'abajya mu butumwa.

514. Musema yavuze ko n'ubwo ubwo butumwa bwari mu rwego rwa OCIR-ishami ry'icyayi, atabugiyemo mu izina rya OCIR- ishami ry'icyayi cyangwa mu rya Guverinoma. Yasobanuye ko ubusanzwe, umuyobozi mukuru wa OCIR- ishami ry'icyayi ari we utanga uburenganzira bwo kujya mu butumwa nk'ubwo. Musema akeka ko Minisitiri yamwohereje muri ubwo butumwa kubera ko nta wundi muntu wo muri OCIR- ishami ry'icyayi yabonye yakohereza. Amafaranga akenewe muri ubwo butumwa yagombaga gutangwa na OCIR- ishami ry'icyayi, Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Yavuze ko igihe ubutumwa bwari kumara cyagenwe na Minisitiri w'Inganda, Ubucuruzi, n'Ubukorikori. Nta bwo banditse urupapuro rw'abajya mu butumwa batekereza ko hazasurwa inganda izi n'izi ahubwo hibandwaga kuri za Perefegitura zirimo inganda z'icyayi cyangwa imishinga ihinga icyayi. Musema yavuze ko ubusanzwe haba harabaye inyandiko isobanura icyo ubwo butumwa bugamije, ko ariko muri icyo gihe, yabibwiwe mu magambo.

515. Musema avuga ko inyandiko yongerera igihe ubutumwa bwe iri ku rupapuro rw'abajya mu butumwa yongeweho nyuma i Gitarama, ahagana ku matariki ya 7-10 Gicurasi 1994. Musema yavuze ko muri icyo gihe hari izindi minisiteri zari zifite ikashi, akaba ari yo mpamvu urwo rupapuro ruriho ikashi n'umukono bya Minisitiri w'Ingabo, Agusitini Bizimana. Cyakora yemeye ko kuba Minisitiri w'Ingabo ari we wateye ikashi, akanongera iminsi y'ubutumwa bwe, atari ibintu byari bisanzwe bikorwa, ariko yibukije ko muri icyo gihe, u Rwanda rwari mu bihe bidasanzwe, akaba ari yo mpamvu Minisitiri w'Ingabo yashyizeho umukono yongera ubutumwa bwe.

516. Musema yasobanuye kandi ko yahuriye i Gitarama na Minisitiri w'Ingabo batari babisezeranye. Yari yarize iby'ubuhinzi, kandi akomoka i Byumba. Baganiriye ku ngorane bari bafite zo kubona abantu bo mu miryango yabo, no ku byerekeye imyaka ine intambara yari imaze. Ibintu byari bikimeze nabi cyane, n'ubwo ubutumwa bwe bwarangiye, Musema yari asigaje izindi nganda zo gusura kugira ngo zishobore gukorana. Ikashi yari ku rupapuro rw'abajya mu butumwa yasimburaga urupapuro rw'inzira. Ntabwo iyo kashi yongeraga iminsi y'ubutumwa yagiyemo mbere mu rwego rwa OCIR-ishami ry'icyayi, ahubwo yari mu rwego rw'ingendo yateganyaga zo gusura izindi nganda kubera ko byamworoherezaga urugendo kandi umutekano we ubungabunzwe neza kurushaho. Yongeyeho ko atari agikeneye ikashi ya Minisiteri ye kubera ko nta mpamvu y'akazi yari gutuma bongera iminsi y'ubutumwa bwe; kandi ko kwari ukugira ngo ibintu byorohe. Musema ntiyashoboye gusobanura impamvu Minisitiri w'Ingabo atamuhaye gusa urupapuro rumuhesha uburenganzira bwo kunyura ahantu hose nta nkomyi.

517. Musema yemeye ko kuba bataranditse itariki yo kongera iminsi y'ubutumwa bwe byatewe no kwibeshya. Yavuze ko ataba yaragiye mu butumwa, iyo Minisitiri atishingira umutekano we kandi ko yagombaga kubahiriza amabwiriza ahawe n'umukuriye mu mirimo.

518. Porokireri yakemanze ubwimerere rw'urwo rupapuro rw'abajya mu butumwa, yerekana ko impamvu Musema yavuze zerekeye itangwa rya rwo zidafashe, cyane

cyane kuba yarahuriye n'abantu bavugwa aho bacururiza lisansi batari babisezeranye. Porokireri yavuze ko niba koko, nk'uko Musema yabisobanuye mu buhamya bwe, ubutumwa bwe bwari bugamije gusa guhura n'umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi, buba bwararangiye umunsi ahura n'uwo muyobozi mukuru. Porokireri ntiyemeye ibisobanuro Musema yatanze byerekeye amakashi Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga na Minisiteri y'Ingabo zateye ku rupapuro rw'abajya mu butumwa, yemeza ko urwo rupapuro n'amakashi ari ibihimbano. Porokireri asanga urupapuro rw'abajya mu butumwa rwarakorewe kuyobya Urugereko no guhisha uburemere bw'uruhare Musema yagize mu bwicanyi. Mu gihe Musema yatangaga ubuhamya ku ngendo yacicikanyemo, Porokireri yerekanye ibindi bintu avuga ko biterekeranye birebana n'urupapuro rw'abajya mu butumwa

519. Umutangabuhamya ushinja wiswe BB yavuze ko urupapuro rw'abajya mu butumwa rutari rusanzwe kandi ko rudahuye n'urusanzwe rukoreshwa muri OCIR- ishami ry'icyayi. Ntirwerekana cyane cyane igihe Musema yamaze atari ku ruganda rwe kandi ntirufite umwanya wo kwandikamo amafaranga Musema yakoresheje ku giti cye. Yavuze kandi ko bitangaje kuba urupapuro rw'abajya mu butumwa rwarashyizweho umukono n'umuminisitiri maze umuyobozi w'uruganda akaba ari we woherezwa gusura izindi nganda.

- <u>Tariki ya 22 Mata 1994</u>

520. Musema yavuze ko ku itariki ya 22 Mata 1994 yagiye i Gitarama kuzana urupapuro rw'abajya mu butumwa kwa Fawusitini Nyagahima, wari utuye mu nzu iri mu gice kirimo amaduka.[183]

521. Musema yavuze kandi ko, nyuma ya ho, yagiye mu kigo cy'abasirikare cy'i Gitarama aho yaherewe abajandarume bo kumurinda. Nyuma yaho mu ma saa yine, yatwaye imodoka agana ku Kabaya. Agezeyo, Musema yahagaze aho umuyobozi mukuru wa

183 Ni ngombwa kumenya ko nyuma, mu gutanga ubuhamya bwe, Musema yahaye uwo muntu izina rya Fawusitini Nyavihima kandi akaba yaravugiye imbere y'Urugereko uko iryo zina ryandikwa, inyuguti ku yindi.

OCIR- ishami ry'icyayi yari atuye, ahasanga umugore w'uwo muyobozi. Umugore yamubwiye ko umuyobozi mukuru yari ahantu ku Gisenyi. Ubwo Musema yamusabye kumumenyesha ko yifuza ko babonana.

522. Musema yavuze ko yageze ku Ruganda rw'icyayi rwa Pfunda ku gicamunsi, mu ma saa kumi cyangwa saa kumi n'imwe. Umuyobozi w'Uruganda rw'icyayi rwa Pfunda yashyize umukono we atera na kashi y'uruganda inyuma ku rupapuro rw'abajya mu butumwa. Musema yanditse ahegereye kashi: « kugera i Pfunda ku itariki ya 21 Mata 1994 ». N'ubwo itariki ya 21 Mata 1994 yanditse iruhande rw'umukono, Musema yemeje akomeje ko yageze ku Ruganda rw'icyayi rwa Pfunda bucyeye, ku itariki ya 22 Mata 1994.

523. Musema yavuze ko icyo gihe, babonye iryo kosa, barikosoye mu rwego rw'ibaruramari ariko ntiryakosowe ku rupapuro rw'abajya mu butumwa, kubera ko atari ngombwa ko urwo rupapuro rukoreshwa mu kwerekana inzira umuntu yanyuzemo ari mu butumwa.

524. Mu gushimangira iyo ngingo, Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D28, icyo kimenyetso akaba ari «urwandiko rwishyuza», kugira ngo OCIR- ishami ry'icyayi (Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu) ihembere abajandarume bombi akazi bakoze hagati y'itariki ya 22 Mata 1994 n'iya 2 Gicurasi 1994. Urwo rupapuro rwasinywe n'umucangamari na Musema, ku itariki ya 2 Gicurasi 1994.

525. Igihe yatangaga ubuhamya bwe, Musema yavuze ko hamye ku ruganda kugeza ku itariki ya 25 Mata 1994. Uruganda rwarakoraga, imyinshi mu midugararo n'ubwicanyi byaberaga mu gace kategereye uruganda. N'ubwo atamubonye igihe yari i Pfunda, Musema yizeraga ko umuyobozi mukuru wa OCIR- ishami ry'icyayi, azanyura ku ruganda avuye ku Gisenyi.

526. Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D29 cyerekeye « Raporo y'uwagiye mu butumwa » n'ibaruwa iyiherekeza byo ku itariki ya 24 Mata 1994

byanditswe kandi bishyirwaho umukono na Musema ari muri Gisenyi. Ubwunganizi bwavuze ko ari bwo bwabonye izo mpapuro mu bushyinguranyandiko bw'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu.

527. Musema yavuze ko raporo y'agateganyo yakoze, yandikiwe ku mashini mu ruganda rwa Pfunda, ikaba yaragombaga kohererezwa umuyobozi mukuru wa OCIR- ishami ry'icyayi; yemera ariko ko, kuba aho nyirukuyohererezwa abarizwa hatanditswe ku buryo bwuzuye byaratewe n'ukwibagirwa k'umwanditsi. Musema yasobanuye ko yateganyaga gusiga iyo raporo n'Inyongera zayo aho umuyobozi mukuru yari atuye i Kabaya, asubiye i Rubona, ariko ko, ku bw'amahirwe, yahuriye na we ku Mukamura, bityo agashobora kumwihera mu ntoki izo mpapuro. Yahaye kandi kopi z'iyo raporo n'Inyongera zayo abayobozi b'inganda z'icyayi cya Pfunda na Nyabihu, babonanye.

528. Mu ibaza rinyomoza, Musema yatanze ibisobanuro nyongera byerekeye ubutumwa bwe. Mu by'ukuri yasuye ubwe uruganda rwa Pfunda, bitewe n'uko uruganda rwa Nyabihu rwari rufunze agerayo, n'ubwo yashoboye kubonana n'umuyobozi wa rwo. Uretse abayobozi b'izo nganda zombi, yabonanye kandi n'umuyobozi w'uruganda rwa Rubaya.

529. Porokireri yibukije ikimenyetso gihamya gifite nomero P56 cyerekeye ibazwa ryo mu Busuwisi ryo ku itariki ya 8 Werurwe 1995 aho Musema yavuze ibi bikurikira: « Navuye i Gitarama ngiye gusura inganda zo ku Gisenyi (Nyabihu, Rubaya na Pfunda) ». Porokireri yibukije na none ikimenyetso gihamya gifite nomero P58 cyerekeye ibazwa ryo mu Busuwisi ryo ku itariki ya 6 Mata 1995, aho Musema yavuze ibi bikurikira: « Uruganda rwa Pfunda ni rwo rwa mbere nasuye. Nahabonaniye n'umuyobozi w'uruganda, twagiranye ibiganiro, naraye iwe [...]. I Nyabihu nabonye umuyobozi, Bwana Gasongero iwe. Sinagiye i Rubaya, ariko nabonanye n'umuyobozi w'uruganda, Bwana Jaribu».

530. Mu gihe cy'urubanza, Musema yasobanuye ko yanditse raporo y'ubutumwa kuri izo nganda ashingiye ku biganiro yagiranye n'abayobozi bazo. Raporo y'ubutumwa, D29,

yo ku itariki ya 24 Mata 1994, ivuga ibyo yasabye ko byakorwa kuri izo nganda eshatu zivugwa haruguru.

531. Porokireri avuga ko «iyo raporo ikabije kuba ngufi» urebye agaciro k'ubutumwa bwaba bwarakozwe, n'urwego rw'umutegetsi wasabwe ko bukorwa, ari we Minisitiri. Ibisabwa n'ibibazo biri muri raporo ntibisobanuye. Uwayanditse yashoboraga kubyandika igihe icyo ari cyo cyose bitabaye ngombwa ko ajya mu butumwa.

- Tariki ya 25 Mata 1994

532. Musema yavuze ko yavuye ku ruganda rw'icyayi rwa Pfunda ku itariki ya 25 Mata 1994 mu ma saa mbiri, ari kumwe n'abajandarume, kandi ko yahuriye n'umuyobozi mukuru wa OCIR- ishami ry'icyayi ku Mukamura wari kumwe n'umugore, n'umuyobozi w'uruganda rwa Nyabihu. Umuyobozi mukuru wa OCIR- ishami ry'icyayi yasomye raporo ye y'abajya mu butumwa, ayemera amaze kongeramo ibintu bibiri, bityo yemeza ko Musema yashoboraga gukomeza ubutumwa bwe. Musema yavuze ko umubonano wamaze hafi isaha, nyuma afata imodoka ye ajya i Gitarama aho yageze mu gicuku kubera bariyeri zo ku muhanda zari nyinshi kandi zimeze nabi. Yavuze ko yaraye i Gitarama kubera umukwabu ubuza abantu kugenda nijoro.

- Tariki ya 26 Mata 1994

533. Musema avuga ko yagiye i Rubona ku itariki ya 26 Mata 1994, umutekano waho icyo gihe umutekano ukaba wari warahungabanye cyane. Abasahuzi n'abicanyi bari barafashe ISAR. Iryo joro yaraye i Rubona hamwe n'abasigaye bo mu muryango we, kwa muramu we wakoraga muri ISAR.

534. Claire Kayuku yavuze ko Musema yagarutse i Rubona avuye ku Gisenyi ku itariki ya 26 Mata.

- Tariki ya 27 Mata 1994

535. Musema yavuze ko ku itariki ya 27 Mata 1994 yagumye i Rubona. N'ubwo atigeze abona aho bica abantu, yabonye ibikorwa byinshi by'ubusahuzi bw'amatungo n'ibihingwa.

- Tariki ya 28 Mata 1994

536. Musema yavuze ko ku itariki ya 28 Mata yagiye ku Kitabi, aho yiriwe uwo munsi mbere yo gutaha i Rubona ku mugoroba. Umuyobozi w'uruganda rw'icyayi rwa Kitabi yashyize umukono kandi atera n'ikashi ku kimenyetso gihamya gifite nomero D10. Musema yabwiwe ko bamwe mu bakozi b'uruganda bishwe, cyakora igihe yasuraga uruganda, umutekano wari wose.

- Tariki ya 29 Mata 1994

537. Musema yavuze ko yavuye i Rubona ari hamwe n'abajandarume hagati ya saa yine na saa tanu nk'uko bisanzwe ari muri Pajero itukura, kandi ko yageze mu Gisovu ku gicamunsi anyuze i Butare, Gikongoro na Gasarenda. Ikashi y'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu igaragara ku rupapuro rw'abajya mu butumwa, hafi y'ahantu handitse « kugera mu Gisovu tariki ya 29 Mata 1994 ».

538. Musema yavuze ko hari agahenge kurushaho, ko amabariyeri yo ku mihanda yariho abantu bake ugereranije na mbere, ko nta dutsiko tw'abicanyi twagendaga. Avuga ko udutsiko tw'abicanyi tutari tugikora amarondo. Umutekano wari wose mu ruganda, abazamu bari bahari ariko abandi bakozi bandi bari iwabo. Imirambo yari yabonye ku mihanda mbere ntiyari igihari.

539. Musema yavuze ko hagati ya saa kumi na saa kumi n'imwe, yakoresheje ku ruganda inama y'abakozi bakuru b'uruganda. Muri raporo y'inama yanditswe n'umunyamabanga Nyarugwiza hagaragaramo ko, uretse Musema, hari abandi bantu bane bari mu nama. Iyo raporo yashyizwe muri dosiye nk'ikimenyetso gihamya gifite

nomero D30. Igika cyayo cya kabiri giteye gitya: «umuyobozi yamenyesheje abari mu nama ko atatereranye abakozi, ko ahubwo Guverinoma yari yamuhaye ubutumwa bwo kuzenguruka inganda kugira ngo arebe uburyo zashobora kongera gukora».

540. Musema yavuze ko iryo joro yahamye ku ruganda.

- Tariki ya 30 Mata 1994

541. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D31 ni inyandikomvugo y'inama yabereye ku ruganda rw'icyayi ku itariki ya 30 Mata 1994 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

542. Musema yemeje ko umunyamabanga Nyarugwiza ari we wanditse inyandikomvugo y'inama kandi akayishyiraho umukono. Musema yasobanuye ko inama yabaye mu byiciro bibiri. Ubwa mbere yahuje abakuru b'imirimo, ubwa kabiri ahuza abashinzwe akazi ka tekinike kugira ngo batange ibitekerezo byabo mu kongera gutangiza uruganda. Muri iyo nama hemejwe ko Musema, nk'umukuru w'uruganda, ari we uzajya gusaba lisansi Perefe wa Kibuye, kuko mu gihe cy'intambara, abaperefe bafatiraga aho bacuruza lisansi, akaba aribo bagena itangwa ryayo.

543. Mu ngingo ya 2.7 y'inyandikomvugo y'inama hagaragara ko ikibazo cy'ibura ry'abakozi b'uruganda cyasuzumwe. Musema yavuze ko inama yabaye abantu basa n'abakonje kubera ko nta wari ayobewe ko ibintu bikimeze nabi, kandi ko muri ako karere nta mutekano wari uhari muri rusange. Mu bibazo byasuzumwe, harimo umutekano mu ruganda, itariki bagombaga gutangiriraho gusoroma icyayi, icyayi bazasoroma uko kingana, n'inzira bazacamo bagitwaye.

544. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D32 cyerekeye ibaruwa yo ku itariki ya 30 Mata, Musema yari yarandikiye Madamu Anonsiyata Nyiratabaruka amushinga umurimo w'ububitsi bw'ibikoresho cyatanzweho ikimenyetso cyerekana ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyafashwe mu nama yo ku wa 30 Mata.

545. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D33 cyo ku itariki ya 30 Mata 1994 kiriho kashi n'umukono bya Perefe Kayishema ni «Uruhusa rwo kugenda» (*Autorisation de circulation*). Uru ruhusa rwo kugenda rwatanzwe mu rwego rw'uburenganzira bwo kujya mu butumwa bwo ku itariki ya 21 Mata 1994.

546. Musema yavuze ko yabonanye na Perefe ku itariki ya 30 Mata kugira ngo amusabe ruriya ruhusa yari akeneye ngo ashobore gukomeza ubutumwa bwe, anasohoke muri Perefegitura. Perefe yari yafashe icyemezo ko gusohoka muri perefegitura bigomba uruhusa rwe, na ho kuva muri komini ujya mu yindi bikagomba uruhusa rwa burugumesitiri.

547. Musema yabwiye kandi Urugereko ko ku muhanda ugana ku Kibuye, ku nkengero z'ikiyaga cya Kivu, yabonye amazu yasenywe n'ayatwitswe. Ku Kibuye ubwaho, imiryango ya sitade yari yarasenywe. Inkuta zariho ibizinga bitukura, umwuka unuka bitewe n'imirambo y'abantu yaboraga. Ikigo cya Home Saint-Jean na kiliziya y'Abagatolika byari byarangijwe; umuryango munini wa kiliziya wari warangijwe n'umuriro.

- <u>Tariki ya 1 Gicurasi 1994</u>

548. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D34 cyatanzwe n'Ubwunganizi bushaka kwemeza ko muri icyo gihe Musema yari agikoraga imirimo yo kuyobora uruganda rw'icyayi. Icyo kimenyetso ni ibaruwa Musema yandikiye Gasipari Bitihuse wo mu Gisovu, amutonganyiriza ko ataje mu nama yabaye ku itariki ya 30 Mata 1994 yoherejemo abamwungirije kumuhagararira. Muri iyo baruwa, Musema avuga ko uruganda ruzongera gukora ku itariki ya 2 Gicurasi 1994.

- <u>Tariki ya 2 Gicurasi 1994</u>

549. Musema avuga ko ikimenyetso gihamya gifite nomero D28 cyerekeye « urwandiko rwishyuza » rwo ku itariki ya 2 Gicurasi 1994, cyanditswe uwo munsi mbere y'uko ava

mu Gisovu. Musema yahagurutse ku ruganda rw'icyayi hagati ya saa yine na saa tanu agana i Shagasha, agerayo hagati ya saa kumi n'ebyiri na saa kumi n'ebyiri n'igice. Yavuze ko itariki ya 3 Gicurasi 1994 yanditse ku kimenyetso gihamya gifite nomero D10 yerekana ko yageze i Shagasha uwo munsi ari ikosa, ko ahubwo yahageze ku itariki ya 2 Gicurasi 1994. Yaba yarasuye uruganda bucyeye, akaba ari yo mpamvu itariki ya 3 Gicurasi 1994 ari yo yanditse kuri icyo kimenyetso.

550. Mu ibaza rinyomoza, Porokireri yibukije ikimenyetso gihamya gifite nomero P56 cyerekeye ibazwa ryo mu Busuwisi ryo ku itariki ya 8 Werurwe 1995, ubwo Musema yavuze ko yagiye ku ruganda rwa Kitabi ku itariki ya 2 Gicurasi 1994, akahabonanira n'umuyobozi warwo.

- Tariki ya 3 Gicurasi 1994

551. Musema yavuze ko yagiye ku ruganda rw'icyayi rwa Shagasha ku itariki ya 3 Gicurasi 1994 mu gitondo, mbere yo kujya ku ruganda rw'icyayi rwa Gisakura. I Shagasha, ushinzwe gutunganya icyayi yasinye urupapuro rw'abajya mu butumwa ariko ntiyashyiraho ikashi kubera ko nta yo yari afite. Musema ntiyashoboye gusobanura impamvu umukono w'i Shagasha uri hasi cyane ku rupapuro, ugereranije n'aho ikashi ya Gisakura iteye. Cyakora yemereye Urugereko ko yabanje kujya i Shagasha. Yavuze ko yasubiye i Shagasha avuye gusura Gisakura akaba akeka ko ari icyo gihe ushinzwe gutunganya icyayi yashyizeho umukono.

552. Musema yavuze ko umucungamari mukuru w'uruganda rwa Gisakura yateye ikashi y'uruganda ku rupapuro rw'abajya mu butumwa ku itariki ya 3 Gicurasi 1994. Musema yasubiye i Gisakura byibura incuro ebyiri mbere y'uko ava i Shagasha ku itariki ya 5 Gicurasi 1994.

553. Umutangabuhamya ushinja wiswe BB yavuze ko Musema yari ku Ruganda rw'icyayi rwa Gisakura ku itariki ya 3 Gicurasi 1994. Ntiyabonanye n'umuyobozi w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisakura n'ubwo ikashi y'uruganda iteye ku rupapuro rwe rw'abajya mu

butumwa (ikimenyetso gihamya gifite nomero D10 kiza gusuzumwa nyuma). Umutangabuhamya avuga ko iyo bajya guhura, umuyobozi w'Uruganda rwa Gisakura ni we wari gushyira umukono ku rupapuro rw'abajya mu butumwa aho kuba umucungamari mukuru. Cyakora umutangabuhamya yemeye ko umukono ari uw'uwo mucungamari mukuru.

554. Umutangabuhamya wiswe BB avuga ko uruganda rwari rufite amakashi abiri imwe ifitwe n'umuyobozi w'uruganda, indi ifitwe n'umuyobozi ushinzwe abakozi. Avuga ko umucungamari mukuru wari ukuriye umuyobozi ushinzwe abakozi yamwatse ikashi y'uruganda kugira ngo ayitere ku rupapuro rw'abajya mu butumwa rwa Musema. Ubusanzwe iyo umuyobozi w'uruganda adahari, ni bwo gusa umuyobozi ushinzwe abakozi agira uburenganzira bwo gutera ikashi ku rupapuro runaka. Umutangabuhamya yongeyeho ko bitewe n'uko umucungamari yari umuyoboke wa MDR Power, ashobora kuba yarumvikanaga na Musema.

555. Umutangabuhamya yavuze ko bitangaje kuba nta muntu wamenyesheje umuyobozi w'uruganda ko Musema arusura, baba abakozi be cyangwa umugore we.

556. Mu ibaza rinyomoza rya Claire Kayuku, Porokireri yumvishije umutangabuhamya, ubwo yabazaga ikibazo, ko ku itariki ya 3 Gicurasi 1994, Musema yagiye mu nama ku Kibuye iyobowe na Minisitiri w'Intebe. Umutangabuhamya nta cyo yari abiziho.

- <u>Tariki ya 5 Gicurasi 1994</u>

557. Musema yavuze ko yagiye i Rubona ku itariki ya 5 Gicurasi 1994, yizeye ko azasura uruganda rw'icyayi rwa Mata. Yavuye i Shagasha muma saa mbiri, agera i Rubona mu ma saa kumi n'ebyiri, araharara. N'ubwo nta muntu wari wapfiriye i Rubona, umwuka wari wabaye mubi bitewe n'impunzi zahitaga n'amakuru menshi yemezaga ko imirwano igenda irushaho gukomera.

- <u>Tariki ya 6 Gicurasi 1994</u>

558. Musema yavuze ko, niba yibuka neza, umunsi wa 6 Gicurasi 1994 yawumaze i Rubona.

559. Porokireri yeretse Musema ikimenyetso gihamya gifite nomero P56 avugamo ibi bikurikira: « Ku itariki ya 3 Gicurasi nasubiye na none mu nganda zo mu majyepfo y'uburengerazuba, ni ukuvuga i Gisakura n'i Shagasha. Noneho nsubira i Butare. Ku itariki ya 7 cyangwa iya 8 Gicurasi, nasubiye mu Gisovu noneho ku itariki ya 9 Gicurasi, nyobora imirimo yo kongera gutangiza uruganda. Narahagumye kugeza ku itariki ya 19/20 Gicurasi, noneho nsanga umuryango wanjye i Butare ».

560. Igihe yatangaga ubuhamya bwe, Musema yavuze ko hagati y'itariki ya 7 n'iya 19 Gicurasi 1994 yari i Rubona, rimwe na rimwe akajya i Gitarama.

- <u>Tariki ya 7 Gicurasi 1994</u>

561. Musema yavuze ko yagiye ku ruganda rw'icyayi rwa Mata ku itariki ya 7 Gicurasi 1994. Gusura uruganda byamaze amasaha atarenze atandatu, nyuma asubira i Rubona. Umucungamari mukuru w'uruganda rw'icyayi rwa Mata yateye ikashi ku rupapuro rwe rw'abajya mu butumwa rwo ku itariki ya 7 Gicurasi 1994.

562. Claire Kayuku avuga ko Musema yagiye gusura inganda z'icyayi nyinshi mu mpera za Mata no mu ntangiriro za Gicurasi.

- <u>Kuva ku itariki ya 7 kugeza ku ya 19 Gicurasi 1994</u>

563. Musema yavuze ko yagumye i Rubona kuva ku itariki ya 7 kugeza ku itariki ya 19 Gicurasi 1994, ko atigeze arenga umugi wa Butare n'uwa Gitarama, ni ukuvuga ko atigeze ajya muri Perefegitura ya Kibuye, ko nta rundi ruganda yasuye.

564. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D35 kigizwe n'ibaruwa yo ku itariki ya 6 Gicurasi 1994 yometseho raporo y'ubutumwa, yanditswe ku mashini n'ubunyamabanga bwa ISAR i Rubona. Muri icyo kimenyetso, bavugamo itariki ubutumwa bwatangiriyeho, impamvu y'ubwo butumwa na raporo y'agateganyo yo ku itariki ya 24 Mata 1994. Bavugamo kandi amatariki imirimo y'inganda z'icyayi zinyuranye yasubukuriweho, n'ibintu biri mu bubiko bw'inganda za Gisakura na Shagasha. Musema avuga ko iyo mibare yatanzwe n'ushinzwe gutunganya icyayi, umucungamari cyangwa umuyobozi w'uruganda ubwe. Mu gusoza, Musema avuga ibibazo byerekeye kubona lisansi, guhemba abakozi, umutekano w'inganda z'icyayi, gushaka abakozi bashya no guhitamo inzira bazacishamo icyayi cyumye banyuze ku Gisenyi.

565. Musema avuga ko yakoze hafi kopi icumi za raporo zigenewe abayobozi b'inganda z'icyayi yasuye. Ku itariki ya 10 Gicurasi 1994, Musema yashyize kopi yageneye umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi kuri Banki y'ubucuruzi y'i Gitarama yari igiye kohereza hamwe imodoka nyinshi ku Gisenyi. Umuyobozi wa banki yari yamwemereye gushyikiriza iyo raporo umuyobozi mukuru wa OCIR- ishami ry'icyayi.

566. Umutangabuhamya ushinjura wiswe MH yavuze ko yabonye Musema ku itariki ya 10 n'iya 13 Gicurasi 1994. Ku itariki ya 10 Gicurasi, yamubonye i Gitarama. Yaramuvugishije ariko ntiyibuka niba yaramubajije iyo yavaga cyangwa icyo yakoraga. Musema yari yaje mu modoka ariko MH ntiyibuka ubwoko cyangwa ibara ry'iyo modoka. Yibukije ko hashize imyaka itanu ibyo bibaye, akaba ari yo mpamvu atari akibuka utuntu nk'utwo ngutwo.

567. MH yongeyeho ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, yahunze wenyine agana i Burundi. Yavuze ko yavuye i Gitarama hagati ya saa sita na saa saba z'amanywa, mu modoka ye yerekeje ku mupaka wa Kanyaru ya ruguru (Kanyaru- Haut), anyuze i Butare. Nyuma y'igihe kiri hagati y'iminota mirongo ine n'itanu n'isaha, yahagaze i Rubona, ahamara iminota itarenze makumyabiri. I Rubona, uwo mutangabuhamya yagiye kwa Kayuku, ni ukuvuga kwa nyirabukwe wa Musema, kubasezeraho no kubamenyesha ko avuye mu Rwanda agiye i Burundi, aho yagombaga kunyura mbere yo kujya muri Kenya.

Yavuze ko yabonye Musema kandi ko yamuvugishije. Umutangabuhamya ntiyibuka isaha nyayo yahuriyeho na Musema, ariko akeka ko byari mu ma saa munani, hashize hafi isaha avuye i Gitarama.

568. Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D102 kikaba ari kopi y'urupapuro rw'urwandiko rw'abajya mu mahanga [passeport] rwa MH, ruriho ikashi yo kwinjira mu Burundi yateweho ku itariki ya 13 Gicurasi 1994. Kuri urwo rupapuro hateyeho indi kashi yashyiriweho ku kibuga cy'indege cy'i Bujumbura, yerekana ko uwo mutangabuhamya yavuye koko ku butaka bw'u Burundi ku itariki ya 15 Gicurasi 1994.

569. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D45 kirimo kopi y'urupapuro rw'ubwishyu rwo ku itariki ya 14 Gicurasi rwatanzwe n'aho bacururiza lisansi muri FINA y'i Gitarama, kubera lisansi yaguzwe yo gushyira muri Pajero ifite nomero A7171, ikishyurwa na Musema ako kanya. Ubwunganizi bwemeza ko icyo kimenyetso gisenya ingingo Porokireri ashingiraho, kikaba kigaragaza ko Musema atari ari mu Bisesero aho ubwicanyi bwabereye, ko ahubwo yari ahandi.

570. Umutangabuhamya ushinjura wiswe MG, umugore w'umutangabuhamya MH, yavuze ko yabonye Musema incuro ebyiri, kuva hagati muri Mata kugera ku itariki ya 16 Gicurasi aje gusura umuryango we i Gitarama. N'ubwo atibuka neza amatariki nyayo, akeka ko yaje gusura umuryango we rimwe muri Gicurasi. MG yavuye i Gitarama ku itariki ya 15 Gicurasi, ava mu Rwanda ku itariki ya 17 Gicurasi. Ku itariki ya 7 Kamena 1994, ari i Nayirobi (Nairobi) yandikiye ibaruwa (Ikimenyetso gihamya gifite nomero D92) Nicole Pletscher, amumenyesha ko ku itariki ya 17 Gicurasi, Musema n'umuryango we bari i Butare kwa nyina wa Claire Kayuku. Mu buhamya yatanze, asobanura ko we ku giti cye atigeze abona Musema mu minsi yabanjirije igihe yaviriye mu Rwanda, ko cyakora yamenye aho Musema ari abibwiwe n'umwe muri basaza be, ndetse ku buryo buziguye n'umugabo we. MG yavuze ko yanditse mu ibaruwa ye itariki ya 17 Gicurasi kubera ko iyo tariki ihuye n'umunsi yaje kuviraho mu Rwanda.

Yongeyeho ko atakwemeza niba Musema yari yavuye kwa nyirabukwe ku itariki ya 16 Mata, cyangwa niba yari agihari.

571. Claire Kayuku, umutangabuhamya ushinjura, akaba n'umugore wa Musema, yavuze ko yibuka ko Musema yasubiye mu Gisovu guhemba abakozi b'uruganda rw'icyayi ahagana muri Gicurasi hagati. Yibutse ko mu ntangiriro za Gicurasi, Pajero itukura ya Musema yamaze icyumweru kimwe cyangwa bibiri ikorwa mu igaraji i Butare.

572. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D36 ni ibaruwa cyatangiwe kwerekana ko Musema atagize uruhare mu byabaye, ko ahubwo yabaye indorerezi gusa kandi ko, bitewe n'uko yari i Butare ku itariki ya 14 Gicurasi, atashoboraga kuba i Muyira nk'uko Porokireri abivuga[184].

573. Musema avuga ko iyo baruwa ari we ubwe wayandikiye i Butare ku itariki ya 14 Gicurasi 1994, ayohererezа inshuti ye y'Umusuwisi yitwa Nicole Pletscher. Yayihaye umuntu wari ugiye i Burundi ku itariki ya 14 Gicurasi 1994, yizera ko izashyirwa mu iposita i Bujumbura. Musema yari azi Nicole Pletscher kuva muri 1986, imiryango yabo yombi yari yarabaye inshuti. Yamubonye bwa nyuma i Kigali ku itariki ya 3 Mata 1994. Yongeye kubona iyo baruwa ubwo yatangaga ubuhamya muri uru rubanza.

574. Mu gushimangira ko Musema atari mu Gisovu, Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D46 cyerekeye ibaruwa Musema yandikiye Perefe wa Kibuye ku itariki ya 18 Gicurasi 1994, asaba ko bashyira abajandarume ku ruganda. Iyo baruwa yanditseho inyuguti ACL, ni ukuvuga « igomba kubikwa » (à classer). Kuri iyo baruwa hometseho inyandiko Minisitiri w'Ingabo yahaye Musema ku itariki ya 10 Gicurasi, yitwa « A qui de droit » (k'uwo bigenewe). Iyo nyandiko ya Minisitiri itegeka umukuru w'ikigo cya Kibuye kubungabunga umutekano w'uruganda rw'icyayi kubera akamaro karwo. Ku itariki ya 18 Gicurasi 1994, Musema wari ugifite ibibazo by'imodoka, ari i Gitarama, yahaye iyo baruwa n'umugereka wayo umuntu wari ugiye ku Kibuye.

[184] Reba imyanzuro nsozarubanza y'Ubwunganizi, igika cya 263

575. Ubwunganizi bushimangira ko iyo Musema aza kuba mu Gisovu, atari gutegereza iminsi munani kugira ngo yohereze iyo nyandiko.

576. Ubwunganizi bwatanze izindi nyandiko nyinshi zerekana ko Musema atari ku ruganda rw'icyayi hagati muri Gicurasi 1994. Ku itariki ya 14 Kamena 1994 ni bwo Musema yabashije gusuzuma ikimenyetso gihamya gifite nomero D41 kigizwe n'ibaruwa isaba akazi mu ruganda rw'icyayi cyahageze ku itariki ya 5 Gicurasi 1994. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D42, cyerekeye isaba ry'icumbi kubera impamvu z'umutekano, cyahageze ku itariki ya 11 Gicurasi 1994, ariko ntikiriho itariki cyasuzumiweho. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D44 cyerekeye isabwa ry'icumbi cyageze ku ruganda rw'icyayi ku itariki ya 16 Gicurasi 1994, cyasuzumwe na Musema ku itariki ya 14 Kamena 1994.

577. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D43 ni ibaruwa yo ku itariki ya 16 Gicurasi 1994 Yozefu Nyarugwiza, umuyobozi ushinzwe abakozi, yoherereje Burugumesitiri wa Gisovu. Musema yabwiye Urugereko ko uwanditse iyo baruwa yoherezaga ilisiti y'abakozi bashinzwe umutekano bari basabye kwigishwa gukoresha intwaro, nk'uko byari byasuzumwe mu nama yo ku itariki ya 13 n'iya 16 Gicurasi 1994. Musema ntiyari azi iby'iyo baruwa yabonye bwa mbere, imaze kuvumburwa n'Ubwunganizi bwe igihe bwakoraga iperereza ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu.

578. Ubwunganizi buvuga ko iyo Musema aza kuba yarafatanije na Burugumesitiri Ndimbati mu gihe cy'ubwicanyi, aba yarashubije iriya baruwa cyangwa akaba yaragize icyo ayandikaho. Muri ibyo byombi, nta na kimwe yakoze.

579. Ubwunganizi buvuga ko ikimenyetso gihamya gifite nomero D49 cyitwa « Gusaba amafaranga » cyo ku itariki ya 21 Gicurasi 1994 cyanditswe na Musema akigeneye umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi, kandi gifite mu mugereka urwandiko rwo gusaba amafaranga yo gukoresha mu kwezi kwa Mata na Gicurasi 1994. Umugereka washyizweho umukono na Musema ku itariki ya 7 Gicurasi 1994.

580. Musema yavuze ko itariki yanditse ku kimenyetso gihamya gifite nomero D49 yerekeye igihe iyo nyandiko yateguriwe, ko atari iy'igihe yayishyiriyeho umukono, ni ukuvuga itariki ya 21 Gicurasi.

581. Musema yongeyeho ko kubera ko ibintu byagendaga birushaho kumera nabi mu Rwanda, we n'umuryango we bagerageje gutegura gahunda yakurikizwa biramutse bibaye ngombwa ko bava mu gihugu. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D37 ni « Icyemezo cy'umwirondoro » Burugumesitiri wa Komini Ruhashya yahaye umuhungu w'imfura wa Musema, Patiriki Oliviye Rukezamiheto, ku itariki ya 16 Gicurasi 1994. Musema yizeraga ko icyo cyemezo cy'umwirondoro cyari gutuma umuhungu we bimworohera kubona urwandiko rw'abajya mu mahanga. Kopi z' inyandiko z'abajya mu mahanga z'abahungu be zatanzweho ibimenyetso gihamya bifite nomero D38, D39 na D40. Musema avuga ko izo nyandiko z'abajya mu mahanga zose zatangiwe i Gitarama ku itariki ya 18 Gicurasi 1994 ahibereye. Urwandiko rw'abajya mu mahanga rugize ikimenyetso gihamya gifite nomero D40 rwashyizweho umukono na Musema, kandi ni na we warwakiriye bitewe n'uko umuhungu we yari atarageza ku myaka yo gufata indangamuntu.

582. Musema yavuze kandi ko ku itariki ya 18 Gicurasi 1994 yagiye kuri Banki y'Ubucuruzi y'i Gitarama kugira ngo arebe ibyakozwe kuri konti kuva banki yava i Kigali. Yahaye umuyobozi wa banki kopi ya raporo ye y'ubutumwa kugira ngo azayishyikirize Umuyobozi Mukuru wa OCIR-Ishami ry'icyayi bajyanye amafaranga ku Gisenyi.

583. Musema yongeyeho ko yaraye i Rubona ku itariki ya 18 Gicurasi.

584. Mu ibaza rinyomoza bibukije ingengabihe yanditse n'intoki igaragaza uko Musema yakoreshaga igihe cye. Iyo ngengabihe ni ikimenyetso gihamya gifite nomero P68 cyerekana ko yari mu Gisovu kuva ku itariki ya 4 kugeza ku ya 14 Gicurasi 1994. Musema yavuze ko yibeshye, ko icyo gihe atari mu Gisovu.

585. Mu ibazwa rye mu Busuwisi ryo ku itariki ya 16 Werurwe 1995 ari ryo kimenyetso gihamya gifite nomero P57, Musema yavuze ko yari mu Gisovu mu cyumweru cyo kuva ku itariki ya 4 kugeza ku ya 13 Gicurasi. Umushinjacyaha yibukije kandi ikimenyetso gihamya gifite nomero D49, cyitwa « Gusaba amafaranga ». Musema yongeye kuvuga ko itariki ya 7 Gicurasi yerekeye igihe iyo nyandiko yateguriwe, ko atari itariki yayishyiriyeho umukono, ni ukuvuga itariki ya 21 Gicurasi.

586. Musema yemeje ko n'ubwo atarazi amazina y'udusozi twose tw'akarere ka Bisesero, yari azi ariko ko ibitero byagabwe mu karere ka Bisesero mu matariki ya 13 na 14 Gicurasi, ndetse na mbere y'ayo matariki. Bamubajije ukuntu yabigenje ngo amenye ko ibitero byagabwe kandi atari ahari, yasubije ko abagoronome babimubwiye mu nama yabaye ku itariki ya 19 Gicurasi 1994, kandi ko yabyumvise kuri Radiyo RTLM no kuri Radiyo Muhabura ya FPR. Yavuze kandi ko atagiye mu bitero byagabwe ku gasozi ka Muyira cyangwa ibyagabwe ahandi ku matariki ya 13 na 14 Gicurasi. Yavuze ko nta kintu cyamwemezaga, kandi nta mpamvu yo kubyemera yari afite, ko abakozi b'uruganda rw'icyayi bagiye mu bitero byagabwe, cyangwa se ko imodoka z'uruganda rw'icyayi zakoreshwejwe muri urwo rwego. Cyakora yongeyeho ko rimwe na rimwe atari ku ruganda rw'icyayi, bityo akaba adashobora kwemeza niba umuntu uyu n'uyu cyangwa imodoka iyi n'iyi itaragize uruhare mu bitero.

- <u>Itariki ya 19 Gicurasi 1994</u>

587. Musema yavuze ko yasubiye ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu ku itariki ya 19 Gicurasi 1994 ari kumwe n'abasirikare babiri, Felesiyani na Alufonsi bamuherekezaga kuva ubutumwa bwatangira. Yari kumwe kandi n'umuntu uzi gukora amaserire kugira ngo abafashe gufungura imitamenwa n'inzugi. Bagendaga mu modoka ya Pajero. Bahagurutse ahagana saa tatu, bagera iyo bajya hagati ya saa cyenda na saa kumi. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D10 giteyeho kashe y'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu kandi cyanditseho «kugera mu Gisovu ku itariki ya 19 Gicurasi 1994 ».

Inyandiko ni iya Musema ariko umukono uri kuri kashi ni uw'umuyobozi ushinzwe abakozi.

588. Musema yongeyeho ko ku ruganda habereye inama, yarimo we ubwe, Gasipari Bitihuse, ushinzwe gukora icyayi, Jemusi Barawigirira, umukanishi mukuru w'agateganyo, Yozefu Nyarugwiza, umuyobozi ushinzwe abakozi na Faransisiko Uwamugura, umucungamari w'uruganda. Inyandikomvugo y'inama yanditswe na Yozefu Nyarugwiza, ishyirwaho umukono na Musema ubwe, yatanzweho ikimenyetso gihamya gifite nomero D47. Iby'ingenzi byasuzumwe ni ibirebana n'ibyari mu bubiko n'imikorere y'uruganda rw'icyayi. Igika cya kabiri cy'inyandikomvugo kivuga ko umuyobozi w'uruganda rw'icyayi yari yagiye mu ngendo noneho imodoka imupfiraho ubwo yari agiye guhindukira. Kivuga kandi ko umuyobozi w'uruganda yasabye ko uruganda rumufasha ariko ntibyakorwa.

589. Igihe yatangaga ubuhamya bwe, Musema yasobanuye ko Pajero ye yapfuye ku itariki ya 7 Gicurasi 1994 ubwo yasuraga uruganda rw'icyayi rwa Mata. Kubera ko imodoka itakozwe, yagumye mu karere ka Butare. Yari yasabye uruganda imodoka yo gusimbura iyapfuye bayimwohererereza ku itariki ya 19 Gicurasi 1994, Pajero yararangije gukorwa. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D45, « Kwishyuza amafaranga yatanzwe na Musema akoresha Pajero ifite nomero A7171 », ni icyo ku itariki ya 19 Gicurasi 1994. Urwo rupapuro rwujujwe n'umunyamabanga w'uruganda, rushyirwaho umukono n'umucungamari hamwe na Musema. Mu migereka y'icyo kimenyetso gihamya harimo inyandiko y'ubwishyu y'igaraji y'i Butare yatanzwe ku itariki ya 19 Mata 1994, yerekeye ibyuma by'imodoka byaguzwe.

590. Ubwunganizi bwatanze kandi ikimenyetso gihamya gifite nomero D48 ari cyo ibaruwa yo ku itariki ya 19 Gicurasi 1994 Musema yandikiye umuyobozi wa Banki y'Ubucuruzi y'u Rwanda ashaka kubikuza amafaranga. Iyo baruwa isobanura ko umucangamari mukuru, Kaniziyo Twagura-Kayego, ubusanzwe washyiraga umukono ku mpapuro nk'izo, atigeze aboneka kuva ku itariki ya 13 Mata 1994. Mu ibaza rinyomoza, Musema yavuze ko atashoboraga kwandika ku buryo butaziguye mu

ibaruwa ko abantu bapfuye, kandi kuvuga ko abantu babuze ari cyo byashakaga kuvuga. Urugereko rwasanze ijambo ry'igifaransa "disparu" rishobora kuvuga ko umuntu yapfuye.

591. Musema yabwiye Urugereko ko ku itariki ya 19 Gicurasi 1994 yaraye ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu.

- Itariki ya 20 Gicurasi 1994

592. Musema yavuze ko ku itariki ya 20 Gicurasi 1994 yagiye kuri Banki y'Ubucuruzi ku Kibuye gutanga ibaruwa no kubikuza amafaranga yo guhemba abakozi. Yari kumwe n'abasirikare babiri n'umubitsi. Mu ijoro ryo ku itariki ya 20 Gicurasi 1994, baraye ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu.

- Kuva ku itariki ya 21 kugeza ku ya 27 Gicurasi 1994

593. Musema yavuze ko yasubiye i Rubona ku itariki ya 21 Gicurasi agiye kureba umuryango we. Yavuye ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu ari kumwe n'umuntu ukora amaserire ahagana saa tanu, amaze guhemba abakozi.

594. Musema yongeyeho ko yahamye i Rubona kugeza ku itariki ya 27 Gicurasi. Igihe yari i Rubona, we n'umuryango we bongeye kurebera hamwe uburyo bava mu gihugu. Musema yavuze ko muri icyo gihe yagiye i Gitarama gushyira impapuro z'uruganda muri Banki y'Ubucuruzi no gushakisha abantu bo mu muryango we. Umunsi umwe yagiye i Nyanza kureba inshuti ye y'umupadiri.

- Itariki ya 27 Gicurasi 1994

595. Musema yavuze ko yasubiye ku ruganda rw'icyayi ku itariki ya 27 Gicurasi 1994. Umuryango we wari warahungiye ku Kitabi kubera ko imirwano yagendaga yegera aho bari mbere. Yaraye i Rubona mu ijoro ryo ku itariki ya 26 Gicurasi, bukeye bwaho aca

ku Kitabi gufata umuryango we mbere yo kugaruka ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Umugore we, abana be babiri na ba basirikare, Alufonsi na Felesiyani, bajyanye na we ku ruganda rw'icyayi.

596. Musema avuga ko ku itariki ya 27 Gicurasi yayoboye inama yabereye ku ruganda, irimo abantu munani. Inyandikomvugo y'iyo nama yatanzwe nk'ikimenyetso gihamya gifite nomero D51. Iyo nyandikomvugo yibutsa inama zabaye ku matariki ya 29, 30 Mata na 19 Gicurasi. Umwuka wari umeze nabi ku ruganda bitewe n'amakuru yerekeye intambara n'ubwicanyi bwaberaga mu karere ka Bisesero. Iyo nama yasuzumye ibibazo bimwe byerekeye umutekano n'umusaruro w'uruganda rw'icyayi, harimo n'igihombo uruganda rwatewe n'ibyuma byapfuye ntibikorwe. Ku itariki ya 19 Gicurasi, ibyo byuma byari bimaze iminsi icumi bipfuye. Ubwunganizi busanga ibyo byerekana ko Musema atari mu gace k'uruganda rw'icyayi kuva ku itariki ya 10 kugeza ku ya 19 Gicurasi 1994.

597. Kimwe mu byo inama yasabye ko bikorwa cyerekeye amasezerano Musema yagiranye na Burugumesitiri wa Gisovu, yo kwigisha abantu gukoresha intwaro. Ikindi cyemezo cyafashwe ni ukohereza abajandarume kunganira abazamu b'uruganda kubera ko muri rusange nta mutekano wariho.

598. Musema yongeyeho ko we n'umuryango we bagumye ku Ruganda rw'icyayi rwa Gisovu ku itariki ya 27 Gicurasi 1994.

599. Umushinjacyaha yibukije ikimenyetso gihamya gifite nomero D51 n'umwanzuro werekeye ukwirinda kw'abaturage, ibyo bikaba byerekana ko Musema yagize uruhare mu kwigisha abakozi b'uruganda rw'icyayi. Musema we avuga ko icyo kibazo cyari cyabajijwe n'umukozi. Musema yavuze ko nta muntu yohereje kwiga kubera ko icyo kibazo kitarebaga ku buryo bw'umwihariko uruganda rw'icyayi, ko cyarebaga ahubwo Burugumesitiri na Komini. Yasobanuye ko ari ibyo yumvikanyeho na Ndimbati.

- <u>Itariki ya 28 Gicurasi 1994</u>

600. Musema yavuze ko ahagana ku itariki ya 28 Gicurasi 1994 yari afite ibintu bibiri mu mutwe we: mbere na mbere kugeza umuryango we ku mupaka, hanyuma kujya mu butumwa bwo mu rwego rwa tekiniki buyobowe n'uwitwa Karabudiyani Kanyarwanda, bugamije gusuzuma amayira bacishamo ibyinjira n'ibisohoka mu gihugu.

601. Musema avuga ko hari inama yabereye ku ruganda ku itariki ya 28 Gicurasi 1994 akaba na we yari ayirimo. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D52 kiriho umukono wa Musema, ni inyandikomvugo y'iyo nama. Iyo nyandikomvugo yerekana ko Musema yatanze imbunda eshatu zo mu bwoko bwa Kalashnikov. Mu buhamya bwe, Musema yavuze ko yakuye izo ntwaro mu kigo cy'abasirikare cya Gitarama bitegetswe na Minisitiri w'Ingabo, Agusitini Bizimana, amaze kumusobanurira impungenge yari afite ku bibazo by'umutekano byari mu ruganda rw'icyayi kandi ko Perefe atari yabimufashijemo. Minisitiri yatanze uburenganzira bwo guha Musema imbunda eshatu ziyongera ku mbunda ebyiri zari zisanzwe ku ruganda, kugira ngo buri wese mu basirikare batanu bacyuye igihe agire iye.

602. Mu guhamya ingendo za Musema, Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D53 cyerekeye « Uburenganzira bwo gusohora amafaranga » bwo ku itariki ya 28 Gicurasi 1994. Ayo mafaranga yari ayo kwishyura Harerimana, kubera ubutumwa yajyanyemo na Musema kuva ku itariki ya 21 kugeza ku ya 29 Gicurasi 1994. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D55 cyerekeye « Déclaration de créances » (Kwishyuza amafaranga) cyemeza ko Kaporali Felesiyani Harelimana yishyuwe amafaranga kubera ubutumwa yajyanyemo na Musema kuva ku itariki ya 21 kugeza ku ya 29 Gicurasi 1994. Iyo nyandiko iriho umukono wa Musema n'uw'umucungamari w'uruganda.

603. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D54 cyerekeye «Uburenganzira bwo gusohora amafaranga» bwo ku itariki ya 29 Gicurasi 1994 bwemera Musema guhabwa avansi ku mafaranga y'ubutumwa yagombaga kujyamo muri Zayire.

604. Igika cyibanziriza icya nyuma cy'ibaruwa umutangabuhamya Claire Kayuku yandikiye umutangabuhamya Nicole Pletscher cyatanzwe n'Ubwunganinzi nk'ikimenyetso gihamya gifite nomero D99, cyerekana ko, Musema amaze kuva i Butare agiye i Shagasha, we n'umugore we banyuze mu Gisovu ku matariki ya 27 na 28 Gicurasi.

- Itariki ya 29 Gicurasi 1994

605. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D10 giteyeho kashe y'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu kandi cyanditsweho na Musema amagambo «*Fin de mission: 29/05/94* » (Ubutumwa burangiye: 29/05/94). Kiriho kandi umukono w'umuyobozi ushinzwe abakozi n'uwa Musema.

606. Musema yavuze ko we n'umuryango we bavuye mu Gisovu ku itariki ya 29 Gicurasi 1994. Babanje kujya ku ruganda rw'icyayi rwa Shagasha aho bacumbitse muri « *maison de passage* » (inzu y'abashyitsi).

607. Ku byerekeye itariki ya 29 Gicurasi 1994, Musema yasobanuye mu ibaza rinyomoza ko iyo tariki yerekana igihe yarangirije ubutumwa muri OCIR-Ishami ry'icyayi kandi ko yanditse raporo ze hagati y'itariki ya 19 n'iya 29 Gicurasi. N'ubwo yanitaye ku bibazo bye bwite mu gihe yari aho, Musema yishyuje gusa amafaranga yakoresheje mu mirimo y'akazi yagize muri iyo minsi cumi n'umwe. Ubundi yagombaga kwandika umunsi ku wundi amatariki asobanuye kurushaho ari mu kimenyetso gihamya gifite nomero D10 kugira ngo bamwishyure amafaranga yakoresheje. Musema yavuze ko bamwishyuye amafaranga y'iminsi hagati y'itandatu n'umunani y'igihe yamaze mu butumwa, bashingiye ku byo yivugiye.

608. Musema yemeje ko "itariki ya 29 Gicurasi" yari yanditse ku buryo bugaragara ku kimenyetso gihamya, ko umubare « 2 » utanditse hejuru y'umubare « 1 ». Abacamanza bemeye ubwo buhamya.

609. Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D63 cyerekeye « agahimbazamusyi » kahawe kaporali Ndindabahizi kubera iminsi yakoze kuva ku itariki ya 29 Gicurasi kugeza ku ya 17 Kamena 1994, cyashyizweho umukono na Musema ku itariki ya 17 Kamena 1994. Uwo mukaporali ni umwe mu bajandarume boherejwe ku ruganda rw'icyayi na Jandarumeri yo Kibuye kubera impamvu z'umutekano.

- Itariki ya 30 Gicurasi 1994

610. Musema yavuze ko yavuye i Shagasha ku itariki ya 30 Gicurasi 1994, hagati ya saa mbiri na saa tatu agiye i Cyangugu aho yari asanze impuguke zari mu butumwa. Bamaze gukorana inama nyinshi, yasubiye i Shagasha aranaharara.

- Itariki ya 31 Gicurasi 1994

611. Musema yavuze ko ku itariki ya 31 Gicurasi 1994 yasubiye i Cyangugu kubonana n'impuguke zari mu butumwa, arara muri Hôtel des chutes.

612. Ubwunganizi bwatanze fotokopi y'urwandiko rw'abajya mu mahanga [passeport] rwa Musema ho ikimenyetso gihamya gifite nomero D56. Ku rupapuro rwa cumi na kabiri rw'urwo rwandiko hateyeho amakashi yo ku itariki ya 31 Gicurasi 1994. Musema yasobanuye ko yagiye muri Zayire ari kumwe n'izindi mpuguke, ko yasohotse mu Rwanda anyuze mu Bugarama, akinjira muri Zayire anyuze Kamanyoma. Avuga ko uwo munsi baraye bagarutse bava muri Zayire. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D54 ni «Uburenganzira bwo gusohora amafaranga » bwo ku itariki ya 29 Gicurasi 1994 bwemerera Musema gufata amafaranga ya avansi yo kujya mu butumwa muri Zayire.

613. Ibaruwa yo ku itariki ya 2 Kamena 1994 yohererejwe Musema igera ku ruganda rw'icyayi ku itariki ya 4 Kamena, yatanzweho ikimenyetso gihamya gifite nomero

D59. Mu mugereka w'iyo baruwa harimo inyandikomvugo y'inama y'abagoronome yabaye ku itariki ya 31 Gicurasi 1994 ariko itavuga niba Musema yarayigiyemo.

- <u>Kuva ku itariki ya mbere kugeza ku ya 10 Kamena 1994</u>

614. Musema yavuze ko amaze kubonanira i Cyangugu n'intumwa zivuye i Bukavu, yasubiye i Shagasha aho yaraye muri « *maison de passage* » (inzu y'abashyitsi). We n'umuryango we bagumye i Shagasha kugeza ku itariki ya 10 Kamena 1994. Yavuze ko yagumye muri « *maison de passage* » (inzu y'abashyitsi) mu minsi ya mbere, ko hari ijoro rimwe yaraye ku Kitabi, yagiye gushakisha nyirabukwe. Yavuze ko yagombye gutegereza igihe kirekire kurusha uko yabiteganyaga abayobozi b'inganda z'icyayi za Shagasha na Gisakura. Ni bo bari kumugezaho amakuru y'Umuyobozi Mukuru wa OCIR-Ishami ry'icyayi.

615. Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D57 cyerekeye «Autorisation spéciale de circulation CEPGL » (Uburenganzira budasanzwe bwo gutembera mu bihugu bigize umuryango wa CEPGL) bwatangiwe i Cyangugu ku itariki ya 3 Kamena 1994. Musema yavuze ko umuntu witwaje urwo rupapuro yari afite uburenganzira bwo gutembera mu Burundi, mu Rwanda no muri Zayire.

616. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D58 ni ibaruwa yo ku itariki ya 6 Kamena 1994 yashyizweho umukono na Musema, yohererejwe umucuruzi w'i Cyangugu imusaba kugemurira lisansi na mazutu Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu no kubara amafaranga ya ngombwa. N'ubwo iyo baruwa yohererejwe uwo mucuruzi iturutse mu Gisovu, Musema yavuze ko yayandikiye i Shagasha. Yasobanuye ko abayobozi b'inganda z'icyayi za Shagasha na Gisakura bari baramugiriye inama yo gushaka abacuruzi b'i Cyangugu, baranguriraga lisansi na mazutu muri Zayire.

617. Claire Kayuku yavuze ko kuva ku itariki ya 29 Gicurasi kugeza ku ya 7 cyangwa iya 10 Kamena 1994, Musema yagumanye na we n'umuryango we ku ruganda rw'icyayi rwa Shagasha, usibye ijoro rimwe cyangwa abiri yaraye i Bukavu kubera ko umupaka

wari ufunze. Yasobanuye ko muri icyo gihe, Musema yabaga agenda hagati ya Cyangugu na Zayire, ari hamwe n'intumwa zasuzumaga uburyo bagurisha icyayi muri Zayire.

- Kuva ku itariki ya 10 kugeza ku ya 17 Kamena 1994

618. Musema yavuze ko ku itariki ya 10 Kamena yasubiye ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu atari kumwe na ba basirikare babiri bari bategetswe gusubira i Gitarama. Yavuze ko iryo tegeko ryari ryatanzwe na Koloneli Bagaramshe, umukuru wa Jandarumeri y'i Cyangugu. Kubera iyo mpamvu, Koloneli yamuhaye umujandarume w'i Cyangugu wamuherekeje ajya mu Gisovu.

619. Musema avuga ko ku itariki ya 10 Kamena uruganda rwakoraga bisanzwe usibye impungenge zari zihari bitewe n'intambara. Yavuze ko yagumye ku ruganda kugeza ku itariki ya 17 Kamena 1994, akora imirimo ye isanzwe.

620. Yahakanye ko atigeze ajyana abantu mu modoka z'uruganda aho ubwicanyi bwaberaga ariko yemeye ko atashoboraga kugenzura abakozi bose b'uruganda cyane cyane abari hanze y'amazu yarwo. Yavuze kandi ko yabonye lisansi na mazutu byakoreshwaga byariyongereye ku buryo butumvikana kuva ku itariki ya 6 Mata 1994.

621. Ubwunganizi bwatanze ibimenyetso gihamya bwerekana ko muri icyo gihe Musema yakoze mu buryo busanzwe. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D60 ni « note de service » (Amabwiriza yerekeye akazi) yo ku itariki ya 14 Kamena 1994, iriho umukono wa Musema igenewe abashoferi kandi ibasaba kubahiriza amabwiriza amwe n'amwe, gufata neza imodoka zabo no gusobanura uko bakoresha lisansi na mazutu. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D63 ni inyandiko yashyizweho umukono na Musema ku itariki ya 17 Kamena 1994 atanga uburenganzira bwo guha amafaranga y'agahimbazamusyi Kaporali Ndindabahizi. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D61 ni urupapuro rw'ingendo (« *fiche de déplacement* ») rwo ku itariki ya 16 Kamena 1994, ruriho umukono na kashe bya Perefe wa Kibuye, Kilimenti Kayishema, kandi iha

Musema, abajandarume babiri n'umushoferi, uburenganzira bwo kugendera mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (kuva ku itariki ya 17 Kamena kugeza ku ya 17 Nyakanga) mu modoka ifite nomero A9095, muri Cyangugu, Gikongoro, Butare na Gisenyi mu rwego rw'ubutumwa. Musema yavuze ko urwo rupapuro rwazanywe n'umugoronome wari wagiye ku Kibuye ku itariki ya 16 Nyakanga.

622. Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D64 ari cyo ibaruwa yo ku itariki ya 31 Gicurasi 1994 abajandarume babiri bashinzwe umutekano w'uruganda bandikiye Musema basaba imodoka yo kubajyana mu kigo cyabo ku Kibuye. Musema yavuze ko atigeze abona iyo baruwa kandi ko igomba kuba yarashyizweho umukono n'umwe mu bajandarume kubera ko undi yari kumwe na we mu ngendo yagize mu minsi icumi ya mbere ya Kamena.

623. Mu ibaza rinyomoza, Porokireri yashingiye kuri icyo kimenyetso avuga ko Musema yategekaga abo bajandarume. Musema yarabihakanye, yemeza ko abo bajandarume bakomeje gutegekwa na Jandarumori ya Kibuye.

- Itariki ya 17 Kamena 1994

624. Musema yavuze ko ku itariki ya 17 Kamena 1994 yagiye ku ruganda rw'icyayi rwa Shagasha gusura umuryango we no kugura ibintu bimwe na bimwe. Yari kumwe n'umujandarume, ari muri Daihatsu kugira ngo abone uko azana ibyo bintu mu Gisovu.

625. Akigera i Shagasha ahagana saa cyenda cyangwa saa kumi, yabanje kujya kureba umuryango we muri « maison de passage » (inzu y'abashyitsi) y'uruganda rw'icyayi rwa Shagasha, mbere yo kujya ku ruganda rw'icyayi n'i Cyangugu gushaka amakuru no kugura ibintu yari akeneye. Yaraye i Shagasha aho umuryango we wari uri.

626. Ikimenyetso D65 cyatanzwe n'ubwunganizi mu gushimangira ko atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga. Icyo kimenyetso ni urupapuro rw'abajya mu butumwa rwahawe umujandarume waherekeje Musema mu ngendo ze rutanzwe n'umukuru wa

jandarumori ya Kibuye. Amatariki ari ku rupapuro rw'abajya mu butumwa ni ay'igihe yaviriye mu Gisovu ajya i Cyangugu kuri 17 Kamena 1994, igihe yaviriye i Cyangugu ajya mu Gisovu kuri 20 Kamena 1994, igihe yaviriye mu Gisovu ajya ku Gisenyi kuri 21 Kamena 1994, n'igihe yaviriye ku Gisenyi agaruka mu Gisovu kuri 28 Kamena 1994.

627. Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D66 cyerekeye « Pièce de caisse Sortie» (Icyemezo cyo gusohora amafaranga mu isanduku) cyo ku itariki ya 17 Kamena 1994, cyerekana amafaranga yahawe Musema kugira ngo agure ibikenewe ku ruganda. Ubwunganizi bwatanze kandi ikimenyetso gihamya gifite nomero D67. Icyo kimenyetso ni inyandiko yandikishijwe intoki yo ku itariki ya 17 Kamena 1994, Karabudiyani Kanyarwanda, umuyobozi wa MAGERWA, wari warayoboye ubutumwa bwaherukaga kubera muri Zayire, yasigiye umuryango wa Musema i Shagasha. Ubwunganizi bwavuze ko iyo nyandiko igaragaza neza ko uwayanditse yari ategereje kubonana na Musema mu gihe cya hafi.

628. Claire Kayuku, umutangabuhamya ushinjura, yavuze ko yagumye i Shagasha kugeza ku itariki ya 18 Nyakanga 1994.

- Itariki ya 18 Kamena 1994.

629. Musema yavuze ko ku itariki ya 18 Kamena 1994 yagiye i Gihundwe i Cyangugu, gusura abantu bo mu muryango we baturutse i Rubona. I Cyangugu yahaguze kandi ibikoresho akeneye, ahura n'umucuruzi witwa Eliyasi Bakundukiza. Musema yongeyeho ko yaraye i Shagasha.

- Itariki ya 19 Kamena 1994

630. Musema yavuze ko ku itariki ya 19 Kamena 1994 yagiye ku Kitabi no ku Gikongoro agiye gusura abandi bantu bo mu muryango we, barimo nyirabukwe. Yagiye kandi i Rubona gushakisha abandi bantu bo mu muryango we, arara ku Gikongoro.

631. Mu kwemeza koko ko yagiye muri izo ngendo, Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D90 cyerekeye ibaruwa yo ku itariki ya 21 Kamena 1994 yandikiwe i Shagasha n'umutangabuhamya Claire Kayuku. Muri iyo baruwa avugamo ibi bikurikira: « Alfred ntiyicara hamwe, ahora agenda agaruka kandi abonana n'abantu bose, ajya i Butare aho mukuru wanjye w'imfura ari, ku Gikongoro aho mama yahungiye na basaza banjye babiri n'utwana dutatu, i Cyangugu aho turi mu nzu y'abashyitsi. (...) »

- Itariki ya 20 Kamena 1994

632. Musema yavuze ko yagarutse i Shagasha ku itariki ya 20 Kamena mu gitondo kandi ko nyuma uwo munsi yagiye mu Gisovu. Yasobanuye ko yasubiye mu Gisovu kubera ko umuryango we wumvise kuri radiyo itangazo ryatanzwe n'umugabo witwa Kanyarwanda wamusabaga kumusanga ku Gisenyi. Musema yavuze ko yaraye mu Gisovu aho yageze bwije.

633. Ubwunganizi bwatanze ibimenyetso gihamya bwerekana ko uwo munsi Musema yasubiye koko mu Gisovu. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D70 ni ibaruwa yo ku itariki ya 21 Kamena 1994 uruganda rw'icyayi rwandikiye Ndimbati, Burugumesitiri wa Gisovu. Iyo baruwa iriho inyandiko z'ibisobanuro zashyizweho na Musema ku itariki ya 21 Kamena. Iyo baruwa yerekeye umuzamu wa nijoro wakoraga ku ruganda rw'icyayi wari washyikirijwe Burugumesitiri kubera ko, ku bwa Musema, yakekwagaho kugira uruhare mu bwicanyi. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D52 ni inyandikomvugo y'inama yabaye ku itariki ya 28 Gicurasi 1994, Musema yanditseho ku itariki ya 21 Kamena, ko igomba guhabwa abantu bamwe na bamwe.

634. Mu ibaza rinyomoza rirerebana n'ikimenyetso gihamya gifite nomero D70, Musema yasobanuye ko uwo muzamu wa nijoro yari nyakabyizi. N'ubwo Porokireri abibona ukundi, Musema we asanga nta kintu gitangaje muri ubwo buryo bwo gukoresha umukozi. Mu kuvuguruza ikimenyetso gihamya gifite nomero D70 bavugamo ko

bahagarika kwigisha abazamu, Porokireri yatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero P70. Musema yasobanuye ko izo nyigisho ari zimwe n'izo abajandarume bahaye abazamu bashinzwe umutekano w'uruganda. Ibindi byavuzwe mu ibaza rinyomoza byerekeye icyo kimenyetso gihamya n'ibimenyetso bihamya bifite nomero P71 na P72 byari byerekeye ubwoko bw'inyigisho abazamu n'abandi bantu bahawe, n'ikibazo cyo kumenya niba izo nyigisho zarimo no kwiga intwaro kandi zaratanzwe Musema abizi neza. Kubera ko ibyo birego bitari mu Nyandiko y'ibirego, ntibyasuzumwe.

- <u>Kuva ku itariki ya 21 kugeza ku ya 28 Kamena 1994</u>

635. Musema yavuze ko ku itariki ya 21 Kamena 1994, ahagana saa tatu, yagiye ku Gisenyi ari kumwe n'umujandarume, atwaye Pajero ye ifite nomero A7171, agerayo nka saa kumi n'ebyiri. Yagumye ku Gisenyi kugira ngo arangize ubutumwa bwerekeye kohereza icyayi mu mahanga no kubikuza amafaranga muri Banki y'Ubucuruzi yari yarimuriwe ku Gisenyi ivuye i Kigali. Yavuze ko yari ahangayitse cyane kubera umuryango we kandi ko yagerageje kuvugana n'abantu baba hanze y'u Rwanda.

636. Musema yavuze ko muri icyo gihe yagiye kuri Goma muri Zayire mu rwego rwo kohereza icyayi mu mahanga, ko yagarutse gusa mu Gisovu ku itariki ya 28 Kamena ari kumwe n'abajandarume bari baramuherekeje. Musema yasobanuye ko uwo munsi yagiye gushyira amafaranga y'imishahara y'abakozi b'uruganda rw'icyayi muri banki yo ku Kibuye, ajya no mu Gisovu kugenzura imikorerere y'uruganda no guhura n'umuryango we wari wamuhangayikishije cyane. Mu nzira agaruka, Musema n'abamurindaga bakurikiye imodoka nyinshi za gisirikare z'Abafaransa zari zishoreranye, bagera mu Gisovu bujya kwira.

637. Ku byerekeye ayo matariki, Ubwunganizi bwibukije na none ikimenyetso gihamya gifite nomero D65 cyerekeye « urupapuro rw'abajya mu butumwa» rwahawe umujandarume waherekezaga Musema rutanzwe n'umukuru wa Jandarumori ya Kibuye. Kuri urwo rupapuro hariho amatariki akurikira: kuva mu Gisovu ujya ku Gisenyi, itariki ya 21 Kamena, gusubira mu Gisovu uvuye ku Gisenyi, itariki ya 28

Kamena 1994. Ubwunganizi bwibukije na none ikimenyetso gihamya gifite nomero D69 cyerekeye ibaruwa Musema yandikiye ku Gisenyi ku itariki ya 23 Kamena 1994 igenewe inshuti ze z'Abasuwisi. Iyo baruwa yajyanywe n'umubiligi wari umuyobozi wa SOTRAG wari utashye i Burayi.

638. Ubwunganizi bwatanze ibimenyetso gihamya bibiri bwerekana ko muri icyo gihe Musema yagiye koko ku Gisenyi. Mu kimenyetso gihamya gifite nomero D90 cyerekeye ibaruwa yo ku itariki ya 21 Kamena yandikiwe i Shagasha na Claire Kayuku, havugwamo ngo « ubu [Musema] ari ku Gisenyi. Yagiyeyo amaze kwita ku byo buri wese akeneye cyane cyane ku byerekeye umutekano […] nta shiti ko azagerageza kubavugisha nagera kuri Goma [hafi ya Gisenyi], Minisitiri we yamutumyeho byihutirwa, ntawe uzi impamvu ». Mu kimenyetso gihamya gifite nomero D91 cyerekeye indi baruwa Claire Kayuku yanditse ku itariki ya 6 Nyakanga 1994, havugwamo ngo: « Alfred ntaragaruka kuva ku itariki ya 20 Kamena. Mu cyumweru gishize yanyuze mu Gisovu avuye ku Gisenyi. Ahageze yari arwaye amara mu buriri iminsi itatu wenyine nta muti. Ejo yanyohereje akandiko kabimenyesha […]».

639. Mu ibaza rinyomoza rya Claire Kayuku, Porokireri yavuze ko muri icyo gihe Musema yari umwe mu bagize nyirizina Guverinoma y'agateganyo, kandi ko yari i Kabgayi no ku Gisenyi igihe Guverinoma y'agateganyo yari iri aho hantu. Umutangabuhamya yahakanye ibyo, avuga ko ubwo yavugaga uko Musema ateye yakoresheje ijambo « imperturbable » (utagira umususu) kubera ko yari gukora ibishoboka byose kugira ngo umutekano w'uruganda ubungabungwe kandi rukomeze gukora nk'uko Minisitiri yabisabye.

- Kuva ku itariki ya 29 Kamena kugeza ku ya 24 Nyakanga 1994

640. Musema yavuze ko yagumye ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu kugeza ku itariki ya 24 Nyakanga 1994. Ku itariki ya 4 Nyakanga 1994 cyangwa hafi yayo, abasirikare b'Abafaransa bageze ku ruganda rw'icyayi aho bagumye kugeza Musema agenda.

Abasirikare bamwe bari batuye mu kiliziya Musema yari yatangiye kubakisha, abandi mu mazu y'uruganda rw'icyayi.

641. Musema yasobanuye ko ku itariki ya 16 Nyakanga « habaye ikintu » cyatumye Perefe, abajandarume, abacuruzi, ba Burugumesitiri, mbese abantu bose, bava muri Perefegitura ya Kibuye berekeza muri Zayire. Burugumesitiri wa Gisovu na bagenzi be bahunze mu ijoro ryo ku wa 17. Musema yavuze ko atarazi ibyabaga kandi ko nta ruhare yabigizemo. Abakozi b'uruganda rw'icyayi na bo bashakaga guhunga ariko Musema yumvaga ko bagomba gutegereza bakareba uko ibintu bimera mu majyepfo y'igihugu, mu nganda za Shagasha na Gisakura.

642. Musema avuga ko gukora icyayi mu ruganda byahagaze ku itariki ya 19 Nyakanga 1994.

643. Musema yavuze ko ku itariki ya 20 Nyakanga 1994 yohereje intumwa ku ruganda rw'icyayi rwa Shagasha kureba umugore we. Iyo ntumwa yasanze ariko uruganda rwarasenyutse kandi bararutaye. Amaze kumenya iyo nkuru, Musema yarahangayitse afata icyemezo cyo kujya i Cyangugu n'i Shagasha.

644. Musema yavuze ko ku itariki ya 24 Nyakanga yagiye i Cyangugu atwaye imodoka ye, agezeyo yambuka n'amaguru umupaka wa Zayire agana i Bukavu gushaka umuryango we mu bihumbi by'impunzi zari zihakoraniye. Ku bw'amahirwe yabonye umwe mu bahungu be hafi y'aho bacururiza lisansi, ubundi akora uko ashoboye abona umugore we n'abana be n'abandi bantu bo mu muryango we. Musema yavuze ko yasobanuriye umugore we ko atashoboraga gutererana uruganda, maze asubira mu Gisovu uwo munsi.

645. Hari ibimenyetso gihamya Ubwunganizi bwatanze bwerekana ko Musema yari ku ruganda muri icyo gihe kandi ko yakoze imirimo imwe n'imwe yari imutegereje igihe yari mu ngendo hagati y'itariki ya 21 n'iya 28 Kamena. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D71 kigizwe n'amabaruwa abiri yanditswe ku itariki ya 21 Kamena 1994 na

Perefe wa Kibuye. Iya mbere yayoherereje Musema amubaza amakuru yerekeye umubare w'abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Iya kabiri yayoherereje Burugumesitiri n'umukuru w'imirimo mu ruganda rw'icyayi abamenyesha ko ari ngombwa gushaka amafaranga no gufungura konti muri banki yo kuyashyiraho kugira ngo abaturage bashobore kwirindira umutekano. Kuri ayo mabaruwa yombi hariho ibisobanuro Musema yanditseho ku itariki ya 29 Kamena 1994. Musema yavuze ko yabonye atari ngombwa gusubiza ibaruwa ya kabiri. Ubwunganizi busanga icyo ari igikorwa kigaragara cyerekana ko icyaha Porokireri arega Musema cyo kuba yaragize uruhare mu bwicanyi kidafite ishingiro.

646. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D72 ni ibaruwa yageze ku ruganda rw'icyayi ku itariki ya 29 Kamena 1994. Musema yemeje ko yibeshye akandika itariki ya 28 Kamena 1994. Iyo baruwa yoherejwe na Burugumesitiri Ndimbati amenyesha abo ayoherereje ko hafunguwe konti muri banki igenewe gushyirwaho amafaranga yo gufasha abaturage kwirwanaho kandi ko ari ngombwa gutanga umusanzu kugira ngo barwanye kandi batsinde Inkotanyi. Musema yavuze ko atatanze umusanzu muri icyo kigega. Ibyo yanditse kuri iyo baruwa yari amabwiriza yatanze ngo ishyikirizwe abakuru b'imirimo, noneho nabo bayitange.

647. Mu bindi bimenyetso byatanzwe n'Ubwunganizi harimo ikimenyetso gihamya gifite nomero D73 cyerekeye ibaruwa yageze ku ruganda rw'icyayi ku itariki ya 27 Kamena 1994 kandi iriho amabwiriza Musema yanditseho ku itariki ya 29 Kamena. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D74 cyerekeye ibaruwa yageze ku ruganda rw'icyayi ku itariki ya 8 Nyakanga 1994, Burugumesitiri wa Gisovu yoherereje Musema asubiza ibaruwa yatanzwe nk'ikimenyetso gihamya gifite nomero D70. Musema yagize ibyo avuga ku ibaruwa yo ku itariki ya 9 Nyakanga 1994. Avuga ko umuzamu, ku giti cye, atagomba kwemererwa guhabwa imyitozo yo gukoresha intwaro. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D75 ni urutonde rw'ibikoresho byahawe abasirikare b'Abafaransa, rwo ku itariki ya 5 Nyakanga kandi rwashyizweho umukono na ajida Jean Pierre Peigne. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D76 ni ibaruwa yo ku itariki ya 8 Nyakanga 1994 Musema yandikiye inshuti ze z'Abasuwisi ayinyujije ku

basirikare b'Abafaransa. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D77 cyo ku itariki ya 13 Nyakanga 1994 kiriho umukono wa Musema, cyerekeye amafaranga bahaye kaporali Ndindabahizi bamwishyura ayo yatanze igihe yari ku ruganda rw'icyayi kuva ku itariki ya 18 Kamena kugeza ku ya 13 Nyakanga 1994. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D78 ni ibaruwa yo ku itariki ya 13 Nyakanga 1994, Musema yoherereje umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi, amumenyesha imibare irebana n'ibyo uruganda rwagezeho mu gihembwe cya mbere 1994. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D80 ni ibaruwa yo ku itariki ya 18 Nyakanga 1994 Musema yoherereje abayobozi b'inganda z'icyayi za Gisakura na Shagasha abasaba kumumenyesha niba bishoboka gucumbikira imiryango y'abakozi be mu nganda zabo kubera ibibazo by'umutekano byariho. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D81 ni ibaruwa Kapiteni Lecointre wo mu ngabo z'Abafaransa yandikiye Musema ku itariki ya 18 Nyakanga 1994. Uwanditse iyo baruwa yavugaga ko avuye muri ako karere, ko agiye mu kandi. Yavugaga ko Liyetona Beauraisain ari we uzayobora ingabo zari zikambitse mu Gisovu. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D82 ni ibaruwa yo ku itariki ya 20 Nyakanga 1994 abakozi bandikiye Musema bamusaba guhemberwa amasaha y'ikirenga. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D83 ni ibaruwa yo ku itariki ya 22 Nyakanga Musema yandikiye Koloneli Sartre amushimira ko yitaye ku mutekano w'uruganda. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D22 ni inyandiko yanditswe n'intoki yerekeye gusubiza imbunda abasirikare b'Abafaransa ku itariki ya 24 Nyakanga 1994.

- Tariki ya 25 Nyakanga 1994

648. Musema yavuze ko yageze aho ava ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu ku itariki ya 25 Nyakanga 1994, yambuka umupaka wa Zayire nta modoka afite, akaba ari bwo yavuye mu Rwanda burundu.

**Imyanzuro ku byabaye**

649. Urugereko rwasuzumye ubuhamya bw'abagabo, ibimenyetso byatanzwe bigamije gushimangira ibyabaye, runasuzuma imyiregurire ya *alibi* ya Musema. Urugereko

rugiye noneho gutanga imyanzuro yarwo ku byabaye uko byagiye bikurikirana. Kubera ko Porokireri ari we ugomba gutanga ibimenyetso, Urugereko rurabanza gusuzuma mbere na mbere ibimenyetso bishinja, noneho nirusanga bifite ishingiro, rusuzume imyiregurire ya *alibi*, mbere yo kurangiriza ku myanzuro yarwo.

- Tariki ya 15 Mata 1994

*Ku byerekeye ibivugwa*

650. N'ubwo umutangabuhamya wiswe BB yavuze ko, ku byerekeranye n'ibyabaye ku itariki ya 15 Mata 1994, abakozi ba Gisakura n'aba Muko bamubwiye ko abantu babonye Musema muri Komini Musebeya na Komini Muko, atwaye kamyo yo mu bwoko bwa Daihatsu ipakiye abantu bitwaje amacumu n'imihoro, Urugereko rusanga ubwo buhamya bushingiye gusa ku byo uwo mugabo yumvanye abandi kandi nta wundi mu batangabuhamya wahamagajwe mu Rukiko wigeze abushimangira. Ikindi kandi, Porokireri nta yindi ngingo yatanze cyangwa ikindi kimenyetso cy'inyongera, bigamije gushimangira ubwo buhamya.

651. Bityo rero, Urugereko rusanga bitaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari muri Komini Musebeya na Komini Muko, atwaye kamyo yo mu bwoko bwa Daihatsu, ipakiye abantu bitwaje amacumu n'imihoro.

- Umunara wa radio FM wo ku musozi wa Karongi, tariki ya 18 Mata 1994

*Ku byerekeye ibyabaye bivugwa*

652. Urugereko rwasuzumye ubuhamya bw'umugabo wiswe M bwerekeye inama yabereye ku musozi wa Karongi ku itariki ya 18 Mata 1994. Nk'uko byavuzwe haruguru mu cyiciro cyahariwe ibimenyetso, Urugereko rushobora ubusanzwe, kwifashisha ubuhamya bumwe rukumbi ku bikorwa bimwe na bimwe, ntibibe ngombwa ko hagira ikindi kibushimangira.

653. Urugereko rusanga umutangabuhamya wiswe M avuga ukuri. Mu gihe cyose yatanze ubuhamya, ibyo yavuze byose byari mu mujyo umwe. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya ntiyateshutse ku byo yavuze mbere. Urugereko rukaba rwemera rero ko yashoboye kubona no kumva Musema afata ijambo imbere y'abantu bari mu nama yabereye ku musozi wa Karongi. Amwe mu magambo Musema yavuze yahamagariraga abari mu nama kwishyira hamwe bakarwanya umwanzi wabo rusange, ni ukuvuga abatutsi, bagakiza igihugu cyabo uwo mwanzi. Musema yavuze kandi ko ku byerekeye igihembo, abadafite akazi bazafata imyanya y'abishwe, kandi ko bazigarurira amasambu n'imitungo by'abatutsi. M yumvise kandi Musema avuga ko abashakaga kwidagadura, bashoboraga gusambanya ku gahato abagore n'abakobwa b'abatutsikazi, nta gutinya ingaruka.

654. Mu myanzuro yabwo yo mu magambo, Ubwunganizi bwashyigikiye ko ibyo umutangabuhamya wiswe M yavuze bidakwiye kwemerwa kubera ko nta kuntu atari kuvumburwa mu kazu yarimo, ko inama yabereye mu mpinga y'umusozi aho kubera aho utangirira, kandi ko bitangaje kuba uwo mugabo yarategereje imyaka hafi itanu (ubuhamya bw'umugabo bwo ku itariki ya 13 Mutarama 1999) mbere yo gutanga ubuhamya ku bintu yahagazeho.

655. Urugereko rwasuzumye izo ngingo zose rusanga nta cyo zihindura ku kuri k'umutangabuhamya. Urugereko rusanga kuba umutangabuhamya ataravumbuwe mu kazu bitavuga ubwabyo ko ari ikintu kidashoboka. Umutangabuhamya yasobanuye mu buryo burambuye ukuntu yagendaga yimuka mu byumba byombi by'ako kazu kugira ngo batamuvumbura. Yavuze impamvu ebyiri zatumye inama yarabereye mu mpinga y'umusozi wa Karongi. Iya mbere abari mu bitero bashoboraga kuhabonera imbunda. Iya kabiri ni imiterere y'aho hantu yatumaga bashobora kubona inkambi y'impunzi, yaje no guterwa nyuma yaho. Urugereko rusanga kuba umugabo yarategereje imyaka itanu kugira ngo atange ubuhamya bidateye ikibazo kubera ko yabutanze ari uko abantu bo mu biro bya Porokireri baje kumureba.

*Ku byerekeye imyiregurire ya* alibi

656. Mu myiregurire ye ya *alibi*, havugwamo ko Musema yavuye mu Gisovu ku itariki ya 17 Mata, kandi ko ku itariki ya 18 Mata yari i Rubona n'i Gitarama.

657. Porokireri yahakanye iyo tariki yanyuma ashingiye ku ibaza ryabaye mbere incuro nyinshi no ku ngengabihe yakozwe na Musema muri 1996, byerekana byose ko Musema yavuye mu Gisovu iminsi ibiri mbere y'iriya tariki, ni ukuvuga ku itariki ya 15 Mata. Ikindi kandi umutangabuhamya ushinjura, Claire Kayuku, umugore wa Musema, yavuze ko yamubonye agarutse i Rubona ku itariki ya 16 cyangwa iya 17 Mata 1994.

658. N'ubwo hakiri ugushidikanya ku byerekeye itariki nyayo Musema yagendeyeho, Urugereko rusanga ariko, nk'uko biteye mu buhamya bwa Musema, ubwa Claire Kayuku n'ubw'abandi batangabuhamya, ingingo za Porokireri kuri icyo kibazo zituma umuntu atekereza ko Musema atari mu bice by'aho umunara wa FM wubatse ku musozi wa Karongi ku itariki ya 18 Mata, ko mu by'ukuri, yari yaravuye mu Gisovu mbere y'iyo tariki yavuze mu buhamya yatanze mu rubanza. Nta bundi buhamya, uretse ubw'umugabo wiswe M, buvuga ko uwo munsi Musema yari ku munara wa FM wa Karongi. Porokireri ntiyasobanuye ukuntu n'igihe Musema yaviriye i Rubona, agiye muri Perefegitura ya Kibuye kuyobora iyo inama. Urugereko rusanga ibyo bintu bituma umuntu yashidikanya ku bivugwa na Porokireri ko Musema yagiye mu nama yabereye ku munara wa FM ku musozi wa Karongi ku itariki ya 18 Mata 1994.

*Imyanzuro:*

659. Bityo rero, Urugereko rusanze hakiriho ugushidikanya ku kuba Musema yari mu nama yabereye ku musozi wa Karongi ku itariki ya 18 Mata, rushingiye ku buhamya bwe n'ubwa Claire Kayuku bwerekeye *alibi* no ku bimenyetso bya Porokireri byerekana gusa ko Musema yavuye mu Gisovu mbere y'igihe avuga, ariko bikaba biterekana ko Musema atashoboraga kuba yari i Gitarama ku itariki ya 18 Mata.

660. Bityo rero, Urugereko rusanze ubuhamya bwatanzwe n'umugabo wiswe M bwonyine budahagije kugira ngo hemezwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagiye mu nama ku munara wa radiyo FM ku musozi wa Karongi ku itariki ya 18 Mata 1994.

- <u>Tariki ya 20 Mata cyangwa hafi yayo, n'itariki ya 26 Mata 1994</u>

661. Abagabo bashinja batanze ubuhamya ku bikorwa byabaye ku itariki ya 20 Mata cyangwa ahagana hafi yayo, no ku tariki ya 26 Mata 1994. Kubera ko imyiregurire ya *alibi* ya Musema idashingiye ku buryo bw'umwihariko kuri ayo matariki, ahubwo ikaba yerekeye kiriya gihe cyose kivugwa, Urugereko rurabanza gusuzuma buri kintu kivugwa n'ukuri kw'abatangabuhamya, mbere yo gusuzuma *alibi*, nyuma rufate imyanzuro yarwo.

- <u>Tariki ya 20 Mata cyangwa hafi yayo, hafi y'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu</u>

*Ku byerekeye ibyabaye bivugwa*

662. Umutangabuhamya wiswe K yavuze ko ku itariki ya 20 Mata cyangwa hafi yayo, ubwo yari yihishe, yabonye Musema atwaye abari mu gitero, hafi y'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. K yavuze ko abo bantu, barimo abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu n'abandi baturutse ku Gikongoro, bajyanywe mu karere ka Bisesero kwica Inyenzi.

663. Ku byerekeye ibyaba byarabaye ku itariki ya 20 Mata cyangwa hafi yayo, Urugereko rwasuzumye ubuhamya bw'umugabo wiswe K, rusuzuma n'ibyo yavuze mbere, maze rusanga, biturutse ku ibaza rinyomoza, hari ukwivuguruza hagati y'ibyo yavugiye mu rukiko n'ibyo yavuze mbere. Urugereko, kimwe n'Ubwunganizi, rwabajije umutangabuhamya kuri uko kwivuguruza, cyane cyane ku gihe yavuze ko yamaze yihishe mu murima w'icyayi, ku nyandiko yaba yarabonye ku gasozi ka Muyira

bamaze kuhica abantu, no ku buryo yakoreshaga kugira ngo yibuke amatariki y'ingenzi.

664. Urugereko rusanga umutangabuhamya yarasubije ibyo bibazo ku buryo bwa nyirarureshwa kandi ko yivuguruje kenshi kandi ku ngingo nyinshi z'ingenzi. Mu gihe yatangaga ubuhamya, uwo mugabo yasabye ko ijambo « kwandika » risimbuzwa ijambo « gufata mu mutwe » muri bimwe yavuze, avuga ko asanga ari ingirakamaro ku byerekeye ubuhamya yatanze, kubera ko ari byo byamufashije kwibuka amatariki y'ibyabaye yatangiraga ubuhamya.

665. Urugereko rwemera ko, kubera uburyo ubuhamya bwakiriwemo mu gihe urubanza rwategurwaga, ubwo buhamya bushobora kubamo ukwibeshya cyangwa ibitari ukuri neza. Cyakora, ku byerekeye ubu buhamya, amakosa umutangabuhamya ashaka gukosora yerekeranye n'ibintu bikomeye biri mu buhamya yatanze ku birebana n'uruhare rwa Musema mu byabaye, n'uburyo abyibukamo. Ikindi kandi, Urugereko rusanga ayo makosa yarimo atakwitirirwa gusa abakoze iperereza n'uburyo bakoresheje kugira ngo bakire ubuhamya mu gihe urubanza rwategurwaga. Urugereko rusanga ahubwo ayo makosa atuma umuntu ashidikanya ku kuri no ku ireme ry'ubwo buhamya, rukaba rusanga kandi uko kwivuguruza gukabije ku buryo ukuri k'uwo mutangabuhamya kwakemangwa. Bityo rero, Urugereko rusanga ubuhamya bwatanzwe n'umugabo wiswe K butakwizerwa bihagije ku buryo bwakwakirwaho ikimenyetso.

666. Bityo, Urugereko ntirwemera ku buryo budashidikanywaho ko ku itariki ya 20 Mata cyangwa hafi yayo, Musema yatwaye mu modoka z'uruganda rw'icyayi abakozi b'urwo ruganda n'abantu baje gutera baturuka ku Gikongoro, abajyanye aho ubwicanyi bwabereye mu karere ka Bisesero nk'uko bivugwa n'umutangabuhamya wiswe K.

- Tariki ya 26 Mata 1994, agasozi ka Gitwa

*Ku byerekeye ibyabaye bivugwa*

667. Urugereko rwasuzumye ubuhamya rukumbi bwatanzwe n'umugabo wiswe M yatanze ku byerekeranye n'igitero avuga ko Musema yayoboye cyagabwe ku gasozi ka Gitwa, ku itariki ya 26 Mata 1994, hashize iminsi itandatu uwo mutangabuhamya avuye aho yari yihishe ku munara wa radiyo FM ku musozi wa Karongi. Umutangabuhamya yavuze ko muri icyo gitero yabonye Musema ari mu modoka ya Daihatsu y'uruganda rw'icyayi, n'izindi modoka nyinshi yavuze uko zari zimeze ubwo yatangaga ubuhamya. Musema hamwe n'abandi bantu benshi, bamwe muri bo bakaba bari bambaye amakoma bakenyeje imuhurura, baba baragiye mu gitero simusiga cyagabwe ku gasozi ka Gitwa. Musema yaba yararashe amasasu yerekeza aho imbaga y'impunzi yari iri.

668. Umutangabuhamya avuga ko icyo gitero ari cyo cyari kinini kurusha ibindi byose yabonye kandi ko yari akikibuka neza kubera ko yarebye ku isaha ya elegitoronike yambaraga ku kuboko muri icyo gihe. N'ubwo mu gihe cy'ibaza rinyomoza umutangabuhamya atashoboye kwibuka itariki nyayo yari amaze amezi atatu atanzeho ubuhamya, Urugereko rusanga uko kwibagirwa kutabuza kwemera ubuhamya bwe. Urugereko rusanga, muri rusange, umutangabuhamya yaravuze ukuri, atarivuguruje, kandi ataragiye aca ku ruhande mu buhamya bwe.

*Ku byerekeye* alibi

669. Ku byerekeye *alibi* Musema yireguza, Urugereko rusanga iyo myiregurire itibanda ku buryo bw'umwihariko ku itariki ya 26 Mata, ahubwo ishingiye ku butumwa n'ingendo zajyanaga na bwo. Ubwunganizi bwemeza ko ku itariki ya 18 Mata 1994, ubwo Musema yarimo ashakisha abakuru b'imirimo ba OCIR-ishami ry'icyayi i Gitarama, yahuye na Yusitini Mugenzi, Minisitiri w'Inganda, Ubucuruzi n'Ubukorikori, ariko batabisezeranye. Amaze kubwira Musema ko ahangayikishijwe n'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, Minisitiri yamubwiye ko azamwohereza mu butumwa kubonana

n'umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi kugira ngo bongere gutangiza inganda.

670. Nk'uko bivugwa mu myiregurire ye ya *alibi*, Musema wari i Rubona muri icyo gihe cyose, yaje gusubira i Gitarama ku itariki ya 21 Mata 1994, ubwo yongeye guhura na Yusitini Mugenzi na Minisitiri w'Imirimo ya Leta, Amazi n'Ingufu, batabisezeranye, ariko noneho bagahurira aho bacururiza lisansi kuri FINA. Mugenzi yagejeje kuri Musema ingamba yafashe kugira ngo abungabunge umutekano w'uruganda, amubwira kandi ko atashoboye kuvugana na Bwana Baragaza, umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi. Ubwo Musema yumvise ko agomba kujya mu majyaruguru y'igihugu kumushaka. Minisitiri yabwiye Musema ko azategura impapuro za ngombwa, noneho akajya kuzifata kwa Fawusitini Nyagahima, umuyobozi muri Minisiteri y'Inganda, Ubucuruzi n'Ubukorikori. Ubwo bahuriraga aho bacururiza lisansi kuri FINA, Bwana Mugenzi yahaye uburenganzira Minisitiri w'Imirimo ya Leta, Amazi n'Ingufu, bwo gushyira umukono ku rupapuro rw'abajya mu butumwa.

671. Ku itariki ya 22 Mata 1994, Musema yavanye kwa Bwana Nyagahima « urupapuro rw'abajya mu butumwa » (ikimenyetso gihamya gifite nomero D10). Urwo rupapuro rwari ruteyeho kashe ya Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga, Musema avuga ko icyo gihe ari yo Minisiteri yonyine yari ifite kashe i Gitarama. Musema yahawe abajandarume babiri bo mu kigo cy'abasirikare cy'i Gitarama, nyuma ajya ku ruganda rw'icyayi rwa Pfunda, arahaguma kugeza ku itariki ya 25 Mata. Musema yavuze ko amagambo yandikishije intoki ngo "yageze i Pfunda ku itariki ya 21 Mata 1994",yiyandikiye ubwe ku kimenyetso gihamya gifite nomero D10, yibeshye ku itariki, kuko yageze ku ruganda rwa Pfunda ku itariki ya 22 Mata. Mu bimenyetso yatanze ashimangira ubwo buhamya, harimo ikimenyetso gihamya gifite nomero D28 cyerekeye inyandiko « *Déclaration de créances* » (Kwishyuza amafaranga) yateguwe bishyuza amafaranga yatanzwe na OCIR-ishami ry'icyayi (Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu), yahembwe abajandarume babiri kubera akazi bakoze hagati y'itariki ya 22 Mata 1994 n'iya 2 Gicurasi 1994. Iyo nyandiko iriho umukono w'umucungamari mukuru w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu.

672. N'ubwo yasuye gusa uruganda rw'icyayi rwa Pfunda muri icyo gice cy'ubutumwa, Musema yemeye ko yumvise ashobora kongera muri raporo ye y'agateganyo inganda z'icyayi za Nyabihu na Rubaya (ikimenyetso gihamya gifite nomero D29) kubera ko yahuye n'abayobozi b'izo nganda igihe yari muri urwo rugendo.

673. Ku byerekeye imyiregurire ya *alibi*, Musema avuga ko ku itariki ya 25 Mata, yasubiye i Gitarama amaze guhurira ku Mukamara n'umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi, wemereye Musema gukomeza ubutumwa bwe, amaze gusoma ibikubiye muri raporo y'agateganyo. Musema yaraye i Gitarama, bukeye ajya i Rubona.

674. Claire Kayuku,umutangabuhamya ushinjura yavuze ko Musema yavuye i Rubona ku itariki ya 22 Mata agiye ku Gisenyi, akaba yaragarutse ku itariki ya 26 Mata, akaharara.

675. Urugereko rwasuzumye ibivugwa na Porokireri ko urupapuro rw'abajya mu butumwa ari uruhimbano kandi ko n'amakashe ya za minisiteri na yo ari amahimbano. Porokireri yemeza kandi ko ibyo Musema avuga ko yahuye na Baminisitiri batabisezeranye, akaba ari byo byatumye yoherezwa mu butumwa, bidahwitse. Porokireri avuga ko urupapuro rw'abajya mu butumwa rwanditswe, rugamije gusa kuyobya Urugereko no guhisha uburemere bw'uruhare Musema yagize mu bwicanyi bwabaye. Porokireri avuga kandi ko raporo Musema yakoze atararangiza ubutumwa yari ikubiyemo ibintu bike ku buryo bukabije ugereranije n'imiterere y'ubutumwa yari arimo. Ikindi kandi, umutangabuhamya ushinja wiswe BB yemeje ko urupapuro rw'abajya mu butumwa rutasaga n'urwari rusanzwe rukoreshwa muri OCIR-ishami ry'icyayi.

676. Rumaze gusuzuma imyiregurire ya *alibi* n'ubuhamya bw'umugabo ushinjura, Urugereko rusanga ibimenyetso bishingiye ku nyandiko, bisuzumiwe hamwe n'ubuhamya bwa Musema, byerekana ibintu bimwe na bimwe bivuguruzanya, byinshi muri byo bikaba byaragaragajwe na Porokireri. Uko kwivuguruza kwerekeye cyane cyane ukuri kwa ririya hura Uregwa avuga ko ritari kuri gahunda, itariki nyakuri

ubutumwa bwatangiriyeho, ugukusanyiriza amakashe ya za Minisiteri ku rupapuro rw'abajya mu butumwa, n'ibikubiye muri raporo y'agateganyo yakozwe na Musema.

677. Urugereko rwasuzumye kandi ibisubizo Musema yatanze asobanura uko kwivuguruza. Urugereko ntirwanyuzwe ariko n'ibyo bisobanuro, bityo, ku bireba icyo gihe, rukaba rutakwemera imyiregurire ya *alibi* ye.

*Imyanzuro ku byabaye:*

678. Nk'uko byavuzwe haruguru, ubuhamya bw'umugabo wiswe M bukwiye kwemerwa ku byerekeranye n'igitero cyagabwe ku gasozi ka Gitwa ku itariki ya 26 Mata 1994. Urugereko rusanga kandi *alibi* ya Musema kubyerekeye iyo tariki, itakwemerwa kandi ko irimo ukwivuguruza ku bintu bikomeye. Ibisobanuro Musema yatanze kuri uko kwivuguruza ntibyanyuze Urugereko.

679. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagiye mu gitero cyagabwe ku gasozi ka Gitwa ku itariki ya 26 Mata 1994. Ikindi kandi, byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yageze aho igitero cyabereye ari muri imwe mu modoka zo mu bwoko bwa Daihatsu z'uruganda rw'icyayi, ko we ubwe n'abandi, bamwe muri bo bakenyeye imihurura banambaye amakoma, bagiye mu gitero simusiga cyagabwe ku mpunzi, kandi ko Musema yarashe mu kivunge cy'izo mpunzi.

- Impera za Mata – intangiriro za Gicurasi 1994, udusozi twa Muyira na Rwirambo

*Ku byerekeye ibyabaye bivugwa:*

680. Urugereko rwibanze ku buhamya bw'abagabo biswe F na R bwerekeye uruhare Musema yaba yaragize mu bitero byagabwe ahagana mu mpera za Mata no mu ntangiriro za Gicurasi 1994.

681. Umutangabuhamya wiswe F yavuze ku byerekeye igitero yiboneye cyagabwe ku gasozi ka Muyira hagati y'itariki ya 17 n'iya 30 Mata 1994. Yavuze ukuntu abari bagabye igitero baturutse mu Gisovu na Gishyita berekeje ku gasozi ka Muyira, bagaba igitero cya mbere cyakomwe imbere n'impunzi. Abaje gutera barisuganyije, noneho bagaba igitero cya kabiri nyuma y'igice cy'isaha. F yabwiye Urugereko ko yabonye Musema muri ibyo bitero, ko yari yitwaje imbunda y'umukara iringaniye, ko yarashe ku mpunzi zari zagose umupolisi, noneho agahungira ku modoka ye y'ivatiri itukura.

682. Naho umutangabuhamya wiswe R yavuze ko hari igitero cyagabwe ku gasozi ka Rwirambo ahagana mu mpera z'ukwezi kwa Mata cyangwa mu ntangiriro z'ukwezi kwa Gicurasi 1994. Yemeza ko yamenye Musema wari witwaje imbunda, kandi ko yabonye aho hantu imodoka zirimo kamyoneti enye z'uruganda rw'icyayi zarimo Interahamwe. Umutangabuhamya yasobanuye ko ubwo yahungaga, yafashwe ku kaboko n'isasu ryari riturutse aho Musema yari ari kumwe n'undi muntu.

683. Urugereko rusanga uyu mugabo yaratanze ubuhamya mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana yarahawe izina rya «JJ». Ubwunganizi bwasanzemo ukwivuguruza kugaragara hagati y'ubuhamya uwo mugabo yatanze mu rubanza rwavuzwe haruguru n'ubuhamya atanga muri uru rubanza ku byerekerekeye uko yivuje igikomere cy'isasu.

684. Rumaze gusuzuma ingingo zatanzwe n'Ubwunganizi ku byerekeye uko kwivuguruza n'ibisobanuro umutangabuhamya abitangaho, Urugereko rusanga umutangabuhamya wiswe R avuga ukuri. Ibibazo Ubwunganizi bwabajije ku byerekeye itariki umutangabuhamya yakomerekeyeho n'imiti yahawe ntibigaragaza ukwivuguruza hagati y'ubuhamya yatanze mu rubanza n'ubwo yatanze mbere mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana. Yasobanuye ko yabonye penisilini hashize igihe akomeretse, ko mbere y'aho, igikomere yakivuzaga amavuta y'inka. Ku byerekeye amatariki, Urugereko rusanga itariki ya 29 Mata iri koko hagati y'itariki ya 27 Mata n'iya 3-4 Gicurasi. N'ubwo ubuhamya butanga itariki nyakuri ku byabaye ari bwo bwerekana neza uko ibintu byagenze, biragaragara ko ubwo buhamya bwombi butavuguruzanya.

*Ku byerekeye imyiregurire ya* alibi:

685. Urugereko rusanga Porokireri yemeza ko igitero cyo ku itariki ya 13 Gicurasi cyabaye hashize icyumweru n'igice cyangwa ibyumweru bibiri by'agahenge. Bityo, rusanga ibitero abatangabuhamya biswe R na F babonye, byaragabwe mbere y'itariki ya 3 Gicurasi 1994.

686. Urugereko rusigaje rero gusuzuma imyiregurire ya *alibi*, hagati y'itariki ya 26 Mata n'iya 2 Gicurasi.

687. Musema yavuze ko ku itariki ya 27 Mata yari i Rubona, ko ku itariki ya 28 Mata yasuye uruganda rwa Kitabi, nyuma akagaruka i Rubona, nk'uko kashe n'itariki yahagereyeho, biri ku kimenyetso gihamya gifite nomero D10 bibyerekana. Porokireri ntiyahakanye ayo matariki n'izo ngendo. Ku itariki ya 29 Mata, Musema, ari kumwe n'abajandarume babiri, yagiye mu Gisovu anyuze i Butare, Gikongoro na Gasaranda, agerayo ku mugoroba. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D10 giteyeho kashe y'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu kandi kiriho itariki nyayo yahagereye, ni ukuvuga ku wa 29 Mata 1994. Musema yagumye ku ruganda kugeza ku itariki ya 2 Gicurasi, akora akazi. Mu gushyigikira izo ngingo, Ubwunganizi bwatanze ibimenyetso gihamya bimwe na bimwe birimo raporo z'inama zabaye ku itariki ya 29 n'iya 30 Mata hamwe n'amabaruwa. Ku itariki ya 30 Mata, Musema yagiye kwa Perefe wa Kibuye wamuhaye « autorisation de circulation » (uburenganzira bwo gutembera), avugamo urupapuro rwo kujya mu butumwa. Ku itariki ya 2 Gicurasi, hagati ya saa yine na saa tanu, Musema yavuze ko yagiye i Shagasha, aho yageze mbere ya saa moya za nimugoroba. Avuga ko bukeye bwaho yasuye uruganda rw'icyayi rwa Shagasha, akaba ari yo mpamvu itariki ya 3 Gicurasi 1994 ari yo yanditse ku kimenyetso gihamya gifite nomero D10 nk'itariki yagereyeho kuri urwo ruganda.

*Imyanzuro y'Urugereko:*

688. Urugereko rwasuzumye ubuhamya bw'abagabo biswe F na R, rusanga bukwiye kwemerwa. Musema yemera ko yari mu Gisovu kuva ku itariki ya 29 Mata kugeza ku ya 2 Gicurasi kugira ngo yite ku bibazo by'uruganda. Bityo, urebye intera iri hagati ya Gisovu n'aho ibitero byabereye, Urugereko rusanga bishoboka ko Musema yari ku ruganda rw'icyayi akora imirimo ye isanzwe, akanajya no mu bitero, n'ubwo ataba yarabikoreye igihe kimwe. Na none kuba yaragiye ku Kibuye ku itariki ya 30 Mata, ntibibuza ko yaba yaragiye mu gitero cyabaye uwo munsi.

689. Cyakora Urugereko rusanze hari ikibazo cy'uko umutangabuhamya wiswe F atavuze itariki nyayo ibitero byagabiweho. F avuga ku gitero cyagabwe hagati y'itariki ya 17 n'iya 30 Mata. Niba, nkuko F abibona, icyo gitero kitarabaye mbere y'itariki ya 17 Mata, umuntu yakumva ko cyagabwe hagati mu kwezi kwa Mata, aho kuba mu mpera z'uko kwezi.

690. Mu gushaka gusobanukirwa kurushaho iyo ngingo, Urugereko rwumvise imyanzuro yo mu magambo ya Porokireri ivuga mu buryo burambuye uko ibyabaye n'ubwicanyi byagiye bikurikirana muri Mata na Gicurasi. Rusanga ariko nta cyo avuga ku buhamya bw'umugabo wiswe F no ku gitero Musema yaba yaragiyemo; ibyo rero bikaba byiyongera ku rwijiji n'ishidikanya iyo ngingo yari yamaze gutera.

691. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga bitaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagiye mu gitero cyagabwe hagati y'itariki ya 17 n'iya 30 Mata.

692. Ku byerekeye umutangabuhamya wiswe R wavuze ko Musema yagiye mu gitero cyagabwe ahagana mu mpera za Mata no mu ntangiriro za Gicurasi, Urugereko rusanga ubuhamya bwe na bwo burimo urwijiji ku byerekeye itariki nyayo igitero cyagabiweho. Haseguriwe ibimaze kuvugwa haruguru, igihe yatangaga ubuhamya mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, uwo mutangabuhamya yasobanuye neza ko yakomeretse ku itariki ya 29 Mata ubwo igitero cyagabwaga. Bityo, Uregereko

rwemera ko byagaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko hari igitero cyagabwe hagati y'itariki ya 27 Mata n'iya 3 Gicurasi 1994 ku gasozi ka Rwirambo.

693. Urugereko rusanga na none ko imyiregurire ya *alibi* itatuma ubuhamya bw'umugabo wiswe R bukemangwa, ko ubwo buhamya buboneye kandi bwakwizerwa. Kubera izo mpamvu, rusanga Musema, wari witwaje imbunda, hamwe n'abandi bantu batamenyekanye, n'Interahamwe zaje mu modoka nyinshi zirimo kamyoneti enye z'uruganda rw'icyayi, baragiye mu gitero cyagabwe hagati y'itariki ya 27 Mata n'iya 3 Gicurasi 1994 ku gasozi ka Rwirambo. Urugereko rusanga na none ko mu gihe R yahungaga, yarakomerekejwe ku kaboko n'isasu ryari riturutse aho Musema yari ari.

- Ibitero byagabwe hagati muri Gicurasi, ku gasozi ka Muyira

694. Urugereko noneho rugiye gusuzuma ibyabaye hagati muri Gicurasi 1994, ni ukuvuga ibitero byo ku itariki ya 13 n'iya 14 Gicurasi 1994, hamwe n'ibindi bitero bibiri byagabwe hagati muri Gicurasi. Kubera ko imyiregurire ya *alibi* yerekeye igihe cyose kivugwa, Urugereko rurasuzuma mbere na mbere ubuhamya bwerekeye ibyo bitero, nyuma, nirusanga ibivugwa bifite ishingiro, rusuzume imyiregurire ya *alibi* ijyanye n'icyo gihe, mbere yo gutanga imyanzuro yarwo.

*Ku byerekeye ibyabaye bivugwa*

- Itariki ya 13 Gicurasi 1994, agasozi ka Muyira

695. Nk'uko byamaze kuvugwa, igitero cyagabwe ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 ku gasozi ka Muyira cyabaye nyuma y'ibyumweru bibiri n'igice bisa n'ibirimo agahenge. Cyakora uwo munsi ibitero simusiga byagabwe ku mpunzi z'abatutsi batitwaje intwaro babarirwa hagati y'ibihumbi cumi na bitanu n'ibihumbi mirongo ine. Abatangabuhamya bavuga ko abari mu gitero babarirwa mu bihumbi baturutse hirya no hino muri ako karere, bamwe bari mu modoka, abandi bari ku maguru, bagambiriye kwica impunzi.

696. Porokireri yahamagaje abagabo benshi mu rukiko babonye icyo gitero. Cyakora, rumaze gusuzuma ubwo buhamya, Urugereko ntirwemeye ubuhamya bw'abagabo biswe Z na G kubera ko nta kwizerwa bufite.

697. Ku bireba umutangabuhamya wiswe Z, umuntu yakwibaza niba yarashoboraga kumva ibyo yemeza ko yumvise Musema avuga, urebye aho yari ari, ni ukuvuga ahantu umuntu akoresha iminota itanu yiruka kugira ngo agere aho imirwano yaberaga, kandi, nk'uko yabivuze, no kuba yari mu mpinga z'agasozi ka Muyira. Urugereko rusanga mu buhamya yatanze mbere ku itariki ya 13 Gicurasi 1995, Z atarigeze avuga ko Musema yari aho igitero cyagabwe ku itariki ya 13 Gicurasi 1994. Muri make, Z yasobanuye ko impamvu atavuzemo Musema ari uko mu nkiko yashoboraga kuvuga ibyo yari azi byose, ibi bikaba batarashobokaga mu buhamya bwanditswe. Icyo gisobanuro nticyanyuze Urugereko. Na none ubwo yasabwaga kwisobanura kuri uko kwivuguruza kwabonetse mu buhamya yatanze mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana n'ubuhamya bwe muri uru rubanza, yasubije yangira kandi aca iruhande ibyo bamubajije. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga ubuhamya bwa Z budakwiye kwizerwa.

698. Ku byerekeye umutangabuhamya wiswe G wavuze ko yabonye abari mu gitero bafata umugore, babitegetswe na Musema, nyuma uwo mugore akaza kwicwa na Musema, Urugereko rusanga atakwizerwa. Rusanga igihe bamuhataga ibibazo kugira ngo atange ibisobanuro by'inyongera byerekeye umubare w'abantu bateye bari bakikije uwo mugore, umubare w'imodoka zari zihari, n'uko ahantu hareshyaga by'ukuri, umutangabuhamya yagiye akikira ibibazo, akitangira gusa ibisobanuro birebire byerekeye impamvu atashoboraga kwibuka ibyabaye ku buryo burambuye kandi ari umuntu wize. Buri gihe iyo bamusabaga gutanga ibisobanuro birambuye, umutangabuhamya yabuze amahoro kandi agasubiza aca ku ruhande cyane. Nyamara Urugereko rusanga umutangabuhamya nta kibazo yagize cyo kwibuka amagambo nyayo Musema yavuze icyo gihe. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga ubuhamya bw'umugabo budakwiye kwizerwa.

699. Ibyo biseguriwe, abatangubuhamya benshi bagaragaje ku buryo buboneye uko ibintu byagenze mu gihe cy'igitero cyo ku itariki ya 13 Gicurasi.

700. Abatangabuhamya biswe F, P, T na N basobanuye bose ukuntu abantu baje kugaba igitero baturutse mu Gisovu, Gishyita, Gitesi, Cyangugu, Rwamatamu na Kibuye bageze aho igitero cyabereye bari mu modoka nyinshi cyane, zigendera hamwe, zirimo za Daihatsu z'uruganda rw'icyayi na za otobisi za ONATRACOM. Mu bantu baje kugaba igitero bitwaje intwaro za gakondo, imbunda, gerenade n'imbunda zirasa gerenade, umutangabuhamya yabonyemo abapolisi ba komini, abakozi b'uruganda rwa Gisovu bambaye imyenda y'akazi, Interahamwe, abacunga gereza, abasivili bitwaje intwaro n'abasirikare. Abaje kugaba igitero baturutse mu Gisovu, bari barangajwe imbere n'Aloyizi Ndimbati wari Burugumesitiri, Eliyezeri Niyitegeka, Alfred Musema n'abajyanama ba segiteri za Komini Gisovu. Abaturutse mu tundi turere bari bayobowe na Kayishema, wari Perefe wa Kibuye, Karoli Sikubwabo, wari Burugumesitiri wa Gishyita, Karoli Karasankima, wasimbuwe na Sikubwabo, abajyanama ba Komini Gishyita, Obedi Ruzindana n'abandi bantu. Igihe bari bageze hafi y'agasozi, abari mu gitero bagendaga baririmba amagambo nka: « mubatsembatsembe » na « n'Imana y'abatutsi yarapfuye ».

701. Umutangabuhamya wiswe F yavuze ko igitero cyagabwe ku mpunzi z'abatutsi cyatangiye mu ma saa mbiri za mu gitondo. Yabonye Musema mu bantu bavuye mu Gisovu yitwaje imbunda, ariko ntiyashoboye kuvuga niba yaramubonye ayikoresha. F yavuze ko agereranije abantu ibihumbi icumi mu bihumbi mirongo ine cyangwa mirongo itanu by'impunzi z'abatutsi, ari bo gusa barokotse icyo gitero cyahitanye abantu bageze mu za bukuru, abagore n'abana, barimo batanu mu bana be bwite.

702. Urugereko rusanga Ubwunganizi butarakemanze ubuhamya bwa F. Mu ibaza rinyomoza, babajije umutangabuhamya impamvu atavuze izina rya Musema imbere ya Porokireri mu buhamya yatanze muri 1996, ubwo yavugaga iby'igitero cyagabwe muri Gicurasi n'impamvu yamuvuze mu gitero cyagabwe muri Mata.

Umutangabuhamya yasubije yibutsa igice cy'ubuhamya yatanze aho avuga ibi bikurikira ku byerekeye igitero cyo muri Gicurasi: « …Abantu navuze haruguru ni bamwe n'abari bayoboye abantu bari mu gitero bari bigabanyijemo amatsinda abiri… ». Urugereko rusanga ibaza rinyomoza rya F ryanabaye rigufi, nta cyo ryahungabanyijeho ukuri kw'ibyo yavuze, bityo rugasanga imvugo ye ari iyo kwizerwa. Byongeyeye kandi, Urugereko ruributsa ko ubwo yatangaga ubuhamya mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, F yavuze ko yabonye neza Musema mu bitero byo ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, nk'uko ibazwa rye ribyemeza muri uru rubanza.

703. Umugore n'abana babiri b'umutangabuhamya wiswe P baguye muri icyo gitero. Yasobanuye ukuntu abari mu gitero barushije imbaraga impunzi na we yarimo, maze zikagomba guhunga. N'ubwo ku giti cye atabonye Musema muri icyo gitero, umutangabuhamya yabonye Pajero ye itukura, na Daihatsu z'uruganda rw'icyayi; ibyo byatumye yumva ko na Musema yari ahari. Mu bari mu gitero, yamenyemo abakozi b'uruganda rw'icyayi kubera imyenda ya bo y'akazi.

704. Urugereko rusanga, Mu ibaza rinyomoza ubwo yabazwaga gusobanura impamvu zamuteye kwemeza ko Musema yari ahari igitero cyigabwa, P yaravuze ko, ku bwe, imodoka z'uruganda rw'icyayi zitashoboraga gukoreshwa Musema atabitangiye uburenganzira, kandi ko Musema ari we wenyine watwaraga Pajero itukura. Urugereko rusanga umutangabuhamya yakwizerwa, uretse ko ubuhamya atanga buterekana ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari ahari cyangwa ko yagize uruhare mu gitero cyagabwe i Muyira ku itariki ya 13 Gicurasi. Urugereko rusanga cyakora ubuhamya bwe bushimangira ubw'abandi batangabuhamya kuri byinshi.

705. Umutangabuhamya wiswe T yabonye Daihatsu ebyiri z'uruganda rw'icyayi, imwe y'icyatsi n'indi y'umweru, kimwe n'abakozi b'uruganda rw'icyayi bambaye imyenda y'akazi y'ubururu na kaki. Yabonye Musema yitwaje imbunda ari mu bantu bayoboye igitero. Umutangabuhamya yasobanuye ukuntu abari mu gitero bari bafite imbunda, bakingiraga bagenzi babo barwanaga n'impunzi. Impunzi nyinshi zarahapfiriye, abacitse ku icumu barahunga, babonye amabuye yabo atahangana na gerenade z'abari

mu gitero. Umutangabuhamya yavuze ko atabonye Musema akoresha imbunda ye, ariko ko yabiketse.

706. Urugereko rusanga Mu ibaza rinyomoza, Ubwunganizi bwaratangajwe n'uko, mu buhamya yatanze mbere, uwo mugabo atigeze avuga ko Musema yari ahari igihe igitero cyavuzwe haruguru cyagabwaga. T yasobanuye ko icyo gihe batigeze bamubaza ibibazo byihariye kuri Musema, uretse ibibazo byerekeye kumenya niba yari amuzi, niba yarashoboraga kumumenya bamumweretse cyangwa niba yaramubonye nyuma y'aho Abafaransa baziye. Urugereko rwemera ibyo bisobanuro. Rusanga na none kandi muri rusange, ibaza rinyomoza ritaratumye ukwizerwa k'umutangabuhamya gukemangwa, bityo rugasanga ubuhamya bwe bukwiye kwizerwa.

707. Umugabo wiswe N yatanze ubuhamya bwerekeye by'umwihariko ku byabaye ku uwitwa Nyiramusugi. Ubwo buhamya burasuzumwa hasi mu cyiciro cya 5.3. Uwo mutangabuhamya yabonye ibitero byinshi byagabwe ku gasozi ka Muyira, ku itariki ya 13 Mata 1994. Mu bantu bari mu gitero bahageze mu ma saa yine baturutse mu Gisovu, umutangabuhamya yabonyemo Musema wari mu ivatiri ye, yitaga «Benz », kuko avuga ko yahendaga, igenda imbere y'izindi modoka zirimo Daihatsu eshatu z'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Yasobanuye ko, uretse izo modoka, yashoboye kumenya gusa imodoka zindi enye cyangwa eshanu kubera ko izindi zari zikingirijwe n'ibiti.

708. Ntiyashoboye kumva ibyo abari mu gitero bavugaga bamaze gukoranira hamwe, n'ubwo yababonaga bavuga kandi banyeganyeza amaboko. N yashoboye kumva Musema ubwo we yari yavuye aho yari ari, akaza mu metero nke hafi y'ako gatsiko. Musema yasabye umupolisi witwa Ruhindira gushaka umukobwa w'inkumi witwa Nyiramusugi, ubwo uwo mupolisi yari amaze kumubwira ko Nyiramusugi akiriho. Umutangabuhamya yavuze ko hashize akanya gato, abantu bari bavuye i Gishiyita, bagabye igitero bakoresheje imbunda. Icyo gitero cyahagaze saa cyenda, kandi mu

gihe cyose cyamaze, Musema ntiyahwemye gushakisha uwo mukobwa no kurasa ku bantu.

709. Urugereko rusanga mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yaremeje ubwo buhamya. Ku byerekeranye n'igisubizo umutangabuhamya yatanze ku kibazo cyo kumenya igihe n'uburyo yatanze ubuhamya bwe, Urugereko rusanga ibisobanuro yatanze bihagije kandi ko ukuri kwe kutakemanzwe. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga ubuhamya yatanze bwakwizerwa.

- Tariki ya 14 Gicurasi 1994, agasozi ka Muyira

710. Abatangabuhamya bavuze ko ku itariki ya 14 Gicurasi 1994, ibitero byakomeje kugabwa ku gasozi ka Muyira, byibasiye abari barokotse.

711. Umutangabuhamya wiswe AC yavuze uko yabonye igitero simusiga cyagabwe ku itariki ya 14 Gicurasi. Yabonye Musema aje muri Pajero ye itukura, anamenya n'abandi «bayobozi» banyuranye yavuze amazina ubwo yatangaga ubuhamya. Abo bantu bari mu gitero, hafi ibihumbi bitanu, bitwaje imbunda n'intwaro za gakondo, abenshi muri bo bari abahutu kandi barimo abajandarume, abasirikare, Interahamwe, abakozi b'uruganda rw'icyayi barangwaga n'imyenda y'akazi n'abandi bamwe muri bo bambaye ibirangashyaka.

712. Umutangabuhamya yavuze uko igitero cyari kiyobowe na Musema hamwe Ndimbati, cyagenze. Cyatangiye Ndimbati amaze kurasa mu kirere. Musema wari witwaje imbunda n'akantu batwaramo amasasu, yararashe. AC avuga ko ayo masasu yafashe umusaza witwa Ntambiye n'undi muntu witwa Iyamuremye. Mu guhangana n'igitero cyari kiyobowe na Musema na Ndimbati, impunzi zitabaye zibatera amabuye, ariko abasirikare bazirasheho ibyotsi biryana mu maso. Impunzi zabonye abagabye ibitero bazirushije imbaraga zirahunga. Abagabye igitero batashye mu ma saa kumi n'ebyiri za nimugoroba.

713. Urugereko rusanga mu ibaza rinyomoza nta kibazo cyihariye cyabajijwe umutangabuhamya kuri iki gitero. Cyakora ibibazo bimwe na bimwe byabajijwe mu ibaza rinyomoza byerekana ko ubuhamya bw'uriya mugabo bukemangwa. Ubuhumya bwe burimo ibintu byinshi bitumvikana. Urugero: biragoye kumenya niba umutangabuhamya yaragiye cyangwa ataragiye mu nama yabereye ku Kibuye, ntawe uzi impamvu yagize ingorane zo kwibuka amazina y'abajandarume kandi yarayibutse ubwo yatangaga ubuhamya mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana. Yemeye kuvuga ayo mazina ari uko abajijwe gusobanura uko kwivuguruza kuboneka mu buhamya yatanze. Urugereko rusanga Ubwunganizi butarerekanye ko ubuhamya bw'umugabo wiswe AC ari ibinyoma ku ngingo y'ibanze runaka. Cyakora kubera urwijiji rwabaye mu ibaza rinyomoza, Urugereko rwakwemera ubuhamya bw'uriya mugabo ari uko gusa bushyigikiwe n'ubundi.

714. Ku itariki ya 14 Gicurasi, Umutangabuhamya wiswe F yakomerekejwe n'ibimanyu by'ibisasu kimwe n'irindi sasu ubwo hagabwaga igitero ku gasozi ka Muyira no ku dusozi byegeranye. N'ubwo atabonye Musema muri ibyo bitero, yabonye imodoka ye itukura mu zindi modoka zatwaraga abantu baje kugaba igitero. Nk'uko byavuzwe haruguru, ku byerekeranye n'igitero cyo ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, Urugereko rusanga ubuhamya bwa F bwakwizerwa.

715. Umutangabuhamya wiswe T na we yabonye Musema mu gitero kinini cyagabwe ku gasozi ka Muyira. Yavuze ko yabonye Musema ku gasozi gatenganye n'aka Muyira kandi ko yari afite imbunda. Umutangabuhamya yumva ko Musema yayikoresheje muri icyo gitero. Urugereko ruributsa imyanzuro rwafashe ku buhamya bw'uwo mugabo ku byerekeye igitero cyo ku itariki ya 13 Gicurasi, bityo rusanga ubuhamya yatanze bwakwizerwa.

716. Umutangabuhamya wiswe D yavuze ku gitero kinini cyagabwe ku munsi w'isabato, ku itariki ya 14 Gicurasi 1994, akaba avuga ko yabonyemo Musema n'abandi bategetsi barimo Kayishema na Ndimbati. Abantu ibihumbi cumi na bitanu bari mu gitero bari bitwaje imbunda, gerenade n'intwaro za gakondo, baririmba ngo

« tubatsembatsembe », baje mu modoka nyinshi batera impunzi. Abari bitwaje intwaro za gakondo muri bo bagendaga basonga abari bakomerekejwe n'amasasu.

717. Mu ibaza rinyomoza, D yemeje ubuhamya twavuze haruguru. Urugereko rusanga uwo mutangabuhamya yariseguye avuga ko yabonye imodoka zimwe na zimwe gusa, na bwo ntabashe kumenya abari bazirimo kandi ko zimaze guhagarara, atongeye kuzibona. D yavuze kandi ko yabonye abari mu gitero ari uko bamunutse mu modoka, berekeza aho impunzi zari ziri, ari na byo byamuteye guhunga. Urugereko rusanga ibaza rinyomoza ritarateye ubuhamya bw'uyu mugabo gukemangwa, bityo rukaba rubona bwakwizerwa.

- Ibitero bibiri byagabwe hagati muri Gicurasi 1994

718. Urugereko rusanga amagambo « hagati muri Gicurasi » ashobora kuvuga amatariki ari hagati y'iya 10 n'iya 20 Gicurasi, bityo rukaba ari muri ubwo buryo rusuzumamo ubuhamya bw'abatangabuhamya biswe H na S.

719. Umugabo wiswe H yatanze ubuhamya ku gitero cya mbere cyagabwe ku mpunzi z'abatutsi ku gasozi ka Muyira hagati muri Gicurasi 1994. Musema yari ku isonga ry'abantu baje gutera baturutse mu Gisovu, barimo Interahamwe n'abakozi b'uruganda rw'icyayi bambaye imyenda isa y'ubururu. Umutangabuhamya yabonye Pajero itukura ya Musema n'imodoka enye z'uruganda zihagaze Kurwirambo. Yavuze mu buryo burambuye ibyo abantu bari mu gitero bari bambaye n'intwaro bari bitwaje. Muri bo hari abasirikare, abajandarume n'abasivili. Umutangabuhamya yavuze ko Musema yatanze imbarutso yo gutera arekura isasu kandi ko Musema ubwe yarashe yerekeza aho impunzi ziri. Cyakora ntiyabashije kuvuga niba Musema hari umuntu yahamije.

720. Impunzi zari zabashije kugitsimbura bamwe mu bagabye igitero zageze aho zigerageza gufata mpiri Musema, ariko zikomwa imbere n'abandi bantu bari muri icyo gitero.

721. Urugereko rusanga ibisobanuro umutangabuhamya wiswe H yatanze igihe cy'ibaza rinyomoza bikwiye kwemerwa ku byerekeye uburyo yamenyemo imodoka z'uruganda rw'icyayi na Pajero ya Musema. Ibindi bibazo byabajijwe Mu ibaza rinyomoza ntibyavuguruje ukuri k'uyu mutangabuhamya H. Bityo Urugereko rusanga ubuhamya bwe bwakwemerwa.

722. Umutangabuhamya wiswe S yabonye Musema mu gitero cy'abantu bari hagati y'ijana na makumyabiri n'ijana na mirongo itanu, cyagabwe ku gasozi ka Mpura n'aka Birembo hagati muri Gicurasi. Umutangabuhamya yabonye imodoka eshatu zo mu bwoko bwa Daihatsu z'uruganda rw'icyayi na Pajero itukura ya Musema. Mu bateye harimo abapolisi n'abakozi b'uruganda rw'icyayi bambaye imyenda isa, n'ingofero kandi bitwaje intwaro za gakondo.

723. Uretse imodoka ya Musema, izindi modoka zazanye abantu baturutse mu Gisovu mu gihe abandi bavaga muri Gishyita. Bamaze gukoranira aho, abateye bakoze « akanama », nyuma ya ko bavuza amafirimbi yo gukoma imbarutso kugira ngo batere inzu ya Sakufe yari ku gasozi ko Mumataba, ahari hahungiye abatutsi bari hagati y'ibihumbi bibiri n'ibihumbi bitatu. Abenshi muri izo mpunzi, barimo abantu bo mu muryango w'umutangabuhamya, barishwe. Mu gihe cyose igitero cyamaze, Musema yahamye hafi y'ivatiri ye, ari kumwe n'abantu bambaye imyenda y'umweru, aza gusubira mu Gisovu ahagana saa kumi n'imwe za nimugoroba ari kumwe n'abantu bari bagabye igitero.

724. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya wiswe S yasobanuye ku buryo burambuye kurushaho aho igitero cyabereye, yifashishije amafoto Porokireri yatanzeho ikimenyetso gihamya 20.1 na 20.2. Urugereko rusanga ibindi byavuzwe mu ibaza rinyomoza nta cyo byagabanyije ku kuri k'ubuhamya bw'uwo mugabo, bityo rusanga ubwo buhamya bwakwizerwa.

*Ku byerekeranye n'imyiregurire ya* alibi *mu gihe cy'ibitero byose byagabwe ku gasozi ka Muyira hagati muri Gicurasi*:

725. Urugereko rwasuzumye imyiregurire ya Musema uvuga ko atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga hagati y'itariki ya 7 n'iya 19 Gicurasi, akavuga ko yari i Rubona, rimwe na rimwe akajya i Gitarama. Mu gushimangira iyo myiregurire ya *alibi*, Ubwunganizi bwatanze ibimenyetso gihamya n'ubuhamya bw'abagabo biswe MG, MH n'ubwa Claire Kayuku.

726. Urugereko rusanga Musema yaravuze ko yagiye ku ruganda rw'icyayi rwa Mata ku itariki ya 7 Gicurasi 1994, Porokireri akaba kandi atigeze ahakana ko umukono w'umucumangamari mukuru w'uruganda rw'icyayi rwa Mata kimwe n'ikashe biri ku rupapuro rw'abajya mu butumwa ari nyakuri. Musema avuga ko nyuma y'urwo rugendo, yasubiye i Rubona aho yagumye kugeza ku itariki ya 19 Gicurasi 1994, ko nta ruganda rundi yongeye gusura akaba kandi atararenze Butare na Gitarama, bityo akaba atigeze ajya muri Perefegitura ya Kibuye.

727. Umutangabuhamya wiswe MH yibuka ko yahuriye na Musema i Gitarama ku itariki ya 10 Gicurasi, n'i Rubona ku itariki ya 13 Gicurasi 1994. Mu ibaza ry'ibanze, MH yavuze ko yahuriye na Musema incuro imwe gusa i Gitarama, akaba yumva ko hari ku itariki ya 10 Gicurasi 1994, n'ubwo atashoboye kubwira Urugereko igihe yamaze aganira na Musema n'icyo bavuganaga uwo munsi, uretse ko asanga baraganiriye ku byaberaga mu Rwanda. Urugereko rusanga, mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yaravuze ko we na Musema bataganiriye ku mpamvu zajyanye Musema i Gitarama, kandi ko atashoboraga kwibuka, nyuma y'imyaka itanu, ubwoko n'ibara by'imodoka Musema yari atwaye. Mu gushimangira imyiregurire ya *alibi*, ku byerekeye iyo tariki, Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D46, cyerekeye ibaruwa yanditswe ku itariki ya 18 Gicurasi 1994, n'inyandiko yiswe « A qui de droit» (ku wo bigenewe) yandikiwe i Gitarama ku itariki ya 10 Gicurasi 1994. Musema yavuze ko iyo nyandiko yayihawe na Minisitiri w'Ingabo ku itariki ya 10 Gicurasi 1994 maze

asobanura ko iyo aza kuba yari mu Gisovu aba atarategereje iminsi munani mbere yo kuyohereza.

728. Ku byerekeranye n'itariki ya 13 Gicurasi 1994, MH wahungaga uwo munsi agana i Burundi yavuze ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 yabonaniye na Musema i Rubona kwa Kayuku mu gihe cy'iminota nka makumyabiri. Umugabo yemeje ubwo buhamya mu ibaza rinyomoza.

729. Urugereko rusanga MH yaravuze ko yakoresheje pasiporo ye bwa nyuma muri 1994 kandi iyo uyirebye usanga yarayikoresheje muri 1995.

730. Ku bwa Claire Kayuku, Musema yasubiye mu Gisovu ahagana hagati muri Gicurasi agiye gutanga imishahara y'abakozi b'uruganda rw'icyayi. Yongeyeho ko mu ntangiriro z'ukwezi kwa Gicurasi, Pajero itukura ya Musema yamaze icyumweru kimwe cyangwa bibiri mu igaraji i Butare bayikora. Musema yasobanuye ko ku itariki ya 7 Gicurasi, ubwo yari i Mata, imodoka ye yapfuye, akaguma mu gace ka Butare kugeza igihe barangirije kuyikora. Ivatiri uruganda rwamwoherereje gusimbura iye yamugezeho ku itariki ya 19 Gicurasi, mu gihe Pajero ye yari yaramaze gukorwa. Mu kimenyetso gihamya gifite nomero D47 cyerekeye inyandikomvugo y'inama yabereye ku ruganda ku itariki ya 19 Gicurasi 1994 havugwamo ipfa ry'imodoka ya Musema no kuba yaratinze kugaruka ku ruganda kubera icyo kibazo.

731. Ikimenyetso gihamya gifite nomero P68, cyerekeye ingengabihe Musema yandikishije intoki, cyerekana ko yari mu Gisovu kuva ku itariki ya 4 kugeza ku ya 14 Gicurasi 1994. Urugereko ruributsa na none inyandikomvugo y'ibaza ryakozwe n'abategetsi bo mu Busuwisi ku itariki ya 16 Werurwe 1995 igaragaza ko Musema naho yavuze ko yari mu Gisovu mu cyumweru cyo kuva ku itariki ya 4 kugeza ku ya 13 Gicurasi 1994. Ubwo yasabwaga kwisobanura kuri ayo matariki mu ibaza rinyomoza, Musema yavuze ko ayo matariki atari nyakuri. Kuri iyo ngingo, Urugereko rusanga ku ngengabihe Musema yandikishije intoki (P68) hagaragara ko uruganda rw'icyayi rwongeye gukora imirimo yarwo ku itariki ya 9 Gicurasi 1994.

732. Ubwunganizi bwatanze inyandiko zinyuranye bugamije kwerekana ko Musema atari ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu hagati y'itariki ya 7 n'iya 19 Gicurasi 1994. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D35 cyerekeye ibaruwa iherekeje raporo y'ubutumwa yo ku itariki ya 8 Gicurasi 1994, Musema avuga yanditswe n'ubukarani bwa ISAR i Rubona ikaba yari igenewe umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi i Kigali. Musema yavuze ko yakoze kopi 10 z'iyo raporo agamije kuzohererereza abayobozi b'inganda yasuye, kandi ko ku itariki ya 10 Gicurasi 1994 yashyize kuri Banki y'ubucuruzi i Gitarama kopi y'iyo baruwa yageneye umuyobozi wa OCIR-ishami ry'icyayi. Banki y'ubucuruzi i Gitarama yateganyaga kohereza imodoka ku Gisenyi. Urugereko rusanga iyo baruwa iriho umukono wa Musema ishobora kuba yarandikiwe mu Gisovu, ku mpapuro ziriho ibiranga Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu.

733. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D45 kigizwe na kopi y'inyandiko y'ubwishyu yo ku itariki ya 14 Gicurasi 1994 yatanzwe n'aho bacururiza lisansi muri FINA i Gitarama igaragaza ko Musema yishyuye amafaranga ya lisansi imodoka ye Pajero ifite nimero A7171 yari imaze kunywa. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D36 kigizwe n'ibaruwa Musema yandikiye i Butare ku itariki ya 14 Gicurasi 1994, Ubwunganizi bwatanze bugamije kwerekana ko Musema yabaye gusa indorerezi y'ibyabaye. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D92 kigizwe n'ibaruwa umutangabuhamya wiswe MG yandikiye i Nayirobi ku itariki ya 7 Kamena 1994, avugamo ko mbere y'itariki ya 17 Gicurasi, Musema n'umuryango we bari bakiri i Butare. Mu gihe yatangaga ubuhamya bwe, MG yavuze ko adashobora kwemeza niba kuri iyo tariki uwo muryango wari i Butare cyangwa wari utagihari. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D37 cyo ku itariki ya 16 Gicurasi 1994 ni « Icyemezo cy'umwirondoro wuzuye» cyahawe umwe mu bahungu ba Musema kugira ngo abone pasiporo. Ibimenyetso gihamya gifite nomero D38, D39 na D40 bigizwe na kopi z'inzandiko z'abajya mu mahanga abahungu be baherewe i Gitarama ku itariki ya 18 Gicurasi 1994. Urwandiko rw'abajya mu mahanga rugize ikimenyetso gihamya gifite nomero D40 ruriho umukono wa Musema wawushyizeho mu mwanya w'umuhungu

we wari ufite imyaka 13. Hari n'ibindi bimenyetso byinshi byatanzwe, birimo amabaruwa yageze ku ruganda rw'icyayi muri icyo gihe, ariko Musema akaba yarayasuzumye hashize igihe kinini cyangwa atayabonye. Urugero: ikimenyetso gihamya gifite nomero D43 cyerekeye ibaruwa umuyobozi ushinzwe abakozi yandikiye Burugumesitiri wa Gisovu ku itariki ya 16 Gicurasi 1994, yanditswe nyuma y'ibiganiro yagiranye na Burugumesitiri ku itariki ya 13 n'iya 16 Gicurasi, byerekeranye no kwigisha abantu bashinzwe umutekano gukoresha intwaro. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D41 kigizwe n'ibaruwa isaba akazi yageze ku ruganda ku itariki ya 5 Gicurasi 1994, Musema akayisuzuma gusa ku itariki ya 14 Kamena 1994. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D42 cyigizwe n'ibaruwa yo gusaba icumbi kubera impamvu z'umutekano yageze ku ruganda ku itariki ya 11 Gicurasi 1994 ariko ikaba itari ho igihe yasuzumiwe. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D44 kigizwe n'ibaruwa yo gusaba icumbi yageze ku ruganda ku itariki ya 16 Gicurasi 1994, Musema ayisuzuma gusa ku itariki ya 14 Kamena.

734. Urugereko rwasuzumye ibimenyetso byose byavuzwe haruguru. Ku byerekeye ubuhamya bw'umugabo wiswe MH no kuba yarabonanye na Musema ku itariki ya 10 Gicurasi, Urugereko rusanga umutangabuhamya atarashoboye gutanga ibisobanuro binonosoye, nk'uko yabikoze mu buhamya bwerekeye igihe bongeye kubonana ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, usanga yaravuze ibintu byinshi kandi byumvikana. Urugereko rusanga cyakora nta bundi buhamya bw'abagabo bashinjura bushimangira ubwo uwo mugabo yatanze ku birebana n'inama yo ku itariki ya 10 Gicurasi, habe n'ubuhamya bwa Musema ubwe. Claire Kayuku yavuze ko Musema yagarutse mu Gisovu ahagana hagati muri Gicurasi aje guhemba abakozi, nyamara ingengabihe yakozwe na Musema yandikishije intoki, igize ikimenyetso gihamya gifite nomero P68, n'ubuhamya yahaye umucamanza ushinzwe gukurikirana ibyaha w'Umusuwisi ku itariki ya 16 Werurwe 1995, byerekana byose ko Musema yari mu Gisovu hagati y'itariki ya 4 n'iya 14 Gicurasi. Kubera ibyo, Urugereko rusanga ubuhamya bw'umugabo wiswe MH budafite ingufu, cyane cyane ko nta kindi kimenyetso kibushimangira.

735. Hari ibindi bimenyetso bituma umuntu atekereza ko Musema yari mu Gisovu muri icyo gihe. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D35 kigizwe n'ibaruwa yo ku itariki ya 8 Gicurasi 1994, iri mu mugereka wa raporo y'ubutumwa yandikiwe mu Gisovu ku itariki ya 8 Gicurasi 1994. Musema avuga ko iyo baruwa yandikiwe ku mashini i Rubona.

736. Ingengabihe ya Musema yandikishije intoki, igaragaza neza ko uruganda rwasubukuye imirimo yarwo ku itariki ya 9 Gicurasi 1994, iyo tariki ikaba yemezwa na none na raporo ye y'ubutumwa. Na none, mu kimenyetso gihamya gifite nomero P56 avuga ibi bikurikira: « Ku itariki ya 3 Gicurasi, nongeye gusubira mu nganda ziri mu majyepfo y'uburengerazuba, ni ukuvuga Gisakura na Shagasha. Nyuma natashye i Butare. Ku itariki ya 7 cyangwa ku ya 8 Gicurasi, nasubiye mu Gisovu, nuko ku itariki ya 9 Gicurasi, nsubukuza imirimo y'uruganda. Narahagumye kugeza ku itariki ya 19/20 Gicurasi, nyuma nsanga umuryango wanjye i Butare».

737. Urugereko rusanga ibyo Musema avuga ko atari ku ruganda kuri iriya tariki binyuranyije n'ubuhamya yatanze muri uru rubanza, bwerekana ko yari umuyobozi w'uruganda witanga, wahaga umwanya umutekano w'uruganda ku buryo bungana n'uwo yahaga umuryango we, yagiye anasiga kenshi wonyine nk'uko abyivugira, cyane cyane muri Mata, Gicurasi, Kamena na Nyakanga 1994, agiye ku ruganda n'ubwo yashoboraga kubigiriramo amakuba. Ikindi kandi, ikimenyetso gihamya gifite nomero D51 cyerekeye raporo y'inama yabaye ku itariki ya 27 Gicurasi 1994, cyibutsa mu magambo akurikira ibikubiye mu nyandikomvugo y'inama yabaye ku itariki ya 19 Gicurasi 1994: « inama yo ku itariki ya 19 Gicurasi 1994 yavuze kandi ku ipfa ry'ibyuma umuyobozi yasabye umugoronome witwa Benjamini Kabera gukora, akaba atarabyitayeho (bikamara iminsi icumi) ku buryo byateye igihombo kinini cyane […]». Umuntu yakeka ko uwo mugoronome yabonye ayo mabwiriza ku itariki ya 9 Gicurasi 1994. Kubera ko noneho icyo kibazo cyarebaga Musema nk'umuyobozi w'uruganda rw'icyayi wakurikiraga ibyerekeye ibyuma byapfuye, Urugereko rusanga bigaragara ko ayo mabwiriza ari we yaturutseho ku buryo butaziguye cyangwa se buziguye.

738. Mu gihe cyose yatangaga ubuhamya, Musema yemeje ko ingengabihe yandikishije intoki n'ubuhamya yatangiye imbere y'abategetsi b'Abasuwisi byarimo amakosa, kandi ko ayo makosa yaje gukosorwa nyuma hamaze kuboneka inyandiko zerekeranye n'icyo kibazo mu rwego rw'iperereza ryakozwe ahantu hatandukanye harimo Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Ibyo bisobanuro bifite ishingiro ku ngingo zimwe na zimwe. Cyakora ku byerekeranye n'icyo gihe kivugwa, Urugereko ntirwemera ibyo bisobanuro, kubera ko hashingiwe ku ngengabihe ya Musema no ku buhamya yatanze imbere y'abategetsi b'Abasuwisi ku itariki ya 16 Werurwe 1995, Musema yibuka neza ko yari mu Gisovu hagati y'itariki ya 4 n'iya 14 Gicurasi 1994 kandi ko yari ku ruganda rw'icyayi umunsi rwongeye gutangira imirimo yarwo. Urugereko rusanga atari kwibuka icyo gikorwa yahagazeho, noneho nyuma akaza kucyibagirwa, maze akongera kucyibuka ari uko abonye inyandiko zavumbuwe nyuma. Icyo ni igikorwa ahubwo adashobora kwibagirwa kubera nyine ko yari umuyobozi w'uruganda.

739. Mu myiregurire ya *alibi*, Urugereko rusanga harimo ukundi kwivuguruza ku byerekeye imodoka ye ifite nomero A7171, Musema avuga ko yapfuye ku itariki ya 7 Gicurasi 1994, igakorerwa i Butare gusa ku itariki ya 19 Gicurasi 1994, akaba ari na wo munsi yaba yarasubiyeho mu Gisovu. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D45 cyo ku itariki ya 19 Gicurasi 1994 kirimo inyandiko y'ubwishyu yo muri Mata 1994 yerekeye amafaranga yo gukoresha iyo modoka, n'inyandiko yishyuriyeho lisansi yaguzwe aho bayicururiza i Gitarama muri FINA ku itariki ya 14 Gicurasi 1994. Urugereko rusanga rugomba gusuzuma ibibazo bimwe na bimwe byerekeye icyo kimenyetso gihamya. Urugereko ruramutse rushingiye ku buryo Musema avugamo ibyabaye, rwasanga Pajero ifite nomero A7171 itarashoboraga kuva i Butare – aho Musema avuga ko yakoreshwaga - , ngo igere i Gitarama mbere y'itariki ya 19 Gicurasi 1994. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga inyandiko y'ubwishyu bwa lisansi yavuzwe haruguru ituma ubuhamya bwa Musema bushidikanywaho.

740. Urugereko ruramutse cyakora rwemeye ingengabihe ya Musema yanditse n'intoki n'ubuhamya yatanze imbere y'abategetsi b'Abasuwisi, inyandiko y'ubwishyu

yatanzwe n'aho bacururiza lisansi muri FINA yashimangira amatariki yanditse muri izo nyandiko, ikemeza ko Musema yagiye mu rugendo ku itariki ya 14 Gicurasi 1994. Urugereko rusanga inyandiko y'ubwishyu n'ibaruwa Musema avuga ko yandikiye i Butare ku itariki ya 14 Gicurasi 1994 byonyine ntibihagije mu guhamya ko Musema atari ari mu karere ka Bisesero uwo munsi, ariko ku isaha inyuranye n'ivugwa.

741. Byongeye kandi, Urugereko rusanga Musema nta gisobanuro kinonosoye yatanze ku byerekeye imodoka cyangwa ikindi yakoresheje ajya i Gitarama ku itariki ya 18 Gicurasi 1994 kuzana pasiporo z'abahungu be. Urugereko rusanga kuba nta cyo yabivuzeho bidashyigikira ingingo yireguza avuga ko atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga, nyamara iyo aza kugira icyo abivugaho, byari gushimangira ubuhamya bwe.

742. Urugereko rusanga n'ubwo Musema yabitse inyandiko y'ubwishyu yo ku itariki ya 19 Mata bamuhaye kubera ikorwa ry'imodoka ye, akabika kandi inyandiko y'ubwishyu bwa lisansi yo ku itariki ya 14 Mata 1994, nta nyandiko yahamanye zerekana ibyakozwe ku modoka avuga ko yakozwe hagati y'itariki ya 7 n'iya 19 Gicurasi 1994.

743. Ku byerekeranye by'umwihariko n'ibitero byagabwe ku itariki ya 13 n'iya 14 Gicurasi 1994 n'amazina y'udusozi, Urugereko rusanga, nk'uko rwabibwiye Musema mu rubanza, igihe habayeho ubwicanyi bukomeye cyane nk'ubwabereye mu karere ka Bisesero, umuntu agomba kwibuka aho yari ari ibyo biba atagombye kureba ku ngengabihe. Urugereko rwanze ibisobanuro bya Musema uvuga ko yamenyeye gusa ubwo bwicanyi kuri radiyo no ku biganiro bibwerekeye byabaye mu nama yabereye ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu ku itariki ya 19 Gicurasi 1994. Na none, Urugereko ntirwemeye ko Musema atari azi amazina y'udusozi tumwe na tumwe two mu karere ka Bisesero, kandi yari umuyobozi w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu kuva muri 1984, kandi ko, nk'uko abatangabuhamya benshi babivuga, udusozi two mu karere ka Bisesero twariho imirima myinshi y'icyayi cy'abaturage, bityo Urugereko rukaba rudashidikanya na gato ko, nk'umuyobozi w'uruganda rw'icyayi, Musema yagiye gusura iyo mirima.

744. Ubwunganizi buvuga ko inyandiko zimwe na zimwe, nk'inyandiko z'ubwishyu n'amabaruwa, ndetse no kuba Musema yarasubije amabaruwa amwe n'amwe akerewe, bigomba gufatwa nk'ibishimangira imyiregurire ye ya *alibi*. Urugereko rwemera ko n'ubwo hari aho bishimangira iyo myiregurire ye, ibyo bimenyetso bitabyemeza ku buryo budasubirwaho. Urugero: kuba Musema yarashubije muri Kamena 1994 ibaruwa yaje muri Gicurasi 1994 bishobora kuba byaratewe n'uko atari ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu nk'uko bishobora guterwa n'izindi mpamvu, nko kuba icyo gihe yarakoraga ibindi bintu. Urugereko rusanga iryo busana ryonyine ridahagije mu kwemeza imyiregurire ye ivuga ko Musema atari ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu hagati muri Gicurasi 1994.

745. Rushingiye ku ngingo zavuzwe haruguru, Urugereko ntirushobora kwemera imyiregurire ya *alibi* ya Musema ku byerekeye itariki ya 13 Gicurasi, iya 14 Gicurasi no hagati muri Gicurasi 1994, kubera ko ibimenyetso yatanze bidahagije ku buryo umuntu yashidikanya ku bimenyetso simusiga bimushinja kandi byo kwizerwa Porokireri yatanze.

*Imyanzuro y'Urugereko ku bitero byose byagabwe ku gasozi ka Muyira*

746. Kubera impamvu zavuzwe haruguru, kandi rushingiye ku bimenyetso bihuriza hamwe kandi bikwiye kwemerwa byatanzwe n'abatangabuhamya bashinja byasuzumwe haruguru, Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagiye mu bitero byibasiye impunzi z'abatutsi mu karere ka Bisesero hagati muri Gicurasi 1994, habarirwamo n'amatariki ya 13 na 14 Gicurasi.

747. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 igitero simusiga cyagabwe ku gasozi ka Muyira ku mpunzi z'abatutsi ibihumbi mirongo ine. Icyo gitero cyatangiye mu gitondo. Mu baje kugaba igitero bageze ku gasozi ka Muyira n'amaguru no mu modoka nyinshi cyane zari zishoreranye zirimo za Daihatsu z'Uruganda rw'icyayi rwa

Gisovu, harimo abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu bambaye imyenda y'akazi, abajandarume, abasirikare, abasivili n'Interahamwe. Bari bitwaje imbunda, gerenade, imbunda zirasa gerenade n'intwaro za gakondo kandi bagenda bavugira icya rimwe ibigambo bivuga nabi abatutsi.

748. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari mu bari ku isonga y'abagiye kugaba igitero baturutse mu Gisovu, kandi ko yagiye aho igitero cyagabwe atwaye Pajero ye itukura. Musema yari yitwaje imbunda. Urugereko rusanga na none ku buryo budashidikanywaho ko yakoresheje iyo mbunda mu gitero. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko ibihumbi by'abagabo, abagore n'abana b'abatutsi biciwe muri icyo gitero kandi ko impunzi nyinshi zagombye guhunga kugira ngo zikize amagara yazo.

749. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko mu gitero Musema yasabye umwe mu bari bakirimo, uwo akaba yari umupolisi witwa Ruhindara, kujya gushaka umukobwa w'inkumi witwa Nyiramusugi, uyu Ruhindara yari amaze kumubwira ko akiriho. Urugereko rusanga Musema yarashakishije uwo mukobwa icyo igihe cyose.

750. Ku byerekeye itariki ya 14 Gicurasi, Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko uwo munsi hagabwe igitero simusiga ku basivili b'abatutsi bari bahungiye ku gasozi ka Muyira kandi ko abari mu gitero bageraga ku bihumbi cumi na bitanu, bari bitwaje intwaro za gakondo, imbunda na gerenade kandi hari amagambo bagenda bavugira icyarimwe.

751. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari mu bari ku isonga ry'igitero cyo ku itariki ya 14 Gicurasi 1994, kandi ko Pajero ye itukura yari aho igitero cyagabwe. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko muri icyo gitero Musema yari afite imbunda.

752. Urugereko rusanga bitaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko mu gitero Musema yarashe ku witwa Ntambiye n'uwitwa Iyamuremye.

753. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagiye mu gitero cyagabwe hagati muri Gicurasi 1994 ku batutsi bari bahungiye ku gasozi ka Muyira. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari ku isonga ry'igitero, cyarimo Interahamwe n'abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko abantu babonye Pajero itukura ya Musema n'imodoka z'uruganda rw'icyayi aho igitero cyagabwe.

754. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yakomye imbarutso yo gutera arasa isasu kandi ko we ubwe yarashe yerekeza mu mpunzi. Cyakora ntibyagaragajwe ko amasasu yarashwe na Musema hari umuntu yafashe.

755. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagiye mu gitero cyagabwe ku gasozi ko Mumataba hagati muri Gicurasi 1994. Byaragaragajwe ko abateye babarirwa hagati ya 120 na 150, barimo abakozi b'uruganda rw'icyayi bari bitwaje intwaro za gakondo, kimwe n'abapolisi ba komini.

756. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari azi ko imodoka z'uruganda rw'icyayi zitwara abagiye mu gitero kandi ibyo byakorwaga ahari. Byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko igitero cyagabwe hamaze kuvuzwa amafirimbi, kandi ko cyari cyibasiye abatutsi babarirwa hagati y'ibihumbi bibiri na bitatu bari bahungiye mu nzu y'uwitwa Sakufe, ndetse no hafi yayo.

757. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagumye iruhande rw'imodoka ye ari kumwe n'abandi bantu, mu gihe cyose igitero cyamaze kandi ko ahagana saa kumi n'imwe za nimugoroba yajyanye n'abari bateye yerekeza mu Gisovu.

- <u>Igitero cyagabwe ku buvumo bwa Nyakavumu, mu mpera za Gicurasi</u>

*Ku byerekeye ibikorwa bivugwa:*

758. Abatangabuhamya biswe AC, H, S na D bose bavuze ku gitero cyagabwe ku buvumo bwa Nyakavumu.

759. Umutangabuhamya wiswe AC yabonye Musema ari kumwe n'abandi bantu bagera ku buvumo, aho abantu magana atatu bari bahungiye. Bitegetswe na Ndimbati, Ruzindana, Musema, Niyitegeka na Kayishema, umunwa w'ubuvumo wahindijwe ibiti maze umwe mu bari mu gitero waturutse mu Gisovu ashumika ibiti akoresheje peteroli n'ibyatsi. Harokotse impunzi imwe gusa, abandi bapfira mu buvumo bazibiranijwe n'umwotsi.

760. Urugereko rwasuzumye ibibazo byabajijwe mu ibaza rinyomoza, maze runyurwa n'ibisobanuro umuntangabuhamya yatanze. Cyakora, nk'uko Urugereko rwabivuze mu myanzuro yarwo ku byabaye ku itariki ya 14 Gicurasi 1994, ubuhamya bwa AC bwakwemerwa ari uko bufite ubundi bubushimangira.

761. Umutangabuhamya wiswe H yavuze ko ahagana mu mpera za Gicurasi cyangwa mu ntangiriro za Kamena yabonye Musema mbere y'igitero, ari mu modoka nyinshi zishoreranye zigana ku buvumo, bityo akumva ko Musema agomba kuba yari ari ku buvumo. Muri izo modoka harimo Pajero ya Musema n'imodoka z'uruganda rw'icyayi. Umutangabuhamya wari ku gasozi ko hafi aho yabonye abaje mu gitero basenya ingo z'amazu yari hafi ngo babone ibiti byo kujya gucanisha umuriro ku munwa w'ubuvumo. Umuntu umwe rukumbi ni we utarahitanywe n'umuriro.

762. Urugereko rwasuzumye ibibazo byabajijwe mu ibaza rinyomoza, maze rusanga nta cyo byagabanyije ku kwizerwa kw'ubuhamya bwa H.

763. Umutangabuhamya wiswe D yakurikiye uko igitero cyagenze ari mu buvumo, kandi yavuze ko yabonye Musema muri icyo gitero. Yavuze ko aho yari yihishe yashoboraga kubona abaje gutera bacana umuriro ku munwa w'ubuvumo, noneho impunzi magana ane zari imbere mu buvumo zikicwa no kuzibiranywa n'umwotsi. Nyuma y'igitero yagiye ku buvumo aho yabonye imirambo myinshi, bimutera guhunga. Urugereko rusanga igihe yatangaga ubuhamya umugabo atarashoboye gusobanura neza igihe igitero cyabereye.

764. Mu ibaza rinyomoza, D yasobanuye ko aho yari yihishe mu ibanga ry'umusozi atashoboraga kubona imodoka. Urugereko rusanga ubuhamya bw'uwo mugabo budahuzagurika kandi bukwiye kwizerwa.

765. Umutangabuhamya wiswe S yasobanuye ukuntu ahagana mu mpera za Gicurasi abantu bari mu gitero bakurikiranye impunzi zari zahunze zigana ku gasozi ka Kigarama. Yavuze ko yabonyemo Musema yitwaje imbunda ndende hamwe n'abakozi b'uruganda rw'icyayi bari mu modoka z'uruganda. Impunzi zagombye kwicamo ibice bitatu, kimwe kigana ku buvumo bwa Nyakavumu.

766. Umutangabuhamya avuga ko abari mu gitero bari kumwe na Musema bavugije amafirimbi kandi bakoma akamo inshuro eshatu zikurikiranye basakuza kugira ngo bagarure bamwe muri bari barenze umunwa w'ubuvumo bwa Nyakavumu. Ubwo rero bakoraniye iruhande rwa Musema nk'iminota ibiri baravugana, nyuma basenya inzu yari hafi aho ngo babone ibiti bajyanye ku buvumo.

767. Nyuma yaho S, n'ubwo atabonye igitero kigabwa ku buvumo, yabonye umwotsi ucumba mu kirere. Yavuze ko uwo munsi yari yahishe umugore we mu buvumo.

768. Igitero kimaze kugenda, yagiye ku munwa w'ubuvumo ari kumwe n'abandi bantu umunani. Babukuyemo abantu batatu barokotse, babiri muri bo bakaba barapfuye bukeye bwaho.

769. Mu ibaza rinyomoza, Ubwunganizi bwibukije ubuhamya umugabo yatanze mbere yerekana kurushaho uruhare Musema yagize mu gitero. Ni muri urwo rwego umutangabuhamya yatangaje, nk'uko yari yabigenje mu ibaza ry'ibanze, ko mu by'ukuri atigeze abona igitero cyabereye ku buvumo. Icyo kibazo, kimwe n'ibindi bibazo byababajijwe mu ibaza rinyomoza, nticyabuza kwemera ukuri k'ubuhamya bwa S. Bityo, Urugereko rukaba rusanga uyu mutangabuhamya akwiye kwemerwa.

770. Urugereko rwasuzumye kandi ubuhamya bw'umugabo wiswe AB wavuze ko muri Kamena yabonye mu kigo cy'abasirikare cya Kibuye Musema yitwaje intwaro kandi yambaye ikote rya gisirikare ari kumwe na suliyetona « Buffalo » Ndagijimana, Ndimbati na Dogiteri Jerari Ntakirutimana. Umutangabuhamya yabumvise baganira ku byerekeye igitero cya nyuma cyagombaga kubera mu Bisesero ariko bo ntibamenye ko yabumvirizaga. Umutangabuhamya avuga ko Musema yavuze ko afite amakuru amubwira ko abatutsi bihishe mu bisimu bya gasegereti, bityo akaba yari akeneye ikamyo y'ibiti yo gucana umuriro ku munwa w'ubuvumo bari bihishemo, ku buryo bafunga umwobo ntihagire n'umwe usohoka. Musema yasabye umwe mu basirikare bakuru bo mu kigo kumuha ibiti, ariko umutangabuhamya ntazi niba yarabihawe.

771. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya AB yemeje ko Musema yagiye mu kigo cy'abasirikare muri Pajero ye itukura. Yongeyeho ko we atigeze ajya ku buvumo aho abantu benshi bapfiriye. Ibindi bibazo byababajijwe mu ibaza rinyomoza nta cyo bigabanya ku buhamya budahuzagurika bwa AB.

772. Ubwunganizi bwemeye ko icyo gitero cyagabwe ahagana mu mpera za Gicurasi cyangwa muri Kamena 1994, kandi ko abari bahungiye mu buvumo bari abasivili b'abatutsi.

773. Rumaze gusuzuma ibimenyetso byose byavuzwe haruguru, Urugereko rusanga igitero cyo ku buvumo cyaragabwe hagati y'impera za Gicurasi n'intangiriro za Kamena.

*Ku byerekeye imyiregurire ya* alibi:

774. Urugereko rwasuzumye imyiregurire ya *alibi* ku birebana n'icyo gihe kivugwa.

775. Mu myiregurire ye ya *alibi*, Musema avuga ko yari ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu ku itariki ya 27 n'iya 28 Gicurasi 1994, ibyo bigashimangirwa n'ibimenyetso nyandiko n'ubuhamya bwa Claire Kayuku n'ubwa Musema ubwe. Ku itariki ya 29 Mata 1994, Musema n'umuryango we bagiye i Shagasha. Muri iyo myiregurire biragaragara kandi ko kuva ku itariki ya 30 Gicurasi 1994 kugeza ku ya 10 Kamena 1994, Musema atari ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu kubera ko yagiye i Shagasha ku itariki ya 30 Gicurasi. Nyuma yaho yasanze i Cyangugu impuguke zari mu butumwa, maze ku itariki ya 31 Gicurasi yirirwa muri Zayire. Amakopi y'impapuro za pasiporo ye n'amakashe y'inzego zishinzwe abinjira n'abasohoka mu gihugu zatewemo zatanzweho ikimenyetso gishimangira iyo myiregurire ya *alibi*.

776. Mu myiregurire ya *alibi*, havugwamo ko ku itariki ya mbere Kamena 1994, Musema yagiye i Shagasha aho yagumanye n'umuryango we kugeza igihe asubiriye mu Gisovu ku itariki ya 10 Kamena. Ikimenyetso gihamya gifite nomero D57, cyandikiwe i Cyangugu, cyatanzwe mu gushimangira iyo myiregurire ku birebana n'itariki ya 3 Kamena, naho ikimenyetso gihamya gifite nomero D58 gitangirwa itariki ya 6 Kamena 1994.

777. Claire Kayuku yemeje ko Musema yagumanye na we n'umuryango we kugeza ku itariki ya 7 cyangwa iya 10 Kamena 1994. Urugereko rusanga ibikorwa bivugwa haruguru byose bishyigikiwe n'ingengabihe Musema yandikishije intoki (P68) yerekana ko ku itariki ya 29 Gicurasi yavuye mu Gisovu ari kumwe n'umuryango we akahagaruka gusa ku itariki ya 10 Kamena.

*Imyanzuro y'Urugereko:*

778. Urugereko rusanga imyiregurire ya *alibi* idahakana ku buryo bugaragara ko Musema atari ku buvumo. N'ubwo ibimenyetso byatanzwe bitagaragaza neza itariki nyayo

igitero cyagabiweho, Urugereko rusanga ariko abatangabuhamya bose, mu byo bavuze, barerekanye muri rusange ku buryo bumwe uko ibintu byagenze ku buvumo bwa Nyakavumu. Kuba itariki nyayo y'igitero itaramenyekanye, Urugereko rusanga nta cyo bigabanya ku kwizerwa kw'abatangabuhamya.

779. Kubera izo mpamvu, rushingiye ku buhamya simusiga bw'abagabo bane bashinja bemeza ku buryo bumwe uko igitero cyagabwe ku buvumo cyagenze, Urugereko rwanze imyiregurire ya *alibi*, rukaba rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagiye mu gitero cyagabwe ku buvumo bwa Nyakavumu.

780. Bityo rero, Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagize uruhare mu gitero cyagabwe ku buvumo bwa Nyakavumu mu mpera za Gicurasi 1994. ko Musema yari mu modoka ye ya Pajero, ari hamwe n'izindi modoka nyinshi zishoreranye zarimo imodoka za Daihatsu z'uruganda rw'icyayi zitwaye abakozi b'uruganda zigana ku buvumo. Byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari yitwaje imbunda. Musema yari ahari igihe abari mu gitero bahindizaga ibiti n'ibyatsi umunwa w'ubuvumo, bakabitwika. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko abatutsi b'abasivili barenga 300 bari bahungiye mu buvumo bahapfiriye bazize umuriro wari wacanywe.

- <u>Igitero cyagabwe ku itariki ya 31 Gicurasi 1994 ku gasozi ka Biyiniro</u>

*Ku byerekeye ibikorwa bivugwa:*

781. Umutangabuhamya wiswe E yabonye Musema igihe igitero cyagabwaga ku gasozi ka Biyiniro, ubwo we yari amaze guhunga ava ku gasozi ka Muyira gateganye n'aka Biyiniro, aho impunzi 20 000 zagabwagaho igitero n'abantu baturutse muri Gishyita no mu Gisovu. Muri icyo gitero harimo abakozi b'uruganda rw'icyayi bambaye imyenda y'akazi n'abajandarume baje mu modoka nyinshi, zirimo za Daihatsu z'uruganda rw'icyayi. Impunzi zimaze kubona ko Musema ari umwe mu bantu bari ku

isonga bayoboye abaje gutera, zagerageje kumufata. Musema yahunze ari muri Pajero ye akingiwe ingabo n'urufaya rw'amasasu rwaraswaga n'abasirikare. Musema amaze kugenda, igitero cyarakomeje.

782. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yatanze ibimenyetso by'inyongera byerekeye imiterere y'aho igitero cyabereye, n'ubwoko bw'imodoka yabonye.

*Ku byerekeye* alibi

783. Mu myiregurire ye ya *alibi*, havugwamo ko ku itariki ya 31 Gicurasi 1994, nyuma yo kurara i Shagasha, Musema yasubiye i Cyangugu gukomeza gukorana n'akanama k'impuguye yarimo. Uwo munsi Musema yajyanye muri Zayire n'abo bari kumwe mu kanama k'impuguke, arara agarutse. Mu gushimangira iyo myiregurire ivuga ko atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga, Ubwunganizi bwatanze ikimenyetso gihamya gifite nomero D56 cyerekeye fotokopi y'urupapuro rwa 12 rwa pasiporo ya Musema, rwari ruteyeho kashe ebyiri zashyizweho umukono n'abashinzwe kureba abinjira n'abasohoka mu Rwanda ku mupaka wa Bugarama. Kashe imwe ni iyo kwinjira indi ni iyo gusohoka. Ruteyeho kandi izindi kashe ebyiri zatereweho ku mupaka wa Kamanyoma, muri Zayire. Ayo makashe uko ari ane yatewemo ku itariki ya 31 Gicurasi 1994. Ubwunganizi bwatanze kandi ikimenyetso gihamya gifite nomero D54 cyerekeye *« Autorisation de sortie de fonds »* (Uburenganzira bwo gusohora amafaranga) yo ku itariki ya 29 Gicurasi 1994 yemerera Musema avansi ku mafaranga y'ubutumwa yagombaga kujyamo muri Zayire.

*Imyanzuro y'Urugereko:*

784. N'ubwo ubuhamya bwatanzwe n'umugabo wiswe E budahuzagurika, Urugereko rusanga imyiregurire ya *alibi*, hamwe n'ibimenyetso byatanzwe mu gushimangira iyo myiregurire byumvikana, kandi bituma rushidikanya ku birego bya Porokireri. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga bitaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko

Musema yagize uruhare mu gitero cyagabwe ku gasozi ka Biyiniro ku itariki ya 31 Gicurasi 1999.

- Igitero cyo ku itariki ya 5 Kamena 1994, hafi y'agasozi ka Muyira

*Ku byerekeye ibikorwa bivugwa:*

785. Ku itariki ya 5 Kamena 1994, umutangabuhamya wiswe E yabonye Musema mu modoka ye hafi y'agasozi ka Muyira n'imodoka za Daihatsu z'uruganda rw'icyayi zihagaze ku muhanda ugabanya Gishyita na Gisovu, hafi y'agasozi ka Muyira. Mu bantu bari mu gitero umutangabuhamya yabonye, harimo abajandarume, abakozi b'uruganda rw'icyayi, abapolisi ba Komini, Interahamwe, n'abazamu. Musema yari yitwaje imbunda, maze we n'abandi bayobozi barimo Kayishema, Sikubwabo na Ruzindana, baha amabwiriza abari mu gitero, nuko bahita bica impunzi nyinshi zirimo mushiki w'umutangabuhamya muto. Musema yaba yararashishije imbunda ye muri icyo gitero.

786. Urugereko ruributsa imyanzuro rumaze gufata ku byerekeye ibaza rinyomoza ry'uwo mutangabuhamya ku gitero cyagabwe ku itariki ya 31 Gicurasi 1994 hafi y'agasozi ka Biyiniro, kandi rusanga umutangabumya atarahuzaguritse mu buhamya bwose yatanze. Urugereko rwemeje na none uwo mwanzuro ku byerekeye ubuhamya buvuzwe haruguru.

*Ku byerekeye* alibi*:*

787. Mu myiregurire ya *alibi* ye, Musema avuga ko nyuma y'inama yabereye i Cyangugu, yasubiye i Shagasha aho yagumanye n'umuryango we kugeza ku itariki ya 10 Kamena 1994. Iyo myiregurire ya *alibi* ishyigikiwe n'ibimenyetso gihamya gifite nomero D57, 58 na 59, ishyigikiwe kandi n'ubuhamya bwa Musema n'ubw'umutangabuhamya ushinjura witwa Claire Kayuku. Urugereko rusanga mu ibaza rinyomoza ryakurikiye

ubuhamya bwa Musema, imyiregurire ya *alibi* ku birebana n' icyo gihe itaravugurujwe by'umwihariko.

*Imyanzuro y'Urugereko:*

788. Hashingiwe ku bimaze kuvugwa haruguru, n'ubwo ibimenyetso umutangabuhamya wiswe E yatanze mu buhamya bwe bidahuzagurika, imyiregurire ya Musema ivuga ko atari aho icyaha cyakorewe kuri ayo matariki, ikaba inashyigikiwe n'ibimenyetso byanditse n'ubuhamya mu magambo byasuzumanywe ubushishozi, Urugereko rusanga iyo myiregurire yumvikana kandi ituma rushidikanya ku birego bya Porokireri bivuga ko Musema yaba yaragize uruhare mu gitero bavuga ko cyagabwe ku itariki ya 5 Kamena 1994.

789. Kubera ibyo, Urugereko rusanga bitaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagize uruhare mu gitero cyagabwe ku itariki ya 5 Kamena 1994.

- Itariki ya 22 Kamena 1994, akagari ka Nyarutovu

*Ku byerekeye ibivugwa:*

790. Umutangabuhamya wiswe P avuga ko ku itariki ya 22 Kamena 1994 Musema yayoboye igitero cyabereye mu kagari ka Nyarutovu. P yavuze uburyo Musema wari muri Daihatsu y'ubururu, yahagaze ku muhanda wa Gishyita, muri metero hafi 30 z'aho yari ari. Musema yari ahagaze ku muhanda hafi y'imodoka ubwo yamurasaga, afashe imbunda ye n'amaboko yombi. Umutangabuhamya yavuze ko harashwe amasasu abiri, irya mbere ryamufashe ku kagombambari, naho irya kabiri rihitana umuntu bari kumwe witwa Faransisiko.

791. Umutangangabuhamya wiswe P yavuze kandi ko Musema yategetse abakozi b'uruganda rw'icyayi bari kumwe gufata umukobwa wari kumwe n'uwo mutangabuhamya. Uwo mukobwa yari yirutse ahunga, maze Musema ategeka ko

bamumuzanira ari muzima kugira ngo arebe « uko abatutsikazi bateye». Abari mu gitero bamaze gufata uwo mukobwa no kumwuriza imodoka, Musema yarayakije ajyana na bo berekeza mu Gisovu.

792. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yatanze ibimenyetso by'inyongera byerekeye ibivugwa, harimo n'uko atabonye Musema arasa, ariko ko yaketse ko Musema ari we warashe kubera ko yamubonye amutunga imbunda mbere y'uko isasu rimufata ku kagombambari, bitewe kandi n'uko muri ako gatsiko k'abantu Musema ari we wenyine wari ufite imbunda.

793. Urugereko rusanga iryo baza rinyomoza nta cyo ryahinduye ku kwemerwa k'ubuhamya bw'umugabo rusanga budahuzagurika.

*Ku byerekeye imyiregurire ya* alibi*:*

794. Mu myiregurire ya *alibi*, havugwa ko kuva ku itariki ya 22 kugeza ku ya 27 Kamena, Musema yari ku Gisenyi ku mpamvu z'akazi. Muri icyo gihe yagiye kandi kuri Goma muri Zayire. Yasubiye mu Gisovu ku itariki ya 28 Kamena 1994. Iyo myiregurire ya *alibi* ishyigikiwe n'ibimenyetso gihamya gifite nomero D65, 90 na 91 hamwe n'ubuhamya bwa Claire Kayuku.

*Imyanzuro y'Urugereko:*

795. N'ubwo ubuhamya umugabo wiswe P yatanze budahuzagurika, Urugereko rumaze gusuzumana ubushishozi imyiregurire ya *alibi*, ibimenyetso byanditse n'ubuhamya mu magambo bwerekeye ibyo bimenyetso, rusanga ibyo Musema avuga ko atari aho icyaha cyakorewe kuri iyo tariki bishoboka kandi bitera ugushidikanya ku birego bya Porokireri bivuga ko Musema yaba yaragize uruhare mu byaba byarabaye ku itariki ya 22 Kamena 1994.

796. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga bitaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yayoboye igitero cyagabwe mu kagari ka Nyarutovu ku itariki ya 22 Kamena 1994 cyangwa ko yakigiyemo.

**5.3. Ibyaha bishingiye ku gitsina**

797. Urugereko rugiye noneho gusuzuma, kimwe ku kindi, ibika bine (kuva ku gika cya 4.7 kugeza ku cya 4.10) biri mu Nyandiko y'ibirego, bavugamo ko Musema yakoze ibyaha bishingiye ku gitsina (reba Umugereka A w'uru Rubanza).

Ibirego rusange byerekeranye no gusambanya ku gahato, gushishikariza gufata, gusambanya ku gahato no kwica abatutsikazi muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994 (igika cya 4.7)

798. Igika cya 4.7 cyo mu Nyandiko y'ibirego giteye gitya:

> « Muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, mu duce dutandukanye tw'akarere ka Bisesero na Gisovu, muri Perefegitura Kibuye, Alfred Musema yakoze ibyaha byo gusambanya ku gahato, ashishikariza abandi bantu gufata, gusambanya ku gahato no kwica abatutsikazi bageragezaga guhunga ibitero mu karere ka Bisesero kari muri Komini Gisovu na Gishyita, Perefegitura ya Kibuye ».

799. Musema yemeye ko habayeho ubwicanyi bwahitanye imbaga ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu no mu nkengero zarwo.

800. Umutangabuhamya wiswe M yavuze ko mu nama yabereye ku munara wa FM w'i Karongi ku itariki ya 18 Mata 1994, Musema, yavuze ko « abashaka kwidagadura bashobora gusambanya ku gahato abagore n'abana babo, nta gutinya ingaruka n'imwe »[185], ubwo yavugaga abagore n'abakobwa b'abatutsikazi.

[185] Mu nyandikomvugo y'iburanisha y'igifaransa handitse ngo : « Pour ceux qui voulaient s'amuser, ils pouvaient violer leurs femmes et leurs filles, sans craindre aucune conséque ». (Inyandikomvugo y'iburanisha, 30 Mata 1999, urup. 30.

801. *Umutangabuhamya wiswe M* yavuze kandi ko nyuma y'ibyo, bukeye bwaho ni ukuvuga ku itariki ya 19 Mata, abagabo babiri mu bari muri iyo nama, bari kumwe n'abandi bagabo batatu, bagize uruhare mu gusambanya ku gahato mubyara we na mwishywa we, ku gasozi ka Rushekera gateganye n'umusozi wa Karongi. M avuga ko yari yihishe mu bihuru mu ibanga ry'agasozi gateganye n'ako basambanyirijeho abo bagore ku gahato, ahantu hari intera itarenga metero 300 uvuye aho abakoze icyaha bari bari. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yemeje ko yabonye abagabo batanu basambanyije ku gahato, bari muri metero hagati ya 250 na 300 z'aho yari ari. Yasobanuye ko basohoye abo bagore mu bihuru ku ngufu babakurura babajyana mu ibanga ry'umusozi wahingwagaho mu materasi y'indinganire, ahantu hagaragaraga neza.

**Imyanzuro y'Urugereko ku byabaye:**

802. Urugereko rusanga Porokireri ataragaragaje ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari mu nama yabereye ku musozi wa Karongi ku itariki ya 18 Mata 1994. Urugereko ruributsa imyanzuro rwafashe ku byabaye ikubiye mu cyiciro cya 5.2 cyavuzwe haruguru, cyitwa « Umunara wa radio FM uri ku musozi wa Karongi, itariki ya 18 Mata 1994 ».

803. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga nta kimenyetso kigaragaza ko Musema yategetse abantu gukora icyaha cyo gusambanya ku gahato.

804. Ku byerekeye ibirego rusange biri mu gika cya 4.7 bivuga ko Musema yaba ubwe yarakoze ibyaha byo gusambanya ku gahato muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, Urugereko rurabivugaho mu myanzuro yarwo ikurikira irebana n'ibikubiye mu Nyandiko y'ibirego, mu bika byayo kuva ku cya 4.8 kugeza ku cya 4.10.

**Ibirego byerekeye gusambanya ku gahato no kwica Anonsiyata Mujawayezu ku itariki ya 14 Mata 1994 (igika cya 4.8)**

805. Igika cya 4.8 cyo mu nyandiko y'ibirego giteye gitya:

> « Ku itariki ya 14 Mata 1994, mu karere karimo Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, akagari ka Twumba, muri Komini Gisovu, Alfred Musema, afatanije n'abandi, yategetse kandi ashishikariza abantu gusambanya ku gahato Anonsiyata Mujawayezu w'umututsikazi. Nyuma ya ho yategetse ko bamwicana n'umuhungu we Blaise ».

806. *Umutangabuhamya wiswe I*, akaba umugore w'umututsikazi ufite imyaka 32, yavuze ko mu mwaka wa 1994 yari umwarimukazi mu mashuri abanza. Bitewe n'uko umugabo we yakoze mu ruganda rw'icyayi rwa Gisovu kuva mu wa 1992 kugeza mu wa 1994, bari bacumbitse mu mazu y'uruganda. Yemeje ko ubwicanyi butangiye ku ruganda rw'icyayi, yahungiye kuri « Guest House », we n'umwana we muto, aho Interahamwe zabavumbuye noneho zikamwereka ilisiti y'abantu bagomba gupfa. Izina rya mbere kuri iyo lisiti ryari ury'umugabo we, hagataho irye, rigakurikirwa n'irya Kaniziyo, wari umucungamari mukuru w'uruganda, n'amazina y'umugore we Anonsiyata Mujawayezu n'ay'abana ba bo. Icyo gihe Interahamwe zishe babiri mu bana ba Anonsiyata Mujawayezu. Anonsiyata Mujawayezu yarabacitse ajya kwihisha mu mirima y'icyayi. Umutangabuhamya yavuze ko uwo munsi ku itariki ya 13 Mata ari bwo bishe Kaniziyo.

807. Interahamwe zagumanye umutangabuhamya wiswe I n'abana b'uwitwa Ndoli zitegereje ko Musema ahagera. Bukeye ku itariki ya 14 Mata 1994, umutangabuhamya yabonye Musema aza ku ruganda rw'icyayi mu modoka ye, ari kumwe n'abasirikare babiri yavuze amazina, baje mu yindi modoka. Yavuze ko bamubwiye ko baje kubera abana be n'aba Ndoli. Abana ba Ndoli biciwe aho n'umusaza utarashakaga kubabona bababara. Umutangabuhamya avuga ko Musema yamubajije aho abana be bari, ategeka ko bajya kubaroha cyangwa se ko babashyira mu mifuka bakabahondagura nk'imbeba. Ni uko bajyanye abana be babiri, umwe yari afite imyaka itatu undi afite umwaka umwe. Umutangabuhamya yakurikiye imodoka ayitera amabuye. N'ubwo nyuma yaje kubona abana be, I yavuze ko yabonye imifuka bajugunye mu mashyamba

irimo imirambo y'abana, barimo abari baciwe imitwe, kimwe n'abana bari bakiri bazima ariko basamba. Umutangabuhamya yamenye benshi muri abo bana yavuze amazina mu gihe cy'iburanisha.

808. Umutangabuhamya wiswe I avuga ko ubwo bari babajije Musema niba agomba kwicwa, yumvise Musema asubiza ko bamureka. Yabasabye kumushorera bakamugeza kuri « Guest House », yongeraho ko na we ajyana na bo. Umutangabuhamya yavuze ko uwitwa Mushoka ari we wamufashije gucika, akihisha mu gihuru cyari hafi aho. Ni bwo rero yahuye na Anonsiyata Mujawayezu wamubwiye ko yari yihishe mu rugo kwa Ndoli. Abo bagore bombi bafashe icyemezo cyo kujya kwihisha mu murima w'icyayi uri hafi ya « Guest House » kugira ngo bashobore kumva ibivugwa, bamenye aho ibitero bizagabwa, bityo bahitemo aho bazihisha. Anonsiyata Mujawayezu yari kumwe n'umuhungu we Blaise.

809. Umutangabuhamya wiswe I yavuze ko Musema n'abandi bantu bagiye muri bingalo (bungalow) kandi ko aho yari ari yashoboraga kumva ibyo bavugaga. Blaise, umwana wa Anonsiyata Mujawayezu, wari ufite imyaka itanu yatangiye kurira kubera ko yari ashonje. Anonsiyata Mujawayezu ni bwo yabwiye I ko adashaka ko bose bapfa, afata icyemezo cyo kwigendera n'umwana we. Ubwo yarahagurutse, Musema wari muri bingalo yaramuhamagaye agira ati: «Ngwino tukwice nk'uko Inyenzi zishe abacu ». Umutangabuhamya avuga ko Musema yahamagaye abatwa ababwira gusambanya ku gahato Anonsiyata Mujawayezu no kumuca ibere rimwe bakariha umwana we ngo aririye kubera ko yari ashonje. Nyuma umutangabuhamya yumvise imiborogo. Yavuze ko yibwiye ko ari ibere baciye kubera ko yabumvise bavuga ngo ubwo asigaranye ibere rimwe nta muntu « uzamwitaho». Umutangabuhamya wiswe I yongeyeho ko azi neza ko Anonsiyata Mujawayezu yasambanyijwe ku gahato kubera ko yabumvise bavuga ngo: « Waryamanye n'abatutsi, none ubu umaze kuryamana n'abatwa»[186]. Yavuze ko yakomeje kumva Anonsiyata Mujawayezu aboroga, nyuma yumvise urusaku rumeze nk'urw'umuntu ugona. Umutangabuhamya akeka ko bishe umwana

[186] Mu nyandikomvugo y'iburanisha y'igifaransa handitse ngo : « Tu as couché avec des Tutsis et maintenant tu viens de coucher avec des Twas ».

bwa mbere kubera ko yumvise urusaku rumeze nk'urw'ikintu bakubita, akaba atekereza ko umwana yahise apfa. Yavuze ko Musema yabwiye Ndimbati n'undi muntu witwa Bayingana ko bakoze akazi neza, ko amazina ari ku ilisiti atakiri menshi, ko azabahemba.

810. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya wiswe I yavuze ko yamenye ijwi rya Musema kandi ko yumvise neza urusaku n'ibyo bavugaga. Yavuze ko abantu benshi bavugiraga icyarimwe kandi ko Musema avuga hari urusaku rwinshi. Yumvise gusa Musema ategeka guca ibere rya Anonsiyata Mujawayezu. Umutangabuhamya kandi yavuze ko yabwiwe n'umuntu wo mu rugo yahungiyemo nyuma ko abicanyi bashinze ibisuti mu murambo wa Anonsiyata Mujawayezu.

811. Na none mu ibaza rinyomoza, I yeretswe ubuhamya bwe yanditse n'intoki ku itariki ya 15 Mata 1995. Muri ubwo buhamya, yanditse ko Musema yambitse ubusa Anonsiyata Mujawayezu. Umutangabuhamya yasobanuye ko mu buhamya bwe bwanditse yavuze ibintu yabwiwe, ariko ko mu buhamya yatanze mu magambo yavuze gusa ibintu yiboneye ubwe kandi yiyumviye. Yavuze ko ku giti cye nta kintu yumvise gishinja Musema ko yambitse ubusa Anonsiyata Mujawayezu. Muri ubwo buhamya bwanditse, harimo ko batemye ibiganza, amatwi n'amabere bya Anonsiyata Mujawayezu bakabiha umuhungu we Blaise ngo abirye. Yongeye gusobanura ko mu buhamya bwe bwanditse, yari yageneye umupadiri, avugamo ibintu byose yumvise abandi bavuga, ko atavuga gusa ibyo yiyumviye ku giti cye byerekeye icibwa ry'ibere rya Anonsiyata Mujawayezu. Yeretswe kandi igice cy'ubuhamya yatanze mbere y'iburanisha ry'urubanza avugamo ko abantu bamwe bari aho babwiye abatwa gusambanya ku gahato Anonsiyata Mujawayezu, ariko akaba atavugamo by'umwihariko izina rya Musema.

812. Mu ibaza rinyomoza, Ubwunganizi bwamaze igihe kinini cyane bubaza umutangabuhamya ku byerekeranye n'ahantu yari ari, bushaka kureba niba ari aho hantu yarashoboraga koko kureba ibiba. Yongeye kwemeza ibyo yari yavuze atanga ubuhamya, ni ukuvuga ko yari hafi muri metero imwe n'igice uvuye kuri bingalo.

Yasobanuye ko atashoboraga kubona Musema kubera ko yari aryamye hasi mu murima, ariko ko yari azi ijwi rye kandi yarimenye. Yavuze kandi ko zimwe mu mbaho zigize uruzitiro zaburaga, ibyo bikaba bitandukanye n'uko uruzitiro ruteye ku ifoto yafashwe mu wa 1995 Ubwunganizi bwatanze. Ubwo yabazwaga impamvu ku itariki ya 16 Kamena 1995 yabwiye umucamanza w'Umusuwisi ushinzwe gutegura urubanza ko yabonye Musema ku itariki ya 15 Mata 1994, ariko ko atari azi niba itariki ari yo koko, I yemeye ko yaketse ko ibyo byabaye bukeye, ariko ko atashoboye kuvuga amatariki nyayo.

813. Ubwunganizi bwamaze igihe kinini bubaza I ku ivuguruzanya hagati y'ubuhamya yatanze mbere y'iburanisha ry'urubanza n'ubuhamya yatanze mu gihe cy'iburanisha, ku byerekeranye n'ukuntu yabonye abana be mu ijoro ryakurikiye urupfu rwa Anonsiyata Mujawayezu. Umutangabuhamya yongeye kwemeza ko atararanye mu bihuru n'abana nk'uko bivugwa mu buhamya yatanze mbere, ko ahubwo umuzamu yajyanye abana iwe, amaze kumushakisha mu gihuru akamubura. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yavuze ko bitewe n'ibyumweru byinshi yamaze yihishe, bitamworoheye kwibuka buri kantu kose kerekeye aho yari yihishe, n'amatariki ibintu byabereyeho. Yemeje ko mu bihe bitandukanye yihishe koko ahantu yavuze mu buhamya yatanze iburanisha ritaratangira.

814. *Umutangabuhamya wiswe L*, akaba ari umuhutu ufite imyaka 39, wakoraga mu ruganda rw'icyayi, igihe yatangaga ubuhamya yavuze ko Musema yagarutse ku ruganda ahagana ku itariki ya 18 Mata. Yavuze ko yari azi Anonsiyata Mujawayezu, ko kandi umunsi Musema agaruka, Burugumesitiri Ndimbati yageze aho, ari kumwe n'abasore. Yasobanuye ko yumvise bavuga ko bari baturutse mu Bisesero, baje aho gufata ikirahuri muri « Guest House ». Yemeje ko yababonye muri « Guest House » bari kumwe na Anonsiyata Mujawayezu, kandi barimo koko banywa, ndetse ko Musema yahabasanze. Umutangabuhamya yavuze ko bose bari bahagaze iruhande rw'uruzitiro rukikije « Guest House ». Yavuze ko Musema yari ahagaze iruhande rwa Ndimbati, ariko kubera ko (umutangabuhamya) yari haruguru mu muhanda, akaba atarashoboraga kumva ibyo bavuganaga. Umutangabuhamya avuga ko nyuma y'igihe

gito Musema yagiye mu modoka ye, naho abandi bantu bari kumwe na Anonsiyata Mujawayezu bakamwinjiza muri « Guest House » banyuze mu rugi rw'inyuma. L yabonye ibyo ari mu muhanda, yikomereza urugendo. Bukeye bwaho, hari umwana yabajije niba yarabonye umugore muri « Guest House », amusubiza ko uwo mugore bamwishe.

815. Mu ibaza rinyomoza, L yavuze ko atabonye Musema yinjira muri « Guest House », kandi ko atigeze amubona aho hantu ari kumwe na Anonsiyata Mujawayezu.

816. Yongeye kubazwa, umutangabuhamya yasobanuye ko yabonye Musema ahagaze hafi ya bingalo, kandi ko Anonsiyata Mujawayezu yari kumwe n'abandi bantu inyuma y'iyo bingalo. Yongeyeho ko Anonsiyata Mujawayezu yari afite umwana mu ntoki, ko kandi bamubwiye ko uwo mwana yari uwe.

817. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yavuze kandi ko ubwicanyi bwabaye ku ruganda rw'icyayi bwatangiye mbere y'uko Musema ahagaruka, kandi ko ubwabereye kuri « Guest House » bwabaye hashize iminsi mike ubundi bwicanyi bwo ku ruganda rw'icyayi bubaye.

818. Yongeye kubazwa, umutangabuhamya yongeyeho ko atari ku ruganda rw'icyayi igihe ubwicanyi bwabaga, kubera ko atari yakoze. Umutangabuhamya yemeje ko ubwo yabonaga Musema kuri « Guest House » ari kumwe na Burugumesitiri, ari bwo Musema yari akiva i Kigali ataranagera iwe. Umutangabuhamya yavuze kandi ko ari Nzamwita, aho kuba Musema, yabonye yinjira muri « Guest House » ari kumwe na Anonsiyata Mujawayezu.

819. *Umutangabuhamya wiswe PP*, akaba ari umuhutu ufite imyaka 46, wakoraga mu ruganda rw'icyayi rwa Gisovu muri 1994, yavuze ko ku itariki ya 13 Mata 1994, yabonye munsi y'umuhanda, hafi ya kantine, imirambo myinshi irimo uwa Anonsiyata Mujawayezu yari azi. Yemeje ko igihimba cyo hasi cyari cyambaye, kandi ko umutwe we warebaga mu cyerekezo cya kantine. Umutangabuhamya yavuze ko akurikije uko

yabonye uwo murambo, nta gikomere yabonye ku mubiri wawo. PP yamenye myinshi mu yindi mirambo yavuze ko yari iy'abakozi b'abatutsi b'uruganda. PP yavuze kandi ko yamenye ko Musema yari ahari ku mugoroba wo ku itariki ya 14 Mata 1994, kubera ko yabonye imodoka ye hafi ya kantine, iyo kantine ikaba iri hepfo y'uruganda. Yasobanuye ko iyo kantine ari ya yindi yabonyeho umurambo wa Anonsiyata Mujawayezu.

820. Musema ni we mutangabuhamya ushinjura wenyine watanzwe n'Ubwunganizi ku byerekeye ibirego byo gusambanya ku gahato no kwica Anonsiyata Mujawayezu. Yavuze ko ku itariki ya 14 Mata 1994 yari kuri « Guest House », ko ubwo yarimo kuganira na Burugumesitiri Ndimbati, bahise bumva umugore ukorora n'umwana urira. Nyuma yaje kumenya ko yari Anonsiyata Mujawayezu. Ni bwo yaje kubona abantu batandukanye, barimo umusirikare na Emanweli, wari umwarimu binjira muri « Guest House ». Nyuma Emanweli yaje gusohoka muri « Guest House » ahanagura amaraso yari ku nkota ye. Musema yavuze ko yaketse ko habayeho akagambane hagati ya Burugumesitiri n'abandi bantu. Abandi bamaze kugenda, yabajije umuyobozi ukuriye abakozi mu ruganda icyabaye. Ntiyari yashatse kubaza icyo kibazo Emanweli. Umuyobozi ushinzwe abakozi yamubwiye ko Anonsiyata Mujawayezu yishwe, kandi ko bo bahageze byarangiye. Nta cyavuzwe ku byerekeye umwana.

821. Mu ibaza rinyomoza, Porokireri yibukije Musema ubuhamya yatanze mbere kuri icyo kibazo, ubuhamya bwari butandukanye cyane n'ubwo yatanze mu gihe cy'iburanisha. Porokireri yerekanye by'umwihariko inyandikomvugo eshatu z'ibazwa rya Musema zakozwe n'umucamanza w'Umusuwisi ushinzwe gutegura urubanza, ku itariki ya 12 Gicurasi 1995, iya 13 Nyakanga 1995, n'iya 4 Werurwe 1996.

822. Mu ibaza ryakozwe ku itariki ya 12 Gicurasi 1995 n'abategetsi b'Abasuwisi (ikimenyetso gihamya gifite nomero P59), Musema yavuze ko Anonsiyata Mujawayezu yishwe igihe we yazengurukaga mu ruganda agana kuri « Guest House », aho Burugumesitiri yaje kumusanga. Nyuma haje kuza ikamyoneti itwaye abantu

benshi barimo umwarimu n'umugenzacyaha. Abantu barasakuje cyane bavuga ko Anonsiyata Mujawayezu yabonetse. Musema yavuze ko yabasubije asakuza ko batagomba kumwica. Ni bwo abantu bari kumwe na Burugumesitiri birukanse, basanga nyir'uguhohoterwa, baramwica hamwe n'abantu bari iwe. Mu buhamya yahaye abategetsi b'Abasuwisi ku itariki ya 13 Nyakanga 1995 (ikimenyetso gihamya gifite nomero P60), Musema yavuze ko Anonsiyata Mujawayezu yiciwe ku mucungamari mukuru[187]. Abantu bamufatiye mu murima w'icyayi uri hafi ya « Guest House », bamujyana ku mazu y'abakozi ari haruguru ya « Guest House », ari muri metero zirenga 300 uvuye aho. Musema ubwe yari imbere muri « Guest House », ari kumwe na Ndimbati n'abandi bantu benshi. Yasobanuye ko ijambo « Guest » akenshi ryakoreshwaga bashaka kuvuga inzu nini na bingalo yayo. Yavuze ko we na Ndimbati bumvise umuntu uririra mu murima wegereye « Guest House », kandi ko bombi bagumye imbere mu nzu, mu gihe abandi bose basohotse. Mu buhamya yahaye abategetsi b'Abasuwisi ku itariki ya 4 Werurwe 1996 (ikimenyetso gihamya gifite nomero P61), Musema yabwiye umucamanza w'Umusuwisi ushinzwe gutegura urubanza ko Anonsiyata Mujawayezu yiciwe iwe, ari naho urusaku bumvise rwaturukaga.

**Imyanzuro y'Urugereko ku byabaye:**

823. Urugereko rusanga ubuhamya bw'umugabo wiswe I buteye urujijo ku buryo bwinshi, cyane cyane ku byerekeye ingendo ze n'uko ibintu byakurikiranye. Cyakora, ubuhamya yatanze mu ibaza rinyomoza ntibuhuzagurika, kandi ibisubizo yatanze ku bibazo yabajijwe ku byerekeye ubuhamya yatanze mbere y'iburanisha birumvikana kandi bisobanuye neza. Urugereko rusanga umutangabuhamya yariyemeje gutandukanya ibyo yumvanye abandi n'ibyo we ubwe yahagazeho. Kenshi yatandukanyijeku buryo bugaragara ibyo atabonye cyangwa atumvise n'ibyo yabonye

[187] Inyandiko mu rurimi rw'igifaransa iteye itya: « Yiciwe mu rugo rw'umucungamari mukuru. Abantu bamukuye mu cyayi, hafi ya « *Guest House* », noneho bazamuka bagana ku macumbi, haruguru ya « *Guest House* », ni ukuvuga muri metero zirenga magana atatu. Njye ubwanjye, nari imbere muri « *Guest House* ». Icyo gihe nari kumwe na Ndimbati, n'umwarimu, umugenzacyaha wa Komini, abasirikare babiri twavanye i Butare na Baragiwira ››. Musema ntiyigeze agira icyo avuga ku nkota yariho amaraso yari ifitwe n'umwarimu, nta n'ubwo yagize icyo avuga ku byerekeye umuntu wakororeraga mu murima wari inyuma ye, kandi yavuze ko yari muri « *Guest House* »; nyamara mu rubanza yavuze ko yari hanze yayo.

kandi yumvise. Ku byerekeranye n'ukuntu asobanura uburyo isambanywa ku gahato rya Anonsiyata Mujawayezu ryagenze, Urugereko rusanga ubuhamya bwe busobanuye neza kandi budahuzagurika, bityo rugasanga bwakwizerwa.

824. Ku byerekeranye n'ubuhamya bw'umugabo wiswe L, bufite agaciro gake kubera ko ahantu yari ari atashoboraga kumva Musema. Ibyo yabonye, ni ukuvuga Musema ahagaze hafi ya « bingalo », Anonsiyata Mujawayezu ari iruhande rw'uruzitiro hamwe n'abandi mbere y'uko bamwinjiza muri « Guest House », ni ibintu bihuye neza n'ibyo umutangabuhamya wiswe I yavuze mu magambo arambuye kuri ibyo byabaye. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yasobanuye neza ko Musema atinjiye muri « Guest House ». Iyo mvugo y'ibyabaye nta ho itandukaniye n'izindi zemeza zose ko Musema yagumye hanze, noneho akaza kugenda mu modoka ye nyuma y'igihe gito.

825. Mu buhamya bwatanzwe n'umugabo wiswe L, n'uwiswe I kimwe n'ubwo Musema yitangiye, biragaragara neza ko Musema na Anonsiyata Mujawayezu bari kuri « Guest House » ku itariki ya 14 Mata 1994. Biragaragara kandi ko mbere Anonsiyata Mujawayezu yari iruhande rwa « Guest House », ariko ko nyuma yaje kujyanwa mu nzu bamunyujije mu muryango w'inyuma[188]. Mu buhamya Musema yahaye umucamanza w'Umusuwisi ushinzwe gutegura urubanza biragaragara ko Musema yari imbere muri « *Guest House* »[189]. Urugereko rusanga umutangabuhamya wiswe L avuga ko ibyo byabaye ku itariki ya 18 Mata, nyamara ubuhamya bw'umugabo wiswe I, n'ubwa Musema, bwerekana ko byabaye ku itariki ya 14 Mata. Urugereko rusanga uwo mutangabuhamya yibeshya ku matariki, uretse ko yiyemerera ko ari ikigereranyo.

826. Ubuhamya bw'umugabo wiswe PP bufite agaciro gake kubera ko atari ahari igihe Anonsiyata Mujawayezu yicwaga. Umutangabuhamya yabonye umurambo we kandi yavuze ko igihimba cyari cyambaye ubusa. Ubwo buhamya buhuye n'ubwatanzwe n'umutangabuhamya wiswe I, wavuze ko igihimba cy'uwahohotewe gishobora kuba cyarakorewe urugomo rushingiye ku gitsina. Cyakora umutangabuhamya yavuze ko

188 Reba ubuhamya bw'umugabo wiswe L, inyandikomvugo y'iburanisha, 29 Mata 1999, urup. 24
189 Reba ubuhamya bwo kuri 13 Nyakanga 1995

nta gikomere yabonye ku mubiri wa nyir'uguhohoterwa uko yawubonye, n'ubwo bwose atavuga niba yari aryamye yubitse inda cyangwa niba yari agaramye. Kuri iyo ngingo, Urugereko rusanga n'ubwo ibyo PP yavuze byakwemerwa, bitafasha mu kumenya uko ibyabaye byagenze koko, n'ubwo bishimangira iby'uko Anonsiyata Mujawayezu yishwe, kandi ko Musema yari ku ruganda ku itariki ya 14 Mata 1994. Urugereko rusanga kandi umutangabuhamya yaravuze ko yabonye umurambo wa Anonsiyata Mujawayezu ku itariki ya 13 Mata, kandi umutangabuhamya wiswe I na Musema bavuga ko Anonsiyata Mujawayezu yapfuye ku itariki ya 14 Mata. Urugereko rusanga umutangabuhamya yaribeshye ku itariki.

827. Urugereko rwasuzumye ubuhamya Musema yatanze imbere y'Urugereko rubugereranya n'ubwo yahaye abategetsi b'Abasuwisi mbere y'uko urubanza rutangira. Ubuhamya yahaye abategetsi b'Abasuwisi butandukanye n'ubuhamya bwe mu iburanisha kandi na bwo ubwabo buravuguruzanya ku ngingo z'ingenzi. Kuri icyo cyaha, hari aho Musema avuga ko yagerageje kubuza iyicwa rya Anonsiyata Mujawayezu, ahandi akavuga ko yahageze byarangiye. Muri buri buhamya, uwahohotewe yiciwe ahantu hatandukanye. Rushingiye kuri uko kwivuguruza Musema adatangira ibisobanuro bigaragara, Urugereko rusanga igisobanuro kimwe rukumbi cyumvikana ari uko atavuga ukuri.

828. Rumaze gusuzuma ibimenyetso bimaze kuvugwa, Urugereko rusanga Porokireri yarerekanye ku buryo budashidikanywaho ko Musema ari we watanze itegeko ko Anonsiyata Mujawayezu, umututsikazi, asambanywa ku gahato, kandi bakamuca ibere bakariha umuhungu we ngo aririye. Cyakora nta buhamya bwatanzwe bwerekana ko yategetse ko bamwica, n'ubwo hariho ibimenyetso ndakuka byerekana ko yishwe koko. Bitewe n'umwanya ukomeye Musema yari afite muri Komini, yagombaga kumenya ko ibyo avuga byagombaga kugira ingaruka zikomeye, ndetse zimeze nk'itegeko, ku bo yabwiraga.

829. Nta kimenyetso kigaragaza ko Anonsiyata Mujawayezu yasambanyijwe ku gahato cyangwa ko bamuciye ibere, n'ubwo hari ibimenyetso bimwe na bimwe bituma umuntu yakwemera ko ibyo bikorwa byakozwe.

**Ibirego byerekeye gusambanya ku gahato no kwica Imakulata Mukankuzi n'abandi bagore ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 (igika cya 4.9)**

830. Inyandiko y'ibirego mu gika cyayo cya 4.9 iteye itya:

> Ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, ari mu karere ka Bisesero ko muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, Alfred Musema, afatanyije n'abandi, yasambanyije ku gahato umututsikazi witwa Mukankusi wari utwite arangije aramwica, nyuma y'ibyo ategeka abantu bari kumwe na we gusambanya ku gahato no kwica abatutsikazi bahungaga ibitero.

831. *Umutangabuhamya wiswe J*, akaba ari umututsikazi ufite imyaka mirongo ine n'icyenda, yavuze ko yari afite abana batanu, abakobwa bane n'umuhungu umwe. Mu wa 1994, abakobwa be bari bafite imyaka makumyabiri n'itanu, makumyabiri n'itatu, cumi n'icyenda na cumi n'ibiri. Umuhungu yari afite imyaka icyenda. Yavuze ko yageze mu Bisesero bahungiye ku gasozi ka Muyira muri Mata 1994 ari kumwe n'abana be babiri. Yavuze ko ku itariki ya 7 Mata, ubwo yahungaga ari kumwe n'abana be, Karoli Sikubwabo, wari Burugumesitiri wa Gishyita icyo gihe, yishe abandi bana be batatu abarashe.

832. Umutangabuhamya wiswe J yavuze ko yabonye Musema bwa mbere ku itariki ya 13 Gicurasi ubwo yari ayoboye igitero. Yasobanuye ko na mbere yari amuzi nk'umuyobozi mukuru w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, aho umugabo we yakoraga. Musema yari kumwe n'abasore bagera kuri mirongo itatu, abenshi muri bo ari Interahamwe zambaye amashati atukura n'amakabutura y'umweru. Bari bitwaje inkoni, ibibando, n'imipanga. Yongeyeho ko yari kumwe n'abandi bagore batanu. Babonye Musema barirutse bajya kwihisha mu bihuru. Musema atangiye kurasa mu kirere ni bwo bavuye mu bwihisho bwabo bagerageza guhunga. Musema yategetse

abantu bari mu gitero kubafata, maze barabikora. Yavuze ko Musema yabwiye abo bagabo ko agiye gufata umwe muri abo bagore akamusambanya ku gahato, kandi ko bagomba gukurikiza urugero rwe. Abantu bari mu gitero bakurikije amabwiriza ye. J yumvise Musema ababwira mu kinyarwanda ngo: « Muzabikore neza neza nk'uko mbikoze ». Musema yabwiye kandi abasore gufata abatutsikazi, kubitegereza neza noneho bakareba uko bateye. Umutangabuhamya yumvise ko ibyo byavugaga ko bagombaga gusambanya ku gahato abo bagore. Umutangabuhamya yavuze ko Musema yakoranije abantu bari mu gitero kugira ngo abagezeho ijambo kandi abahe amabwiriza; yakoresheje indangururamajwi n'ifirimbi.

833. Umutangabuhamya wiswe J avuga ko Musema yasambanyije ku gahato umwe muri abo bagore witwaga Imakulata Mukankuzi wari umututsikazi ufite imyaka makumyabiri n'itanu atwite inda y'amezi umunani. Yamukubise ikibuno cy'imbunda noneho yitura hasi. Nyuma yamanuye ipantalo ye n'ikariso abigeza ku mavi ni uko amujyaho. Umutangabuhamya yavuze ko Imakulata yagerageje kumwikura arira kubera ko Musema yari yavuze ko amwica. Musema yamugumyeho hafi iminota ine. Amaze kumusambanya ku gahato, Musema yongeye kwambara, arahaguruka ni uko yica Imakulata Mukankuzi amuteye icyuma cyari giteye ku mbunda ye munsi y'irugu.

834. Umutangabuhamya wiswe J yavuze ko kuba Musema yarishe Imakulata Mukankuzi byahaye abandi bagabo bari kumwe na we ubutwari bwo kwica abandi bagore. Abantu bari mu gitero bafashe abo bagore batanu bandi, harimo na we ubwe n'umukobwa we ufite imyaka 18, noneho babasambanya ku gahato. Barangije kubasambanya ku gahato, ababasambanyije babashinze ibisongo by'ibiti mu myanya ndangagitsina. Umutangabuhamya yasobanuye kandi ko ari we basambanyije ku gahato bwa nyuma kubera ko abandi bagore bari bakiri bato cyane ugereranije n'imyaka ye, kandi abo bagizi ba nabi babonaga ari umukecuru. Yavuze ko abo bagore bari bakiri bazima igihe babashingaga ibisongo by'ibiti mu myanya ndangagitsina kandi ko batakaga cyane. Yasobanuye ko bamwe muri abo bagore bahitanywe n'ibikomere batewe n'ibyo bisongo by'ibiti, kandi ko abari bakiri bazima babicishije ibikoni cyangwa imipanga. J yabonye umukobwa we apfa. Uko gusambanya ku gahato, ubwicanyi

n'ibindi bikorwa by'ubugome byakorewe byose mu ntera itageze kuri metero ebyiri z'aho yari ari.

835. Umutangabuhamya yasobanuye ko igihe ibyo bikorwa bitandukanye byabaga, Musema yari kure gato y'aho byaberaga, ariko ko yari akiri muri ako gace arasa ku bantu bageragezaga guhunga. Yabwiye abantu be ko nibamara kwica abagore bose bagomba kugenda. Umutangabuhamya yavuze ko bamusambanyije ku gahato Musema areba kandi ko yambitswe ubusa n'abantu bari mu gitero. Yongeyeho ko umugabo wamusambanyije ku gahato yamugumyeho amasaha ane. Ubwo yasubizaga ibindi bibazo, yavuze ko yababaraga cyane ku buryo yaketse ko kumusambanya ku gahato byamaze amasaha ane, mbere y'uko ata ubwenge. Ubwo yasabwaga kwisobanura kuri ayo masaha ane yavuze, yasubije ko ukuntu yababaraga, kumusambanya ku gahato bishobora no kuba byaramaze umwaka. J yavuze ko nta kintu bamushinze mu myanya ndangagitsina kubera ko yasaga n'uwataye ubwenge, cyakora bamukubise umuhoro mu mutwe n'umupanga ku rutugu no mu kiganza. Bamuteye kandi imigeri mu nda. Yavuze ko amaze kuzanzamuka yabonye imirambo y'abandi bahohotewe, irimo n'umurambo w'umukobwa we yabonye ava amaraso. J yavuze ko kubera ibyo yakorewe muri icyo gitero na n'ubu akiva, kumuvura bikaba byarananiranye kandi kubera gukomeretswa n'icyo gitero, ukuboko kumwe kukaba kwaragagaye. Yongeyeho ko abandi bapfakazi bashoboye kongera gushaka, ariko ko we atashatse kubera ko yamugaye.

836. Mu ibaza rinyomoza, J yasobanuye ko igihe yahungaga agana mu Bisesero abana be bakuru – abari bafite imyaka 25, 23 na 19- ari bo Burugumesitiri yishe abarashe. Yongeyeho ko abandi babiri biciwe mu Bisesero. Ubwunganizi bwasabye umutangabuhamya gusobanura ukubusanya kuri hagati y'ubuhamya yatanze mu Rukiko n'ikiganiro yagiranye n'umunyamakuru kuri Radiyo Rwanda muri Mutarama 1998. Muri icyo kiganiro yavuze uko ubwicanyi bwabereye mu Bisesero bwagenze. Ubwunganizi bwavuze ko muri icyo kiganiro umutangabuhamya atavuze ku byerekeye ubwicanyi bumwe na bumwe, nk'ubwerekeye abana be batatu bishwe na Sikubwabo, kandi ko yavuze ku buryo burambuye ibintu atavuze igihe cy'iburanisha,

nko kuba yaragiye ku kiliziya yo ku Mubunga umunsi ahungira mu Bisesero. J yasobanuye ko muri icyo kiganiro yasubije gusa ibibazo kandi ko nta muntu n'umwe yashinjaga icyo gihe. Yongeyeho ko yabonaga bitari ngombwa kuvuga kiliziya yo ku Mubunga kandi ko nta buhamya bushinja yatangaga ku muntu uwo ari we wese wari aho hantu. Ubwunganizi bwavuze ko umutangabuhamya yabeshye mu buhamya bwe agamije kugira uwo agerekaho urupfu rw'abana be n'ibikomere yagize. Umutangabuhamya yavuze akomeje ko atanga ubuhamya ku byo yabonye ku giti ke kandi yabayemo. Ubwunganizi bwavuze ko muri icyo kiganiro kuri radiyo, nta cyo yavuze kuri Musema, nta n'ubwo yavuze ko we ubwe n'abandi bagore basambanyijwe ku gahato. Yasubije ko atashatse kugira icyo avuga kuri icyo kibazo. Yongeye kubazwa, yemeje ko atanga ubuhamya mu Rukiko bwari ubwa mbere avuga ko yahohotewe agasambanywa ku gahato.

837. Mu ibaza rinyomoza, Ubwunganizi bwerekanye indi ngingo yerekana ko J yivuguruza mu buhamya bwe kubera ko yari yavuze ko Sikubwabo yishe abana be bakuru abarashe, bityo akaba yari asigaranye abana bafite imyaka 12 na 9. Ubwunganizi bwibajije ukuntu biramutse byaragenze bityo umukobwa we w'imyaka 18 yaba yaraje nyuma gusambanywa n'abantu ba Musema. Umutangabuhamya yasubije ko ari we nyina w'uwo mwana, wamubyaye, ko Ubwunganizi bugerageza kumutesha umutwe n'ibyo bibazo by'imyaka. Nyuma yavuze atsindagira ko Musema ari we wategetse ko bica abana be n'abandi bantu bari kumwe na we. Bisabwe n'Urukiko, hatanzwe ikimenyetso cyanditse cyerekana ko J yari afite koko abana batanu kandi kiriho n'amazina yabo.

838. Ubwunganizi bwamaze igihe kinini bubaza umutangabuhamya ku byerekeye ahantu gusambanya ku gahato n'ubwicanyi byakorewe. Kuri iyo ngingo, bwamubajije kwerekana agasozi ka Muyira ku mafoto atandukanye bwamweretse. Umutangabuhamya yananiwe kwerekana aho hantu ku mafoto bamuhaye avugako abona imisozi yose isa kandi nta kintu cyihariye iyo misozi yerekana, nk'ibihingwa ngandurarugo byatuma umuntu ayimenya.

839. Ubwunganizi buvuga ko ibirego bishingiye ku buhamya bw'umugabo wiswe J bidakwiye kwemerwa, kubera ko uwo mugabo atari inyangamugayo kandi atakwizerwa.

**Imyanzuro y'Urugereko ku byabaye:**

840. Urugereko rusanga J ari we mutangabuhamya wenyine wabonye Musema asambanya ku gahato kandi yica Imakulata Mukankuzi; ni we wenyine wabonye kandi abagabo bari kumwe na Musema ku gasozi ka Muyira basambanya ku gahato kandi bica abandi bagore, babibwirijwe na Musema. Muri rusange, Urugereko rusanga J ari umutangabuhamya ushyira mu gaciro. Ntiyigeze ahindagura ibyo yavuze mu ibaza ry'ibanze no mu ibaza rinyomoza. Ibibazo byinshi yagiye asubiza byatumye haboneka ishusho yuzuye y'ibyabaye yavuze.

841. Urugereko rusanga cyakora inshuro nyinshi umutangabuhamya yaratanze ibigereranyo bitameze neza byerekeye igihe. Urugero: yavuze ko umugabo wamusambanyije ku gahato yamugumyeho amasaha ane, mbere yo kuvuga ko kuri we, ari nk'aho byamaze amasaha ane cyangwa ndetse umunsi wose. Yongeyeho ko yakoresha amasaha abiri kugira ngo agende ahantu umusore yakoresha iminota itanu. Urugereko rusanga ayo makosa mu kugereranya yerekana gusa ingorane umutangabuhamya afite muri rusange mu gupima igihe. Ibyo ariko nta cyo bihindura ku kuri k'ubuhamya bwe.

842. Mu ibaza rinyomoza, Ubwunganizi bwanenze ubuhamya bw'umugabo kubera impamvu nyinshi. Urugereko rusanga ku byerekeye ikiganiro yagiranye na Radiyo Rwanda, atari ukuri kuvuga ko ibyo umutangabuhamya yahavugiye « bitandukanye » n'ibyo yavuze igihe cy'iburanisha, nk'aho ibyo yahavugiye bivuguruza ubuhamya yatanze mu iburanisha. Ubwunganizi bwerekanye ko ubwo yatangaga ikiganiro, atavuze byose mu byo yari yavuze mu iburanisha, kandi ko mu buhamya bwe atavuze byose mu byo yavuze mu kiganiro. Umutangabuhamya yatanze impamvu zumvikana mu gusobanura impamvu ibyo bintu binyuranye, ari zo ko ikiganiro yatanze kuri radiyo cyari kigufi, cyari gifite icyo kigamije by'umwihariko kandi kigenzurwa

n'umunyamakuru. Urugereko rusanga kuba nta cyo yavuze kuri Musema nta cyo bihindura ku buhamya bwe, binakubitiyeho ko nta n'icyo yavuze ku iyicwa ry'abana be no ku bindi byabaye bikomeye yavugiye mu iburanisha. Urugereko rwemera ko by'umwihariko bikomeye gutanga ubuhamya ku gusambanya ku gahato no ku bikorwa byo kwangiza imyanya ndangagitsina, cyane cyane mu ruhame. Bityo, Urugereko nta kunyuranya rwabonye hagati y'ikiganiro umugabo yatanze n'ubuhamya bwe mu iburanisha.

843. Urugereko rusanga uguhuzagurika kwabonetse mu buhamya bw'umugabo wiswe J kwerekeranye n'urupfu rw'umukobwa we wari ufite imyaka 19 avuga ko yishwe na Sikubwabo, n'urw'umukobwa we wari ufite imyaka 18 wasambanyijwe ku gahato kandi akicwa n'abasore bari kumwe na Musema ku gasozi ka Muyira. Umutangabuhamya yavuze inshuro nyinshi ko yari afite abana 5, bafite imyaka 25, 23, 19, 12, na 9. Bisabwe n'Urugereko kandi, umubare w'abana wagaragajwe n'ikimenyetso cyanditse. Yavuze neza ko abana be bakuru bishwe na Sikubwabo, kandi ko kubera iyo mpamvu yasigaranye abana babiri bafite imyaka 12, na 9. Cyakora yavuze ko umwe mu bakobwa b'inkumi n'abagore bakiri bato basambanyijwe ku gahato kimwe na we ku gasozi ka Muyira, yari umukobwa we wari ufite imyaka 18. Ubwo yasabwaga kwisobanura kuri uko kunyuranya mu ibaza rinyomoza, ntiyashoboye gutanga igisubizo. Yongeye kubazwa ikibazo na Porokireri yatanze igisubizo rusange gisobanutse neza agamije kwerekana ko ari Musema wategetse ko abana be bicwa. Ntiyashoboye gusobanura uko kunyuranya kugaragara.

844. Urugereko rusanga ubuhamya bw'umugabo wiswe J bwakwemerwa muri rusange, cyakora rutewe impungenge cyane n'ukunyuranya kudasobanutse kwerekeranye n'isambanywa ry'umukobwa we ku gahato. Urugereko rurashidikanya ku kuri kw'ibyo umutangabuhamya yavuze kuri icyo kibazo kubera ko nta gisobanuro yatanze. Rukurikije uko rwabonye umugabo n'ubuhamya bwe, bishoboka ko haba hariho igisobanuro gihwitse kuri icyo kibazo.

845. Nyamara ariko, hakurikijwe ihame rivuga ko Porokireri ari we ushinzwe umurimo ukomeye wo gutanga ibimenyetso, hakurikijwe kandi ko nta bundi buhamya buboneka bushimangira imvugo y'umutangabuhamya wiswe J, Urugereko rusanga ibirego byerekeranye n'uko Musema yasambanyije ku gahato kandi akica Imakulata Mukankuzi ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, byerekeye kandi ko abantu ba Musema basambanyije ku gahato kandi bakica abandi bagore bari kumwe n'umutangabuhamya babitegetswe na Musema, bitaratangiwe gihamya ku buryo budashidikanywaho.

**Ibirego byerekeranye no gusambanya ku gahato no kwica umukobwa w'inkumi witwa Nyiramusugi ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 (igika cya 4.10)**

846. Inyandiko y'ibirego mu gika cyayo cya 4.10 iteye itya:

> Ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, ari mu karere ka Bisesero ko muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, Alfred Musema, afatanyije n'abandi, yasambanyije ku gahato umututsikazi witwa Nyiramusugi, kandi ashishikariza abantu bari bumuherekeje gusambanya ku gahato no kwica uwo mugore.

847. *Umutangabuhamya wiswe N*, akaba ari umugabo w'umututsi w'imyaka 39, yemeje ko yahungiye mu karere ka Bisesero hagati y'itariki ya 26 Mata n'iya 13 Gicurasi 1994. Yavuze ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, ibitero byinshi byagabwe ku gasozi ka Muyira aho yari yihishe kugeza uwo munsi. Ibyo bitero byatumye yongera guhunga. Yavuze ko yari azi Musema. Ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, yabonye Musema aza ku gasozi ka Muyira ari mu modoka ye itukura. Yavuze ko bwari ubwa mbere abona Musema mu bitero. Yasobanuye ko yashoboye kumva Musema avuga, igihe we n'abo bari kumwe mu gitero bari bageze hafi y'ahantu yari ari.

848. Uwo mutangabuhamya yavuze ko Musema yabajije umupolisi witwa Ruhindura niba umukobwa w'inkumi witwa Nyiramusugi yarapfuye. Umupolisi yamusubije agira ati « oya ». Umutangabuhamya avuga ko Musema yasabye ko « mbere yo kugira ikindi

bakora bamuzanira uwo mukobwa»[190]. Burugumesitiri na Musema barashe amasasu ya mbere bagamije kumenyesha abandi ko bashobora nabo gutangira kurasa. Uko yarwanaga, Ruhindara ntiyigeze areka gushakisha uwo mukobwa w'inkumi yaje gufata. Umutangabuhamya yavuze ko yari azi Nyiramusugi. Ubusanzwe yamubonaga agiye ku ishuli, ikindi kandi yakundaga kuragira inka ze imbere y'urugo rw'ababyeyi b'uwo mukobwa. Yavuze ko yari umwarimukazi akiri ingaragu.

849. Umutangabuhamya wiswe N yemeje ko Nyiramusugi yafashwe ahagana saa cyenda n'igice. Yemeje ko yabonye Ruhindura, afashijwe n'abasore bane, akurura hasi uwo mukobwa w'inkumi, amujyanye imbere ya Musema. Umutangabuhamya yavuze ko Musema yari afite imbunda mu ntoki yaje guhereza Ruhindura. Abo bantu bane bari bafashe Nyiramusugi bamukubise hasi barahamufatira, babiri muri bo bamufata amaboko na ho abandi babiri bamufata amaguru. Abantu babiri bari bafashe amaguru y'uwo mukobwa barayatanyije, Musema ayajyamo. Umutangabuhamya yabonye Musema aca imyenda n'ikariso bya Nyiramusugi mbere y'uko we ubwe yiyambura. Yavuze ko mbere yo gusambanya ku gahato uwo mukobwa, Musema yavuze mu ijwi riranguruye ngo « uyu munsi ubwirasi bw'abatutsi burarangira »[191]. Umutangabuhamya yavuze ko Nyiramusugi yari umututsikazi w'inkumi mwiza cyane kandi uzwi cyane.

850. Umutangabuhamya yasobanuye ko kubera ko icyo gihe nyiramubande yumvikanaga ku gasozi ka Muyira, yashoboye kumva ibyavugwaga byose kandi ko yashoboye kumenya amajwi y'abantu bamwe bari mu bitero. Yasobanuye kandi ko kuba yarashoboye gukurikirana uko gusambanya ku gahato byatewe n'uko ahunga yituye hasi mu gihuru ubwo yashakaga kujya mu mpinga y'umusozi. Umuntu apimanyije mu kirere, Musema yari muri metero 40 z'aho yari ari mu ibanga ry'agasozi ka Muyira, uretse ko kugera n'amaguru aho yari ari, umuntu yagombaga kumanuka agasozi mbere yo kuzamuka ku rundi ruhande.

---

[190] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 28 Mata 1999, urup. 75, 1.1 na 2.
[191] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 28 Mata 1999, urup. 91, 1.11 na 12.

851. Umutangabuhamya yemeje ko uwakorewe icyaha yari umututsikazi kandi asobanura ko Musema yamufashe ku gahato. Yavuze kandi ko igihe yamusambanyaga ku gahato, Nyiramusugi yagerageje kwikura Musema kugeza ubwo yamubujije kwinyagambura amufatiye akaboko ku ijosi rye. Abantu 4 bari mu gitero bari babanje gufatira uwahohotewe hasi barebaga ibiba bahagaze hafi yaho, na ho umupolisi Ruhindura, yareberaga kure gato. Umutangabuhamya wiswe N yavuze ko nyuma y'ugusambanya ku gahato, ku bwe kwamaze iminota 40, Musema yagiye aho Ruhindura yari ari afata imbunda ye, nyuma barajyana.

852. Umutangabuhamya wiswe N yavuze kandi ko ba bantu bane bari bafatiye mbere hasi uwahohotewe basanze uwo mukobwa na bo bamusambanya ku gahato umwe nyuma y'undi. Yagerageje kubikura, nuko amanuka agasozi agana mu gishanga. Yashoboye kubabona basambanya ku gahato Nyiramusugi kugeza ubwo imiterere y'aho bari bari imubuza gukomeza kubabona. Igihe abantu baje kugaba igitero bamusambanyaga ku gahato, yavuze ko yumvise uwahohotewe asakuza avuga ngo « ikintu kimwe nabakorera ni ukubasabira gusa »[192].

853. Umutangabuhamya N yongeyeho ko nyuma yabonye abantu baje kugaba igitero bazamuka ku rundi ruhande rw'akabande. Yabonye ko basize Nyiramusugi mu kabande bazi ko yapfuye. Iryo joro yajyanye n'abandi bantu 3 aho uwo mukobwa yari ari, asanga ameze nabi cyane, umubiri we wuzuye ibikomere n'amaraso, ijosi ririho ibisharure byatewe n'inzara. Umutangabuhamya yavuze ko bamuteruye bakamujyana kwa nyina. Yavuze ko nyina w'uwo mukobwa yapfuye bukeye bwaho, musaza wa Nyiramusugi akaba yaramubwiye ko yishwe arashwe.

854. Mu ibaza rinyomoza, Ubwunganizi bwamaze igihe kirekire bubaza umutangabuhamya, bugamije kumenya impamvu yatumye aza gutanga ubuhamya mu Rukiko, no kumenya ukuntu yatanze ubuhamya imbere ya Porokireri ku itariki ya 13 Mutarama 1999. Umutangabuhamya yasobanuye ko muri 1997 yatanze ubuhamya mu

---

192 Reba ubuhamya bw'umugabo wiswe N, inyandikomvugo y'iburanisha yo ku itariki ya 28 Mata 1999, Urup. 107, 1.13 kugeza kuri 15

rukiko rwo mu Rwanda ashinja Musema. Yemeje kandi ko yashoboye kumva ibyo Musema yavugaga kubera ko impunzi zavuganaga buhoro, naho abantu bari mu gitero barimo bitegura; ikindi kandi bavugaga cyane ku buryo umuntu wese yashoboraga kubumva.

855. Ubwo yabazwaga kuvuga impamvu batishe Nyiramusugi bamaze kumusambanya ku gahato, umutangabuhamya yavuze ko atayizi. Bongeye kumubaza icyo kibazo, yasubije ko ibyo bamukoreye bikomeye kuruta kwicwa. Bakomeje kumuhata ibibazo bamubaza niba atabonaga ko bitangaje kuba bataramwishe, yavuze ko umuntu ashatse yakumva ko bamwishe koko, kandi ko akenshi iyo babonaga abantu banegekaye cyane basigaga basamba noneho bakaza gupfa. Yongeyeho ko iyo bamurekera aho yari ari ijoro ryose nta we umwitayeho aba yarapfuye. Bamubajije niba yarahawe amafaranga kugira ngo aze gutanga ubuhamya, umutangabuhamya yarahakanye. Nyuma bavuze ko abeshya, yasubije ko atazanywe no kubeshya, ko yaje kuvuga ibyo yabonye, yongeraho ko Musema azi ko avuga ukuri.

856. Ubwunganizi bwatanze amabaruwa menshi bugamije kwerekana ko Musema atari muri Kibuye muri ayo matariki ya 13 Gicurasi 1994.

**Imyanzuro y'Urugereko ku byabaye:**

857. Urugereko rwemera ubuhamya bw'umugabo wiswe N.

858. Ubuhamya bw'umugabo N burumvikana kandi ntibuhuzagurika. Ibaza rinyomoza nta kintu na kimwe ryagaragaje cyatuma ubuhamya bwe bushidikanywaho. Urugereko runyuzwe n'impamvu umutangabuhamya N yatanze ubwo yasobanuraga icyatumye ategereza imyaka 5 mbere yo gutanga ubwo buhamya, akaba yaravuze ko ibyaha Musema yakoze yabivuze mu rukiko rwo mu Rwanda muri 1997.

859. Impamvu umutangabuhamya yatanze ku byerekeranye n'ukuntu yumvise ibyo Musema yavuze na zo zirumvikana. Icya mbere, umutangabuhamya yasobanuye neza

ko ibitero byari bitaratangira igihe Musema yasabaga ko bamuzanira uwo mukobwa. Icya kabiri, yashoboye kumva Musema kubera ko impunzi zavuganaga buhoro, kandi abantu bari mu gitero barimo bitegura. Icya gatatu, abantu bari mu gitero bavugiraga hejuru. Ikindi kandi umutangabuhamya yasobanuye ko kubera ko icyo gihe ku gasozi ka Muyira hari nyiramubande, yashoboye kumva ibyavugwaga byose kandi yashoboye kumenya amajwi y'abantu bamwe mu baje kugaba igitero kubera ko umuntu anyuze mu kirere, igihuru yari yihishemo cyari muri metero 40 zaho Musema yari ari. Ibimenyetso gihamya gifite nomero D7-A, D7-B, na P21 byerekana ko ibyo umutangabuhamya yavuze ku birebana n'uko yabonye n'ukuntu yavuze agasozi ka Muyira gateye, biraboneye.

860. Ku byerekeranye n'imyiregurire ya *alibi*, Urugereko ruributsa imyanzuro rwafashe haruguru mu cyiciro 5.2 ku byerekeye ibitero byagabwe hagati muri Gicurasi. Aha, rwemeje ko rutemera iyo myiregurire ya *alibi*.

861. Rushingiye ku buhamya bwavuzwe haruguru, Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, Musema, afatanije n'abandi, yasambanyije ku gahato Nyiramusugi, kandi kubera urwo urugero yatanze, akaba yarashishikarije abandi kumusambanya ku gahato.

862. Urugereko rusanga cyakora nta kimenyetso na kimwe kigaragaza ko Musema, nk'uko biri mu Nyandiko y'ibirego, yashishikarije abo bari kumwe kwica Nyiramusugi.

### 5.4 Ububasha Musema yari afite

863. Igika cya 5 cyo mu Nyandiko y'ibirego kivuga ko, hashingiwe ku ngingo 6 (1) na 6 (3) ya Sitati, Musema agomba kuryozwa ku giti cye ibyaha aregwa mu Nyandiko y'ibirego.

864. Mu cyiciro cya 3.1 cy'Urubanza, Urugereko rwasuzumye amahame remezo y'amategeko yerekeye uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite nk'uko biri mu ngingo 6 (1)

na 6 (3) ya Sitati. Nk'uko Urugereko rubyemeza muri icyo gice cy'urubanza, ububasha Musema ahabwa n'amategeko cyangwa adahabwa na yo, cyangwa ubuyobozi yari afite ku buryo bufatika, bishobora kuba ishingiro y'iryo ryozwacyaha rya nyir'ubwite.

865. Hakurikijwe ingingo ya 6 (1), imiterere y'ububasha umuntu afite ni kimwe mu byo Urugereko rushingiraho mu gusuzuma uruhare uwo muntu yagize mu gukora icyaha, acura umugambi, awushishikariza abandi, ategeka gukora, cyangwa ku bundi buryo abwo ari bwo bwose, afasha kandi ashyigikira gucura umugambi, gutegura cyangwa gukora icyaha kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4. By'umwihariko, kuba umutegetsi yari ahari igihe icyaha cyakorwaga bishobora kuvuga ko icyo gikorwa cyemewe cyangwa gishyigikiwe, n'abagikora bakabona ko icyo gikorwa kinyuze mu mategeko.

866. Hashingiwe ku ngingo ya 6 (3), imiterere y'ububasha umuntu afite ni ingenzi mu gusuzuma niba hari uruhare yagize nk'umuyobozi ukuriye abakoze ibyaha bivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 ya Sitati, kandi niba kubera iyo mpamvu ashobora kuryozwa ku giti cye ibyo byaha byakozwe.

867. Ni ngombwa rero ko Urugereko rusuzuma imiterere n'ingano y'ububasha, bwaba ubwo ahabwa n'amategeko cyangwa ubwo adahabwa na yo, kimwe n'ubuyobozi Musema yari afite ku buryo bufatika hashingiwe ku birego biri mu Nyandiko y'ibirego. Mu gusuzuma ububasha bwa Musema Urugereko rurabanza gusuzuma ubuhamya abagabo bahaye Urugereko, inyandiko rwashyikirijwe, hanyuma rutange imyanzuro yarwo ku byabaye.

**Ibimenyetso byatanzwe**

868. Mu buhamya batanze, abagabo benshi bavuze ko Musema abantu bamufataga nk'umutegetsi kandi ko yari afite ijambo rikomeye mu karere ka Gisovu. *Umutangabuhamya wiswe H* yavuze ko Musema « yari yubashywe cyane » muri ako

karere. Umutangabuhamya wiswe W yavuze ko Musema « yari afite umwanya ukomeye mu Rwanda » kandi ko yari afite umwanya ukomeye ku ngoma kurusha abantu bamuruta mu mavuko cyangwa bafite ubushobozi nk'ubwe cyangwa babumurusha. Umutangabuhamya wiswe E yavuze ko Musema yafatwaga nk'umuntu ufite ububasha bungana n'ubwa perefe. Abatangabuhamya R na D bombi bavuze ko babonye Musema yicaranye n'abayobozi n'abategetsi habaye inama zo mu rwego rwa politiki.

869. Abatangabuhamya batanze ibisobanuro bitandukanye ariko bifite aho bihuriye ku byerekeye ububasha bwa Musema. Ku batangabuhamya bamwe, ububasha yabukomoraga mu kugenzura ibintu bituma abaturage bagira imibereho myiza mu rwego rw'ubukungu. Ku bandi, ububasha bwe bwari bushingiye mu rwego rwa politiki.

870. *Umutangabuhamya wiswe BB* yavuze ko abayobozi b'inganda z'icyayi bari abantu bubashywe cyane muri perefegitura zabo kubera ibikorwa bagezaga ku baturage mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage (cyane cyane amavuriro n'amashuri), byari bishamikiye ku nganda. Uko kubahwa kwatumye ububasha bwabo burenga ububasha bari bafite ku bakozi b'inganda. Umutangabuhamya wiswe G yavuze ko Musema yari « umuntu ukomeye cyane » kubera ko yakoreshaga abantu benshi mu ruganda.

871. *Abatangabuhamya biswe W, E* na *AB* batanze ubuhamya ku byerekeranye n'imirimo Musema yakoraga mu rwego rwa politiki. Bavuze ko yari afite uruhare rukomeye mu rwego rwa politiki mu karere ka Gisovu.

872. Umutangabuhamya w'impuguke wa Porokireri, *André Guichaoua,* yatanze ubuhamya bwerekana isano iri hagati y'ibisobanuro byombi ku byerekeye aho Musema yakomoraga ububasha bwe. Yashimangiye ko muri Repubulika ya Kabiri impamvu za politiki zari kimwe mu byo bibandagaho mu gushyira abantu mu myanya ikomeye y'ibigo bibyara umutungo, hakubiyemo n'ukomoka ku byoherezwa mu mahanga. Imyanya nk'iyo yarimo iy'ubuyobozi mu bigo bya Leta nka OCIR-ishami ry'icyayi.

Icyo kigo cyari gifite umwanya ukomeye kubera ko « cyagenzuraga imitungo yinjira iturutse hanze y'igihugu » nk'amafaranga avuye ku bucuruzi bw'icyayi mu mahanga. Guichaoua yavuze ko raporo z'akanama k'igihugu kita ku buhinzi ko muri 1991, zerekana ko icyayi cyari mu bicuruzwa by'ibanze byoherezwa hanze bizanira amafaranga u Rwanda.

873. Guichaoua avuga ko ubukene bwo mu karere ka Gisovu bwatumye Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu rugira agaciro kanini. Ububasha bwa Musema nk'umuyobozi w'uruganda rw'icyayi ntibwagarukiraga ku bantu yashoboraga gukoresha, ahubwo bwageraga no ku bategetsi ba Komini, binyuze ku misoro ya Komini abakozi bahembwaga n'uruganda batangaga, iyo misoro na yo igatuma Komini ishobora guhemba abakozi bayo. Guichaoua yavuze ko ibyo byatumaga haba ubufatanye bukomeye hagati y'abategetsi ba Komini n'ibigo bya Leta. Yavuze ko umuyobozi w'ikigo nk'icyo « yashoboraga guhamagarira abaturage kwitabira amahoro ».

874. Guichaoua yavuze ko kuba Musema yaragizwe umuyobozi w'uruganda rw'icyayi byari bishingiye ku mpamvu za politiki no ku mubano yari afitanye n'abagize Guverinoma. Yavuze ko ububasha « n'icyubahiro » bya Musema byiyongereye cyane Guverinoma nshya imaze kujyaho ku itariki ya 8 cyangwa ya 9 Mata 1994 kubera abantu bavuka ku Kibuye bari muri iyo guverinoma ari benshi cyane kurusha ibindi bihe. Guichaoua yavuze ku byerekeye ubucuti Musema yari afitanye ku giti cye n'abaminisitiri benshi. Guichaoua yavuze ko muri icyo gihe cy'intambara, umuyobozi w'uruganda rw'icyayi ntiyagombaga kwita gusa ku ruganda no gukomeza kohereza icyayi mu mahanga, yagombaga no « kubahiriza amahoro ». Inganda z'icyayi zari zikomeye cyane mu rwego rw'ubukungu ku buryo abayobozi bazo bahozwagaho ijisho n'ubutegetsi bukuru. Guichaoua avuga ko urebye umwanya Musema yari afite, atari kubura kugira uruhare mu nzego zafataga ibyemezo muri kiriya gihe.

875. Ubwunganizi bwahakanye ibyo birego byerekeye ububasha bwa Musema. Ibimenyetso bwatanze biri mu cyiciro cya 4.3 cy'uru rubanza. Muri rusange, Ubwunganizi bwavuze ko nta kimenyetso cyatanzwe cyerekana ububasha Musema

ahabwa mu rwego rwa gisivili; ko kuba Musema yaragizwe umuyobozi w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu atari ikimenyetso gihagije cyerekana ko yari afitanye ubucuti n'ubutegetsi; ko ntaho yari ahuriye na Guverinoma y'agateganyo.

876. Umutangabuhamya wiswe BB yavuze ku byerekeye umwanya Musema yarimo mu rwego rw'amategeko nk'umuyobozi w'uruganda rw'icyayi. Uwo mutangabuhamya yavuze ko abayobozi b'inganda z'icyayi, nk'ibigo bya Leta bifite ubuzima gatozi bashyirwagaho na Perezida. Bagenzurwaga n'umuyobozi mukuru wa OCIR-ishami ry'icyayi, na we akagenzurwa na Minisitiri w'Ubuhinzi. Umutangabuhamya wiswe BB yavuze ko perefe yari ahagarariye umukuru w'igihugu muri perefegitura, kandi ko umuyobozi w'uruganda yagombaga kubaha ubutegetsi bwe. Cyakora, gucunga uruganda buri munsi, harimo no gutanga akazi, byari biri mu bubasha bw'umuyobozi w'uruganda atagombye kugisha inama perefe cyangwa burugumesitiri. Umutangabuhamya avuga ko diregiteri w'uruganda « yacungaga » abakozi be.

877. Urugereko rusanga Musema yaravuze mu buhamya bwe ko yasuye ibigo bya gisirikare kandi ko yari afite uburenganzira bwo kwitwaza imbunda. Urugereko rusanga na none kuba Musema yaraherekezwaga n'abasirikare byerekana muri rusange ko yari afite umwanya ukomeye.

878. Mu kwanzura, Urugereko rusanga Ubwunganizi na bwo bwaratanze ibimenyetso byinshi, birimo za raporo n'inyandikomvugo z'inama, hamwe n'amabaruwa yanditswe mu rwego rw'akazi. Ibyo byose byerekana ko igihe ibyo aregwa bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byabaga, Musema, nk'umuyobozi w'uruganda rw'icyayi wemewe n'amategeko, yari afite ububasha ku bakozi b'uruganda, bwaba ubwo ahabwa n'amategeko cyangwa ubwo adahabwa na yo.

**Imyanzuro y'Urugereko ku byabaye:**

879. Rumaze gusuzuma ibimenyetso rwashyikirijwe no kureba ko abatangabuhamya bavuga ukuri kandi bakwiye kugirirwa ikizere nk'uko byakozwe haruguru muri uyu

mutwe, Urugereko rugiye gufata imyanzuro ku byabaye byerekeranye no kumenya niba Musema yari afite ububasha ku bantu anabacunga, no kumenya imiterere y'ubwo bubasha n'uko kubacunga, n'aho byagarukiraga, igihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga.

880. Urugereko rusanga byaragaragajwe ku buryo budashikikanywaho ko Musema yari afite ububasha ahabwa n'amategeko ku bakozi b'uruganda rwa Gisovu, igihe babaga bari mu mazu y'uruganda cyangwa bakora akazi nk'abakozi b'uruganda rw'icyayi, n'igihe iyo mirimo yakorerwaga hanze y'amazu y'uruganda. Urugereko rusanga Musema yari afite ububasha ku bakozi be mu rwego rw'amategeko n'urw'imari, cyane cyane kubera ububasha yari afite bwo gutanga akazi no kwirukana abakozi b'uruganda rw'icyayi. Urugereko rusanga, ashingiye kuri ubwo bubasha, Musema yarashoboraga gufata ingamba za ngombwa zihana umukozi, nko kumwirukana cyangwa kumukangisha kwirukanwa ku mwanya we mu ruganda, biramutse bigaragaye ko uwo mukozi yakoze ibyaha bivugwa muri Sitati. Urugereko rusanga kandi, ashingiye kuri ubwo bubasha, Musema yarashoboraga gufata ingamba za ngombwa kugira ngo agerageze kubuza gukoresha imodoka, imyenda y'akazi cyangwa indi mitungo y'uruganda hagamijwe gukora ibyaha nk'ibyo, cyangwa guhana umuntu wese wabikoresha. Urugereko rusanga Musema yari afite ububasha ahabwa n'amategeko n'ububasha adahabwa na yo ku bakozi no ku mitungo y'uruganda rw'icyayi.

881. Ku byerekeye abandi baturage ba Kibuye, harimo n'abakozi bo mu mirima y'icyayi cy'abaturage, Urugereko rwemera ko Musema yafatwaga nk'umutegetsi, ufite ububasha bwinshi cyane muri ako karere, ariko rushingiye ku bimenyetso rwashyikirijwe, rusanga bitaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari afite ububasha kuri abo baturage, bwaba ubwo ahabwa n'amategeko cyangwa ubwo adahabwa na yo.

882. Bityo, Urugereko rusanze, ku buryo budashidikanywaho, Musema yari akuriye koko abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu mu rwego ahabwa n'amategeko igihe ibyaha bivugwa mu nyandiko y'ibirego byakorwaga.

883. Mu cyiciro cya 6 cy'uru rubanza, mu myanzuro yarwo ku byerekeye amategeko, Urugereko rurasuzuma niba Musema ashobora kuryozwa ku giti cye ibyabaye hashingiwe ku ngingo ya 6 ya Sitati ku birebana n'ibivugwa mu nyandiko y'ibirego mu bika kuva kuri 4.6 kugera kuri 4.11.

## 6. IMYANZURO Y'URUGEREKO MU RWEGO RW'AMATEGEKO

### 6.1. Ikirego cya 1 – Jenoside n'Ikirego cya 2 - Kuba icyitso cy'abakoze jenoside

884. Mu kirego cya mbere ku birebana n'ibyaha byose bikubiye mu Nyandiko y'ibirego, Porokireri avuga ko Musema agomba kuryozwa ibyaha hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya (1) n'icya (3) by'Ingingo ya 6 ya Sitati ku bireba jenoside, icyo cyaha kikaba gihanwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 2 (3) a) ya Sitati.

885. Ibyo byaha byo mu kirego cya mbere bitamuhama, Porokireri agasaba ko yakurikiranwa ku kirego cya kabiri hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya (1) n'icya (3) by'Ingingo ya 6 ya Sitati, bitewe n'uko yakoze icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside, icyo cyaha kikaba gihanwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 2 (3) e) ya Sitati. Ikirego cya kabiri na cyo gishingiye ku bikorwa byose aregwa bikubiye mu Nyandiko y'ibirego.

886. Nk'uko rwabivuze haruguru mu myanzuro ku mategeko akurikizwa, Urugereko ruributsa ko uregwa ahamwa n'icyaha cya jenoside iyo akoze kimwe mu bikorwa birondorwa mu ngingo ya 2 (2) ya Sitati, icyo gikorwa kikaba cyakozwe kigamije kurimbura abantu bose bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko, ku idini, cyangwa igice cyabo, bazira icyo bari cyo.

887. Urugereko kandi rusanga uregwa ahamwa n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside mu gihe, abizi neza kandi abishaka, yateye inkunga akunganira cyangwa agashishikaza umuntu umwe cyangwa abantu benshi, mu gukora icyaha cya jenoside kabone n'iyo uregwa we ataba agambiriye gukora jenoside, kandi akaba azi ko uwo muntu cyangwa abo bantu barimo gukora jenoside, bagamije kurimbura abantu bose bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, cyangwa igice cyabo, bazira icyo bari cyo.

888. Bitewe n'uko ibyo aregwa mu kirego cya kabiri yabihanirwa ari uko ibyo mu kirego cya mbere biramutse bitamuhamye, Urugereko ubu rugiye gufata imyanzuro kuri ibyo birego byombi. Ruhereye ku myanzuro ku byabaye rwafashe mu mutwe wa 5, rurabanza gusuzuma niba mu bikorwa Musema aregwa hari ibimuhama ku buryo budashidikanywaho kandi yaryozwa ku giti cye. Nyuma Urugereko rurasuzuma niba ibyo bikorwa bibarirwa mu bigize icyaha cya jenoside, cyangwa bitabaye ibyo, niba bibarirwa mu bigize icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside.

*Mbere na mbere ku birebana n'ibikorwa bivugwa mu Nyandiko y'ibirego, rushingiye ku myanzuro yarwo ku byabaye, Urugereko rwemera ku buryo budashidikanywaho ibikurikira:*:

889. *Icya mbere*, ku byerekeye ibivugwa mu gika cya 4.8 cy'Inyandiko y'ibirego, ko Musema, afatanyije n'abandi, yategetse kandi agashishikariza abantu gusambanya ku gahato Anonsiyata Mujawayezu w' umututsikazi, maze nyuma agategeka ko we n'umuhungu we bicwa, Urugereko rusanga, n'iyo Musema yaba yaratanze itegeko ryo gusambanya ku gahato Anonsiyata Mujawayezu, iryo tegeko ubwaryo ridahagije ngo aryozwe icyaha ku giti cye, mu gihe kandi nta n'ikimenyetso cyatanzwe kigaragaza ko iryo tegeko ryaba ryarashyizwe mu bikorwa, ko koko Anonsiyata Mujawayezu yasambanyijwe ku gahato. Byongeye kandi, nta kigaragaza ko Musema yatanze itegeko ko uwo mugore n'umuhungu we bicwa.

890. *Icya kabiri*, Urugereko rusanze byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko ku itariki ya 26 Mata 1994 Uregwa yagiye mu gitero cyagabwe ku gasozi ka Gitwa akiyoboye. Musema yari mu modoka yo mu bwoko bwa Daihatsu y'uruganda rw'icyayi rwo mu Gisovu. Yari yitwaje imbunda kandi yari kumwe n'abakozi bo mu ruganda rw'icyayi rwa Gisovu, bambaye imyenda y'akazi y'ubururu. Musema n'abandi bantu, bamwe muri bo bakaba bari bambaye amashara, bakindikije imihurura, bateye impunzi z'abatutsi. Icyo gitero simusiga cyishe impunzi kibishishikariye, abake muri zo akaba ari bo bashoboye kurokoka.

891. Urugereko rurasanga ibyo bikorwa bimaze kuvugwa bituma Musema aryozwa icyaha ku giti cye, hashingiwe ku biteganywa n'igika cya 1 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, cyo kuba yarakoze, no kuba kandi, bitewe no kuhaba ubwe n'uruhare rwe, yarafashije akanashishikariza abandi gutera abantu babarirwa mu itsinda ry'abatutsi ububabare bwo ku mubiri cyangwa mu mutwe.

892. Ku byerekeye ibyo Porokireri avuga by'uko Musema ku giti cye ashobora kuryozwa ku buryo bw'inyongera ibindi biteganywa n'igika cya 3 cy'Ingingo ya 6 ya Sitati, Urugereko rusanga kugira ngo uregwa aryozwe ku giti cye ibyaha biteganywa n'icyo gika, Porokireri agomba kuba yatanze ibimenyetso: 1) by'uko kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo kuva ku ya 2 kugera ku ya 4 ya Sitati cyakozwe mu by'ukuri n'umwe mu bo uregwa akuriye; 2) uregwa yari azi cyangwa yagombye kuba yari azi ko uwo akuriye yari agiye gukora icyo gikorwa cyangwa ko yari yamaze kugikora kandi 3) uregwa atafashe ingamba za ngombwa kandi zumvikana kugira ngo abuze uwo akuriye gukora icyo gikorwa cyangwa ngo akimuhanire.

893. Muri uru rubanza, Urugereko rusanga mu bagabye ibitero harimo abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Urugereko rusanga kandi byanze bikunze uruhare rwabo rwaratumye hakorwa ibyaha bivugwa mu ngingo kuva ku ya 2 kugera ku ya 4 ya Sitati, muri byo hakabamo guhungabanya bikomeye ubuzima bw'abatutsi, bwaba ubwo ku mubiri cyangwa mu mutwe.

894. Urugereko rusanga kandi bigaragara ko Musema yari umuyobozi w'abo bakozi kandi ko yari abafiteho ububasha ahabwa n'amategeko, ndetse n'ubwo adahabwa na yo[193]. Bitewe n'uko Musema na we ubwe yari aho igitero cyabereye, Urugereko rusanga yari azi cyangwa se yaragombaga kumenya ko abakozi be bari bagiye gukora bene biriya bikorwa cyangwa ko bari babikoze. Urugereko rusanga kandi Uregwa atafashe ingamba za ngombwa kandi zikwiye kugira ngo abuze ibyo bikorwa gukorwa n'abakozi be, ahubwo akaba yarabashishikarije kubikora, kubera ko byakozwe ahari, ndetse na we ubwe akabikora.

---

[193] Reba icyiciro 5.2 cy'uru Rubanza

895. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanze ibyakozwe n'abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu mu gihe cy'igitero cyo ku itariki ya 26 Mata 1994 cyagabwe ku gasozi ka Gitwa Musema na we agomba kubiryozwa ku giti cye nk'uwari ubakuriye, hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati.

896. *Icya gatatu*, Urugereko rusanze bigaragara ku buryo budashidikanywaho ko ku itariki ya 27 Mata n'iya 3 Gicurasi 1994, Musema yagiye mu gitero cyagabwe muri Rwirambo. Musema yaje muri Pajero itukura, ikurikiwe na kamyoneti enye zo mu bwoko bwa Daihatsu z'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, zari zitwaye abantu umutangabuhamya wiswe R yise Interahamwe, akaba yarabamenyeye ku myenda yabo y'akazi y'ubururu, yari yanditseho mu mugongo amagambo « *Usine à thé de Gisovu* » ( Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu). Musema yari yitwaje imbunda. Ubwo R yashakaga guhunga, yakomerekejwe ku kuboko n'isasu ryari riturutse aho Musema yari ari.

897. Urugereko rusanze Musema aryozwa ku giti cye ibikorwa bimaze kuvugwa, hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya 1 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, bitewe n'uko yakoze, cyangwa se bitewe no kubaha n'uruhare rwe, yafashije akanashishikariza abandi kwangiza bikabije, ku mubiri cyangwa mu mutwe, ubuzima bw'abantu babarirwa mu itsinda ry'abatutsi.

898. Ku byerekeye ibivugwa na Porokireri ko uburyozwacyaha bwite bwa Musema bwanagenwa ku buryo bw'inyongera hashingiwe ku biteganywa n'igika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, Urugereko rusanga mbere na mbere mu bantu bagabye igitero baturutse muri Rwirambo harimo abantu bamenyekanye ko bari abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Urugereko rusanga nta kabuza uruhare rwabo rwaratumye hakorwa ibyaha bivugwa mu ngingo ya 2 n'iya 4 za Sitati, hakaba harimo cyane cyane kwangiza bikabije, ku mubiri cyangwa mu mutwe, ubuzima bw'abantu babarirwa mu itsinda ry'abatutsi.

899. Urugereko rusanze kandi byaragaragajwe ko, nk'uko byavuzwe haruguru, Musema yari akuriye abo bakozi, kandi akaba yari abafiteho ububasha ahabwa n'itegeko kandi anabacunga nyabyo. Urugereko, rumaze kubona ko Musema yari aho igitero cyagabwe, rusanze yari azi, cyangwa se yaragombaga kumenya ko abakozi be bari bagiye gukora biriya bintu, cyangwa se bari bamaze kubikora. Nyamara Urugereko rusanze Musema atarafashe ingamba za ngombwa kandi zikwiye ngo abuze ibyo bintu gukorwa n'abakozi be, ko ahubwo yabashishikarije kubikora, kubera ko yari aho byakorewe kandi na we ubwe akabikora.

900. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanze ibyakozwe n'abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu mu gitero cyagabwe ku gasozi ka Rwirambo Musema na we yabiryozwa ku giti cye nk'uwari ubakuriye, hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati.

901. Icya kane, hakurikijwe ubuhamya bwinshi buvuga rumwe, Urugereko rwemera ku buryo budashidikanywaho ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, igitero simusiga cyagabwe ku bihumbi mirongo ine by'impunzi z'abatutsi zari ku gasozi ka Muyira. Igitero cyatangiye mu gitondo. Bamwe mu bari mu gitero bageze ku gasozi ka Muyira n'amaguru, abandi mu mamodoka, arimo za Daihatsu z'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Mu bantu bari mu gitero harimo abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu bambaye imyenda y'akazi, abajandarume, abasirikare, abasivili n'Interahamwe. Abari mu gitero bari bitwaje imbunda, za gerenade, imbunda zirasa gerenade n'intwaro za gakondo. Bavugiraga rimwe ibigambo birwanya abatutsi.

902. Urugereko rwemera ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari mu bayoboraga igitero. Yageze aho cyagabwe mu modoka ye yo mu bwoko bwa Pajero itukura. Yari yitwaje imbunda, yaje no kurashisha mu gitero. Ibihumbi by'abatutsi badafite intwaro, barimo abagabo, abagore n'abana, biciwe muri icyo gitero, abandi bakizwa no guhunga.

903. Urugereko rusanze, hashingiwe ku gika cya 1 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, Musema aryozwa ku giti cye ibikorwa bimaze kuvugwa, bitewe n'uko yategetse, cyangwa se kubera kuba aho icyaha cyakorewe n'uruhare yakigizemo, yafashije akanashishikariza abandi kwica abatutsi, no kwangiza bikabije ubuzima bwa bo, ku mubiri cyangwa mu mutwe.

904. Rushingiye mu nyanzuro ku byabaye yavuzwe haruguru, Urugereko rusanze byaragaragajwe ku buryo gushidikanya ko mu bateye harimo abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Urugereko rusanga nta kabuza uruhare rwa bo rwaratumye hakorwa ibyaha bivugwa mu ngingo ya 2 n'iya 4 za Sitati, hakaba harimo cyane cyane kwica abatutsi, no kwangiza bikabije ubuzima bwa bo, ku mubiri cyangwa mu mutwe.

905. Urugereko rusanze bigaragara ko Musema yari akuriye abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, kandi ko yari abafiteho ububasha ahabwa n'amategeko n'ubundi adahabwa na yo. Musema ubwe yari aho igitero cyagabwe, bityo Urugereko rukaba rusanze yari azi, cyangwa se yaragombaga kumenya ko abakozi be bari bagiye gukora biriya byaha, cyangwa se bari bamaze kubikora. Urugereko rusanze nyamara Musema atarafashe ingamba za ngombwa kandi zishyize mu gaciro ngo abuze ibyo bintu gukorwa n'abakozi be, ko ahubwo yabashishikarije kubikora, kubera ko yari ahari bikorwa, ndetse na we ubwe akabikora.

906. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanze ibyakozwe n'abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu mu gitero cyo ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 Musema na we yabiryozwa ku giti cye nk'uwari ubakuriye, hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati.

907. *Icya gatanu*, Urugereko rusanze byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, mu gihe igitero cyavuzwe haruguru cyagabwaga ku gasozi ka Muyira, Musema, amaze kubwirwa n'umupolisi witwa Ruhindura ko umukobwa w'umutsikazi wari umwarimukazi witwa Nyiramusugi akiriho, yasabye Ruhindura kumushaka akamumuzanira. Ruhindura, abifashijwemo n'abasore bane, yaje

akurubana hasi uwo mukobwa, amushyikiriza Musema wari ufashe imbunda ye mu ntoki. Abasore bane bari bafashe Nyiramusugi bamutuye hasi barahamuryamisha, babiri muri bo bamufata amaboko, abandi babiri bamufata amaguru. Abo ba nyuma batagaranyije amaguru y'uwo mukobwa, nuko Musema amucira imyenda n'ikariso, nyuma na we yikuramo imyenda. Nuko Musema avuga aranguruye ijwi ati: « Uyu munsi agasuzuguro k'abatutsi karashira ». Ubwo Musema yasambanyije Nyiramusugi ku gahato. Ubwo yari arimo kumusambanya ku gahato, na Nyiramusugi agerageza kumwiyaka, Musema yamuhamishije hamwe amufashe ukuboko; ako kaboko yari agafatiye ku gikanu cy'uwahohoterwaga. Ba bagabo bane bari bahoze bafashe Nyiramusugi bitegerezaga ibiba bahagaze hafi yaho. Musema amaze kugenda, baraje nuko na bo bamusambanya ku gahato bamukuranwaho. Nyuma baje gusiga Nyiramusugi aho bazi ko yapfuye.

908. Rushingiye ku biteganywa mu gika cya 1 cy'Ingingo ya 6 ya Sitati, Urugereko rusanze Musema aryozwa ku giti cye icyaha cyo kuba, hamwe n'abandi, yarasambanyije ku gahato umukobwa w'inkumi w'umututsikazi, bityo akaba yarangije bikabije, ku mubiri cyangwa mu mutwe, ubuzima bw'umuntu ubarirwa mu itsinda ry'abatutsi. Byongeye kandi, rushingiye ku biteganywa n'igika cya 1 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, Urugereko rusanze na none Musema aryozwa ku giti cye kuba yarashishikarije abandi gusambanya ku gahato uwo mukobwa, bitewe n'uko na we ubwe yari amaze kumusambanya.

909. Ku byerekeye ibivugwa na Porokireri by'uko uburyozwacyaha bwite bwa Musema bwanagenwa ku buryo bw'inyongera hashingiwe ku biteganywa mu gika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, Urugereko rusanze Porokireri atarigeze avuga niba mu bari mu bitero bakoreye Nyiramusugi urugomo harimo abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu cyangwa se abandi bantu Musema yaba yari akuriye; ibyo kandi nta n'ibimenyetso yabitangiye. Urugereko rero rusanze Musema adashobora kuryozwa ku giti cye icyaha cyo gusambanywa ku gahato Nyiramusugi, hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 6 (3) ya Sitati.

910. *Icya gatandatu*, Urugereko rusanze, ku buryo budashidikanywaho, ku itariki ya 14 Gicurasi 1994 igitero simusiga cyaragabwe ku gasozi ka Muyira, ku batutsi b'abasivili. Abateye babarirwaga mu bihumbi cumi na bitanu bitwaje intwaro za gakondo, imbunda na za gerenade, kandi hari amagambo bagenda bavugira rimwe. Musema wari witwaje imbunda yari umwe mu bari bayoboye icyo gitero.

911. Byongeye kandi, Urugereko rusanze, ku buryo budashidikanywaho, mu kwezi kwa Gicurasi hagati, Musema yaragiye mu gitero cyagabwe ku batutsi b'abasivili ku gasozi ka Muyira. Musema ni we wari uyoboye icyo gitero, cyarimo n'Interahamwe kimwe n'abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Pajero itukura ya Musema kimwe n'imodoka zindi z'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu zagaragaye muri icyo gitero. Musema yatangije igitero arashisha imbunda ye, kandi ubwe yarashe ku mpunzi, n'ubwo bitagaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko hari umuntu yishe.

912. Rushingiye ku biteganywa mu gika cya 1 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, Urugereko rusanze Musema aryozwa ku giti cye ibikorwa bimaze kuvugwa, bitewe n'uko yategetse, yakoze, cyangwa se bitewe no kuba yari ari aho icyaha cyakorewe n'uruhare yagize, yarafashije akanashishikariza abandi kwangiza bikabije, ku mubiri cyangwa mu mutwe, ubuzima bw'abantu babarirwa mu itsinda ry'abatutsi.

913. Rushingiye ku myanzuro ku byabaye yavuzwe haruguru, Urugereko rusanze, ku buryo budashidikanywaho, mu baje bateye harimo abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Urugereko rurasanga nta kabuza uruhare rwa bo rwaratumye hakorwa ibyaha bivugwa mu ngingo ya 2 n'iya 4 za Sitati, hakaba harimo cyane cyane kwangiza bikabije, ku mubiri cyangwa mu mutwe, ubuzima bw'abantu babarirwa mu itsinda ry'abatutsi.

914. Urugereko rusanze kandi byaragaragajwe ko Musema yari akuriye abo bakozi, kandi ko atari abafiteho gusa ububasha ahabwa n'itegeko, ko ahubwo yanabacungaga nyabyo. Musema ubwe yari aho igitero cyagabwe, bityo Urugereko rukaba rusanze yari azi, cyangwa se yaragombaga kumenya ko abakozi be bari bagiye gukora biriya

byaha, cyangwa se bari babikoze. Urugereko rusanze Uregwa atarafashe ingamba za ngombwa kandi zikwiye ngo abuze ibyo byaha gukorwa n'abakozi be, ko ahubwo yabashishikarije kubikora, kubera ko yari ahibereye kandi agafatanya n'abandi kubikora.

915. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanze ibyakozwe n'abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu ku gasozi ka Muyira Musema na we yabiryozwa ku giti cye nk'uwari ubakuriye, hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati.

916. *Icya karindwi*, Urugereko rwemera ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagiye mu gitero cyagabwe ku gasozi ka Mumataba hagati mu kwezi kwa Gicurasi 1994. Mu bari mu gitero babarirwaga hagati ya 120 na 150 harimo abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, bari bitwaje intwaro za gakondo, hamwe n'abapolisi ba Komini. Imodoka z'Uruganda rw'icyayi zatwaye abagabye igitero kandi na Musema yari ahari. Icyo gitero cyibasiye abatutsi babarirwa hagati ya 2000 na 3000 bari bahungiye mu nzu y'uwitwa Sakufe n'iruhande rwayo kandi cyatangijwe n'amafirimbi. Urugereko rwemera ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari ahari, ko we n'abandi bagumye iruhande rw'imodoka ye mu gihe cyose igitero cyamaze, kandi ko aho hantu yahaviriye rimwe n'abari mu gitero.

917. Urugereko rusanze Musema aryozwa ku giti cye ibyo byaha, hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya 1 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, kubera ko yari ahibereye akurikirana ibikorwa muri icyo gitero, akaba kandi yarafashije akanashishikariza abantu kwica abatutsi, no kwangiza bikabije ubuzima bwabo, bwaba ubwo ku mubiri cyangwa ubwo mu mutwe.

918. Urugereko rusanze bigaragara ku buryo budashidikanywaho ko mu bari mu gitero harimo abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu kandi ko bajyanywe aho igitero cyagabwe n'imodoka z'uruganda, mu gihe na Musema yari ahibereye. Urugereko rusanze abo bakozi baragize uruhare rugaragara mu ikorwa ry'ibyaha bivugwa mu ngingo ya 2, iya 3 n'iya 4 za Sitati, birimo cyane cyane kwica abatutsi, no kwangiza bikabije ubuzima bwabo, bwaba ubwo ku mubiri cyangwa ubwo mu mutwe.

919. Urugereko rusanze kandi bigaragara ko Musema yari akuriye abo bakozi, kandi ko atari abafiteho gusa ububasha ahabwa n'itegeko, ko ahubwo yanabagenzuraga nyabyo. Musema ubwe yari aho igitero cyagabwe, bityo Urugereko rusanze yari azi, cyangwa se byibura yaragombaga kumenya ko abakozi be bari bagiye gukora biriya bikorwa, cyangwa se ko bari bamaze kubikora. Urugereko rusanze ahubwo Musema atarafashe ingamba za ngombwa kandi zumvikana ngo abuze abakozi be gukora ibyo bikorwa, ko ahubwo kuba yari ari aho ibyo byaha byakorerwaga no kuba we ubwe yarabigizemo uruhare byarashishikarije abakozi b'Uruganda kubikora.

920. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanze ibyakozwe n'abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu mu gitero cyagabwe mu Mataba Musema na we yabiryozwa ku giti cye nk'uwari ubakuriye, hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati.

921. *Icya munani*, Urugereko rwemera ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagiye mu gitero cyagabwe ku buvumo bwa Nyakavumu. Musema yari mu modoka ya Pajero, yari ishoreranye n'izindi zari zerekeje kuri ubwo buvumo, harimo n'imodoka zo mu bwoko bwa Daihatsu z'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu zari zitwaye abakozi b'urwo ruganda. Byagaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari yitwaje imbunda, kandi ko yari ahari igihe igitero cyagabwaga, ubwo abari mu gitero bahindizaga ibiti n'amababi umunwa w'ubuvumo, barangiza bakabishumika. Urugereko rusanze byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko abatutsi b'abasivili barenga 300 bari bahungiye mu buvumo bapfiriyemo, kubera uwo muriro.

922. Urugereko rusanze Musema agomba kuryozwa ku giti cye ibyo bikorwa bimaze kuvugwa, hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya 1 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, bitewe n'uko yakoze ibyo bikorwa byo kwangiza bikabije ubuzima bw'abatutsi, bwaba ubwo ku mubiri cyangwa ubwo mu mutwe, cyangwa se bitewe no kuba yari ahari, akaba yarafashije akanashishikariza abandi gukora ibyo byaha.

923. Rushingiye ku myanzuro ku byabaye yavuzwe haruguru, Urugereko rusanze bigaragara ku buryo budashidikanywaho ko mu bagabye igitero harimo abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Urugereko rusanze abo bakozi baragize uruhare rukomeye mu ikorwa ry'ibyaha bivugwa mu ngingo ya 2 iya 3 n'iya 4 za Sitati, birimo cyane cyane kwangiza bikabije ubuzima bw'abatutsi bwaba ubwo ku mubiri cyangwa ubwo mu mutwe.

924. Urugereko rusanze kandi bigaragara ko Musema yari akuriye abo bakozi, kandi ko atari abafiteho gusa ububasha ahabwa n'itegeko, ko ahubwo yanabagenzuraga nyabyo. Musema ubwe yari aho igitero cyagabwe, bityo Urugereko rusanze yari azi, cyangwa se byibura yaragombaga kumenya ko abakozi be bari bagiye gukora ibyaha, cyangwa se ko bari bamaze kubikora. Urugereko rusanze ahubwo uregwa atarafashe ingamba za ngombwa kandi zikwiye ngo abuze abakozi be gukora ibyo bikorwa, ko ahubwo kuba yarahibereye kandi agafatanya n'abandi gukora ibyo bikorwa, byashishijkarije abo bakozi kubyitabira.

925. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanze ibyakozwe n'abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu ku gasozi ka Muyira Musema na we yabiryozwa ku giti cye nk'uwari ubakuriye, hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati.

926. Rushingiye ku bimaze kuvugwa, Urugereko rwemera ku buryo budashidikanywaho ko iryozwacyaha bwite rya Musema rigaragara, hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya 1 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, bitewe n'uko yategetse, yakoze, cyangwa se bitewe n'uruhare yagize, yafashije akanashishikariza abandi kwica abatutsi, no kubangiriza bikabije ubuzima bwaba ubwo ku mubiri cyangwa ubwo mu mutwe. Byongeye kandi, Urugereko rwemera ku buryo budashidikanywaho ko Musema agomba kuryozwa na none icyaha hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, ku bireba ibikorwa byakozwe ahari n'abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu.

*Ku byerekeye noneho kumenya niba ibyaha bimaze kuvugwa byarakorewe itsinda ry'abatutsi, bazira icyo bari cyo, niba kandi mu gihe yabikoraga Musema yari agambiriye gukora jenoside:*

927. Nk'uko rwabyerekanye mu myanzuro yarwo yerekeye amategeko akurikizwa mu gusuzuma ko habayeho igitekerezo cyo gukora jenoside, Urugereko rusanze bikwiye gusuzuma icyo gitekerezo hifashishijwe ibimenyetso bifatika rwashyikirijwe, hanarimo ibyerekana ko uregwa yari agambiriye ibyo yakoraga.

928. Rushingiye ku bimenyetso byinshi rwashyikirijwe mu rubanza, cyane cyane ku bikorwa bivugwa mu gika 4.4, icya 4.5 n'icya 4.11 by'Inyandiko y'ibirego[194], Urugereko rusanga mu gihe ibikorwa bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byabaga, mu Rwanda harakozwe amarorerwa menshi yibasiye abatutsi. Musema yemeye ko za bariyeri zigenzurwa n'abantu ku giti cyabo, bamwe muri bo bitwaje imihoro n'izindi ntwaro zinyuranye, icyo gihe zashyizwe ku muhanda Kigali – Gitarama. Musema yavuze ko we ubwe yabonye imirambo kuri uwo muhanda, kandi ko yabonye aho basahura. Musema yemera ko abo bantu biciwe kuri za bariyeri bitewe n'uko babashinjaga kuba Inyenzi, icyo gihe iryo jambo rikaba ryarasobanuraga abatutsi.

929. Ku buryo bw'umwihariko, Musema yemeye ko hagati y'ukwezi kwa Mata n'ukwa Kamena 1994, ibihumbi by'abagabo, abagore n'abana, abenshi muri bo bakaba bari abatutsi, bahungiye mu karere ka Bisesero. Musema yemeye ko abo bantu bibasiwe n'ibitero byagiye bigabwa hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994; ko abateraga bari bitwaje imbunda, za gerenade, imihoro, amacumu, imipanga, ibikoni n'izindi ntwaro, bagambiriye kwica abatutsi; ko kandi mu Bisesero ibyo bitero byahitanye bikanakomeretsa ibihumbi by'abagabo, abagore n'abana.

930. Musema yemeye kandi ko ahagana ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 igitero kinini cyagabwe ku basivili b'abatutsi bari bahungiye ku gasozi ka Muyira muri Komini ya Gisovu, abo batutsi bakaba barakorewe ibikorwa bya jenoside. Muri rusange, Musema

[194] Reba icyiciro 4.1 cy'uru rubanza

yemeye ko mu mezi ya Mata, Gicurasi na Kamena 1994, muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, ibikorwa bya jenoside byakorewe ubwoko bw'abatutsi.

931. Urugereko rusanze ibyo bikorwa bimaze kuvugwa Musema n'abo yari akuriye baregwa byarakozwe mu rwego rusange rw'ibindi byaha byibasiye abatutsi. Byongeye kandi, Urugereko rusanze Musema yaremeye ko jenoside yibasiye abatutsi yakorwaga mu gihe ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga kandi ko yakorewe ahantu nyirizina ibyaha aregwa na byo byakorewe.

932. Cyane cyane ariko, rushingiye ku buhamya buvuga rumwe rwashyikirijwe, Urugereko rusanze kuba Musema yaragize uruhare mu bitero byibasiye abatutsi byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho. Amagambo avuga nabi abatutsi yavugwaga mu bitero, nka: « Tubatsembatsembe » yerekanaga neza ko abari mu bitero, na Musema arimo, bari bagamije kurimbura abatutsi. Urugereko rusanze Musema wari ufite umwanya w'ubuyobozi cyane cyane kuba yari Diregiteri w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, yarize kaminuza kandi aziranye n'abanyapolitiki, yarategetse ko ibyaha byibasiye ubwoko bw'abatutsi bikorwa, kandi yarashishikarije abantu kubikora, yigira ubwe aho byakorerwaga kandi na we ubwe abikora. Ibyo bitero byari bigambiriye kugirira nabi no kurimbura abatutsi. Abagabo, abagore n'abana bahohotewe ku bwende kandi ku buryo buri kuri gahunda bazira gusa ko babarirwaga mu bwoko bw'abatutsi. Ibikorwa bitesha abahohotewe agaciro byari bigamije ku buryo bw'umwihariko kubakoza isoni bazira ko ari abatutsi.

933. Bityo, rushingiye ku bimenyetso rwashyikirijwe, Urugereko rusanze ibikorwa bitera ububabare bukomeye bwo ku mubiri cyangwa mu mutwe, birimo no gusambanya ku gahato n'urundi rugomo rushingiye ku gitsina, byaragendanaga n'amagambo y'urukozasoni, agaragaza ko ku buryo bw'umwihariko buri gikorwa cyari kigamije kurimbura ubwoko bw'abatutsi. Ni muri urwo rwego igihe Nyiramusugi yasambanywaga ku gahato Musema yavuze ngo: « Uyu munsi agasuzuguro k'abatutsi karashira ». Birumvikana ko gusambanya ku gahato n'urundi rugomo rushingiye ku

gitsina byabarirwaga muri gahunda yateguriwe kurimbura ubwoko bw'abatutsi; ibyo bikorwa byari byibasiye ku buryo bw'umwihariko abatutsikazi, kandi byari bigamije ku buryo bugaragara kubamara, no kurimbura abatutsi bazira icyo bari cyo. Umutangabuhamya wiswe N yabwiye Urugereko ko abari bamaze gusambanya Nyiramusugi bamusize aho bamusambanyirije ameze nk'uwapfuye, ko urebye n'ubundi bari bamwishe, asobanura ko « ibyo bamukoreye birenze urupfu ».

934. Urugereko rusanze, ku buryo budashidikanywaho, igihe ibikorwa Urukiko rwemeje haruguru byakorwaga, Musema yari afite umugambi wo kurimbura abatutsi bazira icyo bari cyo.

935. Kubera iyo mpamvu, ku byerekeye ikibazo cyo kumenya niba igihe ibyaha bikubiye mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga ubwoko bw'abatutsi bwarabarirwaga mu matsinda arengerwa hakurikijwe Amasezerano yerekeye jenoside, Urugereko ruributsa ko Ubwunganizi bwemeye ko ibikorwa bya jenoside byibasiye ubwoko bw'abatutsi. Byongeye kandi, rumaze gusuzuma ibimenyetso byose rwashyikirijwe, n'uko ibintu byari byifashe mu rwego rwa politiki, imibereho y'abaturage n'umuco byari mu Rwanda, Urugereko rusanze igihe ibyaha bivugwa byakorwaga ubwoko bw'abatutsi bwari, kandi bugikomeza kuba itsinda rirengerwa hakurikijwe Amasezerano yerekeye jenoside, hamwe n'ingingo ya 2 ya Sitati.

936. Kubera impamvu zose zimaze kuvugwa, Urugereko rwemera ku buryo budashidikanywaho, icya mbere, ko Musema agomba kuryozwa ku giti cye ibyaha byavuzwe haruguru bigize icyaha cya jenoside; icya kabiri, ko Musema yakoze ibyo byaha agambiriye ku buryo bugaragara kurimbura ubwoko bw'abatutsi bazira icyo bari cyo, kandi, icya gatatu, ko ubwoko bw'abatutsi bubarirwa mu matsinda arengerwa n'amategeko yerekeye jenoside. Musema agomba kuryozwa icyaha ku giti cye hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya 1 n'icya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati ku byerekeye icyaha cya jenoside, gihanwa hakurikijwe ingingo ya 2 3) a) ya Sitati.

### 6.2 Ikirego cya 3 - Ubwumvikane bugamije gukora jenoside

937. Ku byerekeye ikirego cya 3 kireba ibyaha byose muri rusange bikubiye mu Nyandiko y'ibirego, Porokireri yemeza ko Musema yakoze icyaha cy'ubwumvikane bugamije gukora jenoside, gihanwa hakurikijwe ingingo ya 2 (3) b) ya Sitati.

938. Urugereko rusanze ibyo byaha Porokireri avuga mu kirego cya 3 bisa n'ibiri mu kirego cya 1 cya jenoside no mu kirego cya 3 cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside.

939. Ku byerekeye amategeko akurikizwa ku cyaha cy'ubwumvikane bugamije gukora jenoside, urugereko rwavuze haruguru ko:

> «…Urugereko rusobanura ko ubwumvikane bugamije gukora jenoside ari umugambi wo gukora ikintu uhuriweho byibura n'abantu babiri, bagamije gukora jenoside. »[195]

940. Urugereko rusanze Porokireri atarashinje Musema ku buryo bufututse, cyane cyane akaba ataranatanze ibimenyetso bigaragaza ko koko Musema yumvikanye n'abandi gukora jenoside cyangwa ko yacuranye na bo umugambi wo kugira icyo bakora muri urwo rwego.

941. Byongeye kandi, Urugereko rusanze Musema adashobora kuryozwa icyaha cy'ubwumvikane bugamije gukora jenoside kivugwa mu kirego cya 3, cyane cyane ko ku bikorwa bimwe Porokireri yatanze ibimenyetso by'uko Musema yagize uruhare mu ikorwa ry'icyaha cy'iremezo ari cyo cya jenoside.

### 6.3 Ikirego cya 5 – Icyaha cyibasiye inyokomuntu (itsembatsemba)

942. Nk'uko bivugwa mu kirego cya 5 cy'Inyandiko y'ibirego, Musema arashinjwa icyaha cyibasiye inyokomuntu (itsembatsemba), kivugwa mu ngingo ya 3 (b) no mu ya 6 (1)

---

[195] Reba icyiciro cya 3.2.3 cy'uru rubanza

na (3) za Sitati, bitewe n'ibikorwa bivugwa kuva ku gika cya 4.1 kugeza ku cya 4.11 by'Inyandiko y'ibirego.

943. Urugereko rusanze hari ibikorwa ubwunganizi bwemeye, nko kuba hariho ubwoko bw'abatutsi, kuba ibitero rusange kandi biri kuri gahunda byaragabwe hose mu Rwanda hagati y'itariki ya 1 Mutarama n'iya 31 Ukuboza 1994 kandi ibyo bitero bikaba byari byibasiye abasivili bazira ubwoko bwabo. Urugereko rusanze bitari ngombwa ko Porokireri atanga ibimenyetso ku byerekeye ibyo bikorwa bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu (itsembatsemba).

944. Urugereko rusanze nk'uko biteganywa n'ingingo ya 6 (1) ya Sitati, « Umuntu uwo ari we wese wacuze umugambi, wawuhamagariye abandi, uwategetse gukora icyaha, uwagikoze cyangwa ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose, agafasha kandi agashyigikira gucura umugambi, gutegura, cyangwa gutsotsoba icyaha kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 y'iyi Sitati, akiryozwa ku giti cye ». Urugereko rusanze kandi ingingo ya 6 (3) ya Sitati iteganya ko: « Kuba igikorwa icyo ari cyo cyose […] cyarakozwe n'uyoborwa ntibibuza umukuriye kukiryozwa ku giti cye, iyo yari azi cyangwa yagombaga kumenya ko uwo ayobora yitegura gukora icyo cyaha cyangwa ko yagikoze ariko umukuriye ntafate ingamba za ngombwa kandi zikwiriye kugira ngo icyo cyaha kidakorwa cyangwa ngo ahane abagikoze ».

945. Urugereko rusanze bigaragara ku buryo budashidikanywaho ko Musema:

- yari yitwaje imbunda kandi, uretse no kuba yarategetse ko ibitero bigabwa ku basivili b'abatutsi bari bahungiye ku gasozi ka Muyira ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994, kimwe no muri Gicurasi hagati, yarafashije ubwe, ashishikariza abantu kubijyamo kandi na we arabyitabira. Musema yari mu bayoboraga ibyo bitero, kandi bamwe mu bari babirimo bari abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, bagiye ku gasozi ka Muyira mu mamodoka y'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu[196].

[196] Reba haruguru icyiciro cya 5.2

- yagiye mu gitero cyagabwe ku batutsi b'abasivili bari bahungiye ku gasozi ka Mumataba hagati mu kwezi kwa Gicurasi 1994. Bamwe mu bari muri icyo gitero bari abakozi b'uruganda rw'icyayi bari baje ku gasozi ka Mumataba mu mamodoka y'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu; Musema yagumye aho mu gihe cyose igitero cyamaze, ahava atahukanye n'abari mu gitero;[197]

- yagiye mu gitero cyagabwe ku batutsi b'abasivili bari bahungiye mu buvumo bwa Nyakavumu;[198]

- yagiye mu gitero cyagabwe ku itariki ya 26 Mata 1994, cyibasiye abatutsi b'abasivili bari bahungiye ku gasozi ka Gitwa[199]; kandi yagiye mu gitero cyagabwe hagati y'itariki ya 27 Mata n'iya 3 Gicurasi cyibasiye abatutsi b'abasivili i Rwirambo.

946. Urugereko rusanze mu mwaka wa 1994 Musema yari azi ko mu Rwanda haberaga ibitero rusange kandi biri kuri gahunda byari byibasiye abaturage b'abasivili. Uwo mwanzuro ushingiye ku mpamvu y'uko Musema yari ahantu hanyuranye ibitero byagabwaga muri Perefegitura ya Kibuye, nk'uko byagaragajwe haruguru n'ubuhamya bwa Musema ubwe, kimwe n'ibimenyetso gihamya byatanzwe n'Ubwunganizi. Ku buryo bw'umwihariko, Urugereko ruributsa ubuhamya bwa Musema bukurikira:

> « […] kubera mbere na mbere ubwicanyi bwaberaga imbere mu gihugu […] hari iyojenoside yari imaze gukorwa, kandi yari ikirimo gukorwa […] »[200]
>
> « … abantu biciwe ku Kibuye, mu zindi Perefegitura … »[201]

---

[197] Reba haruguru icyiciro cya 5.2
[198] Reba haruguru icyiciro cya 5.2
[199] Reba haruguru icyiciro cya 5.2
[200] Reba ubuhamya bwa Musema, inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Gicurasi 1999
[201] Reba ubuhamya bwa Musema, inyandikomvugo y' iburanisha, 24 Gicurasi 1999

«Urwo ruhinja rwapfuye, uwo mukecuru, uwo mwana muto wapfuye, wishwe n'abicanyi batagira impuhwe, ku bwanjye abo bahohotewe ni inzirakarengane»[202].

947. Urugereko ruributsa kandi ibyo Musema yavuze mu mabaruwa abiri yandikiye Nicole Pletscher, Ubwunganizi bwatanzeho ibimenyetso gihamya:

« Kuva ku itariki ya 6 Mata mu gihugu hamenetse amaraso atagira ingano: isubiranamo ry'amoko - ubwicanyi – ubusahuzi – ibintu byose umuntu yatekereza cyangwa se atatekereza mu marorerwa kamere muntu yakora… Ruhengeri bisa n'ibyayigezeho. Ariko Byumba yarafashwe 100% … Ariko bavuga ko hapfuye ibihumbi amagana … Ibihumbi n'ibihumbi by'abakuwe mu byabo n'intambara, mbega amarorerwa yiyongera ku bihumbi by'imirambo ! »[203]

«Ku byerekeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu, mu gice kigenzurwa na Leta ubwicanyi bwarahagaze, ariko buracyakorwa mu gice cya FPR. Imfashanyo zo kugoboka abantu ziracyategerejwe.»[204]

948. Urugereko rusanze imyitwarire mibi ya Musema iri mu rwego rw'igitero rusange kandi kiri kuri gahunda cyagabwe ku baturage b'abasivili muri icyo gihe, iyo myitwarire ikaba kandi ari kimwe mu bikorwa bisesuye bigize icyo gitero.

949. Urugereko rusanze Musema agomba kuryozwa ku giti cye icyaha hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 6 1) ya Sitati kubera ko yategetse ko ibitero bigabwa ku batutsi b'abasivili bari bahungiye ku dusozi twa Muyira na Mumataba kimwe no ku buvumo bwa Nyakavumu, agafasha kandi akanashishikariza abantu kugaba ibyo bitero, agatanga imodoka z'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu ngo zitware abagabye ibitero ku dusozi twa Muyira na Mumataba, akaba kandi na we ubwe yaritabiriye ibyo bitero byibasiye abatutsi b'abasivili bari bahungiye mu buvumo bwa Nyakavumu no ku dusozi twa Gitwa na Rwirambo.

[202] Reba ubuhamya bwa Musema, inyandikomvugo y' iburanisha, 24 Gicurasi 1999
[203] Reba ikimenyetso gihamya gifite nomero D36 cyatanzwe n'Ubwunganizi
[204] Reba ikimenyetso gihamya gifite nomero D76 cyatanzwe n'Ubwunganizi

950. Urugereko rwamaze kwemeza ko igihe ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga, Musema yari akuriye mu buryo bwemewe n'amategeko abakozi b'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu[205]. Urugereko rusanze kandi Musema yari afite ububasha buhagije bwatuma afata ingamba zo kubuza ko abari mu bitero bakoresha imodoka, imyenda y'akazi n'ibindi bikoresho by'Uruganda rw'icyayi, mu gihe cy'ibitero[206]. Urugereko rusanze Musema, n'ubwo yamenye ko abakozi b'Uruganda rw'icyayi bagiraga uruhare muri ibyo bitero, nta ngamba za ngombwa yafashe ngo ababuze kubijyamo cyangwa abuze ko ibikoresho by'Uruganda rw'icyayi bikoreshwa, cyangwa se ngo ahane abakozi bishoye muri ibyo bikorwa cyangwa bakoresheje ibikoresho by'Uruganda.

951. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanze bigaragara ku buryo budashidikanywaho ko Musema agomba kuryozwa ku giti cye icyaha cyibasiye inyokomuntu (itsembatsemba), hakurikijwe Ingingo ya 3) b), n'iya 6 (1) na (3) ya Sitati, nk'uko bivugwa mu kirego cya 5 cy'Inyandiko y'ibirego.

**6.4 Ikirego cya 4 – Icyaha cyibasiye inyokomuntu (ubuhotozi)**

952. Nk'uko bivugwa mu kirego cya 4 cy'Inyandiko y'ibirego, Musema arashinjwa icyaha cyibasiye inyokomuntu (ubuhotozi), nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 a), n'iya 6 (1) na (3) za Sitati, hakurikijwe ibikorwa bivugwa kuva ku gika cya 4.1 kugeza ku cya 4.11 by'Inyandiko y'ibirego.

953. Urugereko rusanze nk'uko bivugwa mu kirego cya 5 cy'Inyandiko y'ibirego Musema ashinjwa kandi icyaha cyibasiye inyokomuntu (gutsembatsemba), kivugwa mu ngingo ya 3 b), iya 6 (1) na (3) za Sitati, hakurikijwe ibikorwa bivugwa kuva ku gika cya 4.1 kugeza ku cya 4.11 by'Inyandiko y'ibirego, muri byo hakabamo ibitero byibasiye abasivili mu duce tunyuranye tw'akarere ka Bisesero. Ibikorwa bikubiye mu bika

[205] Reba haruguru, icyiciro cya 5.4
[206] Reba haruguru, icyiciro cya 5.4

by'Inyandiko y'ibirego byavuzwe haruguru ni byo kandi ikirego cya 4 (ubuhotozi bugize icyaha cyibasiye inyokomuntu) gishingiyeho.

954. Urugereko rwemera imitekerereze yagendeweho mu Rubanza rwa Akayesu iteye itya:

> « [….] biremewe ko Uregwa ashobora guhamwa n'ibyaha bibiri ku bikorwa bimwe mu bihe bikurikira: (1) iyo ibyangombwa bigize ibyo byaha bitandukanye; cyangwa (2) iyo amategeko ateganya ibyo byaha arengera inyungu zitandukanye, cyangwa (3) iyo ari ngombwa ko Uregwa ahabwa ibihano kuri ibyo byaha byombi kugira ngo imyitwarire ye ibe ihanwe ku buryo bukwiye. Ariko kandi, Urugereko rusanze nta mpamvu yo guhamya Uregwa ibyaha bibiri ushingiye ku bikorwa bimwe igihe (a) kimwe muri ibyo byaha ari icyaha gito kigize ikindi, nk'urugero: ubwicanyi n'ibikorwa bibangamira ku buryo bukomeye umubiri, ubujura bukoresheje kiboko n'ibikangisho n'ubujura busanzwe, cyangwa gusambanya ku ngufu n'ibyaha by'iterasoni; cyangwa (b) iyo icyaha kimwe gituma uregwa aryozwa icyaha nka gatozi, urugero ni nka jenoside no kuba icyitso cy'abakoze jenoside»[207].

955. Urugereko rwemeye kandi imitekerereze yagendeweho mu Rubanza rwa Rutaganda:

> «Nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu, ubuhotozi n'itsembatsemba bihuriye ku byangombwa bimwe bigize icyo cyaha, ni ukuvuga ko biba byakozwe mu rwego rw'igitero rusange kandi kiri kuri gahunda, cyibasiye abaturage b'abasivili bazira ubwenegihugu bwabo, umutwe wa politiki barimo, ubwoko bwabo cyangwa idini ryabo. Ari ubuhotozi ari n'itsembatsemba, byose bihuriye ku kwica umuntu byagambiriwe, ku buryo bunyuranyije n'amategeko. **Nyamara ariko**, ubuhotozi ni ukwica umuntu umwe cyangwa benshi, mu gihe ariko itsembatsemba ari icyaha cyibasiye itsinda ry'abantu …»[208] (Ntibishimangiwe mu nyandiko y'umwimerere)

[207] Reba Urubanza rwa *Akayesu,* igika 468
[208] Reba Urubanza rwa *Rutaganda,* igika 422

956. Urugereko rusanze mu Rubanza rwa Akayesu ibyaha byinshi bifatwa nk'ubuhotozi byari bikubiye mu Nyandiko y'ibirego byarakomatanyirijwe hamwe bigafatwa nk'icyaha cy'itsembatsemba. Mu Rubanza rwa Rutaganda, igitero cyihariye cyagabwe kuri ETO, n'ubwo cyashyirwaga muri ibyo byaha byombi by'ubuhotozi n'itsembatsemba, cyafashwe nk'aho ari itsembatsemba aho kuba ubuhotozi, kubera ko hishwe itsinda ry'abantu.

957. Muri uru rubanza, ubwicanyi bwabereye ku dusozi twa Gitwa, Muyira, Rwirambo na Mumataba kimwe no mu buvumo bwa Nyakavumu bwibasiye itsinda ry'abantu, bityo rero bukaba bukwiye gufatwa nk'itsembatsemba aho gufatwa nk'ubuhotozi. Kubera iyo mpamvu, Musema ntahamwa n'icyaha cyibasiye inyokomuntu (ubuhotozi) ku birebana n'ubwo bwicanyi. Urugereko ruributsa imyanzuro rwafashe mu cyiciro cya 6.3 cyavuzwe haruguru.

958. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanze hakurikijwe ibivugwa mu kirego cya 4 cy'Inyandiko y'ibirego, Musema atagomba kuryozwa ku giti cye icyaha cyibasiye inyokomuntu (ubuhotozi), hakurikijwe ibitegenywa n'Ingingo ya 3 a), n'iya 6 (1) na (3) za Sitati.

### 6.5 Ikirego cya 6 – Ibyaha byibasiye inyokomuntu (ibindi bikorwa bibi birenze kamere muntu)

959. Nk'uko bivugwa mu kirego cya 6 cy'Inyandiko y'ibirego, Musema arashinjwa icyaha cyibasiye inyokomuntu (ibindi bikorwa bibi birenze kamere muntu), hashingiwe ku bivugwa mu ngingo ya 3 i), n'iya 6 (1) na (3) ya Sitati, ibikorwa akurikiranweho bikaba bivugwa mu bika kuva ku cya 4.1 kugeza ku cya 4.11 by'Inyandiko y'ibirego.

960. Urugereko rwamaze gusobanura « ibindi bikorwa bibi birenze kamere muntu » bivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati[209].

[209] Reba haruguru igika 3.3

961. Urugereko rusanze Porokireri ataragaragaje ku buryo budashidikanywaho ko hari icyaha icyo ari cyo cyose Musema aryozwa kibarirwa mu « bindi bikorwa bibi birenze kamere muntu » biteganywa mu ngingo ya 3 i), n'iya 6 (1) na (3) za Sitati, nk'uko bivugwa mu kirego cya 6 cy'Inyandiko y'ibirego.

### 6.6 Ikirego cya 7 – Icyaha cyibasiye inyokomuntu (gusambanya ku gahato)

962. Nk'uko bivugwa mu kirego cya 7 gikubiye mu Nyandiko y'ibirego, Musema arashinjwa icyaha cyibasiye inyokomuntu (gusambanya ku gahato), icyo cyaha kikaba kivugwa mu ngingo ya 3 g), iya 6 (1) na (3) ya Sitati, hashingiwe ku bikorwa bivugwa mu bika kuva ku cya 4.1 kugeza ku cya 4.11 by'Inyandiko y'ibirego.

963. Rushingiye ku myanzuro ku byabaye rwafashe ku birebana n'ibyaha bivugwa mu gika cya 4.10 cy'Inyandiko y'ibirego[210], Urugereko rwasuzumye iryozwacyaha bwite rya Musema, nk'uko riteganywa mu Ngingo ya 6 (1) na (3) ya Sitati.

964. Urugereko rusanze Ubwunganizi bwemera ibintu bimwe na bimwe, nko kuba abatutsi bari itsinda rihuriye ku bwoko; kuba ibitero rusange kandi biri kuri gahunda byaragabwe hirya no hino mu Rwanda hagati y'itariki ya 1 Mutarama n'iya 31 Ukuboza 1994; no kuba kandi ibyo bitero byaribasiye abaturage b'abasivili bazira ubwoko bwabo. Ku birebana n'icyaha cyibasiye inyokomuntu (gusambanya ku gahato), Urugereko rusanga atari ngombwa ko Porokireri atanga ibimenyetso kuri ibi bintu byemewe n'Ubwunganizi.

965. Urugereko rwemeye igisobanuro cyo gusambanya ku gahato cyatanzwe mu Rubanza rwa Akayesu, kivuga ko ari « urugomo rushingiye ku iyinjiragitsina rwakorewe undi ku gahato »[211]. Rwemeye kandi igisobanuro cy'*urugomo rushingiye ku iyinjiragitsina*

[210] Reba igika 5.3
[211] Reba igika 3.3 cyavuzwe haruguru

cyatanzwe muri urwo Rubanza, kivuga ko ari « igikorwa icyo ari cyo cyose gishingiye ku gitsina cyakorewe umuntu ku gahato»[212].

966. Mu myanzuro ishingiye ku byabaye, Urugereko rwemeje ko ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 Musema yasambanyije ku gahato umututsikazi witwa Nyiramusugi. Urugereko ruributsa ko mu gice cya 6.3 haruguru, rwafashe umwanzuro w'uko Musema yari azi ko hari igitero rusange kandi kiri kuri gahunda cyagabwaga ku baturage b'abasivili. Urugereko rusanga Musema yarasambanyije ku gahato Nyiramusugi mu rwego rw'icyo gitero, bikaba kandi ari kimwe mu bikorwa bikigize.

967. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanze Musema aryozwa ku giti cye icyaha cyibasiye inyokomuntu (gusambanya ku gahato), hakurikijwe Ingingo ya 3 g) n'iya 6 (1) za Sitati.

968. Urugereko ariko rusanze Porokireri ataragaragaje ku buryo budashidikanywaho ko Musema yari akuriye abakoze icyaha cyo gusambanya ku gahato. Ntiyagaragaje kandi ko Musema yari azi cyangwa yagombaga kumenya ko icyo cyaha cyari kigiye gukorwa cyangwa ko cyari cyamaze gukorwa, cyangwa ko atafashe ingamba za ngombwa kandi zishyize mu gaciro ngo akiburizemo cyangwa ngo ahane abagikoze. Kubera izo mpamvu, Porokireri ntiyagaragaje ku buryo budashidikanywaho ko Musema yaryozwa ku giti cye icyaha hakurikijwe Ingingo ya 3 g) n'iya 6 (3) za Sitati nk'uko bivugwa mu kirego cya 7 cy'Inyandiko y'ibirego.

## 6.7 Ikirego cya 8 n'icya 9 - Ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) n'Inyongera ya 2 yayo

969. Mu kirego cya 8 n'icya 9 bikubiye mu Nyandiko y'ibirego, Porokireri ashinja Musema kuba yarakoze ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yo mu 1949 n'Inyongera yayo ya 2 wo mu 1977, nk'uko bivugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati y'Urukiko.

[212] Reba igika 3.3 cyavuzwe haruguru

970. Urugereko rusanga Ubwunganizi bwaremeye ko mu gihe ibikorwa bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byabaga, mu Rwanda hari intambara itari mpuzamahanga yujuje ibisabwa ku byerekeye igihe n'ahantu, ngo Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano n'Inyongera yayo ya 2 ikoreshwe. Byongeye kandi, ibimenyetso byatanzwe mu Rubanza, ku buryo bw'umwihariko ubuhamya bwa Musema, byasobanuye neza imiterere y'intambara yari ishyamiranyije ku butaka bw'u Rwanda ingabo zigometse ari zo FPR, n'ingabo za Leta, mu gihe ibyaha bivugwa byaba byarakorewe.

971. Rushingiye ku bimaze kuvugwa, Urugereko rusanze bigaragara ku buryo budashidikanywaho ko mu gihe ibikorwa bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byabaga, mu Rwanda hari intambara itari mpuzamahanga, yujuje ibisabwa ngo Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano n'Inyongera yayo ya 2 ikoreshwe.

972. Urugereko rusanze kandi byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko abahohotewe mu byaha bivugwa bari abasivili batitwaje intwaro barimo abagabo, abagore n'abana, bakaba bari abantu barindwa hakurikijwe Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yo mu 1949 n'Inyongera yayo ya 2. Urugereko rusanga kandi Ubwunganizi bwaremeye ko abahohotewe muri ibyo byaha by'ubugome bivugwa bari abantu barindwa hakurikijwe Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yo mu 1949 n'Inyongera yayo ya 2.

973. Urugereko ruributsa ko, nk'uko bivugwa mu cyiciro cya 3.4 cy'uru Rubanza kirebana n'amategeko akurikizwa, kugira ngo ibyaha byakozwe bibe binyuranije n' Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Genève (Jeneva) yo mu 1949 n'Inyongera yayo ya 2, ni ngombwa ko biba bifitanye isano ya hafi n'imirwano, kandi bikaba byarakozwe mu gihe cy'intambara. Ni ukuvuga ko hagomba kugaragazwa ihuriro ry'ibyo byaha n'intambara.

974. Porokireri ni we ugomba kwerekana, ashingiye ku bimenyetso byatanzwe mu rubanza, ko hari isano hagati y'intambara yariho, n'ibyaha Uregwa aryozwa ku giti cye, birimo

n'ibyo aryozwa nk'uwari ukuriye abandi. Urugereko rusanze muri uru Rubanza Porokireri atarashoboye kugaragaza iyo sano.

975. Kubera ibyo, Urugereko rusanze Musema adahamwa n'ibyaha bikomeye binyuranije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneva (Genève) yo mu 1949 n'Inyongera yayo ya 2, nk'uko abishinjwa mu kirego cya 8 n'icya 9 by'Inyandiko y'ibirego.

## 7. IMIKIRIZE Y'URUBANZA

KUBERA IZO MPAMVU, rumaze gusuzuma ibimenyetso byose n'ingingo z'ababuranyi, Urugereko rusanze Alfred Musema-Uwimana:

- **Ahamwa** n'icyaha cya jenoside kivugwa mu kirego cya 1;
- **Adahamwa** n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside kivugwa mu kirego cya 2;
- **Adahamwa** n'icyaha cy'ubwumvikane bugamije jenoside kivugwa mu kirego cya 3;
- **Adahamwa** n'icyaha cyibasiye inyokomuntu (ubuhotozi) kivugwa mu kirego cya 4;
- **Ahamwa** n'icyaha cyibasiye inyokomuntu (itsembatsemba) kivugwa mu kirego cya 5;

- **Adahamwa** n'icyaha cyibasiye inyokomuntu (ibindi bikorwa bibi birenze kamere muntu) kivugwa mu kirego cya 6;

- **Ahamwa** n'icyaha cyibasiye inyokomuntu (gusambanya ku gahato) kivugwa mu kirego cya 7;
- **Adahamwa** n'icyaha cyo kunyuranya n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Inyongera yayo ya 2 (Ingingo ya 4 (a) ya Sitati) kivugwa mu kirego cya 8;
- **Adahamwa** n'icyaha cyo kunyuranya n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Inyongera yayo ya 2 (Ingingo ya 4 e) ya Sitati) kivugwa mu kirego cya 9:.

## 8. IGENABIHANO

976. Urugereko rugiye kuvuga muri make amategeko yerekeye ibihano n'irangizwa ryabyo, mbere yo gusuzuma ibirebana n'urutonde rw'ibihano bitangwa, n'amahame rusange agenderwaho mu kugena ibihano.

### 8.1 Amategeko akurikizwa

977. Urugereko rurakurikiza ingingo za Sitati n'iz'Amategeko zikurikira:

Ingingo ya 22 yerekeye imikirize y'urubanza, ingingo ya 23 yerekeye ibihano, n'iya 26 yerekeye irangizwa ry'ibihano, zose za Sitati. Hari kandi ingingo ya 101 yerekeye itangwa ry'ibihano ku wahamijwe icyaha, iya 102 yerekeye ibikorerwa uwakatiwe, iya 103 yerekeye aho uwakatiwe afungirwa, n'iya 104 yerekeye kugenzura uburyo uwakatiwe afunzwemo, zose zo mu Mategeko.

### 8.2 Urutonde rw'ibihano bihabwa uregwa wahamwe na kimwe mu byaha biteganywa mu ngingo ya 2, 3 cyangwa iya 4 za Sitati y'Urukiko

978. Urukiko rukatira uregwa wemeye icyaha cyangwa wagihamijwe, igihano cy'igifungo gishobora kugera ku gifungo cya burundu. Sitati ntiyemera ubundi bwoko bw'ibihano, nk'igihano cyo kwicwa, imirimo y'uburetwa cyangwa ihazabu.

979. Ubundi mu mategeko mpanabyaha menshi y'ibihugu, urutonde rw'ibihano rushingira ku buremere bw'ibyaha. Urugereko rusanga Sitati iterekana uko ibyaha bitandukanye Urukiko rufitiye ububasha bwo kuburanisha bisumbana. Urutonde rw'ibihano ni rumwe kuri buri cyaha, igihano kiremereye gusumba ibindi gishobora gutangwa kiba ari igifungo cya burundu.

980. Mu gutanga igihano, uburemere bw'icyaha ni imwe mu ngingo Urugereko rwa mbere rw'iremezo rugomba kwitaho, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 23 (2) ya Sitati. Urugereko rusanga bikomeye gusumbanya icyaha cya jenoside n'icyaha cyibasiye inyokomuntu, rushingiye ku buremere bwabyo. Urugereko rusanga icyaha cyibasiye inyokomuntu na jenoside ari ibyaha biteye ishozi umuryango w'abatuye isi udashobora kwihanganira.

981. Ku byerekeye jenoside, iriburiro ry'Amasezerano yerekeye jenoside ryemera ko mu mateka yose y'isi, habayeho ububabare bukomeye butewe n'icyo cyaha cy'ubugome, kandi iryo riburiro rikibutsa ko hagomba kubaho ubufatanye mpuzamahanga kugira ngo ayo marorerwa agirira nabi inyokomuntu atazongera kubaho ku isi. Icyaha cya jenoside ntigisa n'ibindi kubera ko kirangwa n'igitekerezo cyihariye cyo kugikora (*dolus specialis*). Icyo cyaha kigomba kuba cyarakozwe hagamijwe « kurimbura abantu bose cyangwa igice kimwe cyabo bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini », nk'uko Sitati ibiteganya mu ngingo yayo ya 2. Byongeye, Urugereko rusanga icyo cyaha ari « icyaha kirenze ibindi », ibyo bikaba bigomba kuzirikanwa mu kugena igihano.

982. Kubera uburemere bwabyo, ibyaha byibasiye inyokomuntu bigomba na byo guhanishwa igihano kibikwiriye. Ingingo ya 27 ya Sitati y'Urukiko rwa Nuremberi (*Nuremberg*) yahaga urwo Rukiko ububasha bwo guhanisha uregwa wahamwe n'icyaha cyibasiye inyokomuntu igihano cyo kwicwa cyangwa ikindi gihano rwabonaga gikwiriye, hakurikijwe ingingo ya 6 (c) y'iyo Sitati.

983. Kimwe n'ibindi bihugu byose byashyize mu mategeko yabyo icyaha cya jenoside cyangwa icyaha cyibasiye inyokomuntu, u Rwanda mu mategeko yarwo mpanabyaha rwateganyirije ibyo byaha ibihano birushije ibindi uburemere. Bityo, Itegeko ngenga rigena imitunganyirize y'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cya jenoside cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu byakozwe kuva ku itariki ya mbere Ukwakira 1990,

rishyira abantu bashinjwa mu nzego enye hakurikijwe ibyaha bakoze[213]. Urwego rwa mbere rugizwe n'abari ku isonga ry'ibyo byaha (abacuze umugambi, abawuteguye), abantu babikoze bari mu nzego z'ubuyobozi, abantu berekanye ubugome bukabije mu bwicanyi n'abakoze ibikorwa byo kwangiza no kwica urubozo imyanya ndangagitsina. Abo bantu bashobora guhanishwa igihano cyo kwicwa. Urwego rwa kabiri rugizwe n'abakoze icyaha, abafatanyije kugikora, cyangwa babaye ibyitso mu bwicanyi, abo bakaba bahanishwa igihano cyo gufungwa burundu. Urwego rwa gatatu rugizwe n'abantu bashinjwa kuba barakoze ibindi byaha byihariye bikomeye byakorewe abantu. Itegeko ngenga ribateganyiriza ibihano bigufi by'igifungo. Urwego rwa kane, ari na rwo rwa nyuma, rugizwe n'abantu bakoze ibyaha byerekeye imitungo.

984. Urugereko rwifashisha urutonde rusange rw'ibihano kimwe n'Itegeko ngenga bikurikizwa mu nkiko zo mu Rwanda. N'ubwo ariko rubyifashisha igihe cyose bishoboka, ruhitamo gukoresha ububasha bwarwo busesuye rushingiye ku miterere y'urubanza n'imibereho n'imyifatire bwite y'abaregwa, mu kugenera ibihano abantu bahamwe n'ibyaha Urukiko rufitiye ububasha bwo kuburanisha.

### 8.3 Amahame rusange agenga igenabihano

985. Mu kugena igihano, Urugereko ruzirikana na none ko Urukiko rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, hakurikijwe Umutwe wa VII w'Amategeko shingiro agenga Umuryango w'Abibumbye, kugira ngo rukurikirane kandi ruhane abantu bakoze jenoside kandi bishe amategeko mpuzamahanga, mu Rwanda, arengera abantu mu gihe cy'intambara, kugira ngo umuco wo kudahana uranduke, bityo himakazwe ubwiyunge bw'abana b'igihugu n'igaruka ry'amahoro.

986. Ibihano bitangwa n'Urukiko bigomba kuba bigamije, ku ruhande rumwe kuryoza abaregwa ibyo bakoze, bityo ibyaha byabo bigahanwa, cyane cyane, ku rundi ruhande, guca intege abandi batekereza kubikora. Ni ukuvuga mu yandi magambo ko bigomba

[213] Itegeko-ngenga N° 8/96 ruo ku wa 30 Kanama 1996, ryasohotse mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, umwaka wa 35, n° 17, tariki ya 1 Nzeri 1996.

guca intege burundu abagerageza gukora amahano nk'ayo, bakamenya ko umuryano mpuzamahanga udashobora kwihanganira ibikorwa bikomeye binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara n'uburenganzira bwa muntu.

987. Urugereko ruributsa na none ko mu kugena ibihano, ingingo ya 23 (2) ya Sitati n'iya 101 (B) y'Amategeko zirusaba kuzirikana ibintu bitandukanye, birimo uburemere bw'ibyaha, imibereho n'imyifatire bwite by'uregwa, n'impamvu zongera cyangwa zigabanya ububi bw'icyaha. Twavuga mbese ko umuntu akanirwa urumukwiye.

988. Ku byerekeye iby'uko igihano gitangwa hashingiwe ku bireba umuntu ku giti cye, Urugereko ntirushingira gusa ku ngingo zavuzwe haruguru. Abacamanza bashobora gushingira ku ngingo iyo ari yo yose cyangwa igikorwa icyo ari cyo cyose byatuma bagena igihano gihuje n'imiterere y'urubanza uko rwakabaye, bityo rukagena igihano kiboneye.

989. Mu gusoza, Urugereko ruributsa ko nta ngingo ya Sitati cyangwa iy'Amategeko iteganya igihano cyihariye kuri buri cyaha gihamye uregwa. Urugereko rushobora gutanga igihano kimwe rukumbi ku byaha byose bihama uregwa.

## 8.4 Ingingo z'ababuranyi

Ingingo zatanzwe na Porokireri

990. Mu myanzuro ye nsozarubanza no mu yo yatanze mu magambo mu iburana mu ruhame ryo ku itariki ya 24 Kamena 1999, Porokireri yavuze ko ibyaha Musema yakoze, by'umwihariko jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu, ari ibyaha by'ubugome birenze kamere. Yasabye ko Urugereko rwakwita ku mwanya Musema yari afite mu Rwanda igihe ibyaha aregwa byakorwaga, cyane cyane inshingano ku baturage yahabwaga n'uwo mwanya yari afite, uruhare yagize ku giti cye mu ikorwa ry'ibyaha aregwa, impamvu zamuteye kubikora n'icyo yari agamije, kimwe no kuba

ibyaha byarabanje gutegurwa kandi byari bigambiriwe, icyo yatekerezaga n'ubushake bwe bwo gukora ibyaha aregwa, uburyo yitwaye nabi binyuranyije n'inshingano z'akazi ke, uburyo ibyaha byakozwemo n'ukuntu yitwaye bimaze gukorwa.

991. Porokireri yavuze ko impamvu zongera ububi bw'icyaha zikurikira zagombye kwitabwaho muri uru rubanza:

1. Musema yari umuntu uzwi muri rubanda;
2. Yagize uruhare mu buryo bwose butandukanye icyaha cyakozwemo;
3. Yitabiriye gahunda ya jenoside ya Guverinoma y'agateganyo, kandi abyuririraho kugira ngo agere ku byo yifuzaga ku giti cye;
4. Yakoresheje nabi ububasha yahabwaga n'umwanya wo kuba umuyobozi w'ikigo cya Leta, akoresha abakozi n'umutungo by'ikigo mu bikorwa binyuranyije n'amategeko;
5. Uburyo ibyaha byakozwemo;
6. Nyuma y'ikorwa ry'ibyaha, Musema nta kintu yakoze ngo ahane ababikoze. Mu by'ukuri yari umwe mu babitsotsobye.
7. Yabeshye Urugereko mu myiregurire ye ya "sinari mpari" [*alibi*]; kandi
8. Nta na rimwe yigeze agaragaza ko ababajwe n'uruhare yagize mu ikorwa ry'ibyaha.

992. Porokireri avuga kandi ko Musema nta mpamvu zoroshya ububi bw'icyaha afite. Avuga ko Musema yanze gufatanya na Porokireri kandi ko aterekanye ko ibyaha yakoze yabikoze abitegetswe.

993. Ku byerekeranye n'uko Musema yahabwa ibihano byinshi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 101 (c) y'Amategeko, Porokireri yasabye igihano cyihariye kuri buri kirego gihama Musema, ariko asaba ko yazafungirwa gusa igihano kiremereye kurusha ibindi. Porokireri asanga ari ngombwa ko Urugereko rumukatira igihano cyihariye kuri buri cyaha yakoze, kugira ngo rushobore kwerekana neza uburemere bwa buri cyaha, n'uruhare rwihariye rwa Musema mu ikorwa ryacyo.

994. Mu gusoza, Porokireri yasabye ko Urugereko rwakatira Musema igifungo cya burundu kuri buri kirego kimuhama.

Ingingo zatanzwe n'Ubwunganizi

995. Mu myanzuro nsozarubanza yabwo, Ubwunganizi bwavuze ko Porokireri atashoboye kwerekana ko Musema yakoze ibyaha, maze busaba ko arekurwa.

996. Bwongeyeho ko Musema yababajwe cyane n'uko umutungo w'Uruganda ushobora kuba warakoreshejwe n'abantu bakoraga amarorerwa, ntashobore kubibabuza.

997. Byongeye kandi, Ubwunganizi bwavuze ko Uregwa yemeye mu ruhame ko habayeho jenoside yibasiye abatutsi mu Rwanda mu wa 1994, ko yerekanye mu ruhame agahinda yatewe n'urupfu rw'abantu benshi b'inzirakarengane, kandi ko yibutse mu cyubahiro abantu bose bazize amahano yabaye mu Rwanda.

998. Mu gusoza, Ubwunganizi bwavuze ko Musema yakoranye neza na Porokireri kubera ko yemeye ibintu byabaye, ibi bikaba byaratumye urubanza rwihuta.

### 8.5 Imibereho bwite ya Musema

999. Musema yavutse mu mwaka wa 1949. Musema yari afite imyaka 35 igihe yagirwaga umuyobozi w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu n'iteka rya Perezida. Uwo mwanya yari akiwurimo mu kwezi kwa Mata, Gicurasi na Kamena 1994. Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu rwari rumwe mu nganda zikora neza mu Rwanda kandi rwari kimwe mu bikorwa by'ingenzi mu rwego rw'ubukungu muri Perefegitura ya Kibuye. Nk'umuyobozi w'Uruganda, Musema yari afite ububasha ahabwa n'amategeko ku bakozi be, akanabagiraho ububasha mu rwego rw'ubukungu.

**8.6 Imyanzuro y'Urugereko**

1000. Mu kugena igihano, Urugereko rwasuzumye ibimenyetso byose rwashyikirijwe n'ababuranyi, maze rwemeza ko:

Impamvu zongera ububi bw'icyaha

1001. Ku byerekeye impamvu zongera ububi bw'icyaha, mbere na mbere, Urugereko rusanze ibyaha bihama Musema biremereye cyane, nk'uko rwabigaragaje rusobanura ko jenoside ari « icyaha gisumba ibindi ».

1002. Ku byerekeranye n'uruhare Musema yagize mu gukora ibyaha, Urugereko rusanga yarayoboye abantu bagabye ibitero bakica impunzi z'abatutsi nyinshi zari mu karere ka Bisesero ku itariki ya 26 Mata no hagati y'itariki ya 27 Mata n'iya 3 Gicurasi 1994, no hagati muri Gicurasi 1994, hanabarirwamo itariki ya 13 n'iya 14 Gicurasi, no mu mpera za Gicurasi 1994. Musema yari yitwaje imbunda ndende kandi yayikoresheje mu bitero. Nta ngamba yafashe ngo abuze abakozi b'Uruganda kugira uruhare mu bitero cyangwa ngo abuze imodoka z'Uruganda gukoreshwa muri ibyo bitero.

1003. Urugereko ruributsa ko rwasanze Musema yarafatwaga nk'umuntu ufite ububasha n'ubushobozi bwinshi mu karere. Urugereko rusanze kubera ubwo bubasha yari afite, Musema yarashoboraga gufata ingamba zikwiye ngo akome imbere ikorwa ry'ibyaha.

1004. Urugereko rusanga nyamara Musema nta cyo yakoze kugira ngo abuze ikorwa ry'ibyaha kandi akaba nta ngamba yafashe zo guhana abo yategekaga babikoze. Nk'uko Urugereko rwabyemeje mu cyiciro cya 5, Musema yashoboraga kwirukana, cyangwa gukangisha kwirukana umukozi mu Ruganda rw'Icyayi rwa Gisovu, igihe bigaragaye ko yakoze ibyaha bihanwa na Sitati.

Impamvu zoroshya ububi bw'icyaha

1005. Mu mpamvu zoroshya ububi bw'icyaha, hari uko Musema yemeye ko mu wa 1994 jenoside yibasiye abatutsi mu Rwanda. Yerekanye agahinda yatewe n'urupfu rw'abantu benshi b'inzirakarengane kandi yibutse mu cyubahiro abantu bose bazize amahano yabaye mu Rwanda.

1006. Urugereko rusanga kandi Musema yarababajwe cyane n'uko ibikoresho by'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu bishobora kuba byarakoreshejwe n'abantu bakoraga amarorerwa.

1007. Urugereko rusanga kandi Musema yaragaragaje ubufatanye ku bintu bimwe na bimwe bireba urubanza, cyane cyane yemera ko mu karere ka Bisesero muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994 habaye jenoside, bityo akaba yarafashije mu kwihutisha iburanisha. Kuba ubufatanye bwa Musema bwarakomeje igihe cyose urubanza rwamaze na byo byatumye rwihuta.

Umwanzuro w'Urugereko

1008 Rumaze gusuzuma imiterere y'urubanza, Urugereko rusanze impamvu zongera ububi bw'icyaha zisumbye kure impamvu zibugabanya, cyane kubera ko Musema ku giti cye kandi inshuro nyinshi yayoboye abantu bagiye gutera impunzi nyinshi z'abatutsi kandi akaba ubwe yarasambanyije ku gahato umukobwa w'inkumi w'umututsikazi. Yishoye muri ibyo byaha abizi kandi abishaka, kandi nta na rimwe yigeze agaragaza ko ababajwe n'uruhare yagize ku giti cye muri ayo marorerwa.

**URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO I**

KUBERA IZO MPAMVU,

RUKIJIJE mu ruhame, ababuranyi bahari kandi mu rwego rwa mbere,

RUSHINGIYE ku ngingo za 22, 23 na 26 za Sitati no ku ngingo za 101, 102, 103 n'iya 104 z'Amategeko agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso,

RUMAZE KUBONA urutonde rusange rw'ibihano by'igifungo bitangwa n'inkiko zo mu Rwanda;

RUMAZE KUBONA ko Musema yahamwe na:

Icyaha cya jenoside kivugwa mu kirego cya mbere,

Icyaha cyibasiye inyokomuntu (itsembatsemba) kivugwa mu kirego cya 5, na

Icyaha cyibasiye inyokomuntu (gusambanya ku gahato) kivugwa mu kirego cya 7;

RUMAZE KUBONA Imyanzuro nsozarubanza ya Porokireri n'iy'Ubwunganizi;

RUMAZE KUMVA ingingo za Porokireri n'iz'Ubwunganizi;

KUBERA IBYO BYAHA BYAVUZWE HARUGURU,

RUHANISHIJE Alfred Musema

**IGIHANO KIMWE RUKUMBI CYO GUFUNGWA BURUNDU KU BYAHA BYOSE BYAMUHAMYE**

RUTEGETSE ko iki gihano cy'igifungo kizarangirizwa mu gihugu kizagenwa na Perezida w'Urukiko, abigiyemo inama n'Urugereko rwa mbere rw'iremezo kandi Gerefiye akazamenyesha Guverinoma y'u Rwanda n'icyo gihugu aho Uregwa azafungirwa;

RUTEGETSE ko uru rubanza ruhita rurangizwa, ariko ko:

1. Igihe Alfred Musema agitegereje kwimurirwa mu gihugu azafungirwamo, azakomeza gufungwa nk'uko yari afunzwe ubu;

2. Naramuka ajuriye, irangizagihano rizasubikwa kugeza igihe urubanza mu bujurire rusomewe. Hagati aho Musema azakomeza gufungwa.

Abacamanza Aspegren na Pillay bometse kuri iyi nyandiko y'urubanza ibitekerezo byabo byihariye.

Bikorewe Arusha, tariki ya 27 Mutarama 2000.

| | | |
|---|---|---|
| Lennart Aspegren | Laïty Kama | Navanethem Pillay |
| Perezida w'Urugereko | Umucamanza | Umucamanza |

(Ikirangantego cy'Urukiko)

# UMUGEREKA

URUKIKO NSHINJABYAHA MPUZAMAHANGA
RWASHYIRIWEHO U RWANDA

*URUBANZA Nº : ICTR-96-13-I*

**POROKIRERI W'URUKIKO**

**ABURANA NA :**

**ALFRED MUSEMA**

# INYANDIKO Y'IBIREGO YAHINDUWE

1. Porokireri w'Urukiko Nshinjabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda, ashingiye ku bubasha ahabwa n'ingingo ya 17 ya Sitati y'Urukiko Nshinjabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda («Sitati y'Urukiko»), ashinja :

**ALFRED MUSEMA**

**ICYAHA CYA JENOSIDE, BITABA IBYO, ICYO KUBA ICYITSO CY'ABAKOZE JENOSIDE; GUCURA UMUGAMBI WO GUKORA JENOSIDE; IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU; N'IBYAHA BINYURANYIJE BIKOMEYE N'INGINGO YA 3 IHURIWEHO N'AMASEZERANO Y'I JENEVE, N'AMASEZERANO Y'INYONGERA YA 2**. Ibyo byaha abishinjwa ku buryo bukurikira:

2. Muri iyi nyandiko y'ibirego umuntu uregwa yakoze ibyaha binyuranyije ku buryo bukomeye n'amategeko arengera abantu mu gihe cy'intambara, abikorera muri Perefegitura ya Kibuye, muri Repubulika y'u Rwanda aho ibihumbi by'abagabo, abagore n'abana bishwe abandi benshi bagakomeretswa mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994.

## 3. UREGWA

3.1 Alfred Musema yavukiye muri Komini ya Rutare, Perefegitura ya Byumba, Repubulika y'u Rwanda, ku itariki ya 22 Kanama 1949. Mu gihe cy'ibyabaye bivugwa muri iyi nyandiko y'ibirego, **Alfred Musema** yari Umuyobozi w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu muri Perefegitura ya Kibuye.

## 4. IBYABAYE MURI MAKE

4.1 Mu gihe cy'ibyabaye bivugwa muri iyi nyandiko y'ibirego, u Rwanda rwari rugizwe na Perefegitura 11, imwe muri zo ikaba yari iya Kibuye.

4.2 Mu gihe cy'ibyabaye bivugwa muri iyi nyandiko y'ibirego, hariho abantu bafatwaga ko bagize ubwoko bw'abatutsi.

4.3 Ku itariki ya 6 Mata 1994, indege yari itwaye Perezida Yuvenali Habyarimana w'u Rwanda yasandariye hafi y'ikibuga cy'indege cy'i Kigali, mu Rwanda. Iyo ndege ikimara guhanuka, hirya no hino mu Rwanda ibitero byahise bigabwa maze abasivili baricwa.

4.4 Akarere ka Bisesero kari mu ma komini abiri yo muri Perefegitura ya Kibuye. Kuva ahagana ku itariki ya 9 Mata 1994 kugeza ku ya 30 Kamena 1994, ibihumbi by'abagabo, abagore n'abana bahungiye ahantu hanyuranye mu Bisesero. Abenshi muri bo bari abatutsi bahungaga ibitero byabagabwagaho hirya no hino muri Kibuye.

4.5. Kuva ahagana ku itariki ya 9 Mata 1994 kugeza ku ya 30 Kamena 1994, abantu bari bahungiye mu Bisesero bagiye bagabwaho ibitero. Abagize ibitero babaga bitwaje imbunda, gerenade, imihoro, amacumu, imipanga, impiri n'izindi ntwaro bicishije abatutsi bari mu Bisesero.

4.6 Mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994, **Alfred Musema** yagiye ajyana abantu bitwaje intwaro mu Bisesero akabategeka kugaba ibitero ku bari bahahungiye Yabikoreye ahantu hanyuranye no ku matariki anyuranye kandi akenshi afatanyije n'abandi. Byongeye kandi, ari ahantu hanyuranye no ku matariki anyuranye kandi akenshi akorana n'abandi, **Alfred Musema,** we ubwe yishe abantu bari bahungiye mu Bisesero.

4.7 Mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994, ari ahantu hanyuranye, mu karere ka Bisesero n'aka Gisovu, muri Perefetura ya Kibuye, Alfred Musema yasambanyije abagore ku gahato kandi ashishikariza abandi bantu gufata, gusambanya ku gahato no kwica abatutsikazi bari bahungiye ibitero mu karere ka Bisesero kari muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, muri Perefegitura ya Kibuye.

4.8 Ku itariki ya 14 Mata 1994, ari mu Ruganda rw'icyayi rwa Gisovu, Selire ya Twumba, Komini ya Gisovu, Alfred Musema, akorana n'abandi, yategetse abantu kandi abashishikariza gusambanya ku gahato umututsikazi witwa Anonsiyata, nyuma y'ibyo anategeka ko bamwica hamwe n'umwana we witwaga Blaise.

4.9 Ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, ari mu karere ka Bisesero ko muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, Alfred Musema, akorana n'abandi, yasambanyije ku gahato umututsikazi witwa Mukankusi wari utwite arangije aramwica, nyuma y'ibyo ategeka abantu bari hamwe na we gusambanya ku gahato no kwica abatutsikazi bahungaga ibitero.

4.10 Ku itariki ya 13 Gicurasi 1994, ari mu karere ka Bisesero ko muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, Alfred Musema, afatanyije n'abandi, yasambanyije ku gahato umututsikazi witwa Nyiramusugi, kandi

ashishikariza abantu bari bazanye na we gusambanya ku gahato no kwica uwo mugore.

4.11 Ibitero byavuzwe haruguru byishe cyangwa bikomeretsa ibihumbi by'abagabo, abagore n'abana mu karere ka Bisesero muri Komini za Gisovu na Gishyita zo muri Perefegitura ya Kibuye.

**5. IBIREGO**

Kubera ibyo yakoze mu byabaye bimaze kuvugwa, **Alfred Musema** aryozwa ku giti cye ibyaha bivugwa mu birego bikurikira, hashingiwe ku Ngingo ya 6, igika cya (1) n'icya (3), ya Sitati y'Urukiko:

Ikirego cya 1: **Alfred Musema** aryozwa ibikorwa yakoze mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994, ari muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, byo kwica abatutsi cyangwa ibyo kubatera ububabare bukabije bwaba ubw'umubiri, cyangwa ubwo mu mutwe agamije kurimbura abantu bo muri ubwo bwoko bose cyangwa se igice kimwe cyabo, bityo akaba yarakoze icyaha cya JENOSIDE kinyuranyije n'Ingingo ya 2 (3) (a) ya Sitati y'Urukiko kandi gihanwa hakurikijwe Ingingo ya 22 n'iya 23 z'iyo Sitati.

**BITABA IBYO**

Ikirego cya 2: **Alfred Musema** akaryozwa ibikorwa yakoze mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994, ari muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, byo kwica abatutsi cyangwa ibyo kubatera ububabare bukabije bwaba ubw'umubiri, cyangwa ubwo mu mutwe agamije kurimbura abantu bo muri ubwo bwoko bose cyangwa se igice kimwe cyabo, bityo akaba yarakoze

icyaha cyo **KUBA ICYITSO CY'ABAKOZE JENOSIDE**, kinyuranyije n'Ingingo ya 2 (3) (e) ya Sitati y'Urukiko kandi gihanwa hakurikijwe Ingingo ya 22 n'iya 23 z'iyo Sitati.

Ikirego cya 3: **Alfred Musema** aryozwa kandi kuba, mbere y'ibyo bitero n'ibikorwa by'ubwicanyi yiroshyemo, ari muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, yarumvikanye n'abandi bantu kwica abatutsi cyangwa kubatera ububabare bukomeye bwaba ubw'umubiri, cyangwa ubwo mu mutwe agamije kurimbura abantu bo muri ubwo bwoko bose cyangwa se igice kimwe cyabo, bityo akaba yarakoze icyaha cy**'** UBWUMVIKANE BUGAMIJE GUKORA JENOSIDE, kinyuranyije n'Ingingo ya 2 (3) (b) ya Sitati y'Urukiko kandi gihanwa hakurikijwe Ingingo ya 22 n'iya 23 z'iyo Sitati.

Ikirego cya 4: **Alfred Musema** aryozwa ibikorwa yakoze mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994, ari muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, byo kwica abasivili, mu rwego rw'ibitero rusange kandi biri kuri gahunda bazira umutwe wa politiki barimo cyangwa se ubwoko bwabo, bityo akaba yarakoze **ICYAHA CYIBASIYE INYOKOMUNTU**, kinyuranyije n'Ingingo ya 3 (a) ya Sitati y'Urukiko kandi gihanwa hakurikijwe Ingingo ya 22 n'iya 23 z'iyo Sitati.

Ikirego cya 5: **Alfred Musema** aryozwa ibikorwa yakoze mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994, ari muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, byo gutsemba abasivili, mu rwego rw'ibitero rusange kandi biri kuri gahunda bazira umutwe wa politiki barimo cyangwa se ubwoko bwabo, bityo akaba yarakoze **ICYAHA CYIBASIYE INYOKOMUNTU**, kinyuranyije n'Ingingo ya 3 (b) ya Sitati y'Urukiko kandi gihanwa hakurikijwe ingingo ya 22 n'iya 23 z'iyo Sitati.

Ikirego cya 6: **Alfred Musema** aryozwa kuba mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994, ari muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, yarakoze ibindi bikorwa bibi birenze kamere muntu byibasiye abasivili, mu rwego rw'ibitero rusange kandi biri kuri gahunda, bazira umutwe wa politiki barimo cyangwa se ubwoko bwabo, bityo akaba yarakoze **ICYAHA CYIBASIYE INYOKOMUNTU**, kinyuranyije n'Ingingo ya 3 (i) ya Sitati y'Urukiko kandi gihanwa hakurikijwe Ingingo ya 22 n'iya 23 z'iyo Sitati.

Ikirego cya 7: **Alfred Musema** aryozwa ibikorwa yakoze mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994, ari muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, byo gusambanya abatutsikazi b'abasivili, mu rwego rw'ibitero rusange kandi biri kuri gahunda byibasiye abasivili bazira umutwe wa politiki barimo cyangwa se ubwoko bwabo, bityo akaba yarakoze **ICYAHA CYIBASIYE INYOKOMUNTU**, kinyuranyije n'Ingingo ya 3 (g) ya Sitati y'Urukiko kandi gihanwa hakurikijwe Ingingo ya 22 n'iya 23 z'iyo Sitati.

Ikirego cya 8: **Alfred Musema** aryozwa kuba, mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994, ari muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, yarakoze cyangwa yarategetse abandi gukora **IBIKORWA BINYURANYIJE BIKOMEYE N'INGINGO YA 3 IHURIWEHO N'AMASEZERANO Y'I JENEVE HAMWE N'INYONGERA YAYO YA 2**, bikaba biciye ukubiri n'Ingingo ya 4 (a) ya Sitati y'Urukiko kandi bihanwa hakurikijwe Ingingo ya 22 n'iya 23 z'iyo Sitati.

Ikirego cya 9: **Alfred Musema** aryozwa kuba, mu kwezi kwa Mata, ukwa Gicurasi n'ukwa Kamena 1994, ari muri Komini ya Gisovu n'iya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, yarakoze cyangwa yarategetse abandi gukora **IBIKORWA BINYURANYIJE BIKOMEYE N'INGINGO YA 3 IHURIWEHO N'AMASEZERANO Y'I JENEVE HAMWE N'INYONGERA YAYO YA 2**, bikaba biciye ukubiri n'Ingingo ya 4 (e) ya Sitati y'Urukiko kandi bihanwa hakurikijwe Ingingo ya 22 n'iya 23 z'iyo Sitati.

Itariki ya 29 Mata 1999
Arusha, Tanzaniya

Mu izina rya Porokireri
Jane Anywar Adong
Avoka Generali Mukuru
[Umukono]

S 31-ter

ANNEX B

EXH. D 10

5.5.1999

ANNEXE No 250 29

01208

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE L'INDUSTRIE,
DU COMMERCE ET DE L'ARTISANAT
KIGALI

Mission prolongée du 07 mai 1994 au 31 mai 1994

Le Ministre de l
BIZIMANA A

**ORDRE DE MISSION**

Monsieur **MUSEMA-UWIMANA** Alfred, Directeur de l'Usine à Thé GISOVU est autorisé à se rendre à BUTARE, GIKONGORO, CYANGUGU, GISENYI, RUHENGERI pour des raisons de Service dans les Usines à Thé.

Date de départ : 22/04/1994

Date de retour : 07/05/1994

Les frais de mission sont à charge de l'OCIR-Thé (Usine à Thé GISOVU).

KIGALI, le 21/04/1994

Le Ministre de l'Industrie,
du Commerce et de l'Artisanat

MUGENZI Justin

025

53C bis

01209

Arrivée à Pfunda le 21/04/1994

REPUBLIQUE RWANDAISE USINE A THE PFUNDA

Départ le 25/[illegible]/1994

REPUBLIQUE RWANDAISE USINE A THE PFUNDA

Arrivée Kitabi 28/04/94

REPUBLIQUE RWANDAISE USINE A THE KITABI B.P. 13 BUTARE

Arrivée Gisovu 29/04/94

REPUBLIQUE RWANDAISE USINE A THE GISOVU

Arrivée Gisakura [illegible]/05/94

Arrivée à Gisovu le 1[illegible]/05/94

REPUBLIQUE RWANDAISE USINE A THE GISOVU

Arrivée à Rata 07/05/94

Chef comptable USINE DE THE MATA

Fin de Mission : 29/05/1994

REPUBLIQUE RWANDAISE

ANNEX C — 529 bis

*

EXH. P. 68

ANNEXE No 7

RUSERA-UWIMANA Alfred.
3 rue Johanne de Hochberg
2001 NEUCHATEL

Neuchatel le 15 mars 1995

005

Concerne: Correction de P.V. d'audition

Rep. NICATI Claude
Juge d'Instruction du Trib. Div. 2.
c/o Police Cantonale
Poudrières 14 CP 56
2006 NEUCHATEL.

Monsieur le Juge,

J'ai l'honneur de vous demander d'accepter d'apporter ces corrections de dates citées dans mes auditions précédentes et de noter que: – la date de mon départ définitif de l'usine est le 25 juillet 199[illegible]
– la date de mon entrée au Zaïre est le 26 juillet 1994

A toutes fins utiles, je joins en annexe un calendrier reprenant mon emploi du temps au RWANDA du 6 avril au 26 juillet 1994. Restant à votre entière disposition pour tout éclaircissement complémentaire, je vous remercie d'avance de bien vouloir considérer cette rectification.

Veuillez agréer Monsieur le Juge, l'expression de ma très haute considération.

[signature]

Annexe: Calendrier – Emploi du temps

PS. Copie à Maître Eric BIERI

528 bis

1994

CALENDRIER-EMPLOI DU TEMPS DE MUSEMA-UWIMANA Alfred AU RWANDA du 6.04 au 26.07.1994

AVRIL

| D | L | M | M | J | V | S |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | 6 | 7 | 8 | 9 |
| 10 | 11 | 12 | 13 | 14 | 15 | 16 |
| 17 | 18 | 19 | 20 | 21 | 22 | 23 |
| 24 | 25 | 26 | 27 | 28 | 29 | 30 |

x 6-12/04 : KIGALI (REMERA II)

x 12.04 Sortie de Kigali vers [illegible]

x [illegible] UU LYAH[illegible]

x 15.0[illegible] à BUTARE ([illegible]BONA)

x 15.0[illegible] [illegible].04 : mission dans les usines à

x 16.04 [illegible] RUGUNGA (Bubare) - mission [illegible] MATA - KITABI - GISAKURA - SHAG[illegible] [illegible] chaque jour à BUTARE (Rubona)

MAI

| D | L | M | M | J | V | S |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 |
| 8 | 9 | 10 | 11 | 12 | 13 | 14 |
| 15 | 16 | 17 | 18 | 19 | 20 | 21 |
| 22 | 23 | 24 | 25 | 26 | 27 | 28 |
| 29 | 30 | 31 | | | | |

x 4.05 : [illegible] à Gisovu, démarrage usine le [illegible]

x 14.05 : [illegible] à BUTARE et séjour jusqu'au [illegible]

x 26.05 : déplacement de ma famille à KITABI

x 27.05 : départ de Kitabi vers Gisovu

x 29.05 : départ de Gisovu avec la famille [illegible] mission au Zaïre et séjour à Cya[illegible] jusqu'au 10.06.

JUIN.

| D | L | M | M | J | V | S |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | 1 | 2 | 3 | 4 |
| 5 | 6 | 7 | 8 | 9 | 10 | 11 |
| 12 | 13 | 14 | 15 | 16 | 17 | 18 |
| 19 | 20 | 21 | 22 | 23 | 24 | 25 |
| 26 | 27 | 28 | 29 | 30 | | |

x 10.06 : retour à Gisovu (Usine)

x 17.06 : visite de ma famille à Cyangugu jus[illegible]

x 20.06 : départ de Cyangugu et arrivé à Gi[illegible] jusqu'au 24.06.

x 24.06 : retour à Gisovu (Usine) et séjour ju[illegible]

JUILLET

| D | L | M | M | J | V | S |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | 1 | 2 |
| 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 |
| 10 | 11 | 12 | 13 | 14 | 15 | 16 |

x 24/7 : Entrée au Zaïre à la recherche d'un retour à Gisovu (Usine)

x 25/7 : départ définitif de l'usine de Gisov[illegible]

S27bis

00

1994

Alfred MUSEMA-UWIMANA: Schedule in Rwanda from 6 April to 26 July 1994

- 6 - 12 April: Kigali (Remera III)
- 12 April: Left Kigali for Rubona (Butare)
- 14 April: Left Butare for Gisovu (factory)
- 15 April: Returned to Butare (Rubona)
- 18 - 26 April: Mission to Gisenyi tea factories
- 26 April - 3 May: Returned to Ruboma (Butare) mission to Mata Icitabi, Gisakura Shagashi tea factories, returned to Butare (Rubona) each evening

- 4 May: Returned to Gisovu, started up the factory again on 9 May 1994
- 14 - 26 May: Returned to Butare
- 26 May: Moved my family to Kitabi
- 27 May: Left Kitabi for Gisovu
- 29 May Left Gisovu with family for Cyangugu; mission in Zaire and stayed Cyangugu until 10 June.

- 10 June Returned to Gisovu (factory)
- 17 - 20 June Visited my family in Cyangugu
- 20 June Left Cyangugu for Gisenyi, stayed till 24 June
- 24 June Returned to Gisovu (factory), stayed till 24 July

- 24 July Entered Zaire to search for my family and returned to Gisovu (factory)
- 25 July Definitive departure from Gisovu tea factory, spent night at Gisakura factory
- 26 July Entered Zaire for good

5266bis



## ANNEXE D

### Glossaire

| | |
|---|---|
| *Arrêt Tadić* | *Le Procureur c. Duško Tadić*, TPIY, Chambre d'appel, Affaire No. IT-94-1-A, Arrêt du 15 juillet 1999 |
| Article 3 commun | Article 3 commun aux quatre Conventions de Genève du 12 août 1949 pour la protection des victimes de guerre |
| CDI | Commission de droit international |
| CDR | Coalition pour la Défense de la République |
| Cellule | Subdivision politique et administrative d'un secteur |
| CICR | Comité international de la Croix-Rouge |
| CIJ | Cour international de justice |
| CND | Conseil national de développment (National Development Council) |
| Commentaires des Protocoles additionnels | Commentaires du CICR sur les Protocoles additionnels du 8 juin 1977 aux conventions de Genève du 12 août 1949 |
| Commune | Subdivision politique et administrative d'une préfecture |

525 bis



| | |
|---|---|
| Conventions de Genève | Convention I de Genève pour l'amélioration du sort des blessés et des malades dans les forces armées en campagne, du 12 août 1949 |
| | Convention II de Genève pour l'amélioration du sort des blessés, des malades et des naufragés des forces armées sur mer, du 12 août 1949 |
| | Convention III de Genève relative au traitement des prissoniers de guerre, du 12 août 1949 |
| | Convention IV de Genève relative à la protection des personnes civiles en temps de guerre, du 12 août 1949 |
| Convention sur le Génocide | Convention de l'ONU pour la prévention et la répression du crime de génocide du 9 décembre1948 |
| Décision *Kupreškić et autres* | *Le Procureur c. Zoran Kupreškić, Mirjan Kupreškić, Vlatko Kupreškić, Vladimir Šantić, Drago Josipović, Dragan Papić,* Décision sur la Requête de la Défence sur les vices de forme de l'acte d'accusation, TPIY, Affaire No. IT-96-16-PT, décision du 15 mai 1998 |
| Décision *Tadić* sur la compétence de la cour | *Le Procureur c. Duško Tadić,* Décision sûr la Requête de la Défense rélative à l'Appel concernant l'exception préjudicielle d'incompétence, TPIY, Affaire No. IT-94-1-AR72, Décision du 2 octobre 1995 |
| Dossiers suisses | Procès-verbaux des interrogatoires de l'Accusé par un juge d'instruction suisse |
| FAR | Forces armées rwandaises |
| FPR | Front patriotique rwandais |
| *Jugement Akayesu* | *Le Procureur c. Jean-Paul Akayesu,* TPIR, Affaire No. ICTR-96-4-T, Jugement du 2 septembre 1998 |



LA

524 bis



| | |
|---|---|
| *Jugement Čelebići (Delalić)* | *Le Procureur c. Zejnil Delalić, Zdravko Mucić, Hazim Delić, Esad Landžo*, TPIY, Affaire No. IT-96-21-T, Jugement du 16 novembre 1998 |
| *Jugement Furundzija* | *Le Procureur c. Anto Furundzija*, TPIY, Affaire No. IT-95-17/1-T10, Jugement du 10 décembre 1998 |
| *Jugement Kayishema et Ruzindana* | *Le Procureur c. Clément Kayishema et Obed Ruzindana*, TPIR, Affaire No. ICTR-95-1-Y, Jugement du 21 mai 1999 |
| *Jugement Roeching* | *Allemagne c. Herman Roeching et autres*, le Commissaire du Tribunal du Gouvernement militaire pour le secteur français d'occupation |
| *Jugement Rutaganda* | *Le Procureur c. Rutaganda*, TPIR, Affaire No. ICTR-96-3-T, Jugement du 6 décembre 1999 |
| *Jugement Tadić* | *Le Procureur c. Duško Tadić*, TPIY, Affaire No. IT-94-1-T, Jugement de première instance du 7 mai 1997 |
| *Jugement de Tokyo* | Tribunal militaire international pour l'Extrême-Orient, 29 avril 1946-12 novembre 1948 |
| MDR | Mouvement démocratique républicain |
| MINUAR | Mission des Nations Unies pour l'Assistance au Rwanda |
| MRND | Mouvement révolutionnaire national pour le développment, après 1991, Mouvement républicain national pour la démocratie et le développment |
| ONU | Organisation des Nations Unies |
| OCIR-thé | Office des cultures industrielles du Rwanda, division "thé" (organisation étatique responsable notamment de l'Usine à thé de Gisovu) |

523 bis



| | |
|---|---|
| Ordre de mission | Annexe B au Jugement |
| PL | Parti libéral |
| Préfecture | Division territoriale et administrative au Rwanda |
| Préfet | Individu responsable pour l'administration d'une préfecture |
| Protocole additionnel I | Protocole additionnel aux Conventions de Genève du 12 août 1949 relatif à la protection des victimes des conflits armés internationaux (Protocole I) du 8 juin 1977 |
| Protocole additionnel II | Protocole additionnel aux Conventions de Genève du 12 août 1949 relatif à la protection des victimes des conflits armés non internationaux (Protocole II) du 8 juin 1977 |
| PSD | Parti social-démocrate |
| Règlement | Règlement de procédure et de preuve du TPIR |
| RTLM | Radio télévision libre des Mille collines |
| Statut | Statut du Tribunal pénal international pour le Rwanda |
| Statut de Rome | Statut de la Cour pénale internationale, du 17 juillet 1998 |
| Secteur | Subdivision politique et administrative d'une commune |
| TPIR | Tribunal pénal international pour le Rwanda de l'ONU, dans le Jugement le "Tribunal" |
| TPIY | Tribunal pénal international pour l'ex-Yougoslavie de l'ONU |
| *Travaux préparatoires* de la Convention sur le Génocide | Compte rendu analytique des réunions du VIe Comité de l'Assemblée générale des Nations Unies, 21 septembre - 10 décembre 1948 |

5221



| | |
|---|---|
| Tribunal de Nuremberg | Tribunal international militaire. Nuremberg |
| Tribunal de Tokyo | Tribunal militaire international pour l'Extrême-Orient. Tokyo |

## IGITEKEREZO CYIHARIYE CY'UMUCAMANZA LENNART ASPEGREN

**Ku byerekeye imyanzuro ku byabaye**

1. Ndemera nanjye imyanzuro ku byabaye yafashwe n'Urugereko muri uru rubanza, uretse imyanzuro ikurikira ndashyigikiye:

   - Ikubiye mu cyiciro 5.2 cy'Inyandiko y'urubanza, ku byerekeye ibyaba byarakozwe ku matariki n'ahantu hakurikira : 26 Mata 1994 ku gasozi ka Gitwa, hagati y'itariki ya 27 Mata n'iya 3 Gicurasi ku gasozi ka Rwirambo, no mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi ku buvumo bwa Nyakavumu ;

   - Ikubiye mu cyiciro 5.3 cy'Inyandiko y'urubanza ku byerekeye ibyaba byarakozwe ku itariki ya 14 Mata 1994 (igika 4.8 cy'Inyandiko y'ibirego).

2. Ku birebana n'ayo matariki n'ibyo bikorwa, sinemera ko habonetse ibimeneytso bidashidikanywaho ko Musema yagize uruhare mu byo ashinjwa.

3. Ngiye gusobanura ibyo nshingiraho nshimangira igitekerezo cyanjye kinyuranye n'icya bagenzi banjye kuri bintu bimwe na bimwe.

4. Birumvikana ko ari ngombwa kureba ibikorwa bifite aho bihuriye n'ibivugwa, kimwe n'ingingo za *alibi* Uregwa yireguza, nk'uko byasobanuwe mu byiciro 5.2 na 5.3 by'Inyandiko y'urubanza.

   - <u>Itariki ya 26 Mata 1994, agasozi ka Gitwa</u>

5. Nk'uko Inyandiko y'urubanza ibigaragaza, imyiregurire ya *alibi* ya Musema ntireba ku buryo bw'umwihariko itariki ya 26 Mata. Ahubwo ishingira ku rupapuro rw'abajya mu butumwa (ikimenyetso gihamya gifite nomero D10, ari cyo Umugereka B w'Inyandiko y'urubanza) rwahawe Musema, kimwe n'ingendo Musema yagiyemo

muri urwo rwego. Ndemera ibikorwa bivugwa hano hasi nk'uko byagaragajwe mu rubanza, ariko nkaba nyuranya n'Urugereko aho rwanze kwemera ko Uregwa atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga ku itariki ya 26 Mata 1994. Ndumwa ahubwo ingingo y'uko Musema atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga ifite ireme.

6. Nk'uko bigaragara mu nyandiko y'urubanza kandi nk'uko byemezwa n'Ubwunganizi, ndibutsa ko ku itariki ya 18 Mata 1994, ubwo Musema yashakishaga abakuru b'imirimo i Gitarama, yakubitanye na Yusitini Mugenzi, Minisitiri w'Inganda, Ubucuruzi n'Ubukorikori. Amaze kubwira Musema impungenge yari atewe n'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, Minisitiri yamumenyesheje ko azamwohereza mu butumwa, kugira ngo abonane n'Umuyobozi Mukuru wa OCIR Ishami ry'icyayi, mu rwego rwo kureba uko inganda zakongera gukora.

7. Nk'uko bigaragara mu myiregurire ya Musema ya "sinari mpari", Musema wari i Rubona muri icyo gihe yaje kugaruka i Gitarama ku itariki ya 21 Mata 1994, aho yongeye guhurira, na bwo nta gahunda bafitanye, na Yusitini Mugenzi wari kumwe na Minisitiri w'Imirimo ya Leta, Ingufu n'Amazi, bakaba noneho barabonaniye aho bacururiza lisansi kuri FINA. Mugenzi yamenyesheje Musema ingamba yari yafashe mu rwego rwo kubungabunga umutekano w'uruganda, amumenyesha kandi ko atabashije kuvugana na Bagaragaza, Umuyobozi Mukuru wa OCIR - Ishami ry'icyayi. Ni muri urwo rwego Musema yagiye mu majyaruguru y'igihugu kumushaka. Mugenzi yabwiye Musema ko azategura impapuro za ngombwa, hanyuma amusaba kuzajya kuzifata kwa Fawusitini Nyagahima, Umuyobozi muri Minisiteri y'Inganda, Ubucuruzi n'Ubukorikori. Ubwo bahuriraga aho bacururiza lisansi kuri FINA, Mugenzi yahaye Minisitiri w'Imirimo ya Leta, Ingufu n'Amazi uburenganzira bwo kuzashyira umukono ku rupapuro rw'abajya mu butumwa rwa Musema.

8. Musema avuga ko yakuye kwa Fawusitini Nyagahima urwo rupapuro rw'abajya mu butumwa ku itariki ya 22 Mata 1994 (ikimenyetso gihamya gifite nomero D10). Urwo rupapuro rwariho ikashe ya Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga. Musema avuga ko icyo gihe i Gitarama iyo Minisiteri ari yo yonyine yari ifite ikashe ya Leta.

Abajandarume babiri bo mu kigo cya gisirikare cy'i Gitarama bashinzwe kurinda umutekano wa Musema. Yagiye mu Ruganda rwa Pfunda, aho yahamye kugeza ku itariki ya 25 Mata. Musema yavuze ko yibeshye ku itariki aho yanditse we ubwe « *arrivée à Pfunda le 21/04/1994* » [kugera i Pfunda ku itariki ya 21 Mata 1994] nk'uko bigaragara ku kimenyetso gihamya gifite nomero D10, maze yemeza ko mu by'ukuri yageze ku Ruganda rw'icyayi rwa Pfunda ku itariki ya 22 Mata. Mu bimenyetso byatanzwe byo guhamya iyi mvugo, harimo ikimenyetso gihamya gifite nomero D28 « *Déclaration de créances* » [inyandiko yishyuza] cyerekeye ibyo OCIR - Ishami ry'Icyayi (Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu) rwagombaga kwishyura ba bajandarume babiri, kubera ubutumwa barimo kuva ku itariki ya 22 Mata 1994 kugeza ku ya 2 Gicurasi 1994, iyo nyandiko ikaba yarashyizweho umukono n'umucungamari mukuru w'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu.

9. N'ubwo muri ubwo butumwa yasuye gusa Uruganda rw'icyayi rwa Pfunda, Musema yemeye ko yashoboraga kongera muri raporo ye y'agateganyo inganda za Nyabihu na Rubaya (ikimenyetso gihamya gifite nomero D29), bitewe n'uko yari yahuye n'abayobozi b'izo nganda ubwo yari muri urwo rugendo. Aha ndibutsa ko Ubwunganizi bwashoboye kubona iyo raporo mu bubiko bw'inyandiko bw'Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu.

10. Nk'uko bivugwa muri *alibi* yatanze, ku itariki ya 25 Mata, Musema yasubiye i Gitarama amaze guhurira ku Mukamira n'Umuyobozi Mukuru wa OCIR - Ishami ry'Icyayi. Amaze kumenyeshwa iby'iyo raporo y'agateganyo, uyu muyobozi yemereye Musema gukomeza ubutumwa bwe. Ubwo Musema yaraye i Gitarama ijoro rimwe, hanyuma akomeza urugendo agana i Rubona.

11. Umutangabuhamya ushinjura witwa Claire Kayuku, akaba ari umugore wa Musema, yemeje ko umugabo we yavuye i Rubona agana ku Gisenyi ku itariki ya 22 Mata, akaza kugaruka i Rubona ku itariki ya 26 Mata akaharara.

12. Nasuzumye kandi ibyo Porokireri avuga by'uko urupapuro rw'abajya mu butumwa kimwe n'amakashi ya za Minisiteri byari ibihimbano. Porokireri yemeza ko ibyo Musema avuga ko yagiye ahura n'abo ba Minisitiri bimugwiririye atari ibyo gufatwaho ukuri. Porokireri asanga ruriya rupapuro rw'abajya mu butumwa rwaracuriwe gusa kuyobya Urukiko no guhishira uburemere bw'uruhare Musema yagize mu bwicanyi bwabaye. Porokireri yavuze kandi ko raporo y'agateganyo yari ngufi cyane ku buryo butangaje, ugereranyije n'uko ubwo butumwa buvugwa bwari buhambaye. Byongeye kandi, Umutangabuhamya ushinja wiswe BB yemeje ko imiterere ya ruriya rupapuro rw'abajya mu butumwa itari isanzwe, ko urwo rupapuro rutari rumeze nk'izari zisanzwe zikoreshwa muri OCIR - Ishami ry'Icyayi.

13. Ku buryo bw'umwihariko, nasuzumye ibivugwa ko Musema yaba yarahimbye urupapuro rw'abajya mu butumwa agamije guhishira uburemere bw'uruhare yagize mu bwicanyi.

14. Mbere na mbere, ndasanga ku bwanjye ari ngombwa kwibuka ko iyo nyandiko, nk'uko igaragara ku kimenyetso gihamya gifite nomero D10, yatahuwe mu Rwanda n'umucamanza w'Umusuwisi, ikaba yaramenyeshejwe Musema ubwo yari afungiye mu Busuwisi. Bityo rero, Musema iyo nyandiko ntayo yari afite mbere y'uko abategetsi b'Abasuwisi cyangwa Porokireri bayimushyikiriza mu buryo buteganyijwe.

15. Ku byerekeye ibyo Porokireri avuga ko iri yandiko yaba ari impimbano, simbona ukuntu Musema yari kuba yarafashe igihe kingana kuriya, agashyira umurego ungana kuriya mu gucurana ubwitonzi urupapuro rw'abajya mu butumwa mu Rwanda mu mwaka wa 1994, mbere y'uko ahungira mu mahanga, yarangiza agasiga urwo rwandiko rw'ingirakamaro cyane yashoboraga gukoresha mu myiregurire ya "sinari mpari", haramutse habaye iperereza cyangwa urubanza bimwerekeye. Nk'uko byumvikana, iyo urwo rupapuro ruba rwaracuriwe gushakisha iyo myiregurire ya "sinari mpari", nta kuntu Musema yari kurusiga mu Gisovu intambara irangira, kandi yarabonaga imirwano igenda imusatira, atanazi uko byari kuzagendekera Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu.

16. Ku byerekeye gushidikanya ko Musema yaba yarahuriye na bariya baminisitiri i Gitarama bimugwiririye, ndibutsa ko ibintu muri kiriya gihe bitari ibisanzwe. Mu by'ukuri, hari ikimenyetso cyatanzwe cyerekana ko ahagana ku itariki ya 18 Mata 1994, mu Rwanda imirwano ikaze yari ishyamiranyije ingabo za Leta z'icyo gihe na FPR, ko ubwicanyi bukomeye bw'abasivili bwakorwaga, ko ibihumbi n'ibihumbi by'abasivili bari baravuye mu byabo, kandi ko na Guverinoma y'agateganyo yari yarahunze Kigali, yimukira by'agateganyo i Gitarama. Kubera izo mpamvu, ndasanga mu bihe nk'ibyo kuba Musema yarahuye n'abaminisititi i Gitarama bimugwiririye bitafatwa nk'ibidashoboka, cyangwa bitahita bishidikanywaho ubwabyo.

17. Bityo rero, nsanga ingingo Porokireri atanga yerekana ko ruriya rupapuro rw'abajya mu butumwa ari uruhimbano zidahagije guhamya ko Musema yahimbye ku bwende urwo rupapuro agamije guhishira uruhare yagize mu bwicanyi bwo mu mwaka wa 1994.

18. Mu buhamya bwe imbere y'Urukiko, Musema yavuze izindi ngingo zerekana ahanini ko buriya butumwa bwashobokaga. Yasobanuye ko umutekano muke watewe n'intambara kimwe no kwimurira Guverinoma y'agateganyo i Gitarama, ari byo byatumye ku rupapuro rw'abajya mu butumwa haterwaho kashe za minisiteri zindi aho guterwaho kashe ya minisiteri yari ishinzwe OCIR-Ishami ry'icyayi.

19. Ndasanga n'ubwo muri raporo ye y'agateganyo avugamo inganda z'icyayi za Nyahibu na Rubaya kandi ataragiye aho ziri, yarahuye koko n'abayobozi bazo kandi akanavugana na bo ku byerekeranye n'imirimo yabo. Musema yagendeye kuri ibyo biganiro mu gukora raporo. Ibyo Porokireri avuga by'uko raporo itakozwe hakurikijwe ibyo Musema yakusanyirije mu butumwa kandi « ko ari nto ku buryo butangaje » ugereranyije n'uburemere bw'ubutumwa yarimo, njye mbona nta shingiro bifite kandi bitarashyigikiwe n'ibimenyetso byatanzwe mu rubanza. Ni ngombwa kwibuka ko Musema yavuze ko yari raporo y'agateganyo, ikubiyemo gusa igice cya mbere cy'ubutumwa bwe, ko itari byibuze raporo y'ibyo yari amaze kugeraho

ubutumwa bwe bugeze hagati. Byongeye kandi, ibyo Porokireri avuga by'uko iyo raporo yashoboraga gukorerwa ahantu aho ariho hose, na byo ntiyabitangiye ibimenyetso mu rubanza.

20. Umutangabuhamya ushinjura witwa Claire Kayuku, n'ubwo bwose ari umugore wa Musema, yatanze ubuhamya bwakwemerwa, kandi yavuze ko Musema yagarutse i Rubona ku itariki ya 26 Mata.

21. Ubu buhamya rero bushyigikiye imyiregurire ya "sinari mpari" y'Uregwa.

22. N'ubwo mvuga rumwe n'abandi bacamanza bagize inteko ku byerekeye ubuhamya bw'umugabo wiswe M, nyuranya na bo ku birebana no kutemera imyiregurire ya "sinari mpari". Ku byerekeye amatariki avugwa, nsanga imyiregurire ya "sinari mpari" ya Musema, yasuzumwe ku buryo bunonosoye mu gihe cy'urubanza ikanashyigikirwa n'ibimenyetso byanditse kimwe n'ubuhamya, ikwiye kwemerwa. Iyo myiregurire ituma ahubwo habaho ugushidikanya ku bivugwa na Porokireri ko Musema yagize uruhare mu gitero cyagabwe ku itariki ya 26 Mata 1994, ku gasozi ka Gitwa.

- <u>Kuva ku itariki ya 27 Mata kugeza ku ya 3 Gicurasi 1994, agasozi ka Rwirambo</u>

23. Kimwe n'abacamanza bagenzi banjye, nasuzumye ubuhamya bw'umugabo wiswe R kimwe n'ingingo zatanzwe n'Ubwunganizi, ku byerekeye ukwivuguruza hagati y'ubuhamya bw'uyu mugabo muri uru rubanza n'ibyo yavuze mbere mu rubanza rwa *Kayishema na Ruzindana*, kimwe n'ibisobanuro byatanzwe n'uwo mutangabuhamya kuri icyo kibazo. Simbona ibintu kimwe n'abacamanza bagenzi banjye, kuko nsanga ubuhamya bwa R butakwizerwa, kandi butuma habaho ugushidikanya kuri ikibazo.

24. Impungenge zikomeye mfite zerekeye ukwivuguruza kuri mu buhamya bwa R ku birebana n'uko yakomeretse n'uko yavuwe. Ndibutsa ko R yabwiye Urugereko ko bitamushobokeraga kujya kwa muganga kwivuza, ko umugiraneza yamusigiye

amavuta y'inka ku gikomere. Ibyo ariko binyuranye n'ibyo yavuze mu rubanza rwa *Kayishema na Ruzindana*, aho mu gusubiza ikibazo cy'Umucamanza Khan, uwo mutangabuhamya yagize ati : « Icyo gihe ibintu byari bitaramera nabi cyane, umuntu akaba yarashoboraga kubona umuhutu umwe cyangwa babiri ufite umutima mwiza, waha amafaranga bakakugurira penisilini ». R yari yaravuze kandi ko yavuriwe mu Rwirambo.

25. Nyamara ubwo yatangaga ubuhamya bwe muri uru Rubanza, R yahakanye ko atigeze agera mu Rwirambo, avuga ko bitashobokaga kugera ku bitaro bya Rwirambo kubera za bariyeri nyinshi. Imbere y'Urugerereko yibutse ariko ko yigeze kugira icyo avuga kuri penisilini ku bijyanye n'ibikomere binini, ko kandi yavuze ko abantu bamwe bari bafite ubushobozi bwo kugura penisilini. Mu gusubiza ibibazo by'Ubwunganizi n'iby'Urugereko, R yongeyeho ko koko yasize penesilini kuri ibyo bikomere, ariko nyuma birimo gukira, ko kandi nta muhutu yigeze asaba penisilini.

26. N'ubwo ibisubizo bidahuje R yatanze mu buhamya bwe bitareba ku buryo bw'umwihariko uruhare rwa Musema mu gitero, byerekeye ariko ibibazo bikomeye kandi nta kuri kubirangwamo n'ubwo yabibwiye Urukiko hejuru y'indahiro. Ukurikije imiterere y'ubuhamya bwe, ibyo uwo mugabo yavuze bikwiye kugirirwa icyizere ku buryo bumwe; nsanga uko kunyuranya kuboneka mu buhamya bw'uwo mugabo butuma butakwemerwa. Bityo rero, nsanga hariho ukunyuranya gukabije nk'uko byerekanywe n'Ubwunganizi, ku buryo bituma kuri iki kibazo kigibwaho impaka, umutangabuhamya atakwemerwa cyangwa ngo yizerwe bihagije.

27. Kubera izo mpamvu, nsanga rero bitagaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagize uruhare mu gitero cyagabwe ku gasozi ka Rwirambo hagati y'itariki ya 27 Mata n'iya 3 Gicurasi 1994.

- <u>Impera y'ukwezi kwa Gicurasi, igitero cyagabwe ku buvumo bwa Nyakavumu</u>

28. Kimwe n'abacamanza bagenzi banjye, nasuzumye ubuhamya bw'abagabo bashinja biswe H, S, D, AC na AB, ubwa Musema, ubwa Claire Claire Kayuku, kimwe n'ubuhamya bwanditse bwatangiwe gushimangira imyiregurire ya *alibi*. Nyamara ariko, simbona ibintu kimwe na bagenzi banjye, kuko nsanga bitaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagize uruhare mu gitero cyagabwe ku buvumo bwa Nyakavumu.

29. Mu gushimangira igitekerezo cyanjye, nshingira kuri ibi bikurikira:

30. Umutangabuhamya wiswe H avuga ko igitero cyagabwe ahagana mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi cyangwa mu ntangiriro z'ukwezi kwa Kamena, uwiswe S akavuga ko cyagabwe ahagana mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi, naho abiswe A na AC nta tariki yihariye bavuga mu buhamya bwabo. Umutangabuhamya wiswe AB yavuze ko Musema yagiye mu kigo cya gisirikare cyo ku Kibuye gusabayo inkwi mu kwezi kwa Kamena.

31. Nk'uko bivugwa mu myiregurire ye ya *alibi*, ku itariki ya 27 n'iya 28 Gicurasi 1994 Musema yari mu Gisovu, ajya i Shagasha ku ya 29 Gicurasi, ku ya 31 Gicurasi yagiye muri Zayire (Zaïre) ku mpamvu z'akazi hamwe n'abandi. Hari fotokopi z'urwandiko rwe rw'abajya mu mahanga zatanzweho ikimenyetso mu rwego rwo gushimangira ibyo yemezaga. Kugeza ku itariki ya 10 Kamena 1994 ntiyari ku Ruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Ni ngombwa kuvuga ko ayo matariki yose ashimangirwa n'ikimenyetso gihamya gifite nomero P68, kigizwe n'ingengabihe yandikishije intoki yakozwe na Musema (Umugereka C w'Inyandiko y'urubanza).

32. Umwanzuro wafashwe ku bwiganze bw'amajwi n'abacamanza bagenzi banjye kuri iyi ngingo ushingiye ku buhamya bwinshi kandi bugiye umujyo umwe bwatanzwe n'abagabo bashinja. Abo bacamanza bavuga ko kuba itariki nyayo y'igitero itagaragara neza mu buhamya bwose bitatera ugushidikanya ku kwizerwa k'ubwo buhamya. Abo bacamanza basanga imyiregurire ya "sinari mpari" y'Uregwa itavuguruza ibimenyetso byatanzwe.

33. Iyo myumvire yabo sinyemera. Nk'uko nabivuze haruguru, itariki abatangabuhamya bagiye bavuga igitero gishobora kuba cyarabereyeho ni "impera y'ukwezi kwa Gicurasi", "intangiriro y'ukwezi kwa Kamena" no "mu kwezi kwa Kamena". Ibi bishatse kuvuga ko igitero gishobora kuba cyaragabwe ku itariki iyo ari yo yose hagati y'impera y'ukwezi kwa Gicurasi n'impera y'ukwezi kwa Kamena. Ndemera ko abatangabuhamya bashobora kuba barananiwe kwibuka amatariki nyayo nyuma y'imyaka itanu ibintu bibaye, bitewe n'uko ibintu byari bimeze mu karere ka Bisesero igihe ibivugwa byabaga, bitewe kandi n'ihahamuka bagize kubera ibyo babayemo, kimwe n'igihe cyahise hagati y'ibyabaye n'itariki batangiyeho ubuhamya imbere y'Urugereko. N'ubwo nemera ko ibyo abatangabuhamya bavuga bigiye umujyo umwe, ntibibuza kuba umuntu yashidikanya kuri iki kibazo, kubera ko ubuhamya bwatanzwe buterekana itariki nyayo igitero cyagabiweho.

34. Kuvuga gusa ko igitero cyabayeho no kuvuga ku buryo budafututse igihe cyagabiwe ntibishobora gukuraho ishidikanya kuri icyo kibazo, bityo ku bwanjye Urugereko rukaba rutabishingiraho ngo rwemeze ko Musema ahamwa n'icyaha ku buryo budashidikanywaho. Byongeye kandi, bitewe n'uko ibyo ari byo byose Porokireri ari we ufite inshingano yo gutanga ibimenyetso bishinja, kuba nta bisobanuro binoze atanga ku bintu bikomeye nk'ibi byaba ari nko kubangamira uburenganzira bw'Ubwunganizi. Kubera ko imyiregurire ya "sinari mpari" y'Uregwa ishingiye ku matariki ari hagati y'impera y'ukwezi kwa Gicurasi n'intangiriro y'ukwezi kwa Kamena, kwemeza ko ibyo aregwa byagaragajwe ku buryo budashidikanywaho uhereye ku buhamya bugiye umujyo umwe ku birebana n'ibyakozwe ariko budahuza ku matariki, byaba ari nko guha Ubwunganizi inshingano yo gutanga ibimenyetso. Ikindi kandi, kuba Porokireri atarabashije kugaragaza itariki igitero cyagabiweho bituma Musema adashobora kwiregura uko bikwiye ku byo ashinjwa.

35. Bityo rero, nsanga bitaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho ko Musema yagiye mu gitero cyagabwe ku buvumo bwa Nyakavumu.

- <u>14 Mata 1994, Anonsiyata Mujawayezu</u>

36. Kimwe n'abandi bacamanza bagenzi banjye, nsanga nta bimenyetso byatanzwe byerekana ko ku itariki ya 14 Mata 1994 Anonsiyata Mujawayezu yasambanyijwe ku gahato cyangwa ko Musema yategetse ko uwo mugore n'umuhungu we Blaise bicwa.

37. Simbona ariko ibintu kimwe n'abacamanza bagenzi banjye bemera ko ari Musema wategetse ko uriya mugore asambanywa ku gahato. Jye nsanga bitaragaragjwe ko Musema yatanze ririya tegeko.

38. Ikimenyetso cy'ingenzi cyatanzwe ku byerekeye uko gusambanya ku gahato ni ubuhamya bw'umugabo wiswe I, busa nk'aho buhuzagurika, kandi bukaba bwaravugurujwe kuri bimwe na bimwe n'ubuhamya bw'abagabo biswe L na PP.

39. Ku bwanjye, kuba ubuhamya bwa I buhuzagurika kandi bufite ubundi bubuvuguruza bituma butakwemerwa.

40. Kubera iyo mpamvu, nshingiye ku bimenyetso byatanzwe, sinemera ku buryo budashidikanywaho ko ku itariki ya 14 Mata 1994 Musema yategetse cyangwa yashishikarije abantu gusambanya ku gahato Anonsiyata Mujawayezu, nk'uko bivugwa mu gika cya 4.8 cy'Inyandiko y'ibirego.

**Ku birebana n'imyanzuro yo mu rwego rw'amategeko, icyemezo cy'Urukiko n'ibihano**

41. Ndemera imyanzuro yo mu rwego rw'amategeko yafashwe muri uru rubanza (Icyiciro cya 6), ariko gusa ku birebana n'ibindi bikorwa bitari ibimaze gusesengurwa hano hejuru.

42. Ku birebana no gusambanya ku gahato Anonsiyata Mujawayezu ku itariki ya 14 Mata 1994 nk'uko byamaze kuvugwa, abacamanza bagenzi banjye mu myanzuro bafashe ku

byabaye, basanze Musema yarategetse ko icyo cyaha gikorwa. Nk'uko nabivuze, jyewe siko mbibona bitewe n'uko nta kinyemeza ko Musema yatanze iryo tegeko.

43. N'ubwo naganjwe kuri iyi ngingo, ndavuga rumwe ariko n'abacamanza bagenzi banjye ku myanzuro yafashwe kuri icyo kibazo mu cyiciro cya 6.1 cy'inyandiko y'uru rubanza, ku byerekeranye n'amategeko, ivuga muri make ko gutanga itegeko ubwabyo atari icyaha.

44. Ndemera kandi imyanzuro yafashwe n'abacamanza bagenzi banjye ku byerekeye kuba Musema ahamwa n'icyaha ku bikorwa bindi bitari ibyavuzwe haruguru. N'ubwo kandi nyuranije na bagenzi banjye kuri imwe mu myanzuro yerekeranye n'ibyabaye n'iyerekeranye n'amategeko, ndemera imikirize y'urubanza (Icyiciro cya 7) n'igihano cyatanzwe (Icyiciro cya 8).

Arusha, tariki ya 27 Mutarama 2000

Lennart Aspegren,
Perezida w'Urugereko
[Umukono w'Umucamanza n'Ikirangantego cy'Urukiko]

## IGITEKEREZO CYIHARIYE CY'UMUCAMANZA NAVANETHEM PILLAY

Uru rubanza rwakijijwe ku bwumvikane bw'abacamanza bose bagize inteko, usibye umwe ufite igitekerezo kinyuranye n'icy'abandi kuri imwe mu myanzuro ku byabaye.

1. Ntabwo mbona ibintu ku buryo bumwe na bagenzi banjye ku birebana n'ibimenyetso byatanzwe mu gushimangira ibirego bikubiye mu gika cya 4.7 cy'Inyandiko y'ibirego, ku buryo bw'umwihariko, ku bivugwa ko Musema yashishikarije abantu kwica abatutsi no gusambanya ku gahato abatutsikazi, ibyo ngo akaba yarabikoreye mu nama yabaye ku itariki ya 18 Mata 1994, ngo kandi nyuma y'iyo nama akaba yaragiye mu gitero cyagabwe ku batutsi, akaba yaranashatse intwaro n'amasasu byo gukoresha muri icyo gitero.

2. Maze gusuzuma imyiregurire ya "sinari mpari" y'Uregwa, nsanga imitekerereze yanjye inyuranye n'iy'abacamanza bagenzi banjye, n'ubwo muri rusange twageze ku mwanzuro umwe. Nkaba rero iki gitekerezo cyanjye kinyuranye n'icy'abandi ngiye kugisobanura hano hasi.

3. Mu myiregurire ye, uregwa yavuze ko atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga, ibyo kandi bikaba byaranemejwe n'abandi batangabuhamya bamushinjura. Kugira ngo mbashe gusesengura icyo kimenyetso, nashatse gusuzuma ku buryo bw'imbumbe iby'uko atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga, aho kugenda mbireba agace agace, cyangwa se buri munsi ukwawo. Iyo nsuzuma uko ibintu byagenze, nibanda ku cyizere mbona buri mutangabuhamya yagiriwa, no kuba ikimenyetso cyatanzwe gishimangira cyangwa se kivuguruza ubuhamya bwatanzwe mu Rukiko.

4. Iyo icyizere umutangabuhamya yagiriwa gikemanzwe, ubuhamya bwe bwose rusange bugomba gushidikanywaho, keretse haramutse habonetse ikindi kimenyetso kibushimangira ariko kidafitanye isano n'ubuhamya bukemangwa. Na none, mu gihe Urugereko rusanze umutangabuhamya yakwizerwa, ubuhamya bwe bugomba kwemerwa, keretse habonetse impamvu zikomeye zatuma bigenda ukundi.

5. Nk'uko bivugwa my nyandiko y'uru rubanza, buri buhamya bwatanzwe na buri mugabo mu bashinja bwarasuzumwe, kugira ngo harebwe niba ibyo bavuga ari ukuri. Ubuhamya nyirizina bwatanzwe ku birebana n'ibyabaye ku musozi wa Karongi ku itariki ya 18 Mata ni ubw'umugabo ushinja wiswe M, hamwe n'ubw'Uregwa ubwe n'ubw'umugore we Claire Kayuku, aba bombi bakaba bari abatangabuhamya bashinjura.

6. Rumaze gusuzuma ubuhamya bwa M, Urugereko rwasanze ari ukuri. Mu rukiko, M yavuze ko yumvise Uregwa afata ijambo mu nama yabereye ku musozi wa Karongi ku itariki ya 18 Mata 1994, ashishikariza abari bayirimo kwica abatutsi, akaba yaranavuze ko « abifuzaga kwishimisha bashoboraga gusambanya ku gahato abagore babo n'abana babo ». M yongeyeho ko Uregwa hari umuzamu yategetse guha imbunda n'amasasu abantu kugira ngo bagabe igitero ku mpunzi z'abatutsi. Byongeye kandi, M yabonye mubyara we na mwishya we basambanywa ku gahato n'agatsiko k'abagabo batanu, babiri muri bo bakaba bari muri iyo nama.

7. Ku bwiganze bw'amajwi, abacamanza ntibemeye ubwo buhamya, bashingiye ku mpamvu y'uko imyiregurire ya *alibi* yerekeranye n'itariki ya 18 Mata 1994 yatangiwe gihamya. Uregwa yavuze ko kuri 18 Mata yari i Gitarama, bityo Ubwunganizi bukavuga ko kubera iyo mpamvu atari gushobora kujya mu nama yabereye ku musozi wa Karongi cyangwa mu gitero cyayikurikiye. Mu buhamya bwe, Claire Kayuku, akaba ari umugore w'Uregwa, yibukije ko nyir'ubwite yagiye i Gitarama, ariko ntiyavuze itariki nyirizina y'urwo rugendo. Bitewe n'uko atavuga itariki nyayo, numva ubuhamya bwa Claire Kayuku nta cyo bwamarira Uregwa mu myiregurire ye ya *alibi*.

8. Kubera impamvu zavuzwe haruguru, nsanga Uregwa atari umutangabuhamya wagirirwa icyizere, n'ubwo bwose abacamanza bagenzi banjye ku bwiganze bw'amajwi bo atari ko babibona. Sinemera ubuhamya bw'uwo mugabo cyane cyane ko nta bundi buhamya bubushimangira, bukaba kandi buvuguruzwa n'ubw'umugabo

wiswe M Urugereko rwemeje ko ari uwo kwizerwa. Abacamanza bagenzi banjye basanga ubuhamya bwa M bwonyine budahagije ngo hemezwe ku buryo budashidikanywaho ko Uregwa yari mu nama yabereye ku musozi wa Karongi. Bongeraho kandi ko ku byerekeye gusambanya abagore ku gahato, « nta gihamya cy'uko itegeko ryo kubikora ryatanzwe na Musema ».

9. Umutangabuhamya M abacamanza bose bemeje ko ari uwo kwizerwa, yatanze ubuhamya butanyomojwe bwemeza ko Uregwa yagiye koko mu nama y'i Karongi no mu gitero cyayikurikiye, ko yashishikarije abantu gusambanya ku gahato, ubwo yavugiraga mu nama ko abifuza kwishimisha bashobora gusambanya ku gahato abatutsikazi, ibyo bikaba byaratumye abagore babiri basambanywa ku gahato n'abagabo babiri bari bagiye muri iyo nama.

10. Nsanga ubuhamya bw'umugabo M buvuga ibintu uko byagenze ku itariki ya 18 Mata, nkaba ntemera imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa kubera impamvu ngiye kuvuga hano hasi. Imyiregurire ye ya *alibi* yuzuyemo uguhuzagurika ku buryo ntashobora gufataho ukuri ibyo avuga ko yari i Gitarama ku itariki ya 18, ibyo kandi akaba nta mugabo cyangwa ikimenyetso kindi kibishimangira, bityo bikaba bitatuma ubuhamya bwa M bushidikanywaho.

11. Umutangabuhamya M ni we mugabo ushinja wenyine watumijwe ku birebana n'ibitero byo ku itariki ya 18 n'iya 26 Mata, kandi Urugereko rwasanze yakwemerwa. Ku bwiganze bw'amajwi abacamanza bemeye ubuhamya bwe, banga kwemera imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa, bakaba rero baremeje ko Uregwa yagiye mu igitero cyagabwe ku itariki ya 26 Mata kandi ko yakigizemo uruhare. Ku byerekeye igitero cyo ku itariki ya 18 Mata, abo bacamanza bemeye ubuhamya bw'umugabo M, barahindukira na none bemera imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa. Ku bwanjye, bitewe n'uko nta bindi bimenyetso bifatika by'inyongera byagaragaye kuri ibyo byabaye, ubuhamya bwa M ntibushobora ku ruhande rumwe kutemerwa hashingiwe ku buhamya bw'Uregwa, ngo kandi ku rundi ruhande bwemerwe hirengagijwe na none ibivugwa n'Uregwa.

12. Kubera izo mpamvu, sinemera ibyo abacamanza bagenzi banjye bemeje ku bwiganze bw'amajwi, ku byerekeranye n'imyanzuro yafashwe ku byabaye. Ndemeza ko Uregwa yafashe ijambo mu nama yo ku wa 18 Mata 1994 maze agashishikariza abantu kwica abatutsi b'abasivili no gusambanya abatutsikazi ku gahato. Nsanga mu gusuzuma niba Uregwa ahamwa n'icyaha cyo kuba yarakoze jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu (itsembatsemba no gusambanya ku gahato), ari ngombwa gusuzumira hamwe iyi myanzuro yerekeranye n'ibyabaye.

**Imyiregurire ya *alibi***

13. Musema yemera ko yagiye mu Gisovu ku itariki ya 14 Mata, ariko akavuga ko atari ahari ku itariki ya 18 Mata, ari yo tariki bivugwa ko yafatiyeho ijambo mu nama yabereye ku gasozi kariho umunara wa FM i Karongi, kandi akajya mu gitero cyayikurikiye. Ahakana ko yagiye mu Gisovu ku itariki ya 13 n'iya 14 Gicurasi, ubwo hakorwaga ubwicanyi ku gasozi ka Muyira kandi akanavuga ko atari ahari ubwo impunzi zafungiranwaga mu buvumo bwa Nyakavumu zikicwa no kubura umwuka. Avuga ko atari muri ako karere ubwo ibitero byagabwaga i Gishyita ku itariki ya 31 Gicurasi n'iya 5 Kamena, n'igihe byagabwaga muri Serire ya Nyarutovu ku itariki ya 22 Kamena.

14. Hari inyandiko zijyana n'iyo myiregurire ya *alibi.* Ikimenyetso gihamya gifite nomero P54 ni inyandiko mvugo y'ibazwa rya Musema imbere y'ubutegetsi bw'Ubusuwisi ku itariki ya 11 Gashyantare 1995. Muri iyo nyandiko havugwa ko Musema yavuye mu Gisovu mu ijoro ryo ku itariki ya 15 rishyira iya 16 Mata. Ikimenyetso gihamya gifite nomero P56 ni inyandikomvugo y'ibazwa ryakozwe ku itariki ya 18 Werurwe 1995 n'ubutegetsi bw'Ubusuwisi. Muri iyo nyandiko, Musema avuga ko yageze mu Gisovu ku itariki ya 14 Mata kandi ko yahavuye ku ya 15 Mata saa cyenda z'ijoro. Ikimenyetso gihamya gifite nomero P63 ni inyandiko Musema ubwe yanditse ubwo yakaga ubuhungiro ubutegetsi bw'Ubusuwisi. Muri iyo nyandiko avuga ko yavuye mu Gisovu mu ijoro ryo ku itariki ya 15 Mata 1994. Ikimenyetso gihamya gifite nomero

P68 ni imbonerahamwe yandikishije intoki yakozwe na Musema, avugamo ko yahagurutse mu Gisovu ku itariki ya 15 Mata agana i Butare. Ibyo yavuze mu buhamya bwe mu Rukiko binyuranye n'ibikubiye muri izo nyandiko zivuzwe haruguru. Musema yavuze ko yavuye mu Gisovu ku itariki ya 17 Mata saa cyenda z'ijoro akagera i Butare bukeye bwaho saa tatu za mu gitondo. Umugore wa Musema avuga ko umugabo we yagarutse mu rugo i Butare ku itariki ya 16 cyangwa ya 17 Mata.

15. Ingengabihe yandikishije intoki (ikimenyetso gihamya gifite nomero P68) yerekana ko Musema yari mu butumwa hagati y'itariki ya 18 n'iya 26 Mata, mu gihe ikimenyetso gihamya gifite nomero D10 (urupapuro rw'abajya mu butumwa) kivuga ko ubutumwa bwatangiye ku itariki ya 22 Mata. Amagambo yandikishijwe intoki na Musema ku rupapuro rwa 2 rw'iyo nyandiko, iruhande rw'aho ikashe ya mbere iteye, yerekana ko ubutumwa bwe bwatangiye ku itariki ya 21 Mata. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Musema yemeje ko itariki ubutumwa bwe bwatangiriyeho ari iya 22 Mata. Avuga ko habayeho ukwibeshya ubwo yandikaga itariki ya 21 Mata kuri urwo rupapuro rw'abajya mu butumwa.

16. Musema ntavuga ko yahamye i Butare muri icyo gihe cyose hagati y'itariki ya 17 n'iya 22 Mata. Mu buhamya bwe mu Rukiko, avuga ko yagiye i Gitarama ku itariki ya 18 Mata, yizeye kuhahurira n'abategetsi na bamwe muri bene wabo yari yarabuze. Yavuze kandi ko yasubiye i Gitarama ku itariki ya 21 Mata, gushaka abantu bo mu muryango we. Claire Kayuku, umugore wa Musema, yemeje ko umugabo we yagiye i Gitarama kabiri hagati y'itariki ya 16 n'iya 22 Mata, kureba abantu bo mu muryango we, ariko ntavuga amatariki nyirizina izo ngendo zabereyeho. Nta buhamya na bumwe bwigeze bushimangira imvugo ya Musema y'uko yaba yaragiye i Gitarama ku itariki ya 18 Mata. Ikimenyetso gihamya gifite nomero P68 (ingengabihe yanditswe n'intoki na Musema) kiragaragaza ko ku itariki ya 18 Mata 1994 yagombaga kuba ari mu butumwa mu nganda z'icyayi. I Gitarama kandi nta ruganda rw'icyayi ruhari. Mu gihe cy'ibaza rinyomoza, Musema yavuze ko ubwo yateguraga iyo ngangabihe, yari atarabona inyandiko zari zifitwe n'abacamanza bo mu Busuwisi na ba avoka be, bityo

aho amariye kubona izo nyandiko akaba ari bwo yashoboraga kuvuga amatariki nyayo yagiriyeho mu butumwa.

17. Ku birebana n'ahantu yari ku itariki ya 13 n'iya 14 Gicurasi, Musema yemeza ko yahamye i Rubona kuva ku itariki ya 7 kugera ku ya 19 Gicurasi 1994, ko kandi atari ari mu Gisovu muri icyo gihe. Ikimenyetso gihamya gifite nomero P 68 (ingengabihe yanditswe na Musema ubwe n'intoki) cyerekana ko Musema yari mu Gisovu hagati y'itariki ya 4 n'iya 14 Gicurasi 1994. Mu nyandikomvugo y'ibazwa rya Musema n'ubutegetsi bw'Ubusuwisi yakozwe ku itariki ya 16 Werurwe 1995, biragaragara ko Musema yongeye guhamya ko hagati y'itariki ya 4 n'iya 13 Gicurasi 1994 yari mu Gisovu. Umugore we, Claire Kayuku, yemeza ko yibuka ko mu kwezi kwa gatanu hagati umugabo we yagiye mu Gisovu gushashura abakozi bo mu Ruganda rw'icyayi. Uwo mudamu avuga ko yibuka ko mu ntangiriro y'ukwezi kwa Gicurasi, imodoka Uregwa yagendagamo (Pajero itukura) yagiye gukoreshwa mu igaraje i Butare ikahamara icyumweru kimwe cyangwa bibiri. Musema avuga ko imodoka ya Pajero ifite icyapa nomero A 7171 yagize ibibazo ku itariki ya 7 Gicurasi 1994, ibyo akabitangira ikimenyetso gihamya gifite nomero D45 ari cyo urupapuro yanditse ku itariki ya 19 Gicurasi 1994 asaba kwishyurwa amafaranga yatanze akoresha iyo modoka, kikaba kigizwe kandi na fagitiri yishyuriyeho lisansi i Gitarama ku itariki ya 14 Gicurasi 1994 yo gushyira muri iyo modoka Pajero A7171. Ubwunganizi bushingira kuri icyo kimenyetso buvuga ko Musema yari kure y'akarere ka Bisesero, ahabereye ubwicanyi bwo ku itariki ya 14 Gicurasi 1994, ibi ariko kandi bikaba bidahuye n'ibyo Musema avuga ko iyo modoka yari yarapfuye hagati y'itariki ya 7 n'iya 19 Gicurasi, ko yashoboye gusa kugera mu Gisovu ku itariki ya 19 Gicurasi, iyo modoka bamaze kuyikora. Urugereko kandi rwasanze indi fagitiri Musema yarushyikirije iri mu kimenyetso gihamya gifite nomero D45, yerekeye igurwa ry'ibyuma by'imodoka bisimbura ibyapfuye, yanditseho itariki ya 19 Mata 1994.

18. Usibye umugore we na we utarabashije kuvuga amatariki nyayo ibintu byabereyeho, undi mugabo wemeje ibyo Musema avuga ko yari i Rubona muri Butare ku itariki ya 13 n'iya 14 Gicurasi, ni umutangabuhamya ushinjura wiswe MH, wemeza ko yabonye

Musema i Rubona ku itariki ya 13 Gicurasi. Uwo mutangabuhamya avuga ko ubwo yavaga i Gitarama ahungiye i Burundi, yahagaze i Rubona iminota 20, nyuma ya saa sita ho gato, ku itariki ya 13 Gicurasi 1994. Ngo yaba yarabonye Musema kwa nyirabukwe [wa Musema], akaba kandi ngo yaramuvugishije mbere yo gukomeza urugendo rwe yerekeza i Burundi, aho yaba yarageze uwo munsi nyine. Urwandiko rwe rw'abajya mu mahanga yerekanye mu gihe cy'iburanisha ruriho kashe y'ubuyobozi bw'abinjira mu gihugu, yerekana ko yinjiye mu Burundi ku itariki ya 13 Gicurasi 1994. Uwo mutangabuhamya yemeza kandi ko Musema yagiye kumureba i Gitarama ku itariki ya 10 Gicurasi 1994.

19. Mu gihe cy'ibaza rinyomoza, yasabwe gusobanura uko yamenyanye na Musema, uwo MH ntiyasubiza ku buryo bufututse. Yasaga n'uca ikibazo ku ruhande, asubiramo kenshi ko biruhije gusobanura ukuntu umuntu amenyana n'undi. Avuga ko yaba yaramenyanye na Musema kubera umuryango uyu yashatsemo, ariko akemeza ko nta mubano yari afitanye n'uwo muryango. Nyuma yaje no kuvuga ko umwe muri baramu be yari yarashatse umugore wo mu muryango w'umugore wa Musema kandi ko imiryango yombi yari iziranye bitewe n'iryo shyingirana. Umutangabuhamya wiswe MG, akaba umugore wa MH, yavuze ko Musema yaje mu rugo iwabo umunsi umwe mu kwezi kwa Gicurasi, ko ariko atari akibuka itariki nyakuri. Yasobanuye ko bari inshuti, ariko ntiyavuga ko hari isano iri hagati y'imiryango yabo. Yaba Musema, cyangwa umugore we Claire Kayuku, mu ibazwa ryabo, nta n'umwe wigeze avuga ko yahuye na MH.

20. Mu ibazwa rye ry'ibanze, asubiza ikibazo cy'uko yaba yarabonye Musema i Gitarama, MH yavuze ko yamubonye incuro imwe gusa, ku itariki ya 10 Gicurasi. Nyuma, afashijwe n'ibibazo Ubwunganizi bwa Musema bwamubajije mu rukiko, MH yibutse ko yongeye kubona Musema ku itariki ya 13 Gicurasi, umunsi yasohokeyeho mu gihugu. Mbere yari yavuze gusa uko yavuye i Gitarama yerekeza i Burundi, anongeraho ko yari yibagiwe ko yahagaze gato i Rubona, aho yaba yarabonye Musema. Urugereko rwasanze ubwo MH yabazwaga mu gihe cy'ibaza rinyomoza, byaragaragaye ko yari afite ibibabzo byo kuzindara. Urugero, uyu mugabo yavuze ko

atari akibuka ubwoko n'ibara by'imodoka Musema yari atwaye ku itariki ya 10 Gicurasi, ubwo yajyaga i Gitarama. Yemeje kandi ko ubwa nyuma yakoresheje urwandiko rwe rw'abajya mu mahanga ari mu mwaka wa 1994, nyamara kandi bigaragara ko rwakoreshejwe mu mwaka wa 1995.

21. Mu ibaza rinyomoza, HM yavuze ko mbere yo gutura i Gitarama we n'umugore we bari batuye i Remera. Amaze kubwirwa ko umugore we yavuze mu ibazwa rye ko bari batuye ku Kicukiro, umugabo yavuze ko ako gace kitwaga Remera Kicukiro. Ntiyabashije ariko, cyangwa yanze nkana, kuvuga ahantu aha n'aha hazwi mu mihana y'aho yari atuye i Remera. Yagiye yangira gusubiza ibibazo yabazwaga kandi nta gisobanuro yigeze aha Urugereko kuri iki kibazo.

22. Uburyo HM yatanze ubuhamya bwe imbere y'Urugereko butuma umuntu yashidikanya ku kwizerwa kwe. Uyu mutangabuhamya yasaga n'ufite umususu kandi ajijinganya mu gusubiza ibibazo byerekeye imibanire ye na Musema, kandi mu buhamya bwe ntiyatanze ibisobanuro birambuye. Hamwe na hamwe yanze gusubiza ibibazo yabazwaga, kabone n'iyo byababaga bibajijwe ku buryo butaziguye. Bimwe mu byo byabajwijwe, n'ubwo bitari bifitanye isano itaziguye n'ikibazo yari yaje gutangaho ubuhamya, byatumye ukwemerwa kwe gukemangwa. Ibindi bibazo, nk'ibyerekeye imibanire ye na Musema n'impamvu yamuteye guhagarara i Rubona mu ihunga rye, byari byerekeye imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa. Mu batangabuhamya bose, ni we wenyine wavuze mu Rukiko ko yabonye Musema ahandi hantu hatari mu Bisesero ku itariki ya 13 Gicurasi. Usibye Uregwa ubwe, nta wundi mutangabuhamya mu bashinjura wavuze ko yabonye Musema i Rubona ku itariki ya 14 Gicurasi.

23. Bitewe n'imyitwarire ye, kuba yaranze gusubiza ibibazo abajijwe atazuyaje, n'uguhuzagurika kwinshi gukubiye mu buhamya bwe, ibyo HM avuga agerageza kugaragaza ko yabonye Musema i Rubona ku itariki ya 13 Gicurasi ntibishobora gufatwaho ukuri. Byongeye kandi, nta buhamya na bumwe, kabone yewe n'ubwa Musema, bushimangira ubw'uwo mugabo HM.

24. Mu gihe cy'iburanisha, neretse Musema ko ubwicanyi bwabereye i Muyira ku itariki ya 13 n'iya 14 Gicurasi bwari bukabije cyane ku buryo umuntu yagombye kwibuka ahantu yari ari igihe bwabaga, atagombye kwifashisha ingengabihe. Musema yerekanye ingengabihe ye yiyandikiye n'intoki, hatarashira n'umwaka nyuma y'ubwo bwicanyi, yanditsemo ingendo zose yagiye akora. We avuga ko ubwo bwicanyi yabwumviye kuri radiyo no mu nama yabereye mu Ruganda rw'icyayi rwa Gisovu ku itariki ya 19 Gicurasi, aho bwavuzweho. Anemeza kandi ko ubwo yatangaga iyo ngengabihe ye yiyandikiye n'intoki, yumvaga ibikubiyemo ari ukuri.

25. Maze gusuzumana ubushishozi imyiregurire ya *alibi* y'Ubwunganizi, nabonyemo uguhuzagurika kwinshi hagati y'ibyavuzwe na Musema mu rukiko, ibikubiye mu bimenyetso gihamya byatanzwe mu kwiregura n'izindi nyandiko Musema yatanzeho ibimenyetso mu rubanza zirimo ibyo yagiye avuga. Harimo uguhuzagurika gukabije kandi ku bintu by'ingenzi birebana n'imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa, cyane cyane ku birebana n'amatariki y'ingendo yakoze, ajya cyangwa ava mu Gisovu. Uretse umugore wa Musema, undi mugabo rukumbi watanze ubuhamya bwe bushimangira iyo myiregurire ya *alibi* ni uwiswe MH, kandi Urugereko rwasanze ubuhamya bw'uwo mugabo budakwiye kwemerwa.

26. Ubwunganizi bwa Musema bushingira cyane ku kimenyetso gihamya gifite nomero D10, ari cyo *ordre de mission* [Urupapuro rw'abajya mu butumwa]. Kubera impamvu nyinshi, kuba icyo kimenyetso nyakuri bishidikanywaho. Ukurikije uko ibintu byari byifashe nk'uko Musema abivuga, uburyo urwo rupapuro rwatanzwemo n'uburyo igihe rwagomba kumara cyongerewe ntibisobanutse, ku buryo bikurura ibibazo byinshi kandi Uregwa atashoboye kubonera ibisubizo bishimishije. Iyo nyandiko yaba yaratanzwe na Minisitiri w'Inganda n'Ubucuruzi, ariko igashyirwaho umukono na Minisitiri w'Ubutabera, ikongererwa igihe izamara na Minisitiri w'Ingabo. Itariki y'uko kongererwa igihe ntiyanditse, kandi nk'uko Musema abyiyemerera, amatariki yose yo kugaruka no kugenda yanditse iruhande rw'amakashe ateye ku rupapuro rwa kabiri rw'iyo nyandiko ni we wayishyiriyeho. Na none kandi, mu ibazwa rye Musema yivugiye ko itariki ya mbere iri kuri urwo rupapuro, ni ukuvuga iya 21 Mata, atari

ukuri. Kubera izo mpamvu, ndumva iyo nyandiko idashobora kuba ikimenyetso gishimangira imyiregurire ya *alibi* ya Musema. Byongeye kandi, n'iyo ikimenyetso gihamya gifite nomero D10 cyakwemerwa, nticyaba gishimangira imyiregurire ya *alibi* ya Musema kubera ko kitagaragaza aho Musema yari ari ku itariki ya 18 Mata, iya 13 n'iya 14 Gicurasi, cyangwa ku yandi matariki ibyaha bivugwa byakoreweho.

27. Ubwunganizi buvuga ko inyandiko zimwe nka za fagitire zishyuriweho amafaranga, amabaruwa, kimwe no kuba Musema yaratinze kuyasubiza, bikwiye gufatwa nk'ibimenyetso bishimangira imyiregurire ya *alibi*. N'ubwo hari aho bijyana n'uko kwiregura, nsanga ariko bidafite ireme ku buryo byashimangira iyo myiregurire. Nk'urugero, kuba Musema yarategereje ukwezi kwa Kamena 1994 ngo abone gusubiza ibaruwa yabonye mu kwezi kwa Gicurasi 1994 bishobora kuba byaratewe n'uko atari mu Ruganda rw'icyayi rwa Gisovu, cyangwa se n'izindi mpamvu nyinshi. Byongeye kandi, zimwe mu nyandiko zatanzwe n'Ubwunganizi zizura ahubwo ibindi bibazo byinshi kurusha uko zitanga ibisubizo. Urugero, fagitiri yo ku itariki ya 14 Gicurasi 1994 Musema yishyuriyeho lisansi igenewe imodoka Pajero A7171 irasa n'iyerekana ko iyo modoka icyo gihe yashoboraga kugenda, mu gihe Musema we avuga ko yapfuye akayijyana muri garaji ku itariki ya 7 Gicurasi, ikahaguma bayikora kugeza ku ya 19 Gicurasi 1994. Byongeye kandi, kuba urupapuro yasabiyeho kwishyurwa amafaranga yatanze ruriho itariki ya 19 Gicurasi si ikimenyetso kerekana ko yasubiye mu Ruganda kuri iyo tariki, cyangwa ko ataba yarasubiyeyo mbere yayo. Nta n'ubwo kandi byerekana ko atari ari ku ruganda ku yandi matariki.

28. Nyuma yo kugaragaza hashingiwe ku mpamvu zimaze kuvugwa haruguru, ko ubuhamya bw'umugabo wiswe MH budashobora kwizerwa, nsanga hari undi mutangabuhamya umwe rukumbi wagize icyo avuga kijyanye n'imyiregurire ya *alibi*, uwo akaba ari Claire Kayuku, umugore w'Uregwa. Musema na we yatanze ubuhamya mu rubanza rwe, yiregura. Ahanini, ubuhamya bwa Claire Kayuku ntibushimangira imvugo y'Uregwa ku byerekeranye n'ingendo ze. Urugero: Yemeza ko imodoka yari muri garaji aho yakorerwaga mu cyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa Gicurasi kandi ko Musema yaba yaragiye mu Gisovu hagati mu kwezi kwa Gicurasi gushashura

abakozi b'Uruganda rw'icyayi. Iyo mvugo ye ishobora ibiri amambu gukoreshwa mu gushimangira ko Musema yari mu Gisovu ku itariki ya 13 n'iya 14 Gicurasi, igihe ubwicanyi bwabaga, nk'uko byajyana n'ibyo avuga by'uko yagiye mu Gisovu gusa ku itariki ya 19 Gicurasi. Na none kandi, nsanga ubuhamya bwa Claire Kayuku bujyanye neza n'ingengabihe ya Musema yandikishije intoki, agamije kwemeza ko yari nyine mu Gisovu kugera ku itariki ya 14 Gicurasi.

29. Kubera izo mpamvu, nsanga imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa nta shingiro ifite kubera ko nta bimenyetso bihagije biyishyigikiye byatuma nibura umuntu ashidikanya ku bindi byatanzwe kandi Urugereko rwemeye. Hari nk'ibimenyetso Porokireri yatanze byerekana ko Musema yari ari ahantu hakorewe ibyaha aregwa. Urugero: Abatangabuhamya icumi bemeje ko babonye Musema ku gasozi ka Muyira, mu kwezi kwa Gicurasi hagati. Abatangabuhamya biswe S na H bemeje ko bamubonye mu kwezi kwa Gicurasi hagati. Abatangabuhamya biswe R na F bavuze ko bamubonye ku itariki ya 13 n'iya 14 Gicurasi. Abatangabuhamya biswe N na T bahamije ko bamubonye ku itariki ya 13 Gicurasi. Umutangabuhamya wiswe D yavuze ko yamubonye ku itariki ya 14 Gicurasi naho umutangabuhamya wiswe P avuga ko yabonye imodoka ye ku itariki ya 13 Gicurasi. Urugereko rwasanze ubwo buhamya bwakwemerwa kandi bushimangirana.

30. Kubera izo mpamvu, nsanga ubuhamya bw'Uregwa bwose uko bwakabaye nta shingiro bufite kubera ko atari ubwo kwizerwa.

31. Ku birebana n'igitero cyagabwe ku gasozi ka Biyiniro ku itariki ya 31 Gicurasi, ku bwiganze bw'amajwi abacamanza basanga imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa ituma habaho ugushidikanya ku bimenyetso byatanzwe na Porokireri, n'ubwo bwose basanga umutangabuhamya wiswe E ari « umugabo wo kwizerwa » kandi « ubuhamya bwe butarigeze buhuzagurika ». Kubera iyo mpamvu, ku bwiganze bw'amajwi, abacamanza basanga ibirego byerekeye icyo gitero bidashobora kwemerwa ku buryo budashidikanywaho. Nanjye ndavuga rumwe na bagenzi banjye kuri icyo kibazo, ariko impamvu nshingiraho zinyuranye n'izabo. Ku birebana n'icyo kirego, ndasanga

imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa ntacyo igabanya ku bimenyetso byatanzwe na Porokireri. Ariko, nshingiye ku bisanzwe bisabwa mu kwemera ikimenyetso, ndasanga ubuhamya bw'umugabo wiswe E budatanga ibisobanuro bihagije byatuma umuntu yemeza ko Uregwa yagiye mu gitero cyagabwe ku gasozi ka Biyiniro ku itariki ya 31 Gicurasi. Iyi ni yo mpamvu yonyine nshingiraho nemeza ko Porokireri atashoboye gutanga ibimenyetso byerekena ku buryo budashidikanywaho ko Uregwa yagiye mu gitero cyagabwe ku gasozi ka Biyiniro ku itariki ya 31 Gicurasi.

32. Ku byerekeye igitero cyagabwe hafi y'agasozi ka Muyira ku itariki ya 5 Kamena, ku bwiganze bw'amajwi abacamanza basanga imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa itera ugushidikanya ku bimenyetso byatanzwe na Porokireri, n'ubwo bwose basanga umugabo wiswe P « yaratanze ubuhamya budahuzagurika ». Nanjye ndabona ibintu kimwe na bagenzi banjye, uretse ko ngera kuri uyu mwanzuro nshingiye ku zindi mpamvu. Ndasanga imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa ntacyo ibangamiyeho ukwemerwa kw'ibimenyetso byatanzwe na Porokireri kuri icyo kirego. Ariko, nshingiye ku bisanzwe bisabwa mu kwemera ibimenyetso, ndasanga ubuhamya bw'umugabo wiswe E budatanga ibisobanuro bihagije bigaragaza ko Uregwa yagiye mu gitero cyagabwe hafi y'agasozi ka Muyira ku itariki ya 5 Kamena, ari na yo mpamvu nsanga Porokireri ataragaragaje ku buryo budashidikanywaho ko Uregwa yagize koko uruhare mu gitero cyagabwe hafi y'agasozi ka Muyira ku itariki ya 5 Kamena.

33. Ku byerekeye igitero cyo ku itariki ya 22 Kamena cyagabwe muri Serire ya Nyarutovu, ku bwiganze bw'amajwi abacamanza basanga imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa, hamwe n'"ibimenyetso bishingiye ku nyandiko n'ubuhamya bw'abagabo mu Rukiko" byatanzwe n'Ubwunganizi, bitera gushidikanya ku bimenyetso byatanzwe na Porokireri, n'ubwo bwose basanga umugabo wiswe P « yaratanze ubuhamya mu Rukiko budahuzagurika" Nanjye nemeranwa na bagenzi banjye ko ibimenyetso byatanzwe ku gitero cyavuzwe biterekana ku buryo budashidikanywaho ko Uregwa yakoze ibyo ashinjwa, n'ubwo jye uwo mwanzuro nywugeraho nshingiye ku zindi ngingo. Ku byerekeranye n'iki kibazo, nsanga imyiregurire ya *alibi* y'Uregwa ntacyo igabanya ku gaciro k'ibimenyetso byatanzwe na Porokireri. Ariko rero,

nshingiye ku bisanzwe bisabwa mu kwemera ibimenyetso, ndasanga ubuhamya bwa P buterakana ku buryo buhagije ko Uregwa yagiye koko mu gitero cyo ku itariki ya 22 Kamena. Kubera iyo mpamvu, ndasanga Porokireri atarerekanye ku buryo budashidikanywaho ko Uregwa yagiye mu gitero cyagabwe muri Serire ya Nyarutovu ku itariki ya 28 Kamena.

Byanditswe mu rurimi rw'icyongereza n'igifaransa, inyandiko y'icyongereza akaba ariyo igenderwaho.

Arusha, tariki ya 27 Mutarama 2000

Navanethem Pillay
Umucamanza
[Umukono w'umucamanza na kashi y'Urukiko]